*Mwene Data usoma Bibiliya ukoresheje igitabo cy'Umusomyi wa Bibiliya,*

*Bene So bandika Umusomyi wa Bibiliya barakuramutsa mu izina rya Yesu, Ubuntu bw'Imana burusheho kubana nawe.*

*Ntabwo dushidikanya ko urukundo rw'Imana rwarushije ho kubana nawe mu mwaka dushoje wa 2025. Turashima Imana ku bw'urwo rukundo rwayo n'uburyo ibana natwe umunsi ku munsi. Turizera tudashidikanya ko uyu mwaka dutangiye wa 2026, Imana izatwagurira imbago kubw'ubuntu bwayo.*

*Umwaka wa 2025, twayobowe n'intego igira iti:* ***"MUKORERE UWITEKA MUNEZEREWE"***(Zab.100.2).

*Muri uyu mwaka dutangiye wa 2026, tuzayoborwa n'intego igira iti:* ''***KUGIRA UMUTIMA UTADUCIRA URUBANZA"****(1 Petero 3.15-16). Kugira ngo turusheho gusabana n'Imana mu ijambo ryayo. Turashimira bene data batanze ku butunzi n'umwanya wabo, kugira ngo uyu musomyi uboneke. Turashima Imana kandi yabanye natwe mu giterane rusange cyaduhurije i Remera Rukoma mu mwaka dushoje wa 2025, turasenga kugira ngo uyu mwaka nabwo tuzongera guhurira mu giterane cyacu ngaruka mwaka, Umwami Mana nabikunda.*

*Nk'uko bisanzwe, buri munsi ugira igice gisomwa cyagenwe muri Bibiliya, umurongo ubanza burigihe uherwa n'ijambo rihinnye "ikib." Bishaka kuvuga "ikibazo". Ibyo bibazo tubisanga ku rupapuro ruri imbere ku gifuniko, aho ninaho dusanga gahunda isobanura uko Umusomyi ukoreshwa. Buri muntu ukoresha Umusomyi, asabwa gusubiza ikibazo kimwe, cyangwa bibiri tuba twabahitiyemo. Ijambo "Indir." ryo rivuga indirimbo.*

*Ubusobanuro bwose bw'Umusomyi tubutegura dukoresheje Bibiliya Yera, biba byiza iyo usomye Umusomyi nawe ariyo ukoresheje.*

*Tukwifurije umwaka mushya, muhire, uzakubera umwaka wo kurushaho kuyoborwa n'Imana no kuryoherwa n'urukundo rwayo tubonera muri Yesu Kristo, uzarusheho kunezerwa no kumukorera.*

*Ubwanditsi bw'Umusomyi*

# UMUSOMYI 2026: UKO IBITABO BIKURIKIRANA

| Ukwezi | Itariki | Igitabo | Ukwezi | Itariki | Igitabo |
|---|---|---|---|---|---|
| Ukwa 1 | 1-10 | Luka | Ukwa 7 | 1-7 | 2 Samweli |
| | 11-12 | Zaburi | | 8-15 | Luka |
| | 13-24 | Yeremiya | | 16-29 | 2 Samweli |
| | 25-31 | Luka | | 30-31 | Zaburi |
| Ukwa 2 | 1-8 | Luka | Ukwa 8 | 1-9 | Ibyahishuwe |
| | 9 | Zaburi | | 10-11 | Zaburi |
| | 10-17 | Yeremiya | | 12-23 | Gutegeka |
| | 18-28 | Luka | | 24-31 | Ibyahishuwe |
| Ukwa 3 | 1-2 | Luka | Ukwa 9 | 1-15 | Gutegeka |
| | 3-4 | Zaburi | | 16-17 | Zaburi |
| | 5-12 | Matayo | | 18-30 | Ibyahishuwe |
| | 13-22 | Kubara | | | |
| | 23-26 | Zaburi | | | |
| | 27-31 | Luka | | | |
| Ukwa 4 | 1-6 | Luka | Ukwa 10 | 1-2 | Zaburi |
| | 7-20 | Yeremiya | | 3-15 | Gutegeka |
| | 21-28 | 2 Timoteyo | | 16 | Zaburi |
| | 29-30 | Yeremiya | | 17-29 | Gutegeka |
| | | | | 30-31 | 1 Petero |
| Ukwa 5 | 1-13 | Yeremiya | Ukwa 11 | 1-7 | 1 Petero |
| | 14 | Luka | | 8-21 | Zekariya |
| | 15-17 | Zaburi | | 22-30 | Abefeso |
| | 18-21 | 2 Abatesalonike | | | |
| | 22-23 | Filemoni | | | |
| | 24 | Ibyakozwe | | | |
| | 25-31 | 2 Samweli | | | |
| Ukwa 6 | 1-7 | 2 Samweli | Ukwa 12 | 1-4 | Abefeso |
| | 8-16 | Luka | | 5-11 | Amaganya |
| | 17-21 | Zaburi | | 12 | Zaburi |
| | 22-30 | 2 Samweli | | 13-14 | Obadiya |
| | | | | 15-18 | Malaki |
| | | | | 19-28 | Luka |
| | | | | 29-31 | Zaburi |

***UBUTUMWA BWIZA BWANDITSWE NA LUKA***
*Luka, ni we wanditse ubu butumwa bwiza, ni na we wanditse igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa. Yari umuganga (Kol.4.14). Yajyaga agendana na Pawulo mu ngendo ze z'ivugabutumwa. Ubu butumwa kimwe n'Ibyakozwe n'Intumwa yabwandikiye uwitwa Tewofilo (Ibyak.1.1). Bwari bugenewe kandi abizeye Yesu bose, cyane cyane abatari Abayuda. Yakunze kutubwira uwari ku ngoma mu gihugu runaka, kugira ngo tumenye neza ko ibyo atubwira kuri Yesu byabaye koko. Kimwe cya kabiri cy'ubu butumwa cyerekeye ku bintu bitaboneka mu bundi butumwa uko ari butatu, cyane cyane igice cya 1 n'icya 2 n'icya 24, n'iby'urugendo rw'imperuka rwa Yesu ajya i Yerusalemu. Yanditse ko Yesu ari we Mucyo uvira amahanga (2.32). Yatwandikiye byinshi ku Bamarayika, ku byo gusenga, ku byo kubabarirwa ibyaha, no ku byo kwishima. Ibiri muri iki gitabo: 1.1-4.13: Kuvuka kwa Yesu, ubwana bwe no kwitegura kwe. 4.14-9.50: Ibyo yakoze ari i Galilaya. 9.51-19.44: Ibyabaye mu nzira ajya i Yerusalemu. 19.45-21,38: Ibyabaye i Yerusalemu. 22-24: Urupfu rwa Yesu, kuzuka kwe no kuzamuka kwe.*

**Kuwa kane 1 Ukwezi kwa mbere Luka 3.1-9 Ikib.1,2**
**Nibwo Ijambo ry'Imana ryageze kuri Yohana** (2): Iri jwi ry'Imana ryaje kuri Yohana nyuma y'imyaka 460 muri Isirayeli hatumvikana ijwi ry'umuhanuzi. Ubutumwa ahawe ni ikimenyetso cy'uko Imana itataye ubwoko bwayo, iracyari kumwe na bo, nubwo haciye igihe kinini batayumva ivuga. Imana ishimwe ko itajya yibagirwa abantu bayo. Niba umaze igihe kinini utayumva, urusheho kuyegera. Hari umunsi izakuvugisha, ubone kugira neza kwayo. **Abwiriza abantu iby'umubatizo wo kwihana ngo bababarirwe ibyaha** (3): Yohana aramenyesha abaje kuri Yorodani ko igihe cy'ubutambyi bwo mu isezerano rya kera kirangiye. Kuva ubwo kubabarirwa ibyaha bibonerwa mu kwihana tubiheshejwe no kwizera Yesu Kristo. Ubu butumwa "bushya" Yohana atangaza bwo kwihana bureba buri wese, umunyamahanga ndetse n'Umwisirayeli wibwiraga ko kwitwa umwana wa Aburahamu bihagije (8). **Inama:** Imyaka myinshi umaze mu rusengero, ntikuraho ko ugomba guhora wezwa. Indir. 373 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 2 Ukwezi kwa mbere Luka 3.10-20 Ikib.3**
**None se tugire dute?** (10): Inyigisho za Yohana zakoze benshi ku mitima, maze bibaza icyo bakora ngo babone agakiza. Uko baje mu byiciro binyuranye, yabagiriye inama zikurikira: kugira ubuntu, umuntu ntiyizirikane ubwe gusa (Fil.2.4), kugira umurava n'ubunyangamugayo ku kazi, gukiranuka no kunyurwa n'ibihembo. Izi nama natwe turazikeneye. Hari benshi barara ubusa abandi babimena, ababuze ibyo bambara abandi utubati turunzemo imyambaro. Ababeshyerwa n'abamburwa ibyabo ni benshi. Imana itwungure ubwenge mu kugira icyo twakora dukura bene Data muri izo nzitizi. **Ariko hazaza undusha ubushobozi** (16): Yohana yanze guhabwa icyubahiro

acyerekeza kuri nyiracyo. Ese aho ntitujya twigarurira icyubahiro cya Yesu? **Gusenga**: Mana yacu, muri iyi minsi uhe abakozi bawe ubutumwa butera abantu kuzinukwa ibyaha. Indir.133 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 3 Ukwezi kwa mbere Luka 3.21-38 Ikib.1,2**
**Yesu amaze kubatizwa, agisenga ijuru rirakinguka** (21): Yesu yageragejwe muri byose uretse ko atigeze akora icyaha (Heb.4.15). Icyatumye na we aza kubatizwa kwari ukugira ngo yishushanye natwe abanyabyaha mu mubatizo. Yesu yikoreye ibyaha byacu twese (Yes. 53.4-6). **Umwuka Wera aramumanukira afite ishusho y'umubiri usa n'inuma** (22): Kuba Umwuka Wera yaramanukiye Yesu afite ishusho iboneka, ni ukugaragaza ko imirimo y'Umwuka Wera igaragarira abantu. Ibigaragaza aho Umwuka Wera ari si amagambo ahubwo ni ibikorwa bifatika (1Kor.2.3-5). **Mwene Yosefu... mwene Adamu, w'Imana.** (23-38): Avuga urutonde rw'amasekuruza ya Yesu, Matayo atangirira kuri Aburahamu akageza kuri Yesu kuko yandikiraga Abayuda. Luka we wandikiraga abanyamahanga yahereye kuri Yesu ageza kuri Adamu (1.1-17). Twese bene Adamu turi mu mugambi w'agakiza k'Imana. **Gushima:** Dushimire Yesu witanze kugira ngo, atwunge n'Imana, akadukuraho urubanza (Rom.8.1). Indir. 249 Gushimisha.

**Ku cyumweru 4 Ukwezi kwa mbere Luka 4.1-13 Ikib.1,6**
**Bwira iri buye rihinduke umutsima** (3): Satani yashatse gufatanya Yesu n'inzara, kugira ngo ahinyure ubushobozi bwe. Ese wowe mu gihe cy'ubukene, uburwayi n'ibibazo binyuranye, nta jwi rya Satani rijya rikwigisha inzira z'ubusamo wanyuramo ngo ubyivanemo? **Numpfukamira ukandamya** (7): Satani yari azi icyazanye Yesu mu isi (Mar.10.45). None arashaka kumwereka inzira yihuse yamugeza kw'ikuzo n'icyubahiro atanyuze ku musaraba. Kugandukira Imana ni ko kwakurinda ikuzo ry'iyi si ryatuma wisanga ku birenge bya Satani. **Niba uri umwana w'Imana, ijugunye hasi** (9): Satani aracyayobya abantu benshi abakoresha ibituma biyemera ubwabo. Mu bigeragezo, Yesu yatsindishije Ijambo ry'Imana. **Amutega ikindi gihe** (13): Gutsinda ibigeragezo inshuro nyinshi ntibiduha kwirara ngo twibwire ko twatsinze burundu Satani. We ntajya arambirwa kugerageza intore z'Imana. **Inama:** Twikomeze ku Mwami Yesu kuko ari we uduha kunesha (Fili.4.13). Indir. 176 Gushimisha.

**Kuwa mbere 5 Ukwezi kwa mbere Luka 4.14-21 Ikib.4,5**
**Umwuka w'Uwiteka ari muri jye** (18): Yesu ageze iwabo yinjiye mu isinagogi arigisha. Yasomye amagambo yo mu byanditswe n'umuhanuzi Yesaya (Yes.61.1-2), ahanura ukuza kwa Mesiya n'umurimo we wo kwigisha, gukiza, no kubohora ababoshye. Arashaka ko bamenya ko ari we Mesiya bari bategereje uzabazanira Ubwami bw'Imana. Intego yo gutumwa kwe yari iyo kubohora abantu ku cyaha n'ingaruka zacyo. Ntabwo yasomye

umurongo wa 2 wose kuko yashakaga cyane kumenyesha abantu umwaka w'imbabazi z'Uwiteka. Ntabwo ari igihe cyo kuvuga iby'umunsi Imana izahoreramo inzigo. Mbese twiteguye gukomeza umurimo Yesu yadusigiye wo kugeza inkuru nziza ku bakene, abafite intimba ku mutima, imbohe n'abakandamizwa batwegereye? **Ibyo byanditswe bisohoye mu matwi yanyu** (21): Abo yabwiye iyo bamwumva, ntibaba baramwishe. Wowe nta rwitwazo ufite rwo kutabyumva. Ahubwo tangira ushyire mu bikorwa ibyo usabwa. Indir. 409 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 6 Ukwezi kwa mbere Luka 4.22-30 Ikib.1,3**
**Batangazwa n'amagambo meza avuye mu kanwa ke** (22): Abari mu isinagogi batunguwe n'amagambo ya Yesu arimo ubwenge n'imbaraga kuko nta buhanga bari bazi kuri se w'umuturanyi wabo. Yesu yaberetse ko kumva ijwi rye ari amahirwe, abantu benshi batari bafite, yifashishije inkuru z'ibyabaye mu bihe bya Eliya na Elisa. Ubwenge bwa muntu bwonyine ntibwatuma tumenya Yesu uwo ari we, keretse kubihishurirwa na Data wo mu ijuru (Mat.16.17). **Bagira umujinya mwinshi** (28): Umutima w'ubwibone watumye batakira imbuzi za Yesu. Ukuri babwiwe aho kubatera kwihana, kwatumye berekana uko kamere muntu iteye, maze uburakari bubasunikira mu cyaha cyo gushaka kwica. Ntibamenye ko igihe cye cyari kitaragera. Ese aho ubuhenebere ntibujya butuma abo mu itorero tutumvira Umwuka, bigatuma ibyari bitugenewe biduca mu myanya y'intoki, bikaribwa n'abanyamahanga? (Ibyak.13.46). **Zirikana**: Umujinya ni umwe mu mirimo ya kamere, kandi abayikora ntibazaragwa Ubwami bw'Imana (Gal.5.19-21). Indir. 91 Agakiza.

**Kuwa gatatu 7 Ukwezi kwa mbere Luka 4.31-44 Ikib.2,4**
**Ndakuzi uri Uwera w'Imana** (34): Satani, abadayimoni n'imyuka mibi Bibiliya itubwira ko bari abatware mu ijuru (Yes.14.12-15). Bamenya Yesu kandi baranamutinya. Ntibitangaje ko hari abantu bakoreshwa na bo bakamenya bimwe mu bihishwe. Nubwo Satani yihindura nka malayika w'umucyo (2Kor.12.14); nyamara kuvumbura bene abo bantu buzuye imyuka mibi biroroshye. Tuzabamenyera ku mbuto zabo (Mat.7.15-16). **Arategekesha abadayimoni ubutware n'ububasha bakavamo!** (36): Ijambo rya Yesu rifite imbaraga zitsinda Satani n'urupfu, rigatanga ubugingo (Yoh.5.25-26). Kurikunda no kuryumva ni umugisha uruta iyindi yose. **…Abantu benshi... bashaka kumubuza ngo atava muri bo** (42): Abaturage b'i Kaperinawumu babonye imirimo myiza Yesu akoreye iwabo bashaka kumugumana. Yesu yabasubije ko akwiye kujya n'ahandi kuko yari ashishikajwe nuko ubutumwa bwiza bugera kuri bose (43). **Icyifuzo:** Sengera ubutumwa buvugwa muri iki gihe, kugira ngo bube ubuhindura imitima y'ababwumva. Indir. 328 Gushimisha.

**Kuwa kane 8 Ukwezi kwa mbere Luka 5.1-11 Ikib.1,3**
**Ariko kuko ubivuze reka nzijugunye** *(*4): Yesu akora mu buryo burenze cyane imitekerereze yacu n'ubwenge bwacu (Yes. 5.8-9). Iki gitangaza cyatumye Simoni Petero arushaho kumenya neza Yesu no kwimenya ko ari umunyabyaha. Intego y'igitangaza cyose ni ukugaragaza Imana no kuyimenyekanisha. Kubona ubwiza bwayo bitubera indorerwamo yo kwimenya ko turi abanyabyaha, bityo kwihana kugatuma twezwa (Yes. 6.5,7). **Bamaze kugeza amato yabo ku nkombe, basiga byose baramukurikira** (11): Abantu benshi iyo babonye ubutunzi, ibyo gukurikira Yesu no kumukorera birangirira aho. Aba bigishwa ba mbere bo batubera urugero rwiza rw'umwigishwa nyakuri wa Kristo. Bamaze kubona amafi menshi no kuyageza imusozi, barayasize bakurikira uwayatanze. Mwene Data ujye usaba Imana iguhe umutima ushishikazwa n'ibyayo. Zirikana: Witinya uhereye none uzajya uroba abantu (10b). Indir.129 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 9 Ukwezi kwa mbere Luka 5.12-26 Ikib.2,3**
**Databuja, washaka wabasha kunkiza** (12): Mu Bayuda, umuntu urwaye ibibembe yabaga ari nk'uwapfuye, kuko usibye no kwanduza abandi, ibyumviro by'umubiri we byababaga byarapfuye. Yahabwaga akato agakurwa mu bandi, akajyanwa kure (Lewi.13.14). Uyu mubembe yamenye ko Yesu afite imbaraga ziri hejuru y'indwara zose, urupfu n'amategeko. Kwizera kwe kwamutinyuye kumusanga no kumusaba gukira. **Ibyaha byawe urabibabariwe** (20): Ineza, urukundo, ubutwari no kwizera by'aba bagabo byakoze ku mutima wa Yesu, maze uwaremaye ataha akize ibyaha n'uburwayi. Hari uwavuze ati: “Ubugome buruta ubundi bwose ni ukumenya ahari amazi mu butayu ariko ntubibwire abandi. **Uyu munsi wa none, tubonye ibidutangaza** (26): Ibitangaza nk'ibi nta gihe bitabayeho, icyabuze ni imitima yizera, n'amaso yo kubibona. **Gusenga**: Mwami Yesu, uyu munsi ndemamo kwizera gushya, kuntere kurushaho kukwegera, maze mbone gukora kwawe. Indir. 88 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 10 Ukwezi kwa mbere Luka 5.27-39 Ikib.3,4**
**Na we asiga byose, arahaguruka aramukurikira** (28): Abakoresha b'ikoro bafatwaga nk'abahemu basoresha Abayuda bakagemurira Abaroma ibyavuye mu butunzi n'imbaraga z'Abayuda. Gushaka inyungu nyinshi byatumaga basoresha menshi kugira ngo babone ayo basigarana. Kubera iyo mpamvu bari banzwe na rubanda. Ntibyumvikanaga rero ko bagira umwanya mu iteraniro ry'abakiranutsi. Nta mutima Imana itabasha guhindura, no mu banyabyaha nk'abo Yesu yiboneyemo abigishwa (32,1Tim.1.15). **Nta muntu utabura igitambaro ku mwenda mushya ngo akidode mu mwenda ushaje** (36): Inyigisho z'Isezerano rishya zabereye Abafarisayo urujijo rukomeye. Bashakaga kugundira imigenzo n'imico yabo bakayihuza n'inyigisho z'Isezerano rishya. Yesu yabasobanuriye ko inzira yabo ihabanye

cyane n'iye. Ibya kera ntibishobora kuvangwa n'ibishya. Ijambo ry'Imana riradusaba guhinduka rwose tukagira imitima mishya (Rom.12.1-2). **Gusenga:** Mana yanjye, undinde imihango y'idini yatuma nteshuka inzira yawe. Indr. 389 Gushimisha.

**INCAMAKE YA ZABURI**

*Zaburi ni uruhererekane rw'indirimbo n'amasengesho mu mateka y'ubuzima bw'Abisirayeli, mu kugaragaza ubusabane hagati yabo n'Imana. Zaburi ni ijambo risobanura "Indirimbo" cyane cyane indirimbo zegereza abantu Imana mu gusenga. Iki gitabo kigizwe na Zaburi 150 zigabanyijemo ibice bigera kuri bitanu, bigenda bisozwa n'ijambo "Amina kandi amina" (41.14; 72.19; 89.53; 106.48; 150.6) Ibyo bice ni ibi bikurikira: Zaburi zo gutakambira Imana mu gusenga; Zaburi zo gushimira Imana imirimo itangaza yakoze; indirimbo zo kuramya no gushyira Imana hejuru; indirimbo z'ibwami. Izo ndirimbo zanditswe n'abantu banyuranye n'ubwo inyinshi zitirirwa Dawidi. Muri bo harimo abiswe bene Kora (42-49; 84-88), na Asafu (73-83; 50).*

**Ku cyumweru 11 Ukwezi kwa mbere Zaburi 107.1-22 Ikib.1 Nimushimire Uwiteka yuko ari mwiza, kuko imbabazi ze zihoraho iteka ryose** (1): Iyi Zaburi yaririmbwaga kenshi n'Abisirayeli bari mu bunyage na nyuma yuko batahutse. Uwabonye ineza y'Imana wese ahamagarirwa kuvuga urukundo n'imbabazi byayo. Natwe Yesu yadusigiye inshingano yo guhamiriza abandi agakiza yaduhaye ku buntu (2Kor.5.18). **Maze batakira Uwiteka bari mu byago, abakiza imibabaro yabo** (6): Uwiteka agira ineza nyinshi ntabwo yatererana abo yaremye. Abisirayeli batakiye Uwiteka bari mu byago, arabumva, arabatabara, abakiza imibabaro barimo. Mubyo tunyuramo byose tugomba gushimira Imana (Zab.150.6). **Maze batakira Uwiteka bari mu makuba,..** (13): N'ubwo abantu b'Imana baba bari mu byago bitewe n'ibyaha byabo, Imana irabumva iyo bayitabaje. Uwiteka ntabwo ahorana uburakari, ahubwo yishimira kugira imbabazi (Mika 7.18-20). **Zirikana:** Kwemerera Yesu akayobora ubugingo bwacu ni byo byonyine bitwunga n'Imana, tugahorana umunezero kubw'imbabazi zayo zatugezeho. Indir. 104 Gushimisha.

**Kuwa mbere 12 Ukwezi kwa mbere Zaburi 107.23-43 Ikib.2 Aturisha umuyaga w'ishuheri umuraba uratuza** (29): Uku kwihinduriza kw'amazi tukubona n'ahandi muri Bibiliya aho kwateje akaga. Yona yagiye i Tarushishi ahura n'umuraba hamwe n'abo bari kumwe bose (Yona 1.4). Mu nyanja ya Galilaya abigishwa bari kumwe na Yesu bugarijwe n'umuhengeri bumva urupfu rubugarije (Mar.4.35-38). Ubwato bwajyanye Pawulo i Roma nabwo bwahuye n'umuraba (Ibyak.27.14-19). Mu buzima tujya duhura n'ibituma imitima yacu ihungabana. Imana twiringiye ni yo ifite ubutware bwo

guturisha imiyaga n'imiraba no kutujyana ku mwaro (26-30). **Aho ni ho aturiza abashonje** (36): Iyo ibyago bishize, ab'ubugoryi imitima yabo ibabeshya ko ibintu byikoze. Abakiranutsi bo bamenya ko ari Imana yabatabaye, ikarengera abakene, ikabaha ibihe byiza bakororoka, bakabona ibibatunga (35,36). Inama: Gira umwete wo gukiranukira Imana, ni bwo uzishimira ineza yayo, akanwa kawe kakabihamiriza aboroheje n'abakomeye (32). Indir.100 Gushimisha.

***INCAMAKE Y'IGITABO CY'UMUHANUZI YEREMIYA***
*Yeremiya yahanuriye abami bo mu bihe bya nyuma by'ingoma z'Abayuda. Yari umutambyi wahamagariwe kuba umuhanuzi, akaba yaramaze imyaka irenga 40 ahanura kuva muri 627 kugeza muri 587 ubwo Yerusalemu yasenywaga. Yahanuye ku ngoma ya Yosiya, Yehoyakimu, Yehoyakini, Sedekiya na Gedeliya. Yarebye ubwoko bw'Imana busubira inyuma kugeza ubwo Abayuda bajyanyweho iminyago i Babuloni, n'urusengero rw'i Yerusalemu rugasenyuka. Nubwo ubuhanuzi bwe butakirwaga neza, ntiyigeze atinya guhangana n'abo bami, abahanuzi b'ibinyoma, n'abatambyi b'indyarya. Umubabaro yakunze kugaragaza ni wo watumye hari abamwita «Umuhanuzi w'umunyamarira». Mu buzima bwe Yeremiya ntiyigeze agira indimi ebyiri, ahubwo yasohoje ugushaka k'Uwiteka. Mu mateka y'Abayuda bavuga ko yaguye muri Egiputa aho abo bahunganye bamujyanye ku ngufu. Yeremiya yahanuriye andi mahanga, yerekana ibyaha byayo n'iteka azacirwaho. Mu gihe Yesu yari hano mu isi, abantu bamwitiranyaga n'umuhanuzi Yeremiya (Mat.16.14).*

**Kuwa kabiri 13 Ukwezi kwa mbere Yeremiya 15.1-21 Ikib.5 Nubwo Mose na Samweli bampagarara imbere** (1): Mu mateka y'Abisirayeli, Mose na Samweli bazwiho gutakambira Uwiteka akabumva, akareka guhanira ubwoko bwe ibyaha babaga bakoze (Kuva 32.11-14; 1Sam.7.9). Ubu bwo ariko ibizira umwami Manase yakoresheje Abisirayeli byarenze urugero, bituma abakuraho amaboko. Uzirinde kurakaza Imana byatuma igeza aho itagihendahendwa ngo yumve. **Amagambo yawe amaze kuboneka ndayarya, maze ambera umunezero...** (16): Uyu munezero wa Yeremiya yatewe no kurya ijambo ry'Imana nawe ndawukwifurije. Gusa uwe ntiwatinze kuko abo yagejejeho ubutumwa bw'Imana, bamugishije impaka ndetse baramuvuma. Ariko ntiyacitse intege. Nawe nuvuga ubutumwa abantu bakagutera umugongo, ntuzacike intege. **Nzakurokora nkuvane mu maboko y'abateye ubwoba** (21). Mu gihe cye cy'umubabaro, Imana yahagaze iruhande rwa Yeremiya, imuha amasezerano, kandi iramukomeza. **Inama:** Jya uhagarara neza mu by'Imana, izakugira inkike ikomeye kandi igukize amaboko y'abateye ubwoba (20-21). Indir.15 Agakiza.

**Kuwa gatatu 14 Ukwezi kwa mbere Yeremiya 16.1-21 Ikib.4,5**
**Aha ngaha ntuzahashakire umugore** (2): Kubuzwa gushaka umugore bigaragaza ko ibihano by'Uwiteka ntawe bizasiga, yaba abana cyangwa ababyeyi. Yeremiya yabujijwe kuzabaririra no kubashyingura. Ndetse mu gihe bitaraba ntiyemerewe kujya mu birori byabo. **Igicumuro cyacu ni ikihe?** (10): Mu gihe Yeremiya azabatangariza ibivuye k'Uwiteka bazamubaza icyo bazira. Barazira ko ibicumuro byabo byiyongereye kuruta ibyo basekuruza bakoze ubwo bayobokaga ibigirwamana, bagahumanya igihugu. **Kandi nzabagarura mu gihugu cyabo** (15): Nubwo Abisirayeli bazahanwa bikomeye, ariko hari isezerano ry'uko hari igihe bazongera kumenya ko izina rye ari Yehova (21). Imana ishimwe ko idahorana uburakari (Zab.136.1; Yes.54.7-8). Yasezeranye ko izavugurura isezerano kandi muri Yesu yarabikoze, igamije kuturokora (Yer. 31.31-34). **Gusenga**: Mana y'imbabazi, tugushimiye amaraso ya Yesu atwezaho ibyaha byacu. Indir. 357 Gushimisha.

**Kuwa kane 15 Ukwezi kwa mbere Yeremiya 17.1-18 Ikib.3,6**
**Icyaha cya Yuda cyandikishijwe ikaramu y'icyuma** (1): Iyi karamu n'umusyi byari ibikoresho byashushyanyaga ku mabuye akomeye cyane. Aya mahembe yari mu ihema ry'Ibonaniro yasigwaga amaraso y'ibitambo bitambirwa ibyaha (Kuva 30.10;Lewi. 16.18). Umwami Manase yari yarayakoresheje mu gutamba ibitambo by'ikigirwamana Ashera yari yarashyize mu nzu y'Uwiteka, Abisirayeli n'abana babo bakakiramya (3). Bavanze ibitavangika, bikongereza uburakari bw'Uwiteka (4), bikururira ibihano birimo gutakaza gakondo yabo, bagahinduka ibivume (5). **Umutima w'umuntu urusha ibintu byose gushukana** (9): Abayuda bibwiraga mu mitima yabo ko ibyo Yeremiya yavugaga bitazagira icyo bibatwara. Uwiteka yabahishuriye ko imitima yabo ibabeshya. Ni we wenyine ubasha gusoma ibiri mu mitima nk'usoma igitabo, agahemba nyirawo akurikije ibyo yasanzemo (10;Ibyah.2.23). **Imbuzi:** Niba wari ufite ibyo wishingikirijeho bikurutira Uwiteka, menya ko akugereranya n'umupfapfa (11). Indir.123 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 16 Ukwezi kwa mbere Yeremiya 17.19-27 Ikib.4**
**Mwirinde mutikorera umutwaro ku munsi w'isabato** (21): Yeremiya yatumwe kubwira abakomeye n'aboroheje b'i Yerusalemu kubahiriza umunsi w'isabato (21-22). Ni umunsi Uwiteka yashyiriyeho kugira ngo abantu be bagire igihe cyo kuruhuka, n'umwanya uhagije wo kumuhimbaza. Aba Bayuda uyu munsi w'isabato bari barawugize umunsi w'ubucuruzi (Neh.13.19-20). Cyari ikizira ku Uwiteka gukandangira uwo munsi (Yes.58.13-14). Kubahiriza umunsi w'isabato ryari rimwe mu mategeko Uwiteka yahaye ubwoko bwe (Kuva 20.8-11). Abo mu gihe cya Yesu bo bari barawuhinduye umuhango,

kandi Yesu ari we Mwami w'isabato (Mat.12.8). Kujya mu materaniro yo ku cyumweru si umuhango, ni igihe cy'ubusabane n'Imana na bene Data, kandi kuhaboneka biduhesha umugisha. Indir. 327 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 17 Ukwezi kwa mbere Yeremiya 18.1-23 Ikib.2,6 Uko ibumba rimeze mu ntoki z'umububumbyi, ni ko namwe mumeze mu ntoki zanjye** (6): Gusaba Yeremiya kujya kwitegereza uko umububumbyi abumba, byari ukugira ngo asobanurire neza Abisirayeli ukuntu Imana ari yo yaremye abantu twese, tukaba mu biganza byayo tumeze nk'ibumba riri mu biganza by'umububumbyi. N'ubwo yasezeranije Isirayeli kuyigirira neza, ariko kubera ibyaha byabo, mu mwanya w'ibyiza bazabona ibihano. **Nimugaruke, umuntu wese ave mu nzira ye mbi** (11): Uwiteka ahora yinginga ubwoko bwe ngo bumugarukire ariko bukinangira imitima. Aho kumva ngo bumvire imbuzi z'Imana, ahubwo batangiye gucura imigambi mibisha yo gusebya Yeremiya no gutesha agaciro ibyo abahanurira, ndetse bashaka no kumwica. Byatumye Yeremiya areka kubasabira ibyiza ahubwo asaba Imana kubahana (19-22). **Gusenga**: Data mwiza, duhe guhora twibuka ko turi ibumba mu ntoki zawe, maze utwigishe guhitamo ibyo wishimira (Zab.119.104). Indir.99 Agakiza.

**Ku cyumweru 18 Ukwezi kwa mbere Yeremiya 19.1-15 Ikib.6 Ujyane bamwe mu bakuru b'imiryango n'abakuru bo mu batambyi** (1): Uwiteka yabwiye Yeremiya kugura akabindi no kujyana bamwe mu bayobozi n'abatambyi mu kabande ka Hinomu. Muri ako kabande, ku ngoma ya Manase hari ingoro batwikiragamo abahungu n'abakobwa babo babatambira ibigirwamana. Manase n'abo yayoboraga bakoze imihango y'abanyamahanga inyuranye n'ibyo Imana yabategetse (Yer.7.31-32; 2Ngoma 33.6). Kubera kwinangira kwabo bakanga kureka iyo mihango mibi, abanzi babo bazabatera babicishe inkota, ku buryo imirambo yabo izaba myinshi bakabura aho bayihamba, maze ikaribwa n'ibisiga n'inyamaswa (7). Yeremiya yasabwe kumenera ka kabindi imbere yabo, Imana ibabwira ko uko kajanjaguritse ari ko izabavunagura bo n'umurwa wabo. **Inama:** Twemere kuba ibikoresho by'Imana mu kuzana umucyo ahari umwijima, bityo twirinde akaga Abisirayeli bahuye na ko. Indir.33 Gushimisha.

**Kuwa mbere 19 Ukwezi kwa mbere Yeremiya 20.1-18 Ikib.3,7 Pashuri aherako akubita Yeremiya umuhanuzi** (2): Umutambyi Pashuri yafashe icyemezo cyo gucecekesha Yeremiya, aramukubita ndetse amuzirika ku nkingi. Yeremiya afunguwe yahise atangaza izina rishya rya Pashuri. Yiswe «Ibiteye ubwoba bikubye» (3). Yahanuriye Pashuri ko we n'umuryango we n'inshuti ze bazajyanwaho iminyago i Babuloni akaba ari yo bazagwa. **Mu mutima wanjye hamera nk'aho harimo umuriro**

**ugurumana** (9): Yeremiya yasutse amaganya imbere y'Uwiteka, ntiyahisha amarangamutima ye y'ubwoba n'ubwihebe. Yifuje no gusezera ku murimo wo guhanura kubera akaga bimushyiramo ariko biramunanira, kuko amagambo amugurumaniramo yatumaga adaceceka (9). **Ariko Uwiteka ari kumwe nanjye...** (11): Indirimbo y'ishimwe ya Yeremiya ntiyatinze, kuko yasimbuwe n'ubwihebe bwatumye avuma umunsi yavutseho (14). **Zirikana:** Ibyo duhura na byo mu murimo w'Imana bishobora gutuma twiheba. Ariko dufite Umwami Yesu uduhumuriza kandi wanesheje isi (Yoh.26.33). Indir.179 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 20 Ukwezi kwa mbere Yeremiya 21.1-14 Ikib.1,4 Ndagusaba ngo utubarize Uwiteka** (2): Abisirayeli bari bamaze igihe baranze kumva ubuhanuzi bwa Yeremiya, bahitamo ibinyoma no gusuzugura amategeko y'Imana. Igitero cya Nebukadinezari kibegereje, babaza Yeremiya icyo gukora no kureba niba Uwiteka yababababarira, ntibajyanweho iminyago. Icyakora Uwiteka kuko ari umutunzi w'imbabazi, yabahaye amahitamo yo kurokoka nibumvira. Guhitamo ni ukwabo, niba bashaka kuguma mu murwa bakicishwa inkota n'inzara n'urupfu, cyangwa kuyoboka Abakaludaya bakabaho (8-9). Uwiteka ari hejuru y'amahanga yose kandi akoresha uwo ashaka. Umuntu kwibwira ko arusha Imana ubwenge ni ukwibeshya cyane. **Abanyazwe ibyabo mubakize amaboko y'ubarenganije** (11): Bahawe andi mahirwe yo kwihana, bagaca imanza zitabera zirenganura abarengana (11-14). Aya mahirwe bayapfushije ubusa. **Icyifuzo:** Sengera abayobozi b'igihugu cyangwa itorero, kugira ngo barinde abo bayobora akarengane akariko kose, kuko Uwiteka ababazwa n'abarenganwa. Indir.176 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 21 Ukwezi kwa mbere Yeremiya 22.1-17 Ikib.4 Hano ntimukahavushirize amaraso atariho urubanza** (3): Yeremiya yatumwe mu nzu y'umwami kubagezaho ibyo Imana ibashakaho. Yababwiye ko ubwami buzasenyuka n'igihugu na cyo kikarimbuka, ariko nibihana bagakora ibyo gukiranuka bazarokoka (5). **Ntimuririre upfuye** (10): Umwami Yehowahazi yari yaranyazwe n'Abanyegiputa (2 Ngoma 36.1-4). Hari abahanuraga ko azagaruka agasubira ku buyobozi, ariko Yeremiya aberurira ko azapfirayo. Abami basimburanye nyuma y'uko Yosiya apfuye bakoze ibyangwa n'Uwiteka. Umwami Yehoyakimu we yahugiye mu kwiyubakira inzu nziza aho kugarura ubwoko ku Mana yabwo. Igihugu cyari kigeze aharindimuka. Yehoyakimu ntaho ataniye n'abayobozi bamwe bigwizaho ubutunzi, nta kwita ku marira y'abakene n'abatagira shinge na rugero. **Icyifuzo:** Tujye dusengera abatuyobora kugira ngo bamenye ibyo Imana ibashakaho abe ari byo bakora, aho kwigwizaho indamu. Indir. 110 Agakiza.

**Kuwa kane 22 Ukwezi kwa mbere Yeremiya 22.18-30 Ikib.1,6 Ntibazamuririra** (18): Umwami Yehoyakimu yahugiye mu kwiyubakira amazu y'imyerezi, ndetse akanavusha amaraso y'abatariho urubanza. Nta gaciro yahaga ubutumwa bw'Uwiteka Yeremiya yamugezagaho kubera irari yari afite (21). We ubwe, umwana we na nyina, bazicwa bajugunywe nta guhambwa (24-27). **Kuko ari nta wo mu rubyaro rwe uzahirwa ngo abe ku ngoma ya Dawidi** (30): Yesu yavuze ko umupfapfa yirundaniriza ubutunzi atazi uzabujyana (Luka 12.16-20). Yohana na we atubuza gukunda iby'isi kuko bitabangikanwa no gukunda Data wo mu ijuru (1Yoh 2.15-17). Mu mezi atatu Yehoyakimu yamaze asimbuye se ku ngoma, yirundanirijeho ubutunzi, ntiyumvira imiburo y'Imana (21). Biteye ubwoba gusumirwa n'amaboko y'Imana ihoraho (Heb.10.31). **Zirikana:** Gukiranukira Imana bigire intego y'ubuzima bwawe, ejo utazifuza kuyigarukira bitagishoboka. Indir. 361 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 23 Ukwezi kwa mbere Yeremiya 23.1-24 Ikib.5,6 Abungeri barimbura kandi bagatatanya intama … bazabona ishyano** (1): Uwiteka azacira urubanza abayobozi babi n'abahanuzi b'ibinyoma bayobya umukumbi, ntibite ku bibazo byawo. Bakoraga ku buryo ubwoko bwose bwigumira mu byaha byabwo nta mutima ubacira urubanza (14). Bababwiraga ibyo bihimbiye, bakavuga ko babyeretswe n'Uwiteka (16), ko ibibi ari byo bibahesha amahoro. Ubwoko bari barabushoye mu busambanyi n'ibindi bizira, babukura mu nzira yo gushaka Uwiteka. Imana iburira aba bahanuzi ko bagiye guhanwa bikomeye (19-20). **Dore iminsi izaza, ubwo nzumburira Dawidi Ishami rikiranuka** (5): Uyu uhanurwa ni Yesu Kristo uzakora ibyo gukiranuka, abe umwami, ukora iby'ubwenge kandi azaca imanza zitabera. Uwiteka azacyura ubwoko bwe abuvanye mu gihugu cy'ikasikazi no mu bindi bihugu yari yarabatatanirijemo, abatuze mu gihugu cyabo bwite (8). **Inama:** Abantu bahura n'ibyago bakavuga ngo ibyabo birarangiye, mubabwire be kwiheba, kuko abihatira gutumbira Uwiteka no gushaka mu maso he, basubizwamo imbaraga kandi baratabarwa. Indir.116 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 24 Ukwezi kwa mbere Yeremiya 23.25-40 Ikib.3 Mbese ijambo ryanjye ntirimeze nk'umuriro?** (29): Muri icyo gihe uwiyita umuhanuzi yagendaga abaza undi icyo yeretswe maze na we akagenda abeshya ko kivuye k'Uwiteka (30-32). Ibyo binyoma byatumaga abantu bareka Imana kuko ubwo buhanuzi butasohoraga. Ijambo ry'Imana rimeze nk'umuriro ukongora cyangwa nk'inyundo imenagura, ntabwo rimanukira ubusa, rikora ibyo ryatumwe (Yes.55.11). Kuvuga mu izina ry'Uwiteka kandi ari ibihimbano bituma abantu bibwira ko Ijambo ry'Imana ridafite ubushobozi. Pawulo yatanze inama yo kujya tugenzura ubuhanuzi mbere yo kubwakira (1Kor.14.29). Uwiteka yabwiye Yeremiya ko agiye guhana abahanuzi

bagenda bahimba ibyo bavuga. Imana izabatataniriza kure yayo kandi bakorwe n'isoni. Umurwa wose bizawugiraho ingaruka. **Icyifuzo:** Sengera abavugabutumwa, kugira ngo ubutumwa bwabo butabaho umugayo, bitewe no kuvuga iby'ubwenge bwabo bitavuye ku Mana. Indir. 283 Gushimisha.

**Ku cyumweru 25 Ukwezi kwa mbere Luka 6.1-11 Ikib.2,3**
**Nuko Abafarisayo bamwe barababaza bati "Ni iki gitumye mukora ibizira ku isabato?** (5): Mu mategeko Abisirayeli bahawe na Mose ayahawe n'Imana, bari bafite uburenganzira bwo gusoroma ku mbuto z'umurima banyuzeho ngo be kugwa isari, ariko bakirinda gusarura ibyo batahana (Guteg.23.25-26). Abafarisayo bari barakomeje amategeko, ku buryo no guca amahundo yo guhekenya kw'isabato bari barabigize icyaha. Yesu yabahaye urugero rwa Dawidi, ngo abereke ko ibyo abigishwa be bakoze bitari inzaduka. Umutambyi Ahimeleki yemeye kurenga ku itegeko aharanira kurinda abantu kwicwa n'inzara (1Sam.21.3-7). **Rambura ukuboko kwawe** (9): Yesu yakijije uwari ufite ubumuga ku munsi w'isabato. Arashaka ko abantu basobanukirwa icyo isabato ivuze mu bugingo bwabo. Muri Yesu Kristo ni ho tubonera uburuhukiro nyakuri bwo mu mutima bw'iteka ryose (Mat.11.28-30). Indir. 101 Gushimisha.

**Kuwa mbere 26 Ukwezi kwa mbere Luka 6.12-26 Ikib.2,6**
**Akesha ijoro asenga** (12): Kurobanura abantu Yesu agiye gutoza, nyuma akazabasigira umurimo, cyari igikorwa cy'ingenzi. Bityo Yesu yabifatiye umwanya urambuye wo kubyereka Imana (13). Gusenga kwe kwamushoboje guhitamo abigishwa bazabana na we no gukora ibitangaza bikomeye harimo gukiza indwara no kwirukana abadayimoni (18-19). Mbese niba Yesu yarasengaga cyane ari umwana w'Imana, ntitwari dukwiriye guha agaciro n'umwanya iki gikorwa? **Muzabona ishyano abantu nibababvuga neza** (26): Kuvugwa neza si cyo kibazo (Imig. 22.1). Gusa ntidukwiriye gukora dushaka gushimwa n'abantu gusa, dukwiriye guharanira mbere na mbere kunezeza Imana, kabone nubwo abantu batuvuga amagambo atari meza (22-23). **Zirikana:** Imirongo 20-21 idutere kwibaza aho tubonera amahirwe y'ukuri maze bitume duca bugufi, dusabe Umwuka Wera kutwigisha uko dukwiye gukora (Zab.25.3-4).

**Kuwa kabiri 27 Ukwezi kwa mbere Luka 6.27-36 Ikib. 2**
**Mwifurize neza ababavuma** (28): Iyi nyigisho ya Yesu yo gukunda ababanga no kwifuriza ineza ababavuma, ntiyaguye neza Abayuda bari bakandamijwe n'Abaroma. Kuri bo bagombaga kubitura inabi babagirira, bashingiye ku nyigisho ivuga ngo "ijisho rihorerwe irindi" (Guteg.19.21). Yesu yazanye inyigisho nshya y'urukundo rusesuye yise itegeko rishya (Yoh.13.33-34). Yayishyize mu bikorwa ubwo yasengeraga abantu bamubambaga (Luka 23.34). Umukristo wese agomba gukurikiza iri hame ry'urukundo, kandi kuba

bikomeye si ukuvuga ko bidashoboka. Yosefu na Dawidi barabishoboye, natwe twabishobora. **Mugiririne imbabazi** (36): Sitefano mu ijambo rye ajya gupfa, yasabye Imana kubabarira abamwicishaga amabuye (Ibyak.7.59-60). Kubabarira uwakugiriye nabi, hari uzakubwira ko birenze kamere muntu. Nyamara urugero ngenderwaho rwo kubabarira ni Imana ubwayo kuko ari urukundo (Ef.4.32). **Gusenga:** Mana, ndagusaba imbaraga zo kunshoboza kubabarira abantu bose bangiriye nabi. Indir. 149 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 28 Ukwezi kwa mbere Luka 6.37-42 Ikib. 6, 7**
**Mbese impumyi yabasha kurandata indi mpumyi?** (39): Yesu yakomeje kuvuga ku myitwarire ikwiye kuranga abigishwa be n'abandi bose bazamwizera. Yivugiye ko ari we nzira, ukuri n'ubugingo. Abayobozi bagomba kugera ikirenge mu cye, bakajyana aho bazi neza abo bayobora. Ikibabaje ni uko bakora ibihabanye n'ibyo bavuga. Bajyana abo bayobora mu buyobe (40; Mat.15.14). **Banza wikuremo umugogo uri mu jisho ryawe (**42): Kwicara ku ntebe y'imanza biratworohera cyane. Nyamara Pawulo we aduhugura atubwira ko tudakwiye gucirana imanza mu mutima (Rom. 14.13). Ikiruta byose ariko, ni ukwisuzuma natwe ubwacu tukareba ko dutunganye mbere yo kureba iby'abandi. Icyo ni cyo kizaturinda kwikoreza abandi imitwaro natwe ubwacu tutashobora gukozaho agatoki (Luka 11.46). **Gusenga**: Mana yacu, dusabiye abungeri baragiye umukumbi wawe, kugira ngo bagire ubwenge bubumbira intama hamwe, bazirinde gutatana (Yer.50.6-7). Indir. 284 Gushimisha.

**Kuwa kane 29 Ukwezi kwa mbere Luka 6.43-49 Ikib.6**
**Igiti cyose kimenyekanishwa n'imbuto zacyo** (44): Yesu yakunze gusaba abamwumvaga kwirinda abahanuzi b'ibinyoma (Mat.24.11). Bo n'abandi badatanga inyigisho nzima, kubamenya biroroshye. Imbuto bera ni zo zibagaragaza. Izo mbuto zishobora kugaragarira mu byo bakora no mu biva mu mitima yabo, bituma bagoreka ubutumwa bwiza. Ab'i Beroya bakoresheje igipimo cy'Ibyanditswe byera, kandi byatumye bamenya inyigisho nzima, bakira ubutumwa babwirijwe na Pawulo na Sila, bizera Umwami Yesu (Ibyak.17.10-12). **Umuntu wese uza aho ndi, akumva amagambo yanjye, akayakomeza** (47): Yesu yasobanuye ko uwubatse ku rutare atari umuhoza ku munwa nyamara ibyo akora bihabanye n'inyigisho ze. Ukurikira Yesu, akumva amagambo ye akayakomeza, ni we wubatse ku rutare by'ukuri. Mu gihe cy'amakuba ibyo yubatse ntibizasenyuka. **Ikibazo:** Ko ibihe turimo bisa n'akayunguruzo kari gutandukanya ifu nziza n'incenga, waba wumva agakiza kawe kari ku rufatiro nyarwo? (Ef 6.10-11). Indir.199 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 30 Ukwezi kwa mbere Luka 7.1-17 Ikib.1,2**
**Yari afite umugaragu akunda cyane, wari urwaye yenda gupfa** (2): Uyu musirikare w'Umuroma yari akuriye itsinda ry'abasirikare ijana. Yakundaga

umugaragu we cyane, afite n'ibindi bikorwa by'indashyikirwa yakoreye abaturage, atitaye ku bwoko, akarere, cyangwa idini bakomokamo (5). Ni urugero rwiza rwo kwitandukanya n'amacakubiri ayo ariyo yose (Mat.5.44-48). **Ahubwo tegeka … arakira** (7): Yesu yitabiriye ubutumire, aboneraho kumenyesha Abayuda ko imbabazi z'Imana zaziye abantu bose. Uyu mutware amenye ko ari mu nzira aza iwe, yamenye ko uje amurusha ubutware, ko imbaraga ze zibasha no gukorera kure. Yesu yamukoreye ibyo yamusabye (Zab.37.4). **Yegera ikiriba agikoraho** (14): Agahinda k'uyu mubyeyi ko gupfusha umugabo n'umwana we w'ikinege kakoze ku mutima wa Yesu, maze akora ku mwana wapfuye arazuka. Nawe emerera Yesu gukora ku gikomere cyawe agikize. **Icyifuzo**: Sengera abayobozi b'amatorero gukizwa ivangura iryo ari ryo ryose mu murimo w'Imana bakora. Indir. 60 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 31 Ukwezi kwa mbere Luka 7.18-23 Ikib.2**
**Mbese ni wowe wa wundi ukwiriye kuza?** (19): Yohana wateguriye Yesu inzira, yari mu nzu y'imbohe kandi yibazaga byinshi. Yatumye kuri Yesu ngo amenye ko ariwe Mesiya wavuzwe ko azaza. Nk'abandi Bayuda benshi, ashobora kuba na we yari ategereje Mesiya uzabakiza ingoma y'igitugu y'Abaroma, ikaba ndetse yaba inzira yo kumukura muri gereza. Yesu yakoze ibitangaza byinshi, atuma za ntumwa kubwira Yohana ibyo zumvise n'ibyo ziboneye (22). Cyari igisubizo gihagije kuko ibyo Yesu yabwirizaga n'ibyo yakoraga, byari inshingano za Mesiya uko zari zarahanuwe (Yes.35.5-6; 61.1-4). **Hahirwa uwo ibyanjye bitazagusha** (23): Ibya Yesu byashoboraga gutera urujijo no guca intege. Abantu bari bafite muri bo Mesiya uzaza uko azaba ameze. Ibiturimo bigoramye twizera bishobora gutuma tunanirwa kumenya neza Yesu mu buzima bwacu. **Icyifuzo:** Saba Umwuka Wera kugufasha gusobanukirwa ko Yesu Kristo ari we Mesiya, waje kudukura ku ngoyi ya Satani (Mat.16.16). Indir. 28 Agakiza.

**Ku cyumweru 1 Ukwezi kwa kabiri Luka 7.24-35 Ikib.2,3**
**Yesu ahamya Yohana Umubatiza** (28): Yesu yahamagariye abamukikije gutekereza cyane ku murimo wa Yohana Umubatiza, ababaza ibibazo bibibutsa uko yitwaye n'ibyo yakoze mu murimo we: 1. Ntabwo yari urubingo ruhungabanywa n'umuyaga (24); Ubutumwa yatanze bwari ubw'imbaraga. 2. Ntiyambaraga imyambaro y'ibitangaza nk'iy'ababa mu ngo z'abami (25); Ubuzima bwe bwaranzwe no kwigomwa no kwicisha bugufi. 3.Yarutaga abahanuzi kuko yahanuye, akaba n'integuza ya Mesiya wari kuzaza nyuma ye (27). **Mbese ab'iki gihe nabagereranya ni iki?** (31): Abantu binubiraga ko Yohana yiyiriza ubusa kenshi ntarye, bityo bakavuga ko afite abadayimoni (33). Ubwo kandi ni nako binubiraga Yesu ko arya, akanywa, bityo bamwita umunywi w'inzoga (34). N'uyu munsi, abadashaka ibya Yesu bahora bashaka inzitwazo. **Icyifuzo:** Sengera imitima y'abiyita abanyabwenge, kugira ngo bemerere Yesu kubona aho atura mu mitima yabo.

**Kuwa mbere 2 Ukwezi kwa kabiri Luka 7.36-50 Ikib.1,3**
**Ahagarara inyuma ye hafi y'ibirenge bye arira** (38): Inkuru y'uyu mugore wasize amavuta Yesu, ivugwa no mu bundi butumwa bwiza. Yohana amwita Mariya w'i Betaniya (Yoh.12.1-3). Luka we amwita umugore w'umunyabyaha (37). Ntawe uvuga icyaha cye nyirizina, gusa ikigaragara ni uko ibye byari bizwi na benshi. Imyitwarire ye irerekana ko umutima we wari uremerewe. Yasobanukiwe ko Yesu ari we wamuruhura. Ibyo yakoze, Yesu yabihaye agaciro (44-46). **Ubabariwe ibyaha byawe** (48): Mu kwakira Yesu, Simoni hari ibyo atakoze ubusanzwe mu muco wabo bikorerwa umunyacyubahiro (44-46). Uyu mugore ibyo we yakoze birahamya ko yahaye Yesu icyubahiro, atangana umutima ukunze iby'agaciro yari afite, yizeye ko amaherezo azababarirwa. Abamurebaga basigaranye impaka hagati muri bo, we yezwaho ibyaha bye byose. **Gusenga:** Mwami Yesu, nkuramo umutima ubona ibyaha by'abandi mbere yo kubona ibyanjye. Indir. 388 Gushimisha

**Kuwa kabiri 3 Ukwezi kwa kabiri Luka 8.1-15 Ikib.3**
**Abagore benshi babafashishaga ibyabo** (3): Aba bagore batanze umusanzu ukomeye wo gufasha Yesu n'abigishwa be mu murimo w'Imana. Barenze imbibi z'umuco wari ufite byinshi ubabuza, bagendana na Yesu n'abigishwa be. Batangaga ku byabo, bazirikana uko Yesu yabakijije. **Umubibyi yasohoye imbuto** (5): Muri uyu mugani umubibyi ni Yesu Kristo. Ubutaka ni imitima y'abantu. Ibi byiciro by'ubutaka uko ari bine byari mu mbaga y'abari bahateraniye. 1. Hari Abafarisayo batizeraga ibyo avuga, 2. Hari abahururiraga kwirebera ibitangaza ariko badashaka kumugumaho (Yoh.6.66), 3. Hari abari bameze nka wa musore w'umutunzi, bifuza kumwizera ariko ibyo bagundiriye bikabazitira, 4. Hari n'abari baramaramaje barasize byose kubera Ubutumwa Bwiza, bumva ijambo rya Yesu, bagaharanira kurishyira mu bikorwa, ni bo bera imbuto nyinshi zizagera aho zikabyara izindi (Yoh.15.5). **Gusenga:** Data, duhe kugira imitima inyuzwe n'ijambo ryawe, kandi ryere imbuto ushaka. Indir. 286 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 4 Ukwezi kwa kabiri Luka 8.16-25 Ikib.2**
**Nta wukongeza itabaza ngo aryubikeho inkangara** (16): Yesu aragereranya Ijambo ry'Imana n'itabaza riberaho kumurikira abantu. Urumuri nubwo rwaba ruto gute, rwirukana umwijima. Kugira ngo ibyo bishoboke ni uko urumuri rugomba gushyirwa mu mwanya warwo (Mar.4.21). Ubutumwa tuvuga, buhamiriza abandi ibyo Yesu yadukoreye no kwera imbuto z'Umwuka, ibyo ni byo byirukana umwijima, bigakururira abatubona guhimbaza Imana (Mat.5.16). **Baraza baramukangura…** (24): Iyi nyanja barimo ni inyanja ya Galilaya. Umuyaga uva mu misozi waratunguranaga, ugahitana byinshi biyirimo. Abigishwa bari bamenyereye uburobyi, ariko ubu bwo bumvise urupfu rubegereye, biyambaza Yesu, acyaha umuraba, na wo uratuza. **Mbega uyu ni muntu ki?** (25): Nubwo bari bamaranye iminsi na

Yesu, aba bigishwa bari bataramumenya neza. N'uyu munsi, hari benshi batazi ubushobozi bwe nubwo bamaranye na we igihe. **Gusenga:** Mwami Yesu, mu gihe ntewe n'ishuheri ry'ubu buzima, ujye umpa kumenya ko nta kikurusha amaboko.

**Kuwa kane 5 Ukwezi kwa kabiri Luka 8.26-39 Ikib.1,3**
**Abonye Yesu arataka** (28): Yesu n'abigishwa be bakimara kugera mu gihugu cy'Abagadareni, basanganiwe n'umuntu wuzuwe n'Abadayimoni, utuye mu irimbi (27). Abantu bakinisha Satani batazi ubugome bwe. Iyo akwinjiyemo, agutuza ahadaturwa. Abadayimoni bahuye na Yesu baramumenya. Induru bavugije ni iy'ubwoba, kwihagararaho, no kwigomeka ku Mana. Ntibashakaga ko Yesu yivanga mu byabo. Nyamara ubugingo bw'uyu muntu ni ubw'igiciro ku Mana. **Abadayimoni bava muri uwo muntu binjira muri izo ngurube** (33): Hari abavuga ko izi ngurube na bene zo barenganye. Yesu we yasanze akarengane gakomeye kari gafitwe n'uyu mwana wa Aburahamu wari waragizwe imbata y'imyuka mibi. N'abahatuye ni cyo bagombaga guha agaciro. Uwakize amaze gukurwaho ingoyi z'umwanzi, yahawe umurimo wo gutangaza iby'Imana yamukoreye (39). **Ikibazo:** Ese aho ugira ishyaka ryo guhamiriza abandi uko wahindutse umwana w'Imana, ubu ukaba uri icyaremwe gishya?

**Kuwa gatanu 6 Ukwezi kwa kabiri Luka 8.40-56 Ikib.3**
**Haza umuntu witwaga Yayiro, umutware w'isinagogi** (41): Yayiro yari umuyobozi wabaga ashinzwe iby'isinagogi no kuramya Imana, kwigisha amasomo yo mu ishuri mu minsi y'imibyizi, no kwita ku ikoreshwa neza ry'isinagogi. Yabaga ari Umufarisayo, cyangwa afitanye isano na bo. Bityo, kuvugisha Yesu no kumukurikira kwari ukwishyira mu bibazo. Nyamara yamwikubise imbere kugira ngo amurengere, atitaye ku byo bene wabo bari buvuge. Imbere y'ikibazo gikeneye igisubizo cy'Imana, baramvuga iki ntiba igifite intebe. **Hariho unkozeho** (46): Uyu mugore nubwo yari amaze imyaka 12 mu ntege nke z'uburwayi, yarahatanye kugeza akoze kuri Yesu. Amaze kumukoraho yahise akira. Uyu munsi hari benshi bashaka gukora kuri Yesu. Kumukoraho ufite ukwizera nk'uyu mugore ni cyo cyonyine gishobora guhishura imbaraga ze zikiza. **Zirikana:** Ukiranuka azabeshwaho no kwizera (Rom.1.17). Indir.73 Agakiza.

**Kuwa gatandatu 7 Ukwezi kwa kabiri Luka 9.1-9 Ikib.1,3**
**Abaha ubushobozi n'ubutware** (1): Mu gutangira umurimo, abigishwa ba Yesu bahawe ubushobozi n'ubutware bwo kuwukora. Bagombaga kugenda ntacyo bitwaje, kugira ngo abarememo umutima wo kutagira inzitwazo zishingiye ku mikoro. Imana ni yo Nyirumurimo. Abo itumye ibaha ibikenerwa. **Bajya mu birorero byose** (6): Nibwo bwa mbere bari bagiye mu ivugabutumwa batari kumwe na Yesu. Uko yababwiye ni ko babigenje.

Abakijijwe barabacumbikiye, ababyanze bagombaga kubakunkumuriraho umukungugu (5). Iyo umuyuda yavaga ahantu yahuye n'abanyamahanga, yakungutaga umukungugu wo mu birenge ngo yitandukanye n'abo batakebwe. Aba bagombaga kubikorera ababangamiye Ubutumwa Bwiza. **Yumvise ibyabaye byose biramuyobera** (7): Herode yumvise ibibaye byamuteye urujijo kuko abantu bavugaga ko ari Yohana wazutse, kandi azi ko atakiriho (9). **Imbuzi:** Uzirinde kuba mu bo ibya Yesu byayobeye (Mat.7.7-8).

**Ku cyumweru 8 Ukwezi kwa kabiri Luka 9.10-17 Ikib.1**
**Abantu babimenye baramukurikira arabakira** (11): Yesu yashakaga kwihererana n'abigishwa ngo bamutekerereze iby'umurimo w'ivugabutumwa bavuyemo. Abantu benshi babituyeho, Yesu arabakira, avugana na bo iby'ubwami bw'Imana (11). Abaturogoya mu murimo twe badutera amaganya no kwivovota, ariko Yesu we yari ku murimo ukomeye wo gukiza (Mat.18.10-11). **Mube ari mwe mubagaburira** (13): Byari byoroheye Yesu gusezerera aba bantu bakajya gushaka amafunguro. Ariko yarabarebye, abagirira impuhwe, yiyumvamo ko uko yabamaze inzara y'iby'Umwuka, ari na ko akwiye kubamara inzara y'iby'umubiri. **Nuko bararya bose barahaga** (17): Bataratangira kubishyira abantu, ifi n'imitsima ntibyigeze byiyongera. Ariko uko bagendaga babigabura ni ko byagendaga bitubuka. Iryo ni ryo banga riri mu ijambo ritubwira ko "Gutanga guhesha umugisha kuruta guhabwa" (Ibyak.20.35). **Inama:** Ujye uhorana umutima wo gutanga.

**Kuwa mbere 9 Ukwezi kwa kabiri Zaburi 108.1-14 Ikib.2**
**Nzagabanya Shekemu,…** (8b) : Dawidi umuhimbyi w'iyi Zaburi, yari afite inzozi zo kwagura imbibi z'ubwami bwe afashijwe n'Imana. Shekemu yari ngombwa kubohozwa kuko ni ho Imana yiyerekeye Aburahamu bwa mbere akigera mu gihugu cy'isezerano (Itang. 12.6-7). Ikindi Shekemu ni wo mujyi wa kabiri wafashwe n'Abisirayeli bakimara kwambuka Yorodani (Yos.7.2). Ntabwo rero Dawidi yiteguye kwemera kutahagira mu gihugu ayobora. Sukoti ni ho Yakobo yaciye ingando yubaka ibiraro by'amatungo, ubwo yari agarutse muri Kanani (Itang.33:17). Ntabwo naho Dawidi yaruhuka atahafite. Dukwiriye kwanga ko Satani yigarurira ubuzima bwacu. **Udutabare umubisha, kuko gutabara kw'abantu kutagira umumaro** (13): Abantu bari baragiye bahemukira Dawidi mu ntambara ze. Kubishingikirizaho bonyine yabonaga bitamushoboza kugera ku ntego ze zo kwagura ubwami. Uwiteka ni we wenyine yishingikirijeho (1Sam.23.12). **Zirikana:** Imana ni umufasha utabura kuboneka mu byago no mu makuba (Zab.46.2).

**Kuwa kabiri 10 Ukwezi kwa kabiri Yeremiya 24.1-10 Ikib.5**
**Uwiteka yaranyeretse mbona ibitebo bibiri** (1): Umwami w'I Babuloni Nebukadinezari wari igihangange, yatwaye mu bunyage umwami

w'Ubuyuda Yekoniya n'ibikomangoma bye. Mu iyerekwa Yeremiya yabonye ibitebo bibiri birimo imbuto z'umutini biteretse imbere y'urusengero. Kimwe cyarimo imbuto nziza cyane, ikindi kirimo imbuto mbi zidashobora kuribwa. **Yeremiya we ubonye iki?** (3): Imbuto z'amaharakubiri yeretswe yaziherewe ubusobanuro. Imbuto nziza zigereranywa n'abaturage bajyanywe ari imbohe i Babuloni. Uwiteka arasezerana kubarinda, kubana na bo, no kuzabagarura mu gihugu. Uwiteka azabaha umutima wo kumumenya, bazaba ubwoko bwe na we abe Imana yabo. Sedekiya n'ibikomangoma bye bo bagereranywa n'imbuto mbi, Uwiteka azabatanga bateraganwe mu mahanga. **Zirikana:** Ijisho ry'Uwiteka riri ku bakiranutsi (Zab. 33.18), ariko igitsure cye kiri ku nkozi z'ibibi (1 Pet.3.12). Dusabe Imana idushoboze kuba mu bo yishimira.

**Kuwa gatatu 11 Ukwezi kwa kabiri Yeremiya 25.1-14 Ikib.6**
**Nimuhindukire ubu, umuntu wese ave mu nzira ye mbi** (5): Kuva yatangira guhanura kugeza kuri uyu mwaka wa 23, Yeremiya ntiyahwemye kuburira Abayuda. Byageze n'aho Uwiteka amutegeka we na Baluki kwandika ubuhanuzi yamuhaye, amaze kubwandika, Yehoyakimu arabucagagura arabutwika. Ari we ari n'abandi, bose intero y'ubuhanuzi bwabo yari imwe: Icyo Imana ishaka ku Bisirayeli n'Abayuda, ni ukureka inzira zabo mbi. **Nzabakuramo ijwi ryo kwishima** (10): Kwinangira kwabo kwatumye igihe cy'amage kibageraho. Nta birori, nta kuririmba, nta byo kurya bihagije (Zab.137.1-5). Iki gihe cy'agahinda cyamaze imyaka 70. Nk'uko Uwiteka yabivuze iyo myaka ni we ubwe wayishyizeho iherezo ndetse ahana Babuloni ayihora ko barengereye mu kubabaza Abayuda, bagamije kubakuramo inyungu z'umurengera. Imana yakoresheseje Abamedi n'Abaperesi maze ihana Babuloni (25:12-14). **Zirikana:** Biradukwiye kujya twitondera ibyo Imana yavuze tutarindiriye gukubitwa inkoni. Indir.77 Gushimisha.

**Kuwa kane 12 Ukwezi kwa kabiri Yeremiya 25.15-38 Ikib.6**
**Enda igikombe cya vino y'uburakari kiri mu ntoki zanjye** (15) : Nk'uko Abayuda baciriwe urubanza n'Uwiteka, amahanga akikije Isirayeli na yo yagomeye Imana. Abayuda bari baratoranijwe n'Imana kuba urumuri, ngo ijye ibanyuzamo ubutumwa ifitiye amahanga yose. Nyamara yaba Yuda yanze kumva ndetse n'amahanga ayikikije. Ibyo rero byatumye Uwiteka agenera na yo mahanga igihano. Umuhanuzi yahawe igikombe kirimo vino y'uburakari bw'Uwiteka ngo akijyane agisangize amahanga maze akinyweho asinde, adandabirane, aruke, agwe hasi ananirwe kubyuka (27-28). Nyuma y'igihe kirekire Yeremiya ahanuye, ibyo Imana yavuze biracyaboneka, ubwo tubona abantu bamwe batumvira Imana, bagakora ibyangwa n'Uwiteka. Tujye twitondera Ijambo Imana yavuze kuko ni ryo sōko yo kubaho kwacu. **Zirikana:** Ariko Rero mujye mukora iby'iryo jambo atari ugupfa kuryumva (Yak.1.22) Indir. 195 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 13 Ukwezi kwa kabiri Yeremiya 26.1-24 Ikib.6**
**Ubabwire amagambo yose nagutegetse kubabwira** (2)**:** Imana yasabye Yeremiya kujya mu rugo rw'urusengero, kugira ngo ubutumwa bwumvwe n'abo bureba, baba ab'i Yerusalemu, cyangwa abo mu mijyi y'Abayuda. Imana irashaka ko bihana bagakurwaho ibihano (3)**. Nimwanga kunyumvira... iyi nzu nzayihindura nk'iyi Shilo** (4,6): Ibyabereye i Shilo byabaye agahomamunwa, ku buryo kubivuga mu Bayuda byari nko gukora mu gikomere (1Sam.4.10-12,18). Kuvuga ko Yerusalemu izahindurwa ikivume, byatumye abatambyi n'abahanuzi bakatira Yeremiya urwo gupfa (11). **Uyu muntu ntabwo akwiriye gupfa** (16): Imbere y'ibikomangoma, Yeremiya ntiyariye iminwa. Yavuze ko yatumwe n'Uwiteka, kandi ko kwihana ari yo nzira yonyine yo gukira (13). Ibikomangoma na rubanda bakuye Yeremiya mu menyo y'abayobozi b'idini. **Icyifuzo:** Sengera amatorero arangwamo amakimbirane no kugambanirana, kugira ngo ibyo babirekere Satani, bahindukirire Imana by'ukuri.

**Kuwa gatandatu 14 Ukwezi kwa kabiri Yeremiya 27.1-22 Ikib.1,4**
**Ni jye waremye isi n'abantu n'inyamaswa biri ku isi** (5): Sedekiya n'intumwa za biriya bihugu bagomba kuba bari mu nama yo kwiga uko bakwigomeka kuri Nebukadinezari. Yeremiya yakoresheje ikimenyetso ahawe n'Uwiteka, cyerekana ko ibyo bibwira atari byo yibwira. Gukiranirwa k'ubwoko bw'Imana kwatumye imigisha yakabaye iyabo yigira ku mwami w'i Babuloni (6-8). Uwo mwami nubwo atayizi, ni we ihaye ubutware bwo kubategeka kugeza igihe azashakira. Imana ishobora gukoresha n'abo twita abapagani kugira ngo isohoze imigambi yayo, cyane cyane iyo twe abana bayo twanze kumvira (Luka 19.37-40). Uwiteka yavuze ko Sedekiya n'abantu nibayoboka Nebukadinezari bazabaho. Abavuga ibitandukanye n'ibyo yabise abanyabinyoma, abapfumu, abacunnyi n'abarozi (8-9). … **Kugeza umunsi nzajya kubyenda, nkabigarura, nkabisubiza ahabyo** (22): I Babuloni ntihazajyanwa abantu gusa. N'ibikoresho byo mu rusengero bizajyanwayo, ariko Imana ibifite ku mutima. Igihe kizagera byose ibigarure ahabyo. **Icyifuzo:** Dusabe Imana kumvira ibyo itubwira, nubwo byaba bitaryoheye amatwi yacu.

**Ku cyumweru 15 Ukwezi kwa kabiri Yeremiya 28.1-17 Ikib.3**
**Wavunaguye imbago y'igiti ariko uzakora iz'ibyuma**…. (13): Muri iki gice harimo impaka hagati y'Abahanuzi babiri aribo Yeremiya na Hananiya. Mu gice cya 27 Yeremiya yari yahanuriye Abayuda ko bagomba kuyoboka Nebukadinezari kuko ariko Imana yabigennye. Hananiya we aje avuga ko abo Nebukadinezari yagize imbohe bazabohorwa vuba, n'ibikoresho byo mu nzu y'Imana yanyaze bikagarurwa vuba. Kugira ngo yerekane ko ibyo bizashoboka, yavunaguye imbago Yeremiya yari yarashyize ku bitugu bye nk'ikimenyetso cyo kuba imbohe ku Bayuda. Yeremiya yamubwiye ko nubwo

avunnye imbago z'ibiti hazabaho imbago z'ibyuma. Ibyo byatumye Yeremiya amuhanurira amagambo akomeye yuko Uwiteka agiye kumuca mu gihugu. Ibyo koko byarasohoye maze muri uwo mwaka Hananiya arapfa (17). Gukuraho imbago z'ibiti wizera ko ikibazo kirangiye kandi ikigitera kitavuyeho si wo muti. Umuti ni ukwihana ibyaha, ukagendera mu kuri kw'Imana. **Inama:** Saba Imana ubwenge bugushoboza kuba umunyakuri muri byose.

**Kuwa mbere 16 Ukwezi kwa kabiri Yeremiya 29.1-14 Ikib.5**
**Imyaka mirongo irindwi yahanuriwe i Baburoni** (10): Mu gihe bamwe mu bahanuzi, abapfumu, abarosi n'abandi bahanuriraga rubanda ko imyaka yo kuba mu bunyage ari mike rwose, Yeremiya yandikiye abari i Babuloni abasaba gutuza, bakubaka amazu, bagahinga, bakorora, bagashyingira abana babo bakabyara ndetse bakifuriza Babuloni amahoro n'imigisha ku bw'ineza yabo na bo. Yeremiya yabahumurije ababwira ko Imana itabakuyeho amaboko, ko igihe cyayo nikigera izabatabara. **Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira! Ni amahoro si ibibi** (11). Hari igihe tunyura mu bigoye tugashaka kwihutisha gukora kw'Imana kandi yo igihe cyayo kitaragera. Ariko muri ibyo byose Imana ntiba yatwibagiwe. Igihe cyayo kiragera igasohoza ibyo yagambiriye, ikaturemera amashimwe! **Ikibazo:** Ese hari igihe ujya wumva guteregeza amasezeno ufite birambiranye? Humura, isaha y'Imana izagera, amasezerano yayo kuri wowe asohore. Indir. 197 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 17 Ukwezi kwa kabiri Yeremiya 29.15-32 Ikib.3,6**
**Uwiteka arakugira nka Sedekiya na Ahabu** (22): Aba bagabo babaye iciro ry'umugani mu Bayuda bari i Babuloni. Bakoze ibyaha bibiri bikomeye bituma Uwiteka abahana by'intangarugero. 1.Biyitaga abahanuzi bakabeshya rubanda ko Imana yabavugiyemo kandi atari byo. Ibi byateraga urujijo, bagahora bizeye gusubira iwabo vuba, atari Uwiteka wabivuze. 2. Bitwazaga uwo mwanya bihaye w'icyubahiro, bagashuka abagore b'abaturanyi bakabasambanya. Ibyo byari ikizira mu maso y'Uwiteka wivugiye ko ari Imana ifuha (Kuva 20.4-7). Ibyabo byarangiye batwitswe, abantu babona ukora amarorerwa bakamuvugiraho bati "Uwiteka arakugira nka Sedekiya na Ahabu." Muri iki gihe cyacu hadutse abameze nkabo biyita abahanuzi, bakoresha akarimi karyoshye bagacuza abantu utwabo cyangwa bakabasambanya. Nibatihana na bo bazaba iciro ry'umugani. **Icyifuzo:** Dusabe imbaraga z'Umwuka Wera ngo tubashe kumenya ijambo rizima kandi dushobozwe kuryumvira.

**Kuwa gatatu 18 Ukwezi kwa Kabiri Luka 9.18-27 Ikib.2**
**Mbese abantu bagira ngo ndi nde?** (18)**:** Yesu yahuye n'abantu b'ingerinyinshi bamwe arabigisha, abandi abakiza indwara, abandi abirukanamo abadayimoni. Abaza iki kibazo yifuzaga kumenya niba abo bantu bose baramenye uwo ari we. Abigishwa bamushubije uko abantu bumva

bamwita (19). Buri wese yamwitaga uko ashatse akurikije ibyo yamukoreye. No muri kino gihe abantu bitiranya Yesu n'ibindi bintu byinshi. Yesu ni umukiza utubatura ku byaha n'ubundi buretwa bwose, akadukiza n'urupfu rw'iteka (Mat.1.21). **Umuntu nashaka kunkurikira niyiyange** (23): Inzira y'umusaraba Yesu yari agiye gutangira n'abamwizeye bose bazayinyuramo, kuko uko ab'isi bamwangaga ni ko na bo bazabanga (Yoh.15.18-19). Gukurikira Yesu hari icyo bisaba: Kwiyibagirwa, kumwiyegurira byimazeyo, ndetse no kumwumvira n'umutima ukunze. Mbese iyo usuzumye imibanire yawe n'ab'isi usanga hari itandukaniro? **Icyifuzo:** Sengera abakristo kugira ngo base na Yesu by'ukuri. Indir.188 Gushimisha.

**Kuwa kane 19 Ukwezi kwa kabiri Luka 9.28-36 Ikib.1,2**
**Ajyana Petero na Yohana na Yakobo** (28): Aba bigishwa batatu babonye ibintu bikomeye. Babonye Yesu arabagirana nk'uko byajyaga biba kuri Mose (Kuva 34.29-30). Babonye kandi Mose na Eliya. Mose ni we washyikirije Abisirayeli amategeko y'Imana, naho Eliya ni we muhanuzi washushanyaga Yohana umubatiza (Mat.11.13-14). Abo bombi ntibigeze bashyingurwa n'abantu (Guteg.34.5-6; 2Abami 2.11-12). Kubera icyubahiro cyari kibagose, Petero yumvise baca ingando bagatura. Hari igihe mu materaniro haba ibihe byiza, abantu bakumva bakwihamira aho bateraniye. Hari n'abumva bakwihamira mu byumba by'amasengesho ntibagire ikindi bakora. Gusa dukwiriye kuvuga ubutumwa bwiza no kujyana inkuru nziza mu bandi (Mat.28.19-20). **Baboneka bafite ubwiza bavuga iby'urupfu rwe, urwo agiye kuzapfira i Yerusalemu** (31): Yesu n'abigishwa be nyuma yo kuboneka kwa Eliya na Mose bamanutse umusozi bakomeza umurimo berekeza i Yerusalemu, aho igitambo cyagombaga gutambirwa. Natwe turacyafite umurimo wo kugeza inkuru nziza y'agakiza kuri benshi. **Zirikana:** Dukizwa kubw'izina rya Yesu, uwo Imana yongeyeye guhamya, ikadusaba kumwumvira (35). Indir. 150 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 20 Ukwezi kwa kabiri Luka 9.37-43a Ikib.1**
**Mwigisha ndakwinginze ndebera uyu muhungu wanjye** (38): Abigishwa ba Yesu ntibashoboye kwirukana umudayimoni wari uhanze k'umwana w'umuhungu w'ikinege. Kutabibasha kw'abigishwa kwatumye se w'umwana atakaza ibyiringiro byo gukira kwe. Mu bwihebe bwinshi yinginze Yesu. **Zana hano umuhungu wawe** (41): Yesu akimara gutumiza umwana ngo aze, abadayimoni bamutuye hasi. Bakoze nkuko basanzwe, ntibamenya ko udasanzwe yahageze. Isõko y'ubushobozi bwe yari imaze guhishurwa ku musozi (35). Umwana w'Imana yavuze rimwe gusa dayimoni amuvamo, amusubiza se umwana akize neza**. Bose batangazwa n'igitinyiro cy'Imana** (43): Ibyo Yesu yakoraga byaheshaga abantu agakiza, Imana bikayihesha icyubahiro (Yoh.17.3). Mu gihe dukoze neza twirinde kuba ari twe twigaragaza, ahubwo icyubahiro kijye kiba icy'Imana. Indir.90 Gushimisha

**Kuwa gatandatu 21 Ukwezi kwa kabiri Luka 9.43b-50 Ikib.1,2**
**Umwana w'umuntu agiye kuzagambanirwa** (44): Mu gihe abari aho bari bagitangajwe n'igitinyiro cy'Imana kubera ibyo Yesu amaze gukora, yakomerejeho abwira abigishwa be ibigiye kumubaho. Kwari ukugira ngo batava aho bibwira ko ari Mesiya uje kubakiza uburetwa bw'Abaroma. Yabateguriraga kumenya ko ibyo byose biri mu mugambi mugari w'agakiza kazasohora nyuma y'uko aba igitambo ku musaraba. **Bajya impaka z'umukuru wabo uwo ari we** (46): Abigishwa ba Yesu bari bamaze kubona ko Yesu adasanzwe. Batangiye kwibaza ku myanya y'icyubahiro bazabona. Yesu yongeye kubereka ko iby'ijuru bihabanye n'iby'isi. Yifashishije urugero rw'umwana muto, ababwira ko uworoheje inyuma y'abandi bose ari we mukuru (48). Ibi Yesu yabitanzemo urugero. Yesu yaje mu isi afite akamero k'umugaragu (Fil.2.6-8). **Ikibazo:** Ese mu nshingano yaguhaye ugaragara ute? Indir. 435 Gushimisha

**Ku cyumweru 22 Ukwezi kwa kabiri Luka 9.51-62 Ikib.1**
**Umwana w'umuntu ataje kurimbura abantu, ahubwo yaje kubakiza** (55): Inzira iva i Galilaya ijya i Yerusalemu yanyuraga i Samariya, kandi hari urugendo rw'iminsi itatu rw'amaguru. Ubwanzi karande bwari hagati y'Abayuda n'Abasamariya bwatumaga banga gucumbikira Abayuda berekezaga i Yerusalemu. Yakobo na Yohana bari bazwi nk'abana b'inkuba (Mar.3.17). Umwuka ubarimo ni umwuka wo kurimbura no guhutiraho, utandukanye n'umwuka w'imbabazi no kwihangana wari muri Yesu (54-55). Imana yaduhaye ubushobozi n'uburenganzira bwo guhitamo icyo dukora hagati y'icyiza n'ikibi. **Genda ubwirize abantu iby'ubwami bw'Imana** (60): Ku bemeye gukurikira Yesu hari ibintu by'ingenzi bakwiriye kumenya: 1. Nta nyungu n'ubutunzi biri mu by'isi barambirijeho (58). 2. Nta kubanza gukemura ibibazo by'umuryango kuko umurimo w'Umwami urihutirwa (1Sam.21.9); 3. Gukora umurimo w'Imana ni ukumaramaza, ubutumwa bwiza bukakurutira ibindi byose (62). **Ikibazo:** Ese mu mibereho yacu, ibyo Yesu ashyira imbere, ni byo natwe duha umwanya wa mbere? (2Tim.4.1-5). Indir. 28 Agakiza.

**Kuwa mbere 23 Ukwezi kwa kabiri Luka 10.1-16 Ikib.4**
**Ibisarurwa ni byinshi ariko abasaruzi ni bake** (2): Yesu yari ababajwe n'abantu barimbuka. Yohereje umubare munini w'abavugabutumwa 70 mu midugudu yose, ngo batangaze inkuru nziza y'agakiza. Bagombaga kugenda ari abahamya babiri ngo ibyo bavuga bifatwe nk'ukuri (Yoh.8.17). Ntibagombaga gutwara imitwaro ibabuza kwihuta, kandi ntibagombaga guta igihe mu mayira baramukanya, kuko ubutumwa bari bafite bwihutirwa cyane (4). **Ubwami bw'Imana burabegereye** (9): Yesu yahaye abigishwa be ubutware kandi abaha inshingano ebyiri: Gukiza abarwayi, no kubwira abo bazabwiriza ko Ubwami bw'Imana bubegereye. Ese tubabazwa n'abarimbuka ku buryo bidutera gukorana umwete ngo bakizwe? **Icyifuzo:**

Dusabe Imana ihagurutse abantu benshi bemera kujya mu murimo wayo w'ivugabutumwa. Indir. 406 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 24 Ukwezi kwa kabiri Luka 10.17-24 Ikib.1,2**

**Mwishimire yuko amazina yanyu yanditse mu ijuru** (20): Abigisha bavuye mu butumwa bishimiye ko abadayimoni babumvira mu izina rya Yesu (17). Yesu yari yabohereje abahaye ubutware n'ubushobozi buri hejuru y'ubwa Satani (19). Ibyishimo bari bafite byari bifite ishingiro, ariko yababwiye ko igikwiriye kubashimisha kuruta ibindi byose ari uko bahawe agakiza (20). Imana irabazi, banditswe mu igitabo cy'ubugingo, ni abana b'Imana (Rom.8.16-17). **Muri uwo mwanya Yesu yishimira cyane mu Mwuka Wera** (21): Yesu na we yari afite impamvu yo kwishima: 1. Iri vugabutumwa ryamwibukije ko hari igihe Satani azatsindwa burundu (Ibyah.20.8-10). 2. Yanejejwe n'uko muri we Imana yihishuriye abantu, ikagaragaza umugambi wayo w'agakiza (22); 3. Imana yihishuriye aboroheje ihitamo kubakoresha ibihambaye. Imana ihinduye amateka y'isi, amatwi yabo ariyumvira ubutumwa bwiza, amaso yabo arabona ibitangaza bikorwa na Mesiya ubwe. **Gusenga:** Mana Data, hwejesha amaso yacu, turebe ibitangaza byo mu mategeko yawe (Zab.119.18).

**Kuwa gatatu 25 Ukwezi kwa kabiri Luka 10.25-42 Ikib.3,4**

**Harya mugenzi wanjye ni nde?** (29): Uyu mwigishamategeko yari inzobere mu byanditswe byera byamugeza ku bugingo buhoraho (27,28). Ikibazo yari afite ni ugushyira mu bikorwa ibyo yari azi, akabyigisha n'abandi. Aho kwemera intege nke ze ngo asabe Yesu amufashe, ashatse kwikura mu isoni, yerekana ko itegeko ridasobanutse. Urugero Yesu yamuhaye rw'Umusamariya mwiza, harimo inyigisho ebyiri twakuramo: 1. Umutambyi n'Umulewi bitwa ko bakorera Imana, bikomereje urugendo batitaye ku muntu wakomeretse. 2. Umusamariya, Abayuda bangaga, bakamunena, ni we wagize ineza. Kubw'ibyo, mugenzi wanjye ni nde ni umuntu wese. Niba muhuye afite ibibazo, mugirire neza utarebye ku kintu icyo ari cyo cyose. **Mariya ahisemo umugabane mwiza atazakwa (**42): Yesu ntarwanya imirimo yo mu rugo no kwakira abashyitsi. Ahubwo arashimangira amahitamo afite umumaro mu buzima kuruta ayandi: Kumva Ijambo ry'Imana no kurishyira mu bikorwa. **Gusenga :** Mwami Yesu, unshoboze guhitamo neza ibyo wishimira abe ari byo mpa umwanya wa mbere.

**Kuwa kane 26 Ukwezi kwa kabiri Luka 11.1-4 Ikib.4**

**Databuja twigishe gusenga** (1): Abigishwa ba Yesu bamusabye kubigisha gusenga, Yesu abereka isengesho rigaragaza ibintu bikuru bikwiye kwitabwaho mu isengesho ry'umukristo: Hari inyungu bwite z'Imana; hakabaho n'ibyifuzo byacu by'ibintu nkenerwa muby'umubiri no muby'umwuka. Mu nyungu bwite z'Imana harimo ibyifuzo bikurikira: 1. Izina ryawe ryubahwe

(2b): twatura izina ry'Imana kuko ari umubyeyi wacu bwite udukunda. 2. Ubwami bwawe buze (2c): dusaba ko ubwami bw'Imana butaba amagambo ahubwo buba ukuri kugaragara. Hanyuma tugakurikizaho ibyifuzo byacu by'ibintu nkenerwa by'umubiri n'iby'umwuka. 3. Uko bukeye ujye uduha ibyokurya byacu by'uwo munsi (3). Tugaragaza ko ubuzima ari bwiza kandi ko ibintu nkenerwa by'umubiri dukwiye kubihabwa. 4. Utubabarire ibyaha byacu (4a): Yesu ntabwo ashaka kuvuga ko imbabazi z'Imana ziterwa n'uko tubabarira. Aremeza gusa ko ushaka kwiga gusenga azababarira abanzi be. 5. Ntuduhane mu bitwoshya (4b): Umwami wacu arashaka kutuburira ngo tutibwira ko turi intungane. Hatabayeho gutabarwa n'Imana, twese twagwa mu bishuko. **Gusenga:** Mana twigishe gusenga. Indir. 188 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 27 Ukwezi kwa kabiri Luka 11.5-13 Ikib.1. Ariko kuko amutitirije biramubyutsa amuhe ibyo ashaka byose** (8): Yesu yerekanye ko gusenga ari ukubishyiraho umwete nturambirwe. Bisaba kwihangana no gutinyuka. Umwitozo wo kwihangana udufasha cyane guhinduka mu mutima n'ibitekerezo. Bidufasha kandi gutuma agaciro k'ibyo dukeneye karushaho gusobanuka. Ubunebwe, kudasenga no gusenga nabi bishobora gutuma hari ibyo duhomba, kandi Imana yarabitugeneye. **None se ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri babi...**? (13)**:** Ababyeyi bacu ntabwo ari shyashya ariko bamenya gushakira abana babo ibyiza. Data wo mu ijuru we urukundo adukunda rusumba cyane urw'ababyeyi bacu. Abana be rero azabakorera ibirengeje kure kuba byiza (Yoh.15.26-27). **Gushima**: Mwami Mana, ndagushimira ko wangiriye imbabazi, ukangira umwana wawe, none ubu ukaba umpa ibinkwiriye. Indir. 10 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 28 Ukwezi kwa kabiri Luka 11.14-26 Ikib.1 Dayimoni amaze kuva mu kiragi kiravuga, abantu baratangara** (14): Igitangaza Yesu yakoze cyakuruye impaka. Inshuti za Yesu zatangariye gukira k'uyu muntu wari waraheranywe n'ubwami bw'umwijima. Abanzi be bo ntibahakanaga igitangaza. Icyo batemeraga ni uko Yesu akoreshwa n'Imana. Nyamara uwari ufite uburwayi bwo kutavuga yari ikimenyetso gihagije. Imbaraga za Satani zamubujije kuvuga, none Yesu we amukuye muri ubwo bubata. Ibyo byari bihagije kugira ngo bamenye ko ari Umucyo wirukana umwijima. **Uwo tutabana ni umwanzi wanjye** (23): Mu rugamba rwo kurwanya Satani, iyo umuntu atari mu ruhande rwe aba ari murw'Imana. Ntibishoboka kuba hagati ya byombi (Mat.6.24). Imana ishimwe kuko yanesheje Satani, kuba mu ruhande rw'Imana bikaba biduha kunesha. **Zirikana:** Ntabwo bihagije gusenyera Satani ngo turekere aho, ahubwo dusabe no kuzuzwa Umwuka Wera, bityo Satani nashaka kugaruka abure icyicaro muri twe (24). Indir.99 Agakiza.

**Ku cyumweru 1 Ukwezi kwa gatatu Luka 11.27-36 Ikib.3,4**
**Hahirwa abumva Ijambo ry'Imana bakaryitondera** (28): Nyuma yo kwirukana abadayimoni bateraga uburagi mu muntu, abantu bakomeje kuvuga ko Yesu akoreshwa na Belizebuli bituma hari abatamwizera. Kugira ngo bamwizere ngo bakeneye ikimenyetso kivuye mu kirere (Mat.16.1-4). Ikimenyetso cya Yona, ni urupfu no kuzuka bya Yesu Kristo. Icyo ni cyo kimenyetso kiruta ibindi. Mose na Eliya, Abafalisayo bizeraga ko bakoreshejwe ibikomeye, nta n'umwe wapfuye ngo azuke. Yesu yibukije ko ab'i Ninewe n'umugabekazi w'Ikusi bose bizeye ijambo bidasabye ibitangaza. Uyu munsi hari ubutumwa buyobya bwigisha Yesu ukora ibitangaza, ariko udahindura ubuzima bw'abantu. Uwo si Yesu ahubwo ni undi, kuko Ijambo rya Yesu ryuzuyemo ibyo dukeneye byose (Mat.6.33)**. Ntawukongeza itabaza ngo arishyire mu mwobo cyangwa munsi y'intonga** (33): Uwo ijambo ryagezemo amurikira abandi kuko azi inzira. Ijambo ni Yesu, ni we mucyo w'isi. Kuba muri we bituma tureba neza kuko hari ibyo tubona abandi batareba. Indir.8 Gushimisha

**Kuwa mbere 2 Ukwezi kwa gatatu Luka 11.37-54 Ikib.1,6**
**Umufarisayo abibonye aratangara kuko atabanje kujabika intoki** (38): Umuhango wo kujabika intoki mbere yo kurya, wari ugamije kugaragaza ko umuntu yiyejejeho ibyo yaba yahuye na byo, cyangwa yakozeho bitejejwe bikamwanduza. Byari byarahindutse umuhango, nyamara ubuzima bwabo bw'imbere bwaramunzwe (39). Iby'aba bafarisayo Yesu yabibabwiye adaciye ku ruhande: 1) Batanga icya cumi kuri byose ariko ntibakunde Imana. 2) Bakunda icyubahiro cyabo kuruta icy'Imana. 3) Bikoreza abantu imitwaro bo badashobora. 4) Bica abahanuzi ndetse bagashima n'ababishe. 5) Babujije abantu kwinjira nabo ntibinjira. Ese imihango yose dukora muri iyi minsi ni ko iba igaragaza imitima ihindutse? Yesu ni we rugero rwiza umuntu yigiraho, kuko arabanza agakiza imbere hagasohoka imbuto z'Umwuka ziryohera abadakijijwe. **Icyifuzo:** Sengera abakristo b'iki gihe, kugira ngo bahishurirwe abo babana bishushanya, maze Umwuka Wera abarinde kwanduzwa n'ingeso zabo mbi (Rom. 12.2). Indir. 424 Gushimisha

**Kuwa Kabiri 3 Ukwezi kwa gatatu Zaburi 109.1-31 Ikib.3**
**Bangotesheje amagambo y'urwango, bandwanije nta mpamvu** (3): Dawidi ntatubwira abamuvuze abo ari bo, ariko abamwanze ntibabuze. Yaba yaravuzwe na Sawuli (1Sam.22.7-8), Abusalomu (2Sam.15.1-6), Shimeyi (2 Sam.16:7-8), n'abandi. Gusa we avuga ko yabyitwayemo neza, kuko yahisemo gusenga. Umwami wacu Yesu na we adusaba gukunda no gusengera abanzi bacu (Luka 6.27-28). Petero we adusaba kutitura umuntu inabi yatugiriye (1Pet.3.9). Mbese ujya ugira umwete wo gusengera abakwanga bakakuvuga nabi, cyangwa abakubeshyera? **Uwiteka Mana yanjye, untabare, unkize nk'uko imbabazi zawe ziri** (26): Dawidi aratabaza

yiringiye imbabazi z'Uwiteka. Ni muri izo mbabazi z'Imana natwe twizereye gukizwa no kubaturwa mu byaha, tukaberaho ubugingo buhoraho (Luka 23.34a). Nubwo umurezi wacu Satani ahora aturega ku Mana, umucunguzi wacu Yesu we yicaye iburyo bw'Imana adusabira imbabazi. **Zirikana**: Kimwe mu byazanye Yesu mu isi ni ukumenyesha abantu umwaka w'imbabazi z'Imana yacu (Luka 4.18-19). Indir. 334 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 4 Ukwezi kwa gatatu Zaburi 110.1-7 Ikib.4**
**Icara iburyo bwanjye, ugeze aho nzashyirira abanzi bawe munsi y'ibirenge byawe** (1b): Gushyira abanzi batsinzwe munsi y'ibirenge no kubakandagira ku majosi wari umugenzo umenyerewe muri Isirayeli (Yos.10.24). Umwami Yesu Kristo ni we uvugwa na Dawidi. Ni we uzima Ingoma izageza aho abanzi be bose bazajya munsi y'ibirenge bye (1Kor.15.25). Pawulo we avuga ko twebwe abizera tuzimana na Yesu iyo ngoma itazahanguka (2Tim.2.12). Urahirwa niba uhora wiyeza kugira ngo uzabe muri ubwo bwami, aho tutazasanga ibyaha n'ibyago. **Uri Umutambyi iteka ryose mu buryo bwa Melikisedeki** (4b): Umutambyi Melikisedeki aboneka bwa mbere mu gitabo cy'Itangiriro nk'umwami kandi nk'umutambyi (Itang.14.18). Urwandiko rw'Abaheburayo rwo ruvuga ko Melikisedeki uwo atagira itangiriro n'iherezo, akaba Umwami w'amahoro (Heb.7.1-3). Yesu ni we mutambyi Mukuru uzahoraho mu buryo bwa Melikisedeki (Heb.6.20). Abizera Yesu twese yatugize abatambyi (1Pet.2.9). **Ikibazo:** Mbese ujya utekereza ku byo Yesu yagukoreye n'agaciro ufite muri we, maze bikagutera kwamamaza ishimwe rye? Indir. 28 Gushimisha.

**Kuwa kane 5 Ukwezi kwa gatatu Yeremiya 30.1-24 Ikib.5**
**Dore igihe kizaza, nzagarura abantu banjye** (3): Uwiteka arongera kwizeza Abisirayeli n'Abayuda ko azagarura abajyanywe mu bunyage i Babuloni, akabatuza mu gihugu cy'abakurambere babo nk'uko byari bimeze mbere (30.1-3). Nubwo banyuze mu bihe by'umubabaro, agahinda no gukozwa isoni, Imana ntabwo yabataye. Ahubwo irabasezeranya ko umunsi wabo wo gutabarwa uzaza maze bakabohorwa. **Abanyamahanga ntibazamugira ikiretwa ukundi** (8): Nubwo aba bantu bari barageze kure, Imana irongeye iritamurura. Kwimura Imana, gushinga ijosi no kutumvira imiburo y'Imana bizana akaga. Ariko nubwo Imana irakara ikanahana, igira n'ibambe ryinshi kandi ibabarira abayihindukiriye bose bihannye by'ukuri. **Icyifuzo:** Dusabe Imana kuduha umutima uca bugufi kandi wihana, no kudaheranwa n'agahinda k'ibibazo twaba turimo, kuko Imana yacu ni Umutabazi uturengera.

**Kuwa gatanu 6 Ukwezi kwa gatatu Yeremiya 31.1-22 Ikib.5**
**Nzongera kukubaka nawe uzaba wubakitse…** (4): Nubwo abantu bari baragomeye Imana ikabateza ibihano bikomeye, urukundo rwayo n'imbabazi biracyahari. Ndetse umugambi Imana ifite ku bantu bayo urakomeje.

Hategerejwe gusa ko bisubiraho bagahindukira, bagahinduka. Imana irongera kwibutsa ko urukundo n'imigambi ibafiteho bitahindutse. Ibibutsa aho yabakuye n'ibyo yabakoreye. Nibamara kuva mu bunyage, Uwiteka azongera abubake kandi babe bubakitse rwose batajegajega. Imbyino z'ibyishimo zizongera kumvikana, abantu bahinge imyaka kandi basarure byinshi (4-6). **Ubugingo bw'abatambyi nzabuhagisha ibibyibushye...** (14): Abatambyi bazahazwa n'Uwiteka, azabaha ibibyibushye. Abana ba Isirayeli bazagaruka mu rugabano rwabo (14,17). Nubwo waba unyura mu bigoranye muri iyi minsi, Imana ntiyakwibagiwe. Gutabarwa kwawe guturutse k'Uwiteka kuri hafi. **Zirikana:** Ntakijya kirogoya umugambi w'Imana cyangwa amasezerano yayo. Indir.160 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 7 Ukwezi kwa gatatu Yeremiya 31.23-40 Ikib.5. Nzasezerana Isezerano rishya** (31): Imana ifashe ikindi cyemezo cyo kugirira neza umuryango wayo. Nubwo isezerano rya mbere baryishe, Imana ntabwo ireka abantu bayo burundu. Isezerano rishya igiye kubaha ntabwo rizaba ryanditse ku mpapuro cyangwa ku mpu z'inyamaswa; ahubwo rizaba ryanditse mu mitima y'abantu. Amategeko y'Imana azashyirwa mu buzima bwabo, mu cyiciro cy'ibyiyumviro byabo ariyo mitima yabo. Abaroheje n'abakomeye bose bazamenya amategeko y'Imana. Uwiteka azababarira gukiranirwa kw'abantu, kandi ibyaha byabo ntazabyibuka ukundi! Aya magambo aratwibutsa ibyo Yobu yavuze ko nubwo igiti cyatemwa, iyo igishyitsi cyacyo cyongeye kubona amazi kirashibuka kikongera kugira amababi y'ibitontome (Yobu 14.7). **Icyifuzo:** Dusabe Imana guhembura abantu bayo, no kwandika amategeko yayo mu mitima yabo, maze kuyagenderemo bitume barushaho kugirana ubucuti nayo. Indir.109 Gushimisha.

**Ku cyumweru 8 Ukwezi kwa gatatu Yeremiya 32.1-25 Ikib.3,5 Igurire uyu murima kuko ni wowe ufite ubutware bwo kuwuzungura** (8): Hanameli mwene se wabo wa Yeremiya yaramusanze amusaba ko yagura umurima we wari muri Anatoti. Muri Isirayeli cyaraziraga kugurisha ubutaka mu buryo bwa burundu, kuko ubutaka Uwiteka yabuhaye imiryango y'Abisirayeli ashyiraho n'amabwiriza agenga igura n'igurishwa. Iyo habagaho impamvu yo kubugurisha bwagurwaga n'uwo mu muryango wa hafi kandi imyaka yo kubucungura yagera buri wese agasubizwa ubutaka bwe (Lewi.25.32-35.). Bwari uburyo Imana yakoresheje ngo irinde ubwoko bwayo ubukene. Yeremiya nubwo yari mu nzu y'imbohe, Hanameli yamuhaye agaciro, yumva ko ari we ufite ubutware bwo kuzungura cyangwa kugura ibyo mu muryango wabo. Hari igihe umuntu wagiye mu nzu y'imbohe tumukuraho amaboko, ndetse na bumwe mu burenganzira bwe tukabumwambura. Ijambo ry'Imana ridusaba kwibuka imbohe nk'ababohanywe na zo (Heb.13.3). **Icyifuzo:** Dusengere abantu bari mu nzu z'imbohe kugira ngo Imana ibahumurize, abakoze ibyaha ibahe umutima wo kwihana.

**Kuwa mbere 9 Ukwezi kwa gatatu Yeremiya 32.26-44 Ikib.5**
**Mbese hari ikinanira?** (27): Imana yashubije Yeremiya. Ishobora byose kandi ibyo ivuga ntabwo biba ari imikino. Nubwo ivuga iti ndi Imana itinda kurakara yuzuyemo no kugira neza kwinshi, ariko uko isohoza amasezerano meza ku bayumvira ni na ko itihanganira abinangira bagakomeza gukora ibibi (30). **Dore ngiye gutanga uyu murwa mu maboko y'Abakaludaya** (28): Imana yakomeje umugambi wayo wo kurekurira Yerusalemu mu maboko y'abanyamahanga, kubera ibizira Abayuda n'Abisirayeli batahwemye gukora, uhereye ku bakomeye ukageza kuri rubanda (32). Abayobozi babaye impumyi zirandase izindi. Ingaruka ni ukugwa mu mwobo (Luka 6.39). Ni yo mpamvu gutwikwa kwa Yerusalemu no kuba imbohe z'Abakaludaya atari akarengane, ahubwo ni ingaruka zo kutumvira. **Kandi nzasezerana nabo isezerano rihoraho yuko ntazabata** (40): Aya masezerano na yo Imana yarayatanze. Nyuma y'ibihano imirima izongera igurwe, n'impapuro z'ubuguzi zandikwe (9-12). Imana irasezeranya ubwoko bwayo imbabazi n'umugisha bazazanirwa no kuyubaha. **Zirikana:** Umurongo wa 41 uwufate mu mutwe.

**Kuwa kabiri 10 Ukwezi kwa gatatu Yeremiya 33.1-11 Ikib.7**
**Ntabaza ndagutabara nkwereke ibikomeye biruhije utamenya** (3): Uyu murongo uzwi n'abantu benshi bawukoresha bahumuriza abafite ibibagoye babibutsa ko dufite Imana itabara. Aya magambo Yeremiya yayabwiwe n'Imana, mu gihe kigoye yarimo afunzwe (32.1-2). Nkuko byabaye kuri Yeremiya, ubwoko bw'Imana bufite inshingano yo guhumuriza abanyura mu bikomeye (Yes.40.1). **Kandi uyu murwa uzambera izina rinezereye, iry'ishimwe n'icyubahiro,..**(9): Imana hari ibyo yiteze ku Bisirayeli: 1. Uyu murwa uzaba izina rinezeza Imana, 2. Uzaba izina ry'ishimwe n'iry'icyubahiro imbere y'amahanga. Ibi byose bizazana impinduka. Amahanga azatinyishwa n'ineza n'amahoro yose Imana izaha ubwoko bwayo. Ese hari ibyo ujya ukora binezeza Imana? **Zirikana:** Umaze kwishyiraho ayo masezerano, bara imigisha Imana yaguhaye, kandi urebe ko nawe wakoze ibyo yari igutegerejeho. Indir. 178 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 11 Ukwezi kwa gatatu Yeremiya 33.12-26 Ikib.5**
**Ntabwo Dawidi azabura uwo kuraga ingoma ya Isirayeli** (17): Nyuma yo gusenyuka k'ubwami bwa Yuda no kujyanwa mu bunyage i Babuloni aho babaye ingaruzawamuheto zishungerwa na bose, Uwiteka azongera kubasubiza agaciro. Azabikora ubwo kuri Dawidi hazashibuka ishami ryo gukiranuka, kandi rizasohoza imanza zitabera no gukiranuka mu gihugu. Iri Shami ryavugwaga ni Yesu Kristo wendaga kuzaza agategekesha ubugwaneza no kwicisha bugufi, akaza ari Umwami w'amahoro (Yes.11.1-5;Luka 4.18-20). Dawidi umugaragu w'Uwiteka azakomezwa kandi intebe

ye y’ubwami ntizabura uyicaraho. Muri ibi bihe tubona imbaraga z’umwijima zigenda zibasira umuryango zigateza amakimbirane akurikirwa na za gatanya. Reka dusenge Imana ijye ihora itwibutsa aya masezerano ko Imana izongera kubaka umuryango n’igihugu, hakamera nko muri Edeni, aho yishimiraga kubana na Adamu na Eva Satani atarabinjirana. **Zirikana:** Ijambo ry’Imana ntabwo rihera, isohoza icyo yasezeranye (14).

**Kuwa kane 12 Ukwezi kwa gatatu Yeremiya 34.1-22 Ikib.4 Dore nzatanga uyu murwa mu maboko y’umwami w’i Babuloni** (2c): Kwinangira k’ubwoko bw’Imana ni ko kuzatuma biriya byose bibageraho. Hari abami bagiye babwirwa amagambo ameze nk’ayabwiwe Sedekiya, bagasaba Imana imbabazi Imana ikababababarira (Yona 3.1-9). Sedekiya we n’abantu be aho kwihana bahisemo gufunga ubatumweho. Reba neza nawe uko wakira ugushyize mu mucyo iyo waguye mu cyaha. **Ariko mwisubiyeho musuzuguza izina ryanjye** (16): Amategeko Mose yasigiye Abisirayeli yavugaga ko buri mwaka wa karindwi, abaja n’abagaragu bagombaga guhabwa umudendezo (Kuva 21.2-6). Sedekiya yabisabye abo yayoboraga bemera kubishyira mu bikorwa, hashize igihe gito barisubira. Ikigeretse kuri ibyo, bakoze imihango yo guca hagati y’inyamaswa yishwe bitavuye k’Uwiteka (19). Basuzuguye Imana bikabije, none ari ibikomangoma, rubanda ndetse n’umwami Imana igiye kubashyira mu maboko y’ababisha babo (20). **Inama:** Reka tujye twihana tumaramaje, kuko gusubira mu byaha hato na hato bigaragara nko gusuzugura Imana, bikadukururira ibyago.

**Kuwa gatanu 13 Ukwezi kwa gatatu Luka 12.1-12 Ikib.1,4. Kuko ari nta cyahishwe kitazatwikururwa** (2): Yesu yihanangirije abigishwa be kwirinda kwinjiranwa n’uburyarya bw’Abafarisayo. Umuntu w’indyarya amera nk’umusemburo. Iyo bakiwuvanga mu bindi ubona ari ibisanzwe ariko mu mwanya muto ibintu bigahinduka (2). Indyarya nayo uko uyibona inyuma si ko iba imeze imbere mu mutima (Mat.15.8-9). Indyarya irangwa no kubeshya, igasohoza rwihishwa imigambi ya Satani se w’ibinyoma (Yoh.8.44). Abagenda batyo bibwira ko ibyabo bitamenyekana, nyamara ibyuzuye umutima burya bisesekara inyuma. **Ntimugatinye abica umubiri hanyuma ikindi ntibagire icyo babatwara** (4): Abantu benshi bahitamo gutinyisha umubiri bakanduza ubugingo, ariko Yesu yibukije abigishwa ko bagomba gutekereza iby’ubugingo cyane, kuko nk’uko Data yita ku bishwi, akamenya umusatsi wacu aba yarateguye uko tuzabaho mu mubiri (Mat. 6.31-33). **Zirikana:** Uzampamiriza imbere y’abantu nanjye nzamuhamiriza imbere y’abamalayika b’Imana (8).

**Kuwa gatandatu 14 Ukwezi kwa gatatu Luka 12.13-21 Ikib.’,6 Mwitonde kandi mwirinde kwifuza kose** (15): Igihe Yesu yigishaga ibyo kwirinda uburyarya no kwita ku by’ubugingo, umuntu umwe muri iryo teraniro

ibitekerezo bye byari ku mitungo agomba kugabana n'umuvandimwe we (13). Yesu yashubije ikibazo cye, aboneraho kubwira abamwumva ko Ubugingo bw'umuntu butava mu bwinshi bw'ibyo atunze (15). **Hariho umukungu wari ufite imirima irumbuka cyane** (16): Yesu yerekanye uburyo ubutunzi budakemura ibibazo byose by'ubu buzima. Kubera ko imirima y'uyu mutunzi irumbuka cyane, yagambiriye kongera ububiko, bwamara kurangira akazabaho adamaraye. Mu byo atunze nta mwanya w'Imana uharangwa, mu gihe ibyo atunze byose ari yo bikomokaho (Zab.49.6-12). Inkuru y'uyu mukire irangira apfuye (Zab.35.12). Ni byiza guteganyiriza izabukuru, ariko kuzirikana ko nyuma y'ubu buzima hariyo ubugingo buhoraho, ni ko guteganya nyakuri. **Icyifuzo:** Sengera abakristo bagwije ubutunzi kwirinda ko bubabera ikigirwamana bukabateranya n'Imana yabubahaye. Indir.115 Gushimisha.

**Ku cyumweru 15 Ukwezi kwa gatatu Luka 12.22-34 Ikib.2,5**
**Ntimukiganyire..**. (22): Abigishwa bari barasize byose bakurikira Yesu, birashoboka ko bari bahangayikishijwe n'uko ejo bazamera. Yesu yabibukije ko Imana igaburira ibikona bidahinga, ikambika ubwatsi bukaberwa. Ibyo byose babirusha agaciro. Ubwihebe no kwiganyira bikingiriza ibyo Imana yakoze mu buzima bwacu, bigacogoza kwizera. Nyamara twahawe isezerano ko umukiranutsi azabeshwaho no kwizera (Heb.10.38). **Ahubwo mushake Ubwami bwe kuko ari ho ibyo muzabyongererwa** (31): Abashyira umutima wabo ku butunzi bw'isi ntabwo bashobora kunyurwa, kuko bahorana ubwoba bwo kutabitakaza, bikabateza ibyaha byinshi. Ariko abahanze amaso ubwami banyurwa n'uko Umwami abagenera ibibakwiriye mu gihe gikwiriye. Yesu ntabwo atubuza gukora. Icyo adusaba ni ukwirinda kuba imbata y'iby'isi, bikatubuza umwanya wa mbere muri we. **Imbuzi:** Ntawe ukorera abami babiri (Mat.6.24). Indir. 68 Agakiza.

**Kuwa mbere 16 Ukwezi kwa gatatu Luka 12.35-48 Ikib.1,6**
**Mumere nk'abantu bategereza shebuja aho agarukira** (36): Yesu yabwiye abigishwa be ko azagaruka nk'umujura, kuko umujura adateguza. Abategereje ingororano bazahabwa na shebuja, hari iby'ingenzi bagomba kwitwararika. Bagomba kuba: 1. Bakenyeye, bari maso kandi biteguye. 2. Amatabaza yabo yaka. 3. Bakora neza umurimo yabasigiye. Ese iyo wisuzumye usanga Yesu nagaruka azasanga witeguye? **Ariko uwo mugaragu niyibwira ati "databuja aratinze"** (45): Yesu atanga ibindi bintu bitatu biranga umugaragu wamaze kumutera umugongo: 1. Gukubita abagaragu n'abaja. 2. Kurya no kunywa, gutwarwa niby'isi ndetse n'irari ry'umubiri. 3. Gusinda, twagereranya no kudamarara. Pawulo yaburiye Timoteyo ko mu minsi ya nyuma abantu batazihanganira kumva inyigisho nzima, kuko batazaba bashaka kubwirwa iby'icyaha no kwihana (2Tim 4.3-4). Kugira ngo tutazayoba, Yesu yavuze ko itabaza ryacu rigomba guhora

ryaka. Ijambo ry'Imana ni ryo tabaza ritumurikira (Zab.119:105). **Ikibazo:** Ese iri jambo rihora rigwiriye muri wowe?

**Kuwa kabiri 17 Ukwezi kwa gatatu Luka 12.49-59 Ikib.3,4**
**Naje kujugunya umuriro mu isi none niba umaze gufatwa ndacyashaka iki kandi?** (49); Umuriro muri Bibiliya usobanura urubanza, ibigeragezo n'Umwuka Wera. Yesu ibi byose yabijugunye mu buzima bw'abamwizera. Mu minsi ye ya nyuma, yibukije abigishwa ibibategereje kubera kumukurikira (Yoh.15.18-21). Kuko abigishwa ba Yesu atari ab'isi, ab'isi bazabanga, nkuko na Yesu bamwanze. Ndetse ab'isi bazageza aho bibwira ko kugirira abigishwa ba Yesu nabi bazaba bakorera Imana. Kwizera Yesu kwa abigishwa bizabatandukanya n'imiryango n'inshuti, kuko bazaba batandukanye kuri byinshi. **Ko muzi kugenzura isi n'ijuru, ni iki kibabuza kugenzura iby'iki gihe?** (56): Yesu yibukije ko nubwo hari ibigeragezo, hari ni urubanza, kandi abamwizeye bagomba guhora biyeza, bategereje uwo munsi (58). Yesu yatwishyuririye imyenda yose aduha umudendezo, ariko hari abawukoresha nabi bakananirwa guhitamo ibitunganye (57). Yesu ubwo azagaruka abameze batyo bazahera hanze hamwe na Satani (Mat.13.40-43). **Inama:** Duharanire guhora twezwa, kugira ngo naza azasange twiteguye.

**Kuwa gatatu 18 Ukwezi kwa gatatu Luka 13.1-17 Ikib.3,4**
**Mbese mugira ngo abo Banyagalilaya bari abanyabyaha kuruta abandi?** (2): Abantu bamwe bagwiriwe n'ibyago igihe bubakaga umunara w'i Silowamu Pilato yubakishaga, kugira ngo yerekane ubuhangage bwe. Mu maso y'Abafarisayo kuba baremeye gukora ako kazi bari abo gucirwaho iteka. Abandi batinyutse kujya mu nzu y'Imana atari abatambyi bicirwa mu rusengero. Aka kari agatsiko k'Abaziloti kavugaga ngo ibitambo bigaruke, ubutegetsi bw'Abaroma buhirikwe. Yesu yifashishije izo nkuru zari zigezweho yibutsa ko abantu bose bakoze ibyaha ntibashyikira ubwiza bw'Imana (Rom.3.23). Inshuro nyinshi duhera mu gucira abandi imanza tukabona ibyaha by'abantu ibyacu tukabyibagirwa, nyamara Yesu aratwibutsa ko natwe nitutihana tuzarimbuka (3). **Amurambikaho ibiganza, muri ako kanya aragororoka,** (13): Biratangaje ko ku munsi w'isabato amatungo yagaburirwaga ariko gukiza umuntu bikitwa kwica isabato! Yesu ni we mwami w'isabato. Ugeze muri we araruhuka (Mat.12.8;28). **Zirikana:** Niba ukiruhijwe n'ibyaha n'imitwaro itandukanye, muri Yesu harimo uburuhukiro bw'iteka yabikiye abamwizera (Heb.4.8-11). Indir.101 Gushimisha.

**Kuwa kane 19 Ukwezi kwa gatatu Luka 13.18-35 Ikib.4,6**
**Mbese ubwami bw'Imana bwagereranywa n'iki?** (18): Imbuto muri Bibiliya igereranywa n'ijambo ry'Imana (Mat.13.23). Umuntu wumvise iryo jambo rikaguma muri we, rigenda rikura kugeza aho ryereye imbuto, abazisoromye bagahindurwa na ryo. Umusemburo ushushanya icyaha n'inyigisho mbi.

Tujye dusaba ubwenge bw'Umwuka Wera, kugira ngo duhishurirwe inyigisho nziza ziduhindura beza imbere ya Data. **Databuja mbese abakizwa ni bake?** (23): Birashoboka ko uyu muntu yumvise Yesu yigisha iby'agakiza agasanga bihabanye n'ibyo bigishwa mu masinagogi. Yesu yamwibukije ko agakiza ari urugendo, kandi ko rusaba guca mu irembo rifunganye. Kuricamo bisaba kugira ibyo urekura. Abanze kurinyuramo baribeshya, bakagira amazina y'uko babatijwe ariko Yesu atabazi. **Icyifuzo**: Sengera abakristo bo muri iki gihe, kugira ngo bitandukanye n'icyaricyo cyose cyazababuza ijuru. Indir.424 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 20 Ukwezi kwa gatatu Luka 14.1-14 Ikib.3,6**
**Amukoraho, aramukiza, aramusezerera** (4): Yesu yatumiwe mu nzu y'umutware w'umunyacyubahiro ku munsi w'isabato. Uyu mutware yari umwe mu bayobozi b'Abafarisayo, kandi na bo bari bararitswe. Mu byari byabazanye harimo akagambane ko kumugusha mu mutego (1). Akihagera, yabonye umurwayi abona ko akwiye gukira, atitaye ko ari ku munsi w'isabato. Yabajije Abafarisayo n'abanditsi b'amategeko ikibazo kimwe kirebana n'amategeko banga kugisubiza (3). Yahise akora ku murwayi arakira. Abafarisayo ku munsi nk'uyu bashoboraga gukiza itungo rihuye n'ikibazo (5). Kuri Yesu, umuntu aruta cyane amatungo n'imihango y'idini. **Kuko umuntu wese wishyira hejuru azacishwa bugufi** (11): Yesu yitegereje uko abantu bicara, akuramo amasomo y'ikinyabupfura abatumiwe bakwiye gutahana. Aratuburira kwirinda kwishyira hejuru, tukaba twakwiyicaza aho batatweretse, bikava aho bidutera ipfunwe iyo baduhagurukije (Imig.25.6.7). **Gusenga:** Mana y'urukundo, mu murimo wawe dukora, uturinde umwuka wo kurobanura ku butoni, byakururira aboroheje tubana kumva basuzuguritse. Indir.363 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 21 Ukwezi kwa gatatu Luka 14.15-24 Ikib.3**
**Hariho umuntu watekesheje ibyokurya byinshi** (16): Mu bantu bari bicaranye na Yesu, hari umuntu wanyuzwe n'inyiturano izahabwa umukire wararitse abakene, ku munsi w'umuzuko (15). Mu mugani Yesu yamuciriye, harimo umuntu wararitse benshi. Igihe cyo kurya kigeze yatumye umugaragu we kubamenyesha, abari bagenewe ibirori bahuza umutima wo kubona impamvu zituma bataza. Imana yohereje umwana wayo Yesu Kristo, ngo aturarikire kuza ku meza ngo dusangire na yo. Igitangaje nuko abari bagenewe ayo mafunguro batiteguye kuza ku meza y'Umwami. Ese ntiwaba nawe ufite urwitwazo rutuma utumva iryo jwi rikurarikira kwitabira ibirori bya Data? **Databuja, icyo utegetse ndagikoze** (22): Imana Yatumye umugaragu gutanga ubutumire bwa kabiri n'ubwa gatatu, buhabwa abakene n'abandi bose ubusanzwe batari bakwiriye kuhagaragara (Luka 7.22). Abo baritabye. Yesu ahora atwibutsa ko hari igihe Imana izasubizayo ubutumire

bwayo ku banze kumvira. Gira vuba winjire umuryango utarakingwa. Indir. 224 Gushimisha

**Ku cyumweru 22 Ukwezi kwa gatatu Luka 14.25-35 Ikib.6**
**Umuntu uza aho ndi ntiyange se na nyina…uwo ntashobora kuba umwigishwa wanjye** (26): Aya magambo Yesu yayavuze mu gihe ubudahemuka mu muryango bwari ingenzi cyane mu Bayuda. Umwana yagiraga igihe gihagije cyo kwitabwaho n'umuryango, akaba ari nta cyasimburaga agaciro k'umuryango. Bityo rero, ijambo «kwanga» Yesu yakoresheje, si urwango nyakuri, ahubwo ni ugushyira ibintu ku rutonde hakurikijwe iby'ingenzi. Kuba umwigishwa wa Yesu bisaba kumushyira ku mwanya wa mbere mu buzima bwacu. **Ariko umunyu iyo ukayutse uryoshywa n'iki?** (34): Umunyu ushobora gutakaza uburyohe bwawo, kandi icyo gihe nta gaciro uba ugifite. Abakristo baguye bakava mu byizerwa na bo niko bamera, batakaza agaciro n'uburyohe bahoranye. Ese imibereho yawe muri Kristo ibereye uburyohe aho uba cyangwa ukorera? **Gusenga:** Mwuka Wera, sanga Abakristo bagenda banamuka buhoro buhoro, ngo basubire ku rufatiro, ejo batazaba amenyo y'abasetsi (30). Indir. 263 Gushimisha.

**Kuwa mbere 23 Ukwezi kwa gatatu Zaburi 111.1-10 Ikib.1**
**Imirimo Uwiteka yakoze irakomeye** (2): Icyo umwanditsi w'iyi Zaburi ashimira Uwiteka ni imirimo ye. Biragaragara ko iyi imirimo yamunyuze ku buryo ayisubiramo inshuro eshanu muri iyi Zaburi y'imirongo icumi gusa (2,3,4,6,7). Ishimwe dushimira Imana yacu si ukwigana abandi. Rishingira cyane ku kwibuka ibyo yadukoreye ubwacu. Kwibuka ntibyongera ishimwe gusa, binadukomereza kwizera no kugira ubutwari bwo guhangana n'ibibazo bishya, twizeye ko iyakoze bya bindi itazabura gukora n'ibindi. Ni yo mpamvu Abisirayeli aho Imana yakoreraga igitangaza bahubakaga igicaniro (Itang.8.20;33.20), bakahashinga ibuye (Yos.4.8,9), cyangwa bakahita izina ry'urwibutso (Itang.22.14; 28.16-19), ngo bajye bahora bibuka imirimo y'Uwiteka. Kwibuka imirimo y'Uwiteka ni byo byabashishije Dawidi gutsinda Goliyati (1Sam.17.37). Igihe cyose yibukaga imirimo itangaza Imana yakoze, yahigaga ko azayishimira mu iteraniro ry'abantu benshi (Zab.63.5-8). **Zirikana:** Nawe Ibuka aho yagutabariye, ufatanye n'abandi kuyizamurira icyubahiro Indir.123 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 24 Ukwezi kwa gatatu Zaburi 112.1-10 Ikib.5**
**Hahirwa uwubaha Uwiteka.** Abahanga bamwe bavuga ko Zaburi y'111 ari impanga na Zaburi y'112. Hari ibintu byinshi zihuje, nko kugira imirongo ingana, ndetse n'imyandikire. Gusa bemeranya ko zitandukaniye kubyo tuzisangamo. Mu gihe Zaburi y'111 itubwira impamvu Imana ari iyo kubahwa, Zaburi y'112 yo itubwira umuntu wubaha Imana uko agomba kuba ameze. Agomba kugendera mu nzira z'Imana kandi akishimira amategeko

yayo. Kuyishimira ni ukugira ijambo ry'Imana muri twe, kandi tukemera ko rituyobora (Kol.3.16). Ni ryo ridushoboza kudakurikiza imigambi y'ababi (Zab.1.1). Niba ari ryo riyobora umutima wawe nawe urahirwa. **Hahirwa ugira imbabazi akaguriza abandi** (5): Iyi Zaburi iradukangurira gukora imirimo yacu neza ariko ntitwibagirwe kwita ku bakene. Muri Isirayeli kwita ku bakene ni ibwiriza buri wese agomba kubahiriza (Guteg.15.7-8). Kwita ku bantu bari mu kaga byari no mu nyigisho z'ibanze z'Umwami wacu Yesu, ndetse ni byo azakoresha mu rubanza rwa nyuma (Mat.25.34-36). **Ikibazo:** Mbese ujya utekereza ko ukwizera kudatandukanye n'imirimo myiza? (Yak.2.18). Indir.193 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 25 Ukwezi kwa gatatu Zaburi 113.1-9 Ikib.4,5**
**Uwiteka ari hejuru y'amahanga yose** (4): Uwahamije ibi yazirikanaga ibyari bimenyerewe mu gihe cye ko ubwami bwaterwaga bukitabaza amahanga. Ibihugu nka Egiputa, Filisitiya, Siriya, Ashuri, Babuloni, byaratinywaga cyangwa se bigatabazwa. Uyu mwanditsi we yibitseho ibanga rikomeye ko imbaraga z'amahanga zifite aho zigarukira, izina ry'Uwiteka rikayasumba kure (3-5). No muri iki gihe hariho imbaraga zitinywa uzifite akubahwa, utazifite agacishwa bugufi. Ariko uwahishuriwe ibanga ry'imbaraga z'Imana, ibyo ntibimukerereza. **Ashyira hejuru umukene amukuye mu icukiro** (7): Yabikoreye Yosefu amukuye muri gereza (Itang.41;37-44), Mose amukuye mu rufunzo (Kuva 2.10), Dawidi amukuye inyuma y'intama (1Sam.16.11-13). Esiteri na Morodekayi bari abasuhuke bahinduka abamikazi n'abatware. Abari incike yabakikije ibibondo (9). Uyu munsi shimira Imana ibyo muziranyeho yagukoreye utatekerezaga ko bishoboka. Indir. 97 Gushimisha.

**Kuwa kane 26 Ukwezi kwa gatatu Zaburi 114.1-8 Ikib.4**
**I Buyuda hahindutse ahera h'Imana, i Bwisiraheli hahindutse ubwami bwayo** (1b): Iyi Zaburi ni imwe mu nziza cyane zivuga imirimo itangaje Uwiteka yakoreye ubwoko bwe. Yosefu ni we wabanje kujya muri Egiputa, hanyuma se na bene se bamusangayo baba imbata z'Abanyegiputa. Imana yaje kubakuzayo ukuboko kwayo (Kuva 3.7-8). Umuhimbyi aradusobanurira uko urugendo rwabo rwagenze kugeza bageze i Kanani. Mose na we yararirimbye bamaze kwambuka inyanja itukura (Kuva 15.1). Mbese wowe hari ubuhamya ufite bwerekana uko ukuboko kw'Imana kwabanye nawe kukagukura mu bubata bw'iyi si? **Yahinduye urutare ikidendezi, yahinduye igitare gikomeye isōko** (8): Uyu muhimbyi arakomeza atubwira uburyo Imana yacu ishobora kurema ibitariho ibikuye mu busa. Ubundi nta kuntu urutare rwakabaye ikidendezi, ariko nta kintu kinanira Imana (Yer. 32. 27). **Inama:** Mwene Data, ibikomeye urimo gucamo, bibwire ko Uwiteka Imana nta kure habaho itakura umuntu. Indir.178 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 27 Ukwezi kwa gatatu Luka 22.1-13 Ikib.3**
**Satani yinjira muri Yuda witwaga Isikariyota** (3): Satani yoheje Yuda kugambanira Yesu kandi yari umwe mu bo yitaga inshuti ze. Hari igihe umuntu akora ibibi akitwaza ko ari Satani wamushutse, akirengagiza uruhare rwe n'ubutware Imana yamuhaye bwo kwanga ikibi no guhitamo icyiza. Umutima nama Imana yaduhaye uduha ubutware ku zindi nyamaswa zose. Abari muri Kristo Yesu bagomba guharanira uwo mwimerere Imana yaduhaye wo guhitamo hagati y'ikibi n'icyiza mu izina rya Yesu (Rom.12.21;Yak.4.7). **Aremera, maze ashaka uburyo yamubagenzereza** (6): Birababaza kubona umuntu agambanirwa na mugenzi we umuri hafi, bagiranye ibihe byiza, babanye kenshi, bakorana, cyangwa banararana. Duharanire kubaka ubumwe kuko icyo dupfana kiruta cyane icyo dupfa (Yoh.17.20-23). **Gusenga**: Mwami Mana, suka Umwuka Wera mu itorero ryawe, kugira ngo abatizera nibabona urukundo ruri muri twe, bibatere kuguhindukirira. Indir.188 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 28 Ukwezi kwa gatatu Luka 22.14-23 Ikib.1,2**
**Uyu ni umubiri wanjye ubatangiwe** (19): Yesu yahaye intumwa ze umugati amaze kuwumanyura, abasaba kuzahora bamwibuka. Yashakaga ko bazahora bibuka igitambo cye, ari ryo shingiro ryo kubabarirwa ibyaha, hamwe n'ubucuti bagiranye, ari na bwo bazakomeza kugenderamo mu mirimo yabo yose. Nubwo agaciro k'igaburo ryera kagiye kagibwaho impaka mu mateka y'itorero, kugeza uyu munsi abakristo turacyarisangira tugamije kwibuka Umwami n'Umukiza wacu Yesu Kristo. Ntitugakerense kugira uruhare mu isangira ryo kwibuka iryo sezerano. **Iki gikombe ni isezerano rishya ryo mu maraso yanjye ava ku bwanyu** (20): Yesu yashyizeho isezerano rishya hagati y'Imana n'abantu bayo. Yagombaga gupfa mu mwanya w'abanyabyaha. Igitambo cya Yesu cyari rimwe gusa, bitandukanye n'ibitambo by'isezerano rya kera byatambwaga igihe cyose (Heb. 9.23-28). **Zirikana:** Nitwizera Yesu akayobora ubuzima bwacu, nta kindi gitambo dusabwa. Indir.120 Gushimisha.

**Ku cyumweru 29 Ukwezi kwa gatatu Luka 22.24-38 Ikib.1,3**
**Maze habyuka impaka muri bo, ngo ni nde muri bo ukwiye gutekerezwa ko ariwe mukuru** (24): Igihe gikomeye mu mateka ya muntu cyari kigiye gusohora, ari cyo gucungurwa kw'abari mu isi. Nyamara abigishwa ba Yesu bo bari bakijya impaka zo kugabana imyanya y'icyubahiro mu bwami! Bihutiye kwihugiraho baharanira inyungu zabo bwite. Ntibahishuriwe ko Yesu ari kwegereza igihe cy'urupfu no kuzuka. Subiza amaso inyuma mu mutima wawe, urebe niba mu mateka yawe imyaka myinshi utarayimaze uhugiye mu nyungu zawe, aho gutegereza ubwami bw'Imana, no guharanira icyubahiro cyayo. Niba uri umukristo ufite aho uyobora uko hangana kose, gira umutima w'ubuhereza, nk'umugaragu cyangwa umuja w'Imana n'abantu bayo.

**Zirikana:** Ariko mwebweho ntimukabe mutyo, ahubwo ukomeye muri mwe abe nk'uworoheje, n'utwara abe nk'uhereza (26). Indir. 371 Gushimisha.

**Kuwa mbere 30 Ukwezi kwa gatatu Luka 22.39-53 Ikib.3,4**

**Nimusenge kugira ngo mutajya mu moshya** (40): Yesu yasabye abigishwa be gusenga kugira ngo batagwa mu bishuko. Yari azi ko agiye kubakurwamo, no gupfa urupfu rubi rwo ku musaraba. Amoshya abigishwa be bari bagiye guhura na yo kurusha ibindi bihe, ni ayo gushidikanya, batekereza ko bashobora kuba barabeshywe. Uwo bari bizeye ko agiye kuba Mesiya maze bakicara ku ntebe z'ubutegetsi, agiye gupfa urw'agashinyaguro. Bari bagiye kandi guhura n'ibigeragezo byo kwiruka bahunga, ndetse no kwihakana Umwami wabo Yesu. Bari bakeneye gusubizwamo ibyiringiro n'imbaraga. Hari ubwo ujya uca mu bikomeye byatuma ugira amoshya yo gushidikanya Imana? Gusenga byirukana ibishuko nk'ibyo kandi bikatwongeramo imbaraga. Yesu yasengaga kenshi, kandi ni we cyitegererezo cyacu. Nawe shaka wa mutima wari muri Kristo Yesu (Fil.2.5), ufate ibihe byo gusenga. **Zirikana:** Imana ntabwo izagutererana (Yes.41.10,12). Indir.174 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 31 Ukwezi kwa gatatu Luka 22.54-71 Ikib.1,6**

**Wa muntu we, icyo uvuze sinzi icyo ari cyo** (60): Reba ukuntu kwihakana Yesu kwa Petero kwagiye gukura kuva ku ntera imwe kujya ku yindi. Yavuze ko atazi Yesu (57); akurikizaho kuvuga ko atari uwo mu bigishwa be (58); ubwa gatatu ahakana avuga ko atazi n'ibyo bavuga ibyo ari byo (60). Burya icyaha kigira uko kigenda gikura, kigakwirakwira iyo tutakihannye ngo kituvire mu buzima. Igihe cyiza cyo kurandura icyaha mu buzima bwacu ni mu ntangiriro kitarakwirakwiza uburozi. **Arasohoka ajya hanze ararira cyane** (62): Nkuko Petero yarize akicuza amaze kumenya uburyo yahemutse, natwe ntidukwiriye kwihagararaho, ahubwo dukwiriye kwibuka ko Yesu akunda gukoresha abemera intege nke zabo no gutsindwa. **Gusenga**: Mwami Yesu, turakwinginze ngo utugirire imbabazi, aho twagendeye mu nzira zose zikwihakana. Indir. 127 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 1 Ukwezi kwa kane Luka 23.1-12 Ikib.3**

**Uyu twamubonye agandisha ubwoko bwacu** (2): Abayobozi b'idini bashyiriye Yesu Pilato. Ni we wenyine wari ufite ububasha bwo gucira urubanza rwo gupfa umunyabyaha. Na bo birinze kumugezaho ibirego bishingiye kw'idini ngo atava aho avuga ko iby'idini yabo bitamureba. Bamushinje ibijyanye na Politiki: Gukangurira abantu kwivumbura ku Baroma, kwanga gutanga umusoro, kwiyita Umwami (2). Ibyo byose Pilato yasanze nta gikwiriye kumwicisha. **Amubaza amagambo menshi ariko ntiyagira icyo amusubiza** (9): Pilato yamenye ko Yesu akomoka i Galilaya, yikuraho uru rubanza arwoherereza Herode. Uyu yahoraga ashaka kureba Yesu ngo amukorere ibitangaza (9.7-9). Igitangaje nuko nta na kimwe yabonye,

yewe n'ibibazo byose yamubajije nta na kimwe yamushubije. Biratangaje ko abantu bafatwaga nk'inkingi mu by'iyobokamana, no kwa Herode urwango n'ishyari byakomeje kuzura imitima yabo (10). **Icyifuzo:** Dusabe Imana itwongerere urukundo, ejo urwango rutazatuma twanga n'uwo tudafiteho ubushobozi. Indir. 112 Gushimisha.

**Kuwa kane 2 Ukwezi kwa kane Luka 23.13-25 Ikib.1,3**
**…Mubambe, mubambe!** (20): Inshuro zigera kuri eshatu, Pilato yahamije ko nta cyaha kicisha yabonye kuri Yesu. Herode na we nta cyo yabonye (14-15,22). Yanababwiye ko ari bukubite Yesu mbere yo kumurekura yibwira ko byacubya ubukana bari bafite (17). Nyamara ntibyabujije Abayuda guhitamo ko barekura Baraba wari umwicanyi ruharwa (18-19), bakabamba Yesu. Amahitamo y'umutima utamurikiwe n'Imana aba ari mabi. **Abohora ...uwo bashakaga, maze atanga Yesu** (25): Pilato na we yahisemo gushyira mu bikorwa icyifuzo cya rubanda. Biragaragara ko iyo Yesu adakatirwa urwo kubambwa, Baraba ni we uba yaragiye ku musaraba. Iyi nkuru itwibutsa ko natwe twari abo gucirwaho iteka, maze rigakurwaho n'urupfu rw'Umwami Yesu ku musaraba (Yes. 53.3-6; Rom.8.1; Ef.2.1-4). **Gusenga:** Mwami Yesu, warabambwe turabamburwa, none uturinde icyatuma dukerensa agakiza katumye uduhuza na Data, ubu tukaba turi abana b'Imana. Indir.154 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 3 Ukwezi kwa kane Luka 23.26-43 Ikib.2,3**
**Data, ubababarire kuko batazi icyo bakora** (34): Ubwinshi bw'imbabazi za Yesu bwagaragaye no mu gihe cy'umubabaro mwinshi ari ku musaraba. Abamushinyaguriraga ntibari bazi ko agiye gupfira ibyaha by'abari mu isi na bo barimo (Yes.53.3-5). Mbese ujya ubabarira abakugiriye nabi n'abakwifurije ibibi? **Uyu munsi turi bubane muri Paradiso** (43): Mu bagome babiri bari babambanywe na Yesu, umwe yahisemo kumutuka (39), naho mugenzi we ahitamo kwihana ibyaha bye no kumwizera. Uyu yahishuriwe ko Yesu atari umuntu usanzwe nk'abandi bari aho. Yamenye ko yari afite ubutware, akaba azabaho na nyuma y'urupfu (40-42). **Zirikana**: Kwizera Yesu Kristo ni urufatiro rutuma duhinduka abana b'Imana, bikaduhesha no kugira umugabane w'abazazukira ubugingo buhoraho (Yoh.1.12, 11.25). Indir. 241 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 4 Ukwezi kwa kane Luka 23.44-56 Ikib.2,3**
**Umwenda ukingiriza Ahera cyane h'urusengero utabukamo kabiri** (45): Umutambyi Mukuru ni we wenyine winjiraga Ahera cyane inshuro imwe mu mwaka, agiye guhongerera ibyaha bye n'iby'Abisirayeli imbere y'Imana (Heb.9.7). Urupfu rwa Yesu Kristo rwahesheje abamwizera bose kuba abatambyi b'ubwami (1 Pet.2.5). Bityo buri wese abasha kwigerera imbere

y'Imana atabanje guca ku wundi muntu (Heb.10.19-22). **Umujyanama wo mu Bayuda, w'umunyangeso nziza kandi ukiranuka** (50): Yosefu yari umwe mu bagize itsinda ry'abayobozi b'Abayuda, nyamara we ntiyifatanije na bagenzi be mu kugambanira Yesu (51). Ahubwo yakoresheje icyubahiro n'ubutunzi bye, afatanije n'aba bagore, bashyingura Yesu mu cyubahiro. **Inama:** Imyitwarire mibi y'abo tubana cyangwa dukorana ntikwiriye kuba urwitwazo rwo kudashyira mu bikorwa amahitamo yacu meza. Ubutunzi bwacu na bwo dukwiriye kubukoresha neza kugira ngo izina rya Yesu rihabwe icyubahiro. Indir. 249 Gushimisha.

**Ku cyumweru 5 Ukwezi kwa kane Luka 24.1-12 Ikib.2,3**
**Ntari hano ahubwo yazutse** (6): Kuzuka kwa Yesu gufite ibihamya: Nta mubiri we basanze mu mva (3), byahamijwe n'abamalayika (5), ndetse byari byarahanuwe no mu byanditswe byera (1 Kor.15.3-4). Kuzuka kwe ni igihamya cy'uko umuzuko w'abapfuye uzabaho, kuko ari ikimenyetso ntakuka cy'uko yanesheje urupfu (Rom.6.9; 1Kor.15.20-23). **Bibuka amagambo ye** (8): Ibyabaye kuri Yesu ntibyatunguranye, kuko ubwe yari yaravuze ibyo kubabazwa kwe, urupfu ndetse n'izuka rye (6-7). Kandi byose ni ko byasohoye. Igitangaje nuko aba bagore bari baribagiwe ko yabibabwiye. Ndetse n'Intumwa nazo zabifashe nk'ibihuha (11). Imana ntibasha kubeshya cyangwa kubeshywa. Ijambo ryose ivuga ni iryo kwizerwa kandi rirasohora. **Ibyo byose babibwira abigishwa** (9): Aba bagore bamaze kwibutswa ijambo rya Yesu, bihutiye gutangaza iyo nkuru. Umuzuko wa Yesu ni inkuru nziza abamwizera badakwiriye kwihererana. **Gusenga**: Mwami Yesu, kuri uyu munsi twibukaho izuka ryawe, ukangurire imitima yacu kwibuka ko turi abahamya b'intsinzi yawe, maze tujye tubihamiriza abandi tunezerewe.

**Kuwa mbere 6 Ukwezi kwa kane Luka 24.13-35 Ikib.3**
**Abasobanurira mu byanditswe byose ibyanditswe kuri we** (27): Aba bigishwa babiri bajyaga Emawusi. Bari mu gahinda, basubira mu byababayeho no mu byabaye kuri Yesu bari barakurikiye. Yesu yabasubije mu Byanditswe. Ibi bigaragaza ko kwizera nyakuri gushingira ku Ijambo ry'Imana (Rom.10.17). Bibiliya yose ivuga cyane kuri Kristo, bityo bidusaba ko tuyisoma buri munsi, kugira ngo tumenye neza ko Yesu ari we Mesiya, uzahesha agakiza abari mu isi yose (Yes.53.10-12). **Imitima yacu yari ikeye ubwo yavuganaga natwe** (32): Yesu yabasanganye umubabaro n'urujijo (17-24) abasigira umunezero. Yesu wazutse ahora atwegereye mu rugendo rwacu, kandi kumumenya no kumwizera biduha amahoro n'ibyiringiro bishya. Ujya wumva amahoro n'ibinezaneza bituruka mu kuba warahishuriwe Kristo wazutse? **Uwo mwanya barahaguruka basubira i Yerusalemu** (33): Abigishwa bamaze kumenya Yesu, bahagurutse vuba na bwangu, basubira

i Yerusalemu ngo babibwire abandi. **Ikibazo:** Ese hari umunsi wahuye na Yesu akakwihishurira bundi bushya, maze ukumva utabyihererana? Indir. 82 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 7 Ukwezi kwa kane Yeremiya 35.1-19 Ikib.3 Ariko barahakana bati "ntituyinywa**"(6): Abarekabu batangiye kuvugwa cyane mu gihe cya Yonadabu mwene Rekabu, ari na we wababujije kunywa vino bo n'abazabakomokaho bose (8). Nyuma y'uko Abanyababuloni batwayeho iminyago bamwe mu Bayuda, bo bimukiye mu Majyepfo i Yerusalemu (11), ariko ntibatandukana n'umurage basigiwe na Yonadabu sekuruza wabo. Akaba ari na yo mpamvu batanzweho urugero rwiza (14). Bumviye umuntu ntibatatira igihango, mu gihe Abayuda bo Imana itahwemye kubahamagarira kuva mu ngeso mbi, aho kumvira bakarushaho kwinangira. Bene Rekabu Imana yarabashimye, ibaha isezerano ko mu muryango wabo hazahora hava umuntu wo kuyikorera (19). Imyitwarire y'Abayuda binangiye imitima yo nta kindi yari ikwiriye usibye ibihano. Kuri uyu munsi abanyarwanda twibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka w'1994, ni byiza ko tuzirikana indangagaciro na kirazira bishishikariza abantu kubana mu mahoro, ari nako twumvira Yesu Kristo wadusigiye itegeko riruta ayandi ryo gukundana (Yoh.15.12).

**Kuwa gatatu 8 Ukwezi kwa kane Yeremiya 36.1-19 Ikib.6. Ahari ab'inzu ya Yuda bazumva ibyago byose......bibatere kugaruka...** (3): Ubu butumwa bwarebaga ab'inzu ya Yuda, bukunda kugarukwaho kenshi mu isezerano rya kera. Ibyago byageze ku Banyegiputa byari bifite intego yo gukangurira Farawo kurekura Abisirayeli bagataha mu gihugu cy'isezerano. Kwinangira kwe kwatumye ibyago bigera ku icumi kandi bitari ngombwa. Uburyo bwonyine bwo guhunga igihano Imana yagenera igihugu cyangwa umuntu ni ukwihana. Kwinangira no gusenga ibigirwamana bituma dutakaza imigisha yose Imana itugenera (Yer.18.9-10). **…Nuko icara, uyadusomere twumve** (15): Ibikomangoma byagize neza gusaba Baruki kubasomera amagambo yavuzwe na Yeremiya. Bakimara kuyumva bagize ubwoba biyemeza kuyageza ku mwami, bizeye ko ahari yakwisubiraho akumvira Imana, maze nayo ikareka ibyago yagombaga kubateza (16). Ubutumwa bwiza bwakoze ku mitima yacu, hari igihe abo tubushyiriye bo bumva nta gishya tuzanye. **Icyifuzo**: Sengera abavugabutumwa bo muri iyi minsi, kugira ngo ubutumwa bavuga butume abanyabyaha bareka inzira zabo mbi.

**Kuwa kane 9 Ukwezi kwa kane Yeremiya 36.20-32 Ikib.3,6 Maze Yehudi awusomera umwami n'ibikomangoma byose** (21b): Uyu Yehudi ni we ibikomangoma byatumye kuri Baruki bakimara kumva ko yasomeye rubanda umuzingo (14). Yabaye intumwa nziza akora ibyo yagombaga gukora mu gihe cye, ariko umwami atesha agaciro ubutumwa

bwagombaga gukiza rubanda (23). Ubuyobozi bubi igihe cyose buteza akaga abaturage, kandi na bo imyitwarire yabo mibi igatuma basoza nabi urugendo rwabo. N'uyu munsi ibibera ku isi dutuyeho birabigaragaza. **Ongera wende undi muzingo** (28a): Kubw'urukundo Imana ikunda abantu idashaka ko barimbuka, yongeye gutanga andi mahirwe ngo ahari umwami yakwisubiraho, ariko ntacyo byatanze. Mwene Data, nuhabwa amahirwe yo kwiyunga n'Imana ntukayapfushe ubusa. Hari igihe aba atazagaruka. **Icyifuzo**: Sengera abayobozi kugira ngo baharanire iteka icyatuma abo bayobora babaho bafite umutekano. Indir.423 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 10 Ukwezi kwa kane Yeremiya 37.1-21 Ikib.3,6 Udusabire ku Uwiteka Imana yacu** (3): Mu gihe umurwa wari wagoswe n'Abanyababuloni, Sedekiya yohereje abantu ku muhanuzi Yeremiya. Yifuzaga ko Yeremiya abasabira k'Uwiteka. Ikibabaje ntibitaye kubyo yababwiraga. Ubuhanuzi bwe bwabasabaga kwitandukanya n'Abanyegiputa ariko bakomeza kwinangira, bituma umurwa wabo uhanurirwa kuzatwikwa (8). **Ibikomangoma birakarira Yeremiya biramukubita, bimugira imbohe**... (15): Mu gihe yigiraga iwabo mu gihugu cya Benyamini ngo ajye kuruhukirayo itotezwa yakorerwaga, umutware w'abarinzi Iriya nta gahenge yamuhaye (13). Yarakubiswe, ubuzima bwe bukomereza muri gereza kwa Yonatani umwanditsi. Nyuma yo kuganira na Sedekiya mu ibanga akamubwiza ukuri kose kw'icyo Imana ivuga, Sedekiya yamukuje muri utwo twumba, amushyira mu rugo rw'inzu y'imbohe, anamugenera ifunguro (16). **Zirikana:** Yeremiya atubera urugero rwiza rwo gukomera k'ucyo ijambo ry'Imana rivuga, nubwo abadukikije baba baduhatira kuvuga ibitandukanye naryo. Mu bihe nk'ibyo Yesu yasezeranye ko azabana natwe (Mat.5.11-12).

**Kuwa gatandatu 11 Ukwezi kwa kane Yeremiya 38.1-13 Ikib.3,5 Uzaguma muri uyu murwa azicishwa inkota n'inzara n'icyorezo** (2): Ubuhanuzi bwa Yeremiya bwari busobanutse, kandi bwashoboraga gukiza Umwami na rubanda iyo baza kubwumvira. Ariko kuko bwari bunyuranye n'ibyo bashakaga, bitwaje ko ari guca ingabo intege, Sedekiya aramutanga bamujugunya mu rwobo (5). Umuyobozi mwiza aharanira ukuri, agaca akarengane (Kuva23.1-2). Ikindi nta muntu ukwiye kujya mu ruhande rubi yitwaje ko abandi ari rwo bahagazemo. "**Mwami Nyagasani, abo bantu bakoze nabi ku byo bakoreye umuhanuzi Yeremiya byose** (8): Ebedimeleki w'umunyamahanga yagiriye impuhwe umuhanuzi Yeremiya, agira ubutwari bwo kumuvuganira ku mwami, agaya n'abamugiriye nabi. (7-10). Ubuvugizi bwe bwatanze umusaruro, Yeremiya ararokorwa ntiyapfira mu rwobo. **Zirikana:** Hahirwa abanyembabazi kuko ari bo bazazigirirwa (Mat.5.7). Indir. 20 Gushimisha.

**Ku cyumweru 12 Ukwezi kwa kane Yeremiya 38.14-28 Ikib.6**
**Ajyana umuhanuzi Yeremiya bihererana mu muryango wa gatatu w'inzu y'Uwiteka** (14b): Iki cyari ikiganiro cye cya nyuma Yeremiya yagiranye n'umwami Sedekiya. Yeremiya yakomeje kumubwira adaciye ku ruhande ko gukira kwe biri mu kumanikira amaboko Abakaludaya, kuko ni byo byari mu mugambi w'Imana (17). Ariko Sedekiya yakomeje kwihagararaho atinya ko byamugiraho ingaruka (19). Nyamara ntabwo biba bikwiriye ko tujya mu ruhande rw'amarangamutima yacu n'ayo abadukikije, ngo twirengagize ubushake bw'Imana (Ibyak.5.29). **Kandi uyu murwa uzatwikwa ari wowe uzize** (23): Kutumvira kwa Sedekiya byagombaga gushyira abaturage mu kaga barimo n'abagore be, kuko iyo umwami yaneshwaga abagore bo mu gihugu ayobora batwarwaga n'umwami watsinze (2Sam.16.21-22), ndetse n'umurwa ugatwikwa (23). **Icyifuzo:** Sengera abayobozi b'ibihugu kugira ngo bajye birinda gufata ibyemezo bishyira abaturage mu kaga. Indir. 139 Gushimisha.

**Kuwa mbere 13 Ukwezi kwa kane Yeremiya 39.1-18 Ikib.6**
**Ariko ingabo z'Abakaludaya zirabakurikira zifatira Sedekiya mu bibaya by'i Yeriko** (5): Ibyo Yeremiya yahanuriye Sedekiya byose byarasohoye. Abana be biciwe mu maso ye (2 Abami 25.7); Sedekiya aboheshwa iminyururu ajyanwa i Babuloni, bigeza ubwo yaje kunogorwamo amaso (7). Hari umutwe w'abaririmbyi wahimbye indirimbo ivuga ngo "Iyo mbimenya". Tujye dusaba Imana idushoboze gufata ibyemezo bikiza ubugingo bwacu mbere yo guhura n'ingaruka zo kutumvira. **Umujyane, umumenye ntugire icyo umutwara** (12): Guhagarara mu bushake bw'Imana mu gihe kitoroshye byakijije Yeremiya yitabwaho. Si we wenyine, kuko na Ebedimeleki Umunyetiyopiya yaje kwiturwa ibyiza (16-18). Ntugacogore gukora Ibyiza kuko ibyo dukora byiza byose birazirikanwa (Yobu 34.11). **Zirikana:** Twaba tukiri muri iyi si cyangwa twarayivuyemo, ingororano Imana yatuvuzeho igihe kiragera tukazihabwa.

**Kuwa kabiri 14 Ukwezi kwa kane Yeremiya 40.1-16 Ikib.3**
**Uyu munsi ndakubohora** (4): Nebuzaradani yahitishijemo Yeremiya kujyana na we i Babuloni akazamugirira neza, cyangwa se gusigara i Yerusalemu. Ukurikije uko ibintu byari bimeze, i Babuloni Yeremiya yari kujyayo agafatwa neza kuruta gusubira i Buyuda, kuko ho hari hamaze gusenywa n'abasigayeyo bakaba bari abanyantege nke (4). Yeremiya yaratunguranye, ahitamo kugumana n'abantu bakomeretse mu mitima. Nubwo ibyo yahanuye byari bisohoye, yari azi ko umurimo we utarangiye. Aya mahitamo atwibutsa ibyabaye kuri Aburahamu ubwo yemereraga Loti guhitamo aho yerekeza mu gihe bashakaga aho kuragira amatungo yabo (Itang.13.9). Loti yahisemo aho yabona ari heza kuruta aho Aburahamu yaraherereye, nyamara ibyago yahaboneye ntibihwanye n'imigisha Aburahamu yaboneye aho yerekeje.

N'uyu munsi uburenganzira bwo guhitamo biri mu biganza byacu. Nta mugisha twakura mu kubaho igihe gito twinezeza tukazabura ijuru. Ahubwo ikiruta ibindi nuko twababazwa dukiranukira Imana tukazabaho iteka mu bwami bwo mu ijuru (Heb.11.24-27).

**Kuwa gatatu 15 Ukwezi kwa kane Yeremiya 41.1-18 Ikib.3 Elishama w'igikomangoma, kandi umutware ukomeye mu batware b'umwami** (1): Mu gihe abandi baturage ndetse n'abatware b'ingabo zatsinzwe bagiye bava mu buhungiro bakayoboka Gedaliya, Ishimayeli umwuzukuru wa Elishama mwene Dawidi (1Ngoma 14.17), yatahukanye ishyari ritewe no kuba atari we wasimbuye mwene wabo Sedekiya ku ngoma, ahubwo ubuyobozi bukaba bwarahawe Gedaliya ashinja gukorana bya hafi n'Abakaludaya. Ishimayeli hamwe n'ingabo ze bahitanye Gedaliya, Abayuda ndetse n'ingabo z'Abakaludaya bari kumwe na we. Tujye dusabira abayobozi kugisha inama Imana, bityo amahoro aganze mu batuye isi. **Nuko abantu bose bari kumwe na Ishimayeli, babonye Yohanani barishima:** Yohanani yaburiye Gedaliya ntiyamwumva, biza kuvamo urupfu rw'abantu benshi, ariko ntiyacika intege. Hamwe n'ingabo bari kumwe, batabaye abo Ishimayeli yashyize ku ngoyi, intsinzi ituma basubizwa umudendezo (11-12). Ujye uhora witeguye kugira ngo Imana nikenera kugukoresha izasange witeguye. (Ef.6.10-12).

**Kuwa kane 16 Ukwezi kwa kane Yeremiya 42.1-22 Ikib.3,6 Udusabire...kugira ngo Uwiteka atwereke inzira dukwiriye kunyuramo** (2-3): Urupfu rwa Gedaliya n'ingabo z'Abakaludaya rwahagaritse imitima abo Yonatani yakijije Ishimayeli. Byatumye bahunga berekeza muri Egiputa. Hagati aho bibutse ko muri bo hari umuhanuzi, maze basanga Yeremiya ngo ababarize Uwiteka aho bakwiye guhungira. Basezeranye ko bazumvira ibyo Uwiteka azabatumaho (5-6). **Nuko hashize iminsi icumi** (7): Yeremiya yamaze iminsi icumi asenga, ategereje ijambo riva ku Uwiteka. Birashoboka ko abamutumye bamushyizeho igitutu, ari na ko bategura urugendo. Mu gihe cyo gusenga, tujye twirinda guhangana n'Imana, ahubwo dutegereze twizeye ko itubwira (Habak.2.1-3). **Nimukomeza kuguma muri iki gihugu, ni ho nzabubaka kandi sinzabasenya** (10): Igisubizo Imana yatanze cyaje ari kimwe n'icyo yabatumyeho kuva kera (27.11). Imana yababwiye yeruye ko na bo kutayumvira bizabarimbura (22). **Zirikana:** Imana ifitanye urubanza n'ubwoko bwayo, burimbuwe no kutagira ubwenge (Hos.4.6). Indir.99 Agakiza.

**Kuwa gatanu 17 Ukwezi kwa kane Yeremiya 43.1-13 Ikib.3,6 Nuko bajya mu gihugu cya Egiputa, kuko banze kumvira ijwi ry'Uwiteka** (7): Ibyo Yeremiya yavuze byose biturutse ku Mana byiswe ibinyoma

n'ubugambanyi. Icyakora kugira ngo batiteranya na yo n'umuhanuzi wayo, bahamije Baruki umwanditsi wa Yeremiya, ko ari we wagoretse ubutumwa, hakavugwa ibitandukanye n'ibyo bari bategereje. Yeremiya agomba kuba yarababajwe no kumva ko ubutumwa buvuye ku Mana kandi bugambiriye gukiza bwiswe ibinyoma. **Ngiye gutuma, nzane Nebukadinezari umwami w'i Babuloni** (10): Abayuda bagiye muri Egiputa batwaye Yeremiya ku mbaraga (5-7). Nubwo yari mu mahanga, Imana yakomeje kumutuma, nkuko yatumye Ezekiyeli kub'i Babuloni (Ezek.1.1). Yababwiye ibyo Imana ivuga agira ngo wenda ubu bwoko bwasubiza umutima impembero bukisubiraho, maze Imana ikababakiza bo n'igihugu yari yarabahayeho gakondo (Ezek.33.12). **Gusenga:** Mwami Yesu, uyu munsi ndakwemereye ngo, umpindurire ingeso, ungarure mu rugo rwa Data. Indir. 284 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 18 Ukwezi kwa kane Yeremiya 44.1-14 Ikib.1,6**
**Mwabonye ibyago byose nateje i Yerusalemu n'imidugudu yose y'Ubuyuda** (2): Mu buhungiro Abayuda batuye mu mijyi itandukanye yo muri Egiputa. Aho hose Uwiteka yakomeje kubatumaho abahanuzi, abibutsa ibyago byose baboneye i Yerusalemu bazira ibicumuro byabo. Nta n'umwe muri bo utariboneye ukuntu Yerusalemu yahindutse amatongo. Icyamubabaje kurushaho, ni ukuntu no mu mahanga bagezeyo bakayoboka ibigirwamana byaho (3). Nta kaga nko kujya mu buhungiro, ibyaha byabuguteye ukimukana na byo. **Ni iki gituma mukorera ubugingo bwanyu iki kibi gikomeye…**? (7): Uwiteka yabibukije ko umucumuyeho aba yikururira ibyago (Imig.8.36). Kubera ibibi bakoreye muri Egiputa, bazahinduka ibivume by'urukozasoni n'iciro ry'imigani, kandi bazahashirira badasubiye iwabo (12). **Zirikana**: Umwana w'umuntu arangwa buri gihe no gutinda kwigira ku mateka. Emerera Umwuka Wera akuyobore, ibyo usomye uyu munsi ntibigusige uko byagusanze. Indir.77 Gushimisha.

**Ku cyumweru 19 Ukwezi kwa kane Yeremiya 44.15-30 Ikib.3,6**
**Ntabwo tuzakumvira mu byo watubwiye** (16): Abayuda bahungiye muri Egiputa banze kumvira Yeremiya, bemeza beruye ko bahisemo gukorera imanakazi y'Abanyegiputa, iyo bitaga «umugabekazi wo mu ijuru» (17). Mbere y'ingoma y'Umwami Yosiya, ubu bwoko bwari bwarayobotse iki kigirwamana Ashitaroti (1Sam.7.3;Yer.7.18). Bahamije ko kukiramya byatumaga babona ibyo kurya bihagije, batabona ikibi (17). Nyuma Yosiya abibabujije, babibonyemo impamvu y'ibyago byabagezeho (2Ngoma 34.3-8). Imana iturinde ubuhenebere butugeza aho icyiza tukita ikibi, ikibi tukacyita icyiza (Yes.5.20). **Uwiteka ntiyabasha kongera kwihanganira imirimo yanyu mibi** (22): Ubu bwoko butagonda ijosi, Imana ivuga ko yitandukanije nabwo (26). Bazarimbuka ari bo bizize. Icyakora hagombaga kugira bake bazarokoka, bakazabara inkuru (28). Biragatsindwa gutera Imana umugongo, ukishingikiriza ku munyabubasha n'ibigirwamana bye.

**Icyifuzo**: Sengera abavuye mu byizerwa bitwaje ko insengero zafunzwe, kugira ngo bongere kubona Yesu bundi bushya.

**Kuwa mbere 20 Ukwezi kwa kane Yeremiya 45.1-5 Ikib.5**

**Uku ni ko Uwiteka Imana ya Isirayeli ikubwira Baruki we** (2): Iki gice gito kibanda kuri Baruki umwanditsi w'umwiringirwa, wafatanije ibigeragezo n'imibabaro n'umuhanuzi Yeremiya. Ubuhanuzi bw'Uwiteka yamubwiye akabushyira mu gitabo, Umwami Yehoyakimu yarabutwitse. Yibeshyaga ko ibikubiyemo bikongokeye mu muriro. Yeremiya na Baruki Imana yategetse kongera kwandika amagambo nk'aya mbere. Igihe umurimo n'ubuhamya byawe bibaye ibitagira umumaro, wibuke ko uwo wabikoreraga, nta murimo wamukoreye uzaba impfabusa. **Mbese nawe urishakira ibikomeye? Ntukabishake...** (5): Birashoboka ko Baruki yari afite indoto zo gukomera, ndetse afite imishinga, ariko akurikije ibyo yumva mu buhanuzi akumva bitazashoboka. Imana yahishuriye Baruki ko igiye guteza abantu bose ibyago, kandi ko izarinda ubugingo bwe aho azajya hose. Icyo Imana imutezeho ni ukunezezwa n'uko azabaho. **Zirikana:** Ubugingo bw'abizera, imbere y'Imana burashinganye (Yobu 2.6). Ibyo nubihoza ku mutima, bizakurinda mu gihe cy'amakuba.

***INCAMAKE Y'URWANDIKO PAWULO YANDIKIYE TIMOTEYO***

*Mu rugendo rwe rwa mbere rwo kuvuga ubutumwa, Pawulo yanyuze i Lusitira (ubu ni mu gihugu cya Turukiya), ahahurira na Timoteyo, amugeza kuri Yesu. Se yari Umugiriki, nyina na nyirakuru bari Abayudakazi bakundaga Uwiteka. Pawulo ageze i Lusitira ubwa kabiri, yaramutoranije ngo bafatanye kuvuga ubutumwa bwiza (Ibyak.16.1-3). Inzandiko zombi zandikiwe Timoteyo n'urwa Tito zitwa „Inzandiko z'ubwungeri", kuko zerekana uburyo bwo kuyobora amatorero n'imyifatire ikwiriye umukozi w'Imana. Urwandiko rwa 1: Ubwo bajyanaga Pawulo i Roma ari imbohe, bamaze kumurekura yongera guhaguruka ajya kuvuga ubutumwa, asiga Timoteyo ayobora itorero ry'Abefeso (1Tim.1.3). Ubanza yaranditse uru rwandiko ageze i Tirowa, nko mu mwaka wa 64 nyuma yo kuvuka kwa Yesu.* **Urwandiko rwa 2**: *Rwaba rwaranditswe hashize imyaka itatu nyuma y'urwa mbere. Ni rwo rwa nyuma yanditse bataramwica. Luka wenyine ni we bari bakiri kumwe. Cyakora bamwe b'i Roma bajyaga bamusura (4.21). Yandikiye Timoteyo amusaba kumusanga vuba, amuhugura ngo ashikame, naho yagirirwa nabi n'abanzi*

**Kuwa kabiri 21 Ukwezi kwa kane 2 Timoteyo 1.1-18 Ikib.3**

**Ndakwandikiye Timoteyo, umwana wanjye nkunda** (2): Umubano wari hagati ya Pawulo na Timoteyo wari nk'uw'umwana n'umubyeyi (1Tim. 1.2). Amagambo yose Pawulo yanditse muri uru rwandiko afite uburemere bw'amagambo y'umurage. **Imana nkorera …, ni yo nshimira…** (3): Pawulo ashimira Imana ukwizera kutaryarya kuri muri Timoteyo. Uko

kwizera yagukomoye mu burere n'inyigisho akomora ku babyeyi (5). Mbese nk'ababyeyi dukora byose ngo abana bacu tubarage ukwizera kutaryarya? **Nuko ntukagire isoni zo guhamya Umwami wacu, …** (8): Pawulo arahugurira Timoteyo kuba intwari naho byaba ari mu bihe bikomeye. Timoteyo kandi arasabwa gushikama mu nyigisho nzima z'ukuri akazikomeresha ukwizera n'urukundo (13). N'ubwo hari ababaye ibigwari bagatererana Pawulo (15), ariko hari ab'indahemuka nk'abo kwa Onesiforo bakomeje kumuba hafi no kumufasha muri byose (15-17). Ingororano zabo zirabategereje, kuko Umwami Imana atazibagirwa ineza yabo. Kwa Onesiforo bahore batubera urugero rwiza. Indir. 316 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 22 Ukwezi kwa kane 2 Timoteyo 2.1-7 Ikib.4 ...Ibyo wanyumvanye…,ubimenyeshe abantu bo kwizerwa bazashobora kubyigisha abandi.** (2): Ibyo Timoteyo yigiye kuri Pawulo, akwiriye kubyigisha abantu bizerwa kugira ngo na bo babyigishe abandi. Uko ni ko Imana ikoresha abantu bayo, bigatuma ubutumwa bwiza bukwira hose. Aho wihatira kugeza inkuru nziza y' agakiza ku bandi ngo na bo bazayisakaze hose? **Ujye ufatanya nanjye kwihanganira imibabaro…** 3). Pawulo azi neza ko umukozi w'Imana ahura n'intambara nyinshi kuko umwanzi amurwanya. Ingero eshatu Pawulo atanga zerekana ko kugera ku ntego bihatanirwa: 1. Umusirikare agera ku ntsinzi iyo ateye umugongo iby'isi agaharanira kudatenguha abamukuriye. 2. Urushanwa mu mikino agomba gukurikiza amabwiriza yose kugira ngo yegukane igikombe. 3. Umuhinzi ukorana umurava ni we ubona umusaruro wa mbere. Abo bose iyo batumbiriye intego nta bindi bibarangaje, ni bwo batahana umunezero. Umukristo w'ukuri ni uko akwiriye kwitwara, akitandukanya n'icyatuma ahusha intego. Indir. 392 Gushimisha.

**Kuwa kane 23 Ukwezi kwa kane 2 Timoteyo 2.8-13. Ikib.3,5 Ujye wibuka Yesu Kristo wakomotse mu rubyaro rwa Dawidi** (8): Pawulo arahugurira Timoteyo guhora yibuka Yesu Kristo, nk'uko ubutumwa bwiza bumugaragaza. Abisirayeli bari barahanuriwe ko inkomoko ya Mesiya ari mu muryango wa Dawidi. Mu nyigisho ze, Pawulo yasobanuriye abamwumva ko Yesu yavutse mu rubyaro rwa Dawidi ku mubiri, ariko ko mu buryo bw'Umwuka ari Umwana w'Imana (Rom.1.1-4). Yesu ni we mfura yo kuzuka mu bapfuye (Kol.1.14-20). Ubutumwa bwiza ni ubutangaza iby'ivuka rya Yesu, ukuzuka kwe, gusubira mu ijuru kwa Data no kugaruka kwe. Ubu butumwa ni bwo isi yanga bigatuma rimwe na rimwe ababuvuga barenganywa. **Nyamara ijambo ry'Imana ryo ntiribohwa n'iminyururu** (9): Abakozi b'Imana ntibakwiriye gucika intege n'aho bahura n'amakuba, kuko nta cyabuza ijambo ry'Imana kwamamazwa. **Niba twarapfanye na we, tuzabanaho na we** (11): Iri jambo ni iryo kwizerwa kuko uwarivuze ativuguruza (13). Bene Data, mu

byo duhura nabyo byose, tuzirikane ko ntakabuza aya masezerano twahawe Imana izayasohoza. Indir.197 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 24 Ukwezi kwa kane 2 Timoteyo 2.14-26 Ikib.4**
**Umuntu wese uvuga izina ry'Uwiteka ave mu bidatunganye** (19): Bimwe mu byo Timoteyo akwiriye kwitandukanya na byo ni impaka zitagira umumaro, amagambo y'amanjwe atari ay'Imana, n'imyizerere y'ubuyobe. Muri icyo gihe, hariho ubuyobe bwinshi buhakana iby'umuzuko w'abapfuye kandi ari wo shingiro ry'imyizerere ya gikristo (1Kor.15.12-21). No muri iki gihe hari inyigisho z'ubuyobe zituma hari abahora mu mpaka, maze bamwe bakava mu byizerwa bakagwa. Kumenya ukuri ni byo bizatuma tuba ibikoresho byejejwe bikoreshwa iby'icyubahiro kandi bikagira umumaro (21). **Nuko uhunge irari rya gisore** (22): Pawulo arahugurira Timoteyo kwitandukanya na bimwe mu birangaza urubyiruko. Mu myitwarire ya bamwe muri bo habamo ishyaka ribuze ubwenge, ukutihangana, uguhutiraho, gukunda impaka, amahane, kwirema ibice, n'ibindi. Aramusaba guharanira kugira imyitwarire y'umugaragu w'Imana (24-26). **Gusenga:** Data mwiza, ube hafi y'abayobozi wahamagaye bakiri bato, kugira ngo bagume mu byizerwa bashikamye. Indir.176 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 25 Ukwezi kwa kane 2 Timoteyo 3.1-9 Ikib.3**
**Umenye yuko mu minsi y'imperuka hazaba ibihe birushya…** (1): Iyo tuvuga iminsi y'imperuka akenshi dutekereza ku bihe bizaza kera. Nyamara aha haratwereka ko iminsi y'imperuka tuyirimo, kuko yatangiye Yesu akiva ku isi, ikazarangira agarutse kwima ingoma ye. Twisuzume hato tutaba mu bafite ishusho yo kwera nyamara bahakana imbaraga zako (2-5). Inyigisho z'ubuyobe zikwirakwizwa akenshi n'abasanga abadakomeye mu gakiza, bigatuma batwarwa n'irari ry'uburyo bwinshi (6-7). Abakristo duhamagarirwa kwiga Ijambo ry'Imana ngo tumenye ukuri, bityo ntiduteraganwe hirya no hino n'imiraba y'uburyo bwose (Ef.4.14). **Muri bo harimo abagabo bomboka mu mazu** (6): Mu masekuruza y'Abayuda, Yane na Yambure (8) ni amazina y'abakonikoni ba Farawo barwanyaga Mose. Nk'uko Mose yagaragaje ubushobozi buke bw'abo bakonikoni, ubupfu bw'abo buzagaragarira abantu bose, nubwo bahoraga biga (7-9). Kumenya byinshi ntibisobanuye ko uba utuganye imbere y'Imana, ahubwo kumwubaha no kuyoborwa na we nibyo bidushoboza kuba dutuganye (Yobu 28.28). Indir.285 Gushimisha.

**Ku cyumweru 26 Ukwezi kwa kane 2 Timoteyo 3.10-17 Ikib.3**
**Ariko wehoho wakurikije neza inyigisho zanjye, n'ingeso zanjye….** (10): Kuko Timoteyo yabanye na Pawulo, yumvise inyigisho ze kandi abona imyitwarire ye haba mu bihe byiza haba no mu bihe bikomeye arenganywa azira kwamamaza ubutumwa bwiza. Timoteyo yabaye umuhamya w'ukuntu Umwami Yesu yagiye atabara Pawulo mu bihe bitandukanye (11). Ibyo

byose byatumye ukwizera kwaTimoteyo gukomera, akurikiza inyigisho z'ukuri. Bene Data, aho ubuhamya bwacu bwerekana ko hari itandukaniro hagati yacu n'abo muri iyi minsi y'imperuka? Ese hari abadufata nk'Abakristo b'intangarugero? **Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana…** (16): Uretse gufashwa n'ubuhamya bwa Pawulo, Timoteyo, kuva ari muto, yakomereye mu byizerwa by'ukuri kubera kwiga no gusoma ibyanditswe byera (15). Ijambo ry'Imana ni ryo rifasha umukozi w'Imana gusohoza inshingano ze zo gutanga inyigisho z'ukuri, kwamagana ibibi, gukosora no gotoza abantu gutunganira Imana, bakaba abantu bashyitse bakora imirimo myiza (16-17). **Icyifuzo:** Dusabe Imana itubashishe guhora mu Ijambo ryayo, maze rituyobore muri byose (Zab.119.105). Indir. 289 Gushimisha.

**Kuwa mbere 27 Ukwezi kwa kane 2 Timoteyo 4.1-8. Ikib.4,6**
**Baziziba amatwi ngo batumva ukuri**... (4): Ijambo "ukuri" rigaruka kenshi mu nzandiko z'ubushumba Pawulo yanditse. Kwari gukenewe cyane kuko hariho inyigisho z'ubuyobe zakwirakwizwaga hose. Abantu biruka inyuma y'abababwiriza ibinyoma nyamara bakima amatwi ababigisha inyigisho nzima. Muri iki gihe hari inyigisho zimwe zigoramye, ariko wowe ugire umwete wo kwigisha Ijambo ry'ukuri, maze utange umusanzu mu gusana ibyangiritse. **Narwanye intambara nziza, narangije urugendo, narinze ibyo kwizera** (7): Nk'umukinnyi uri mu isiganwa, Pawulo na we ari hafi kurangiza isiganwa akabona ikamba ry'ubugingo. Iyo ashubije amaso inyuma, aterwa umunezero n'ibyo yakoze. Ntatinya no kwigereranya nk'umubavu usukwa ku gicaniro. Afite impamvu yo kubivuga, intambara yarwanye ni nyinshi (2Kor.11.23-28). Ikamba ategereje kandi si irye wenyine. Rizanahabwa abandi bose bategerezanya umunezero kuboneka kwa Yesu. **Ikibazo:** Ese ukora iki kugira ngo wigishe abandi ukuri ku Ijambo ry'Imana? Indir. 413 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 28 Ukwezi kwa kane 2 Timoteyo 4.9-22 Ikib.3**
**Gira umwete wo kuza aho ndi vuba** (9): Mu gihe yari muri gereza**,** Pawulo yifuzaga ko Timoteyo yaza kumusura (9,21). Yamugayiye bamwe mu bo yari yitezeho ubufasha. Nta n'umwe wamuhagarariye mu rukiko (16) ahubwo baramuhunze; Dema yakunze iby'isi kimwe n'abo tubona muri iki gihe (10). Alekizanderi yamwanze yeruye, ndetse ni uwo kugenderwa kure (14). Ariko hari n'abandi afite ibyo ashima. Luka aracyari kumwe na we ariko we wenyine ntahagije. Abandi bari ku murimo, ariko kure ye (11-12). Tujye tuzirikana abatugiriye neza tubasengere. Abatugiriye nabi na bo tubababarire, urubanza rwabo tururekere Imana yo mucamanza utabera. **Shaka Mariko umuzane** (11b): Pawulo na Mariko bigeze gutandukana kubera ko nawe yari yarabasize mu murimo; ariko none aramuhamiriza ko ari umunyamumaro. Twese dufite intege nke muri iki cyangwa kiriya, twemerane mu rukundo

(Rom.15.7). **Zirikana:** Umwami Yesu ni inshuti itadutererana, abana natwe akadukomeza (17). Indir. 318 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 29 Ukwezi kwa kane Yeremiya 46.1-12 Ikib.2,6 Ibya Egiputa** (2): Hari umunsi Abanyegiputa bambariye urugamba, batunganya ibyangombwa byose, bahagurutswa no kugaba igitero ku Bakaludaya. Bitekerezaga ko bameze nk'uruzi rwa Nili, rumanutse kuzurira ku banzi babo. Birengagije ko ucyambara umwambaro w'intambara ngo atabare, adakwiriye kwirata nk'uwikuramo atabarutse (1Abami 20.11). Bari kumwe n'ingabo z'amahanga zaje kubashyigikira (9b). Ntacyo babamariye, kuko umunsi Imana yavuze ko izabahorera wari wageze (10). **...Intwari ikubitana igitsiburira n'iyindi, zombi zikagwira icyarimwe** (12): Imana yari yakuyeho Abanyegiputa amaboko nk'uko yari yarabivuze (7-10;Yer.25.15). Birashoboka ko hari ibyo wumva wagezeho biturutse ku mbaraga ufite, ubuhanga, abakomeye bagushyigikiye, n'ibindi. Nyamara iyo ubuze kwiringira ubushobozi bw'Isumbabyose, imigambi yawe Iba imfabusa ntishyike. **Zirikana:** Bamwe biringira amagare, abandi biringira amafarashi, ariko twebweho tuzavuga izina ry'Uwiteka Imana yacu (Zab.20.8). Indir. 194 Gushimisha.

**Kuwa kane 30 Ukwezi kwa kane Yeremiya 46.13-28 Ikib 2,5 Ntibaruhije bahagarara kuko Uwiteka ari we ubirukanye** (15): Inkota Abanyegiputa barimbuje andi mahanga na bo yabagezeho. Nebukadinezari wavuzwe ko azatera aramanutse (43.10.11). Yeremiya agereranya Egiputa n'ishashi nziza cyane, abacanshuro akabagereranya n'inyana z'imishishe. Nyamara bose bazahunga bavugiriza nk'inzoka (20-22). **Ngiye guhana Amoni w'i No na Farawo na Egiputa** (25): Amoni yari ikigirwamana gikuriye ibindi muri Egiputa. Uwiteka azahana Farawo n'igihugu cyose n'ibigirwamana byabo. Ibi byose byarasohoye muri 650 mbere y'ivuka rya Yesu Kristo. Umusozi Karikemeshi, Neko yanesherejeho Yosiya umwami w'Abayuda (2Ngoma 35.20-23) ni wo na we yatsindiweho na Nebukadinezari. **Ariko ntutinye weho Yakobo mugaragu wanjye** (27): Nyuma y'ibyo, Imana ihaye abazarokoka mu Bayuda n'Abisirayeli isezerano ryo kubakiza, kubatarura, kubaha amahoro no kubana na bo. Imana ntabwo ijya yirengagiza uyigarukiye. **Icyifuzo**: Sabira abakristo bavuye mu masezerano, kugira ngo Umwuka Wera abahembure bihane, bongere kugirana ubusabane n'Imana.

**Kuwa gatanu 1 Ukwezi kwa gatanu Yeremiya 47.1-7 Ikib.3,7 Abagabo bazavuza induru n'abatuye mu gihugu bose baboroge** (2): Abafilisitiya ni ubwoko bwari butuye mu Burengerazuba bwa Isiriayeli. Gaza ni umwe mu mijyi minini yaho. Bamenyekanye nk'umuryango usuzugura Imana (Yes.36.18-20), kandi uhora urwanya Abisirayeli. Imana yatumye Yeremiya kubahanurira ko na bo akaga kagiye kubageraho. Amazi menshi

azamanuka nk'uruzi agatwikira iki gihugu, arashushanya igitero kizagabwa kuri bo giturutse i Babuloni (Yes.14.31). Icyo gitero kizatera abagabo kuboroga, gitume ababyeyi bahunga bataye abana babo. Mu gihe bari buzuye gukiranirwa, Imana yababuriye kenshi ko izabakurikirana kugeza amasezerano yayo asohoye (Yes.14.29-31). Tiro na Sidoni bahanirwa ko bari bashyize hamwe n'Abafilisitiya. Birakwiye ko abakristo birinda kwifatanya n'abanzi b'umusaraba, ngo batazashyirwa mu gatebo kamwe na bo igihe cyo guhanwa. **Icyifuzo:** Sengera abantu b'Imana kugira ngo bakomeze kugendera mu nzira itunganye, kugira ngo gusenga kwabo kubarinde ubwabo, kurinde n'igihugu cyabo akaga nk'akangaka. Indir.175 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 2 Ukwezi kwa gatanu Yeremiya 48.1-24 Ikib.3 Ishimwe ry'i Mowabu ntirikiriho** (2): Mowabu cyari igihugu gikomeye cyane mu butunzi no mu iterambere. Abagituye bakomokaga ku bakobwa ba Loti (Itang.19.36-38). Gusenga ibigirwamana kwabo ni ukwa kera. Bashatse no kubikururiramo Abisirayeli ubwo aba bari mu butayu berekeza mu gihugu cy'isezerano (Kub.25.1-3). Aho kwizera Imana nyakuri, ikigirwamana Kemoshi ni cyo cyari imana yabo. Uwiteka yacishije bugufi ubu bwoko. Imirwa yabo yararimbutse, ikigirwamana n'abaturanyi babo bajyanwa mu buhungiro (7). Ubwirasi bwarashize (18), busimburwa n'umuborogo (20). Ubutunzi n'icyubahiro bitarimo Uwiteka bitera ubwibone. Inkoni yakubise Abisirayeli yaje itababarira n'abanyamahanga (13). Nta kintu na kimwe gishobora guhishwa imbere y'Imana, ahubwo byose bitwikuruwe nk'ibyambaye ubusa (Heb.4.13). Ku munsi w'amateka, ibyo mu bihugu byose bizashyirwa ahagaragara. **Gusenga**: Mana, mfasha ndeke kwishingikiriza ku by'isi, umpe imbaraga zo kwizera ugushaka kwawe konyine. Indir. 84 Gushimisha.

**Ku cyumweru 3 Ukwezi kwa gatanu Yeremiya 48.25-47 Ikib.6,5 Ihembe rya Mowabu riracitse, n'ukuboko kwe kuravunitse** (25): Ihembe n'ukuboko byombi muri Bibiliya bikoreshwa mu kugaragaza imbaraga, ubwibone n'ubwirasi (Zab.75.5). Mowabu yigeze kuba igihugu gikomeye cyane mu bukungu no mu mbaraga za gisirikare. Ariko icyaha cyo gusuzugura Imana no kwiringira ibigirwamana, cyatumye ibyari ubuhangange bihinduka ubusa. **Niko Mowabu azaba urwamenyo…** (39): Urubanza ruciriwe Mowabu rusobanura urubanza rw'igihe kizaza, aho Yesu azacira imanza abantu bose. Abakiranutsi bazagororerwa, naho abanyabyaha bahanwe. Yesu atwereka urugero rw'inkoko ibundikira abana bayo (Luka 13.34). Nk'uko irinda imishwi, ni ko Imana iduhamagarira kuguma mu bwihisho bwayo. **Gusenga**: Mwami Yesu, mpa imbaraga zituma umutima wanjye uhora wumva ijwi ryawe. Indir. 88 Gushimisha

**Kuwa mbere 4 Ukwezi kwa gatanu Yeremiya 49.1-22 Ikib.6 Ibya bene Amoni** (1): Abamoni bakomoka kuri Loti, ni bamwe mu batujwe

n'Abasiriya ku butaka bwa Isirayeli ubwo babatsindaga (2Abami 17.24). Malukamu yari umwami wabo. Hejuru y'ubwirasi biratagaku Bayuda, bari barakoze ikigirwamana Milikomu (1Abami 11.5;33). Amakimbirane hagati y'aba bavandimwe bahuje ibisekuruza, no kutumvira Imana ni byo bitumye Uwiteka ahagurukira guhana Abamoni. Umukristo ahamagarirwa gusobanukirwa ubumwe bw'abavandimwe ko buharanirwa. **Ibya Edomu…** (7): Abedomu bakomokaga kuri Esawu wariganyijwe umugisha n'umuvandimwe we Yakobo. Inzangano n'inzika zarakomeje hagati y'ababakomokaho. Mu gihe cy'isenyuka rya Yerusalemu, Abedomu bakinnye Abayuda ku mubyimba, ndetse baza no gusahura (Amag.4.21-22). Ibyashyikiye Abamoni na bo bibagezeho. Mu mibanire yacu, dushyire imbere Ijambo ry'Imana ritwigisha kubaha Imana ari bwo buryo bwo kwirinda amacakubiri. **Icyifuzo**: Sengera abantu uzi bafitanye amakimbirane, kugira ngo biyunge, maze bashyire imbere kubana mu mahoro. Indir 318 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 5 Ukwezi kwa gatanu Yeremiya 49.23-39 Ikib.2**
**Ibyago by'i Damasiko** (23-27): Damasiko wari umurwa mukuru wa Siriya. Wari umujyi w'ubucuruzi wahurirwagamo n'abaturutse muri Arabiya, Etiyopiya na Mezopotamiya. Wagiraga abasirikare bakomeye (26) kandi uzitiwe bikomeye (27). Ibyo ariko ntibikanga Uwiteka iyo yahagurukiye guhana inkozi z'ibibi. Igihe cyarageze ugwa mu maboko y'Abashuri, Abanyegiputa ndetse uza gufatwa na Babuloni. Nyamara ngo waba warigeze kuba umurwa ushimwa (25). **Ibyago bya Kedari, Hasori na Elamu:** Kedari na Elamu ni imirwa yo mu butayu yari yarashyize ibyiringiro byabo mu mbaraga bibwiraga ko bafite. Biratagaumubare wabo munini kimwe n'ubwinshi bw'amatungo yabo (29,32). Elamu yo ni igihugu cyari mu Burasirazuba bwa Babuloni. Ngo yari ifite abazi kurasa kabuhariwe (35,36). Ibyo byose byari byarabateye kudamarara, kugera aho bibagirwa gukinga (31). Kubwo kutumvira Imana, ibiteye ubwoba byarabagose, ibinezeza biribagirana (29). **Icyifuzo**: Sengera abatunzi kugira ngo ubutunzi bwabo butabatera ubwibone, ahubwo babukoreshereze Imana. Indir. 204 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 6 Ukwezi kwa gatanu Yeremiya 50.1-16 Ikib.3**
**Ibigirwamana bye byamenaguritse** (2): Imana yakoresheje Babuloni mu guhana Abayuda n'ibindi bihugu bibakikije byanze kuyumvira no kuyiyoboka. Nubwo yabakoresheje, na bo bari abanyabyaha nk'abandi bose. Igihe cyo kuyihana nayo kirasohoye. Ishyanga rizayitera rizaturuka mu Majyaruguru, igihugu gihinduke amatongo, ibigirwamana bari barimitse bimenagurwe. Iherezo ryabo ryabaye nk'iry'abandi bibone n'abirasi bose. **Bazagenda barira bashaka Uwiteka Imana yabo** (4): Nubwo Abisirayeli n'Abayuda bari baracumuye ku Uwiteka bakareka gukiranuka, Imana ntabwo yabibagiwe, nkuko ababyeyi banamba ku bana babo (Yes.49.15), Bazongera biyunge, bahagurukire hamwe gushaka Uwiteka. Nubwo basuzuguwe bagacyurirwa

kuba baratayе Imana yabo, igihe kirageze cyo gukangurirwa guhunga umujinya usutswe kuri Babuloni (7). Abantu biringira imbaraga zabo, ntibiringire Imana bizababagiraho ingaruka. **Icyifuzo :** Sengera abantu bari mu bigeragezo, kugira ngo aho guheranwa na byo, bahange amaso Imana itabara ikabishyiraho iherezo. Indir 74 Gushimisha.

**Kuwa kane 7 Ukwezi kwa gatanu Yeremiya 50.17-32. Ikib.1,5**
**Na we Isirayeli nzamugarura mu kiraro cye** (19): Ubugome bw'Abasiriya bwageze ku Bisirayeli busya butanzitse (2Abami 17.1-6). Nyuma yaho Ab'i Babuloni bigabije Abayuda babavuna amagufwa (2Abami 24.1-4). Ibyo bihugu byombi ni byo bigereranywa n'intare, naho Isirayeli ikagereranywa n'intama. Abashegeshe ubwoko bw'Imana bibwiraga ko butazongera kubyutsa umutwe ukundi. Uwiteka agambiriye gucecekesha ubwo bwami, maze akagarura intama ze mu kiraro. Imana isezeranya kuzabaha umugisha wo kuragirwa mu butaka bwiza bwa Karumeli, Bashani, Efurayimu na Galeyadi (Ezek.34.11-14). Iyaba abaheranwa n'ibiyobyabwenge, bagashayisha mu buraya, abandi bakaba imbata z'ubwicanyi n'inzangano, bamenyaga ko Umwami Yesu bose yiteguye kubakira no kubabera uburuhukiro nyakuri. **Naguteze umutego none uwuguyemo** (24)**:** Babuloni yahawe ubutware, gukomera kwayo kuyitera ubwibone (29). Inkoni yakubitishije abandi na yo yayigezeho. **Icyifuzo:** Dusabire abayobozi b'ibihugu ku isi, bayoborwe n'Imana mu byo bakora byose. Indir. 346 Gusimisha.

**Kuwa gatanu 8 Ukwezi kwa gatanu Yeremiya 50.33-46. Ikib.2**
**Umucunguzi wabo arakomeye** (34): Uwiteka arakariye ibihugu byatindije Abisirayeli n'Abayuda mu bunyage, nkuko yarakariye Farawo ubwo yangaga kurekura Abisirayeli ngo bajye mu gihugu cy'isezerano (Kuva 7.14,27). Aho agahinda kabageze ni ho Imana igeze itanga isezerano ry'imbabazi ryo kubagarura mu igihugu cy'isezerano. **Ibigirwamana byabo byabatwaye umutima** (38): Hari ikindi kiyongera ku bwibone buboneka muri Babuloni. Bari baratwawe n'ibigirwamana by'ibishushanyo bibajwe (38). Ibyaha byabo byari bikabije ku buryo hagereranywa n'i Sodomu n'i Gomora (40). Ni yo mpamvu Uwiteka agabye inkota ye ku kintu cyose bari baragize inyamibwa (36-38). Abamedi n'Abaperesi baturutse mu Majyaruguru igihugu cyabo baragisiribanga (41). Biteye ubwoba gusumirwa n'amaboko y'Imana ihoraho! (Heb.10.31). **Gusenga**: Mana yanjye, ninteshuka nkagucumuraho, uzandinde gutinda mu byaha ngo nirengagize imbabazi zawe, ejo uburakari bwawe butazasanga nkibyigaraguramo. Indir.132 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 9 Ukwezi kwa gatanu Yeremiya 51.1-24 Ikib.1,3**
**Nzohereza abagosozi i Babuloni bahagosore** (2): Nubwo Babuloni yigeze kuba nk'igikombe cya zahabu mu ntoki z'Imana (7), uyu munsi Uwiteka aberekejeho umuyaga urimbura. Ibyaha bihakorerwa byaramurakaje.

Kubw'izo mpamvu ntawe uzarokoka (3). Imana yanga icyaha ariko cyane yangana n'uwiyemeje kukiramiramo. **Umucuzi w'izahabu wese akojejwe isoni** (17): Nta na rimwe Imana yigeze irorera gutunga agatoki ubwoko busenga ibigirwamana. Ni yo yivugiye ko icyubahiro cyayo itazagiha undi. Twirinde ibishushanyo bisengwa, dore ko bigwiriye muri iki gihe. Ibyo byose Imana yacu ibyanga urunuka kandi ababyikubita imbere ibahana yihanukiriye. Ababyirinda na bo ibaha umugisha, ikabarinda kandi ikabatabara (Dan.3.12,17,25). Ujye usabira abakristo bo mu gihe cya none bashobore kwitandukanya n'imirimo y'ab'isi cyane cyane ihakana Imana. **Zirikana:** Nimuhunge muve muri Babuloni, umuntu wese akize amagara ye (6). Indir.431 Gushimisha.

**Ku cyumweru 10 Ukwezi kwa gatanu Yeremiya 51.25-51 Ikib.3**
**Nzakuramburiraho ukuboko kwanjye** (25): Babuloni igereranywa n'umusozi urimbura. Wa musozi uzahirikwa ugwe mu manga, uzahore uba amatongo iteka ryose. Abami bazawutura hasi barazwi (27-28). Uko gushayisha mu byaha kwabo kwakabyaga, ni na ko ibyago Imana yabavugagaho byarushagaho kuba byinshi. Kwishyira hejuru kubanziriza kugwa. Nubwo wagera kure ariko utari mu bushake bw'Imana, aho naho irahagusanga (Obad.1.4). **Ngiye kukuburanira kandi nguhõrere** (36): Siyoni irarega umwanzi wayo ibi bikurikira: Kwangirika, gufatwa nabi, ubuhunzi, gukomeretswa. Imana yafashe icyo kirego nk'icyayo. Icyavuyemo ni uko Babuloni yari ubusitani bwiza bw'Iburasirazuba yabaye amatongo. Ni nde wahangara kuburana n'Imana maze agatsinda, cyane cyane iyo yihaye gukandamiza abo yasize amavuta? Abayuda bumvise ubwo buhanuzi, bagomba kuba barumvise bahumurijwe kandi bashubijwemo imbaraga. Natwe Yesu araduhumuriza (Yoh.16.33b). **Zirikana:** Niba uyu munsi isi yarahungabanije umutima wawe, egera Yesu aguhe uburuhukiro nyakuri. Indir.75 Gushimisha.

**Kuwa mbere 11 Ukwezi kwa gatanu Yeremiya 51.52-64 Ikib.3,6**
**Ijwi ryo gutaka rije riturutse i Babuloni** (54): Umurwa Babuloni uhanuriwe guterwa n'ibyago bikomeye bizatakisha abawutuye, urusaku rukazagera ku banyamahanga. Abantu b'Imana bari mu murwa babwirizwaga kuwuvamo kugira ngo batarimbukana na wo (51.6; Yes.48.20). Gusohoka muri Babuloni ni imvugo Malayika yakoresheje ubwo yaganiraga na Yohana ari ku kirwa cy'i Patimo (Ibyah.18.4). Muri iki gihe, kuva muri Babuloni ni ukwitandukanya n'imirimo mibi ikorerwa mu isi y'umwijima. Uwiteka ni we munara duhungiramo tugakira (Imig.18.10). **Nugera i Babuloni ntuzabure kuhasomera ayo magambo** (61): Yeremiya yahaye Seraya ubutumwa bwanditse azasomera ab'i Babuloni. Bwari bukubiyemo ibyago byose bizagera kuri uwo murwa. Umuzingo yagombaga kuwuhambiraho ibuye akawujugunya hagati muri Ufurate, nk'ikimenyetso cy'uko bacitse intege burundu. Imana ntihwema

kubwira abantu bayo kurimbuka gukomeye kuzaba ubwo igihe cy'imbabazi kizaba kirangiye. **Icyifuzo**: Sengera abakristo kugira ngo bagire umwete wo kuvuga ubutumwa bwiza mu gihe gikwiriye no mu kidakwiriye (2Tim.4.2). Indir.36 Agakiza.

**Kuwa kabiri 12 Ukwezi kwa gatanu Yeremiya 52.1-23 Ikib.1,3 Sedekiya…Akorera ibibi imbere y'Uwiteka** (2): Sedekiya wigometse ku mwami w'i Babuloni akigomeka no ku Uwiteka, imyitwarire ye yagize ingaruka zikomeye: 1. Nebukadinezari n'ingabo ze bagose umurwa Yerusalemu, uterwa n'inzara (6-7). 2. Umurwa wacitsemo icyuho, umwami n'ingabo barahunga, bafatirwa mu nzira, Sedekiya ajyanwa ari imbohe, ndetse abanzi be bamunogoramo amaso (8-11). 3. Abahungu be n'ibikomangoma barishwe (10), hamwe n'imbaga y'abantu. Abarokotse bajyanyweho iminyago. **Nebuzaradani ... aza i Yerusalemu** (12): 3. Nebuzaradani yashenye urusengero, atwika amazu yose y'agaciro, asenya inkike z'i Yerusalemu. 4. Yinjiye mu murwa, amenagura iby'igiciro byari mu nzu y'Uwiteka, ibindi arasahura, Iyi shusho iteye agahinda yashenguye umutima wa Yeremiya utarahwemye kuburira umwami n'ibikomangoma, aho kumwumva bakarushaho kwinangira. Iyo dukoze ibyaha turihemukira, ingaruka zabyo zikangiza byinshi. Kwihana no gusenga ni byo bitwunga n'Imana, bikaturinda ikibi. **Icyifuzo**: Sengera ababyeyi kugira ngo basigire abana babo umurage udakoza isoni, kuko ari bo bayobozi b'isi ya none.

**Kuwa gatatu 13 Ukwezi kwa gatanu Yeremiya 52.24-34 Ikib.6 Nuko Abayuda bavanwa mu gihugu cyabo, bajyanwa ari imbohe** (27b): Umwami Sedekiya amaze kwicwa umujyi wa Yerusalemu warasahuwe. Abana be n'ibikomangoma biciwe i Libura, bivuga ko ubuyobozi bwa Yuda bwari bushyizweho iherezo. Abaturage 4.600 bajyanywe mu bunyage bamarayo imyaka mirongo irindwi (25.1-14). Bavanywe aho bari bamenyereye gusengera Uwiteka. Biboneye n'amaso yabo inzu y'Uwiteka isenywa, isahurwa, iteshwa agaciro (17, Amag.5.18). Nyuma y'akaga kangana gatyo, byari bigoye kongera kugira ibyishimo (Zab.137.1-6;Amag.5.15-17). Imana ishobora kureka umujyi n'urusengero byayo bigasenywa kuruta uko yarekera abantu bayo gushayisha mu byaha. **Evilimerodaki umwami w'i Babuloni asubiza Yehoyakini...icyubahiro** (31): Ibya Nebukadinezari byararangiye, Abayuda baza kugirira umugisha ku muhungu we Evilimerodaki (31-34). Kugirirwa neza kwa Yehoyakini byabateye kongera kugira icyizere cyo kumererwa neza (Ezira 1.1-4). **Icyifuzo:** Gira umwete wo kwisabira no gusabira abayobozi kumvira Imana mu byo bakora.

**Kuwa kane 14 Ukwezi kwa gatanu Luka 24.36-53 Ikib.2,5 Amahoro abe muri mwe** (36): Nyuma yo kubyumva nk'inkuru ko Yesu

yazutse, noneho Yesu yiyeretse abigishwa be. Yaberetse ibiganza n'ibirenge bye byari byaratewe imisumari, ndetse arira imbere yabo kugira ngo akureho urujijo, be kugumya gutekereza ko batewe n'umuzimu. Guhura na Yesu muzima byabazaniye umunezero mwinshi, dore ko baherukanaga imbona nkubone atarapfa (37-42). Aho Yesu wazutse ajya aguha amahoro n'ibyishimo, ku buryo abo mubana bayakubonaho, bigatuma bifuza ko aba muri bo? **Ni mwe bahamya b'ibyo** (48): Abigishwa bategetswe kwamamaza izuka rya Yesu ku isi yose. Yabasabye gutegerereza mu mujyi wa Yerusalemu "imbaraga zivuye mu ijuru" (49). Guhamya Yesu by'ukuri ntibishoboka mu mbaraga za muntu. Bisaba ko ubikora aba yaramaze guhabwa imbaraga z'Umwuka Wera (Ibyak.1.8). Subiza amaso inyuma, urebe niba hari abo watangarije inkuru yo kwihana no kubabarirwa ibyaha, ukaba wowe na bo mutegereje kuzabona Yesu ubwo azaba agarutse mu isi guca imanza. Indir.257 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 15 Ukwezi kwa gatanu Zaburi 115.1-18. Ikib.1 Izina ryawe abe ari ryo uha icyubahiro**" (1): Hari impamvu itera Imana kuturengera: Ni izina ryayo twitirirwa kuko idashobora kwemera ko izina ryayo ritukwa. Yarabivuze (Yes.42.8), ibisubiramo (Yes.48.11). Abasobanukiwe iryo banga byatumye babona ukuboko kwayo. Muri abo ni nka Dawidi (1Sam.17.45-51); Hezekiya (2Abami 19.14-20); Asa (2Ngoma 14.10,11); Petero na Yohana (Ibyak.4.24-31). Uwasobanukiwe n'iryo banga, aca ukubiri n'ibigirwamana (4). Ushaka kumenya imikorere n'imico yayo areba Yesu (Yoh.14.9). Ibigirwamana ntibivuga, ntibyumva, ntibinyeganyega (4-8). Imana yacu yo irareba, irumva, iravuga, irakora, itabara abayiringira (9-11). Uwiteka aratwibutse, azaduha umugisha (12). Imana twizeye ni Imana iduha isezerano mw'ijambo ryayo, kandi ntibeshya. **Zirikana:** Umugisha Imana idusezeranya irawuduha (15).

**Kuwa gatandatu 16 Ukwezi kwa gatanu Zaburi 116.1-19 Ikib.5 Nkundira Uwiteka, kuko yumvise ijwi ryanjye no kwinginga kwanjye** (1): Umwanditsi w'iyi Zaburi yari afite mu bitekerezo bye igitabo cy'umuhanuzi Yesaya, cyane cyane ku nkuru y'Umwami Hezekiya (Yes.38). Iyi Zaburi yaba ari yo Yesu yaririmbanye n'abigishwa be mu cyumba cyo hejuru (Mat.26.30). Ntabwo rero ari uyu muririmbyi wenyine uhamya ko akundira Uwiteka ko hari ibyo yamukoreye. Yohana ariko we avuga ko dukunda Imana ko yabanje kudukunda (1Yoh 4.19). Mbese hariho icyo Imana yagukoreye ubona ko cyagutera gukomeza kuyikunda? **Nzakira igikombe cy'agakiza, nambaze izina ry'Uwiteka** (13): Bibiliya itubwira ko hariho ibikombe bibiri bitandukanye: 1. Igikombe cy'umujinya w'Imana (Yes.51.22) cyanywerwagaho n'abanzi b'Imana. 2. Igikombe cy'agakiza ari na cyo umuririrmbyi yakiriye (13). Birashoboka ko icyo gikombe ari cyo Yesu n'abigishwa be basangiriyeho

Pasika (Mar.14.23). **Icyifuzo**: Sengera abantu bakira Igaburo Ryera kugira ngo banakizwe by'ukuri n'amaraso ya Yesu, bye kuba umugenzo gusa. Indir.160 Gushimisha.

**Ku cyumweru 17 Ukwezi kwa gatanu Zaburi 117.1-2 Ikib.1 Mwa mahanga yose mwe, nimushime Uwiteka** (1): Iyi ni yo Zaburi ngufi muri Zaburi zose uko ari 150. Gusa ubugufi bwayo ntibuyibuza kuba ari ngari cyane mu Mwuka, kuko ihamagarira amahanga yose atuye isi gushima Uwiteka. Ubundi Uwiteka Yehova yari azwi kuba Imana ya Isirayeli. Abanyamahanga bo baramyaga ibigirwamana kuko batari bazi Imana Rurema. Umuririmbyi rero aravuga ko abanyamahanga na bo bakwiye kumenya iyo Mana bakayishima, kuko ari yo yaremye kandi ikiza. **Kuko imbabazi atugirira ari nyinshi** (2): Imbabazi z'Uwiteka ni imwe mu mpamvu umuririmbyi ahamagarira amahanga yose kumuhimbaza. Imbabazi Imana itugirira zishingiye ku rukundo idukunda (Yoh.3.16). Zihora zitwomaho kuko idashaka ko hagira n'umwe urimbuka. **Zirikana**: Satani nakurega ku Mana, ujye umusubiza ko imbabazi z'Imana ikugirira ari nyinshi. Indir.120 Gushimisha.

## URWANDIKO RWA KABIRI PAWULO YANDIKIYE ABATESALONIKE

*Uru rwandiko rwa kabiri rw'Abatesalonike, Pawulo yarwanditse nyuma y'iminsi mike amaze kwandika urwa mbere. Yongeye kwibanda kuri cya kibazo cy'ingenzi cyerekeye kugaruka kwa Kristo mu cyubahiro cye. Icyo kibazo cyari gikomeje gutera impagarara mu bakristo b'i Tesalonike. Bamwe bibwiraga ko umunsi wo kuza kwa Kristo wabaye (2Tes. 2.2), abandi bibwiraga ko uko kuza kwe kwari kwegereje cyane, ku buryo nta mirimo bari bagikora. Bari basigaye batunzwe na bagenzi babo bagifite umurava wo gukora (2Tes.3.6-12). Uru rwandiko rero rugamije gukosora uko kwibeshya. Dore ibirukubiyemo: 1.1-12: Indamutso n'impuguro. 2.1-12: Inyigisho zerekeye kugaruka kwa Kristo. 2.13-3.15: Imibereho ikwiriye abakristo. 3.16-18: Gusezera.*

**Kuwa mbere 18 Ukwezi kwa gatanu 2Abatesalonike 1.1-12 Ikib.1 Dukwiriye kubashimira Imana iteka bene Data nk'uko bikwiriye** (3): Pawulo yandikiye Itorero ry'i Tesalonike ari kumwe na Siluwano na Timoteyo. Yabashimiye ukwizera kwabo gukomeza gukura no gukundana hagati yabo. Nubwo bahura n'ibigeragezo n'akarengane, barangwa no kwihangana n'ubudahemuka mu kwizera. Pawulo ababwira ko imibabaro bahura na yo atari iy'ubusa, ahubwo ari ibimenyetso by'uko Imana ibona ko bakwiriye ubwami bwayo. Ese mu bigeragezo uhura nabyo muri uru rugendo, ujya uzirikana ko ari kimwe mu bijya bituma kwizera kwawe kwiyongera? **Ni cyo gituma tubasabira iteka** (11): Asoza abasabira gukomeza gukomera ku

Mana, no gusohoza neza umuhamagaro wabo, kugira ngo izina rya Yesu ryubahwe mu mibereho yabo. Abibutsa ko ibyo byose bizagerwaho ku bw'ubuntu bw'Imana, atari ku bw'imirimo yabo. Pawulo aduha urugero rwiza rwo gusabira abandi, kubashishikariza gushikama, no gukomeza urugendo rwera barimo. Nawe ujye uhora ubikorera abo mubana n'abo musengana.

**Kuwa kabiri 19 Ukwezi kwa gatanu 2 Abatesalonike 2.1-12 Ikib.3 Ntihakagire umuntu uboshya uburyo bwose** (3): Pawulo yihanangirije Abatesalonike kudashukishwa n'amagambo cyangwa inyigisho zibabwira ko Umunsi w'Umwami Yesu Kristo waje, cyangwa ko ugeze hafi cyane. Ababwira ko mbere y'uwo munsi hazabanza kuza "kwigomeka" gukomeye, no kwigaragaza k'umunyabyaha, uwo yise "umwana w'icuraburindi". Uwo azishyira hejuru y'Imana no kurwanya ibye byose, ndetse azicara mu rusengero yiyita Imana. Iyo "mbaraga y'ibyaha" yababwiye ko yatangiye gukora rwihishwa, ariko igihe nikigera, uwo sekibi azashyirwa ahagaragara, Umwami Yesu amutsinde. Hari abantu bazemera ibinyoma kuko banze ukuri kw'ijambo ry'Imana. Ni yo mpamvu dukwiye kurisoma buri munsi, kugira ngo riturinde inyigisho nk'izo zigamije kutuyobya inzira y'ukuri. **Icyifuzo:** Dukwiye gusengera itorero ngo rikomeze kuba maso, kugundira ukuri no kwirinda inyigisho z'ibinyoma.

**Kuwa gatatu 20 Ukwezi kwa gatanu 2 Abatesalonike 2.13-3.5 Ikib.2 Nuko rero bene Data, muhagarare mushikamye** (15): Pawulo yongeye gushimira Imana ku bw'abizera b'i Tesalonike, kuko batoranijwe n'Imana kugira ngo bakizwe. Pawulo abibutsa ko Imana yabahamagaye kugira ngo basangire ubwiza bwa Yesu Kristo. Abasaba gukomera ku nyigisho bahawe, haba izo yababwiye n'izo yanditse, kandi abasabira kugira ngo bakomeze gukora ibyiza. **Mudusabire kugira ngo ijambo ry'Umwami wacu ryamamare vuba** (3.1): Nubwo Pawulo na bagenzi be bari abakristo bakuze, bazi neza ko gusenga harimo imbaraga zibafasha nk'abavugabutumwa. Umukristo ntiyagira ubuzima bunesha icyaha n'ibigeragezo adasenga (Mar.9.29). Bimwe mu biranga umukristo ufite ubuzima bunesha icyaha: 1) Kumenya imbaraga arwana nazo ntazijenjekere, 2) Gusenga no gusaba imbaraga z'Imana, 3) Gusoma no kwiga ijambo ry'imana kugira ngo amenye amayeri yose ya Satani, 4) Gufata ijambo ry'Imana mu mutwe, 5) Kwifatanya n'abo mwizera kimwe. **Gusenga:** Mwami Mana, nshoboza kugenzuza ijambo ryawe ibihe turimo, kugira ngo hatagira ibinyanduza, bigatuma ntahagarara neza mu mwanya wanshyizemo wo kuguhamiriza abatakuzi.

**Kuwa kane 21 Ukwezi kwa gatanu 2 Abatesalonike 3.6-18 Ikib.4 Turabategeka…kuzibukīra mwene Data wese ugenda yica gahunda** (6): Pawulo arasaba Abatesalonike kwitandukanya n'abavandimwe bateshuka ku nyigisho bahawe. Abibutsa ko we ubwe n'abari kumwe na we babayeho

mu buryo buboneye, badashaka kubabera umutwaro. Ahubwo bakoraga ku manywa na nijoro kugira ngo babone ibyo barya, batagize uwo baremerera. Muri iki gihe hari abakristo bitwaza ko bahamagariwe gukorera Imana gusa, nyamara wabyitegereza ugasanga harimo no kudashaka gukora. Ni ho usanga bamwe bagurisha impano zabo. Dukwiriye umwuka w'ubushishozi ngo tumenye neza abakozi b'Imana nyakuri. **Twumvise yuko hariho bamwe bo muri mwe bagenda bica gahunda** (11): Nubwo Pawulo yabasabye guha akato abica gahunda kugira ngo bamenye icyaha cyabo, yasabye ko batababafata nk'abanzi babo, ahubwo ko babahugura nka bene se. **Gusenga**: Mana urinde abakristo kuba abanebwe, kandi uduhe guhugurana mu kuri no mu rukundo, aho kunegurana no gucirana imanza.

***INCAMAKE Y'URWANDIKO PAWULO YANDIKIYE FILEMONI***
*Pawulo yanditse uru rwandiko ari imbohe i Roma bwa mbere, ategereje gucirwa urubanza, nko mu mwaka wa 62 nyuma yo kuvuka kwa Yesu. Filemoni yari umwe mu bakristo b'Abakolosayi, naho Onesimo yari umugurano we wari waramucitse. Onesimo yahungiye i Roma, maze ahahurira na Pawulo amubwiriza ubutumwa bwiza, yakira Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza. Izina Onesimo risobanurwa "Umunyamumaro" (1.11). Nubwo yafashaga Pawulo cyane, yumvise ko akwiriye kumusubiza kwa Filemoni, na we ubwe wakijijwe kubwa Pawulo. Pawulo yinginze Filemoni kubabarira Onesimo, akamukunda, akamwakira atakiri umugurano, ahubwo nka mwene se muri Kristo. Pawulo ntiyarwanije ubugurano, ariko rero urukundo rwa kivandimwe rubonerwa muri Kristo Yesu rwamuteye kwandika asabira Onesimo guhindurirwa amateka. Ahandi tumubona avuga ko Muri Kristo hatari umuyuda cyangwa umugiriki (Rom. 10.12-13) Iherezo ni byo byaje kuzemeza abantu ko ari bibi gukoresha abantu uburetwa nk'ukoresha inyamaswa.*

**Kuwa gatanu 22 Ukwezi kwa gatanu Filemoni 1.1-14 Ikib.3**
**Mwene Data, nanejejwe cyane kandi nahumurijwe n'urukundo rwawe** (7): Pawulo ari muri gereza, yandikiye Filemoni, amushimira kwizera Imana agira no gukunda abera. Kubw'ubwo buhamya bwiza, Pawulo ahora amusengera, akanishimira uko afasha abizera. Nubwo batari begeranye, ibikorwa bya Filemoni byaravugaga, abantu bakabihererekanya bikagera na kure. Ujye usaba Imana ngo abo mubana uko muhuye bajye bagukuraho impumuro nziza ya Kristo (2Kor.2.14-15). **Ndakwingingira umwana wanjye nabyariye mu minyururu yanjye Onesimo** (9): Onesimo yari Yaratorotse Filemoni, ahungira i Roma, kubw'ubutumwa bwa Pawulo, yakira Yesu aba icyaremwe gishya. Pawulo arasaba Filemoni kumwakira nk'inkoramutima ye (12). Uwagiye ari imbata, arasabirwa kugaruka ari uw'umudendezo. Pawulo yerekana urugero rwo gukunda no kubabarira. **Icyifuzo**: Sengera abakristo bakizwa muri iki gihe, kugira ngo bahinduke rwose, ku buryo uwo babanye amutangira ubuhamya bwubaka abandi. Indir. 394 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 23 Ukwezi kwa gatanu Filemoni 1.15-25 Ikib.2 Ahari icyatumye atandukanywa nawe igihe gito, ni ukugira ngo muzabane iteka** (15): Gutandukana kwa Onesimo na Filemoni byavuye ku mugambi w'Imana. Onesimo yagiye ari imbata kubw'ibyaha, none agarutse ari imbata yo gukiranuka (Rom.6.18). Ubwo bubata bushya abusangiye na Filemoni. Bombi ni imbata z'Imana. Amaherezo yabo bombi ni ubugingo buhoraho (Roma 6.22). Ubwo ni ubuhanuzi bwa Pawulo, buhanura ko bazabana iteka mu bwami bwo mu ijuru. Abitoza kuzabanayo, babitangirira hano ku isi. Mbese wemera ko ibikugeraho burya Imana iba ibifitemo umugambi mwiza? **Kandi niba hari icyo yagucumuyeho, cyangwa akaba afite umwenda wawe, uwumbareho** (18): Pawulo ntashaka ko Onesimo asubira kwa Filemoni nkaho nta cyabaye. Arasaba ko ibyo yangije abimwandikaho kandi yiteguye kubyishyura. Yifuza ko uko byagenda kose Filemoni yiyunga na Onesimo. Umurimo wo kunga abafitanye ibibazo usaba ubwitange budasanzwe. **Icyifuzo:** Sengera abantu gusaba imbabazi abo bahemukiye byananiye, n'abahemukiwe bananiwe kuzitanga, kugira ngo urukundo rw'Imana rusabe imitima yabo, maze rubateze intambwe yo guhãna amahoro yo sõko y'urukundo rwa Kristo.

**Ku cyumweru 24 Ukwezi kwa gatanu Ibyakozwe n'intumwa2.1-13 Ikib.2 Bose bari bari hamwe, mu mwanya umwe, bahuje umutima** (1): Umwami Yesu ubwo yasezeraga abigishwa be, yabasezeranije ko azabohereza Umwuka Wera (Luka 24.49). Ku munsi wa Pentekote, bari bateraniye hamwe, bahuje umutima, maze buzura Umwuka Wera, ibi byabereye mu ruhame, bituma abantu benshi bari baturutse mu bihugu bitandukanye bumva ubutumwa mu ndimi zabo za kavukire, hatitabajwe abasemuzi. Abantu bamwe baratangaye, abandi batangira gutukana, bavuga ko abigishwa basinze. Iyo Imana ikoze ikintu cy'umwihariko, bamwe barabihishurirwa, abandi bikababera urujijo. Uramenye nawe ntube mu bajya bacikwa n'ibishya imana yakoze, ngo uhere mu guca imanza. Uku gushidikanya kandi akenshi guterwa nuko hari ubwo Imana iba yakoresheje aboroheje. Imana ni iya twese, kandi ikorera muri twese. **Gusenga:** Mwami Yesu, kuri uyu munsi wa Pentekote, twiyereke bundi bushya, uduhe imbaraga z'Umwuka wawe Wera, zituyobore inzira yo kuguhamya. Indir.107 Agakiza.

***INCAMAKE Y'IGITABO CYA KABIRI CYA SAMWELI***
*Igitabo cya mbere n'icya kabiri cya Samweli byanditswe na Samweli akaba ari na we byitirirwa. Muri Bibiliya y'Abaheburayo ibyo bitabo byombi kera byahoze ari igitabo kimwe, nyuma ihinduwe mu Kigiriki, bigabanywamo ibitabo bibiri bitewe n'uburebure bwacyo. Ni byo rero byaje kuvamo 1Samweli, 2Samweli, 1Abami na 2Abami, bityo aho kuba ibitabo 2 biba 4. Igitabo cya mbere cya Samweli, batubwiramo inkuru y' abantu 3 b'ingenzi: Samweli, Sawuli, Dawidi. Batubwira kuvuka kwa Samweli, imyaka yo mu*

*buto bwe, umuhamagaro we wo kuba umuhanuzi, uko Imana yamukoresheje mu gushyiraho ubwami muri Isirayeli. Batubwira uko Sawuli yimye ingoma n' uko yatsinzwe. Batubwira kandi uko Dawidi yasîgiwe gusimbura umwami Sawuli, imirimo n' ubutwari bya Dawidi nk' umugaragu kwa Sawuli». Igitabo cya kabiri cya Samweli kitubwira Inkuru y' urupfu rwa Sawuli n'umuhungu we Yonatani; Dawidi yimikwa kuba umwami wa Yudaya i Heburoni, nyuma akaza kuba umwami w'Abisirayeli bose. Havugwamo n'inkuru ya Abusalomu n'uko urugamba rw'inyota y'ubutegetsi rwamuhitanye.*

**Kuwa mbere 25 Ukwezi kwa gatanu 2 Samweli 1.1-16 Ikib.1,3**
**Sawuli na Yonatani umuhungu we na bo barapfuye.** (4): Uyu mwamaleki yazanywe no kugeza kuri Dawidi inkuru y'itanga rya Sawuli n'urupfu rw'abahungu be barimo na Yonatani (2Sam.1.2-10). Uburyo yabaze iyo nkuru butandukanye n'uko ivugwa mu gice gisoza igitabo kibanza (1Sam.31.3-5). Abantu baguye ku rugamba bavuzwe mu mazina si Sawuli na Yonatani bonyine (1Sam.31.10). Yibwiye ko kuvuga ko ari we wishe Sawuli, bizanezeza Dawidi, akagira uko azabimuhembera. Yaribeshye, kuko byonyine kuba akomoka mu Bamaleki bari bamaze iminsi bahemukiye Dawidi, ntibyagombaga kumugwa amahoro (1Sam.30.1-5). **"Ni iki cyatumye udatinya,... kwica umuntu Uwiteka yimikishije amavuta?"** (14): Dawidi ntiyigeze ashaka kwihimura kuri Sawuli kuko atifuzaga icyamutandukanya n'Imana. Usibye no kuba Sawuli yarasîzwe amavuta, no kwangana ubwabyo Imana yari yarabibabujije (Lewi 19.18). Uwatinyutse gukora ibyo akigamba ko yishe umwami akanazana ibihamya, yahawe igihano cy'urupfu (15). **Bacura umuborogo bararira** (12): Dawidi n'abo bari kumwe bababajwe cyane na Sawuli n'abo bari kumwe. Uru rukundo rutubere urugero rwiza rwo gukurikiza.

**Kuwa kabiri 26 Ukwezi kwa gatanu 2 Samweli 1.17-27 Ikib.1,3**
**Icyubahiro cyawe, Isirayeli, cyiciwe mu mpinga z'imisozi** (19): Kubona abanyambaraga ba Isirayeli n'umwami wabo wimikishijwe amavuta bagwa mu maboko y'abanyamahanga ni igisebo gikomeye. Icyo ni cyo cyashenguye umutima wa Dawidi, ahimba indirimbo y'umuheto (y'urugamba), yanditswe mu gitabo cya Yashari. Muri iki gitabo habagamo indirimbo zivuga ku ntambara kandi zikoze mu buryo bw'ibisigo (Abac.5.1). **Sawuli na Yonatani bari beza** (23): Dawidi yarase ubutwari bwa Sawuli na Yonatani mu ntambara (22-23), ashima ibikorwa bya Sawuli bigamije imibereho myiza n'ubukungu (24), asoza asingiza urukundo rwa Yonatani (26). Muri ibyo byose, ntiyagize icyo avuga ku rwango Sawuli yamwangaga. Gukundana Yesu yabigize itegeko rishya (Yoh.13.34), kandi ategeka ko dukunda abatwanga, tugasabira abaturenganya. Ibyo ni byo bizatugira abana ba Data wo mu ijuru (Mat.5.44). **Icyifuzo**: Sengera ibihugu bihora mu ntambara, kugira ngo abazishoza

bace bugufi bemerere Imana ibacishe mu nzira zizana amahoro. Indir. 205 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 27 Ukwezi kwa gatanu 2 Samweli 2.1-17 Ikib.3,5**
**Mbese nzamuke njye mu mudugudu umwe muy'Abayuda?** (1): Dawidi yashoboraga gukoresha amaboko akagaba igitero ku ngabo za Sawuli zitari zishyigikiye impinduka (8,9). Yashoboraga no kwitabaza Akishi umwami w'Abafilisitiya, bamaranye umwaka n'amezi ane (1Sam.27.7). Imana babanye mu buhungiro, ikamubera inshuti nyanshuti, ni yo n'ubu akiyoboza inzira (1). **Uwiteka abagirire imbabazi n'umurava** (5): Dawidi yashimiye ku mugaragaro ab'i Yabeshi y'i Galeyadi (5-6). Bakoze iby'ubutwari bashyingura mu cyubahiro Sawuli na Yonatani. Dawidi arashaka kubiyegereza, no kubararikira gushyigikira umushinga w'Imana (7). Ibi byose yabikoze mu ituze (Imig.15.1)**. Abasore bahaguruke batwiyereke** (14): Umwanya aba bagaba b'ingabo bamaze bareba bariya bavandimwe bamarana, bashoboraga kuwumara bashakira hamwe icyabahesha amahoro. Mu mirimo yose ukora no mu bo mubana, uzirinde kuba gateranyangabo. **Zirikana:** Imana yimikishije amavuta Dawidi, imugira umwami itumye Samweli. Byanyuze mu nzira ndende ariko byarasohoye. Nta jambo Imana yavuze ngo rihere (Habak.2.3).

**Kuwa kane 28 Ukwezi kwa gatanu 2 Samweli 2.18-3.5 Ikib.3,6**
**Mbese nagutsinda aha waba uzize iki?** (22): Seruya yari mushiki wa Dawidi, aba bagabo bakaba bishywa be (1Ngoma 2.15-16). Asaheri yumvaga kwikiza Abuneri umugaba mukuru w'ingabo za Sawuli ari bwo buryo bwo kurangiza intambara hagati y'Abayuda n'Abisirayeli, bityo nyirarume akaba umwami w'ubwoko bwose. Abuneri ntiyashakaga kumwica, ariko byarangiye Asaheri ahasize ubuzima. Byababaje ingabo zose zigungirira aho yari ari 23). **Mbese inkota izahora ibaga iteka?** (26): Iyi ntambara y'abavandimwe yatikiriyemo abantu benshi ku mpande zombi, yarangijwe n'imishyikirano (26). Yowabu yemeye kumvira inama ya Abuneri. Mu gihe havutse amakimbirane hagati yawe n'abo mubana, ujye ugira ubutwari bwo kuba uwa mbere kugira ibyo urekura kugira ngo arangire (Rom.12.17-18). **Zirikana:** Ubugome no guhõra ukicisha inkota, nta mugisha ubamo. Ahubwo amaherezo bizana umubabaro usharira.

**Kuwa gatanu 29 Ukwezi kwa gatanu 2 Samweli 3.6-21 Ikib.3,6**
**Ni iki cyatumye utaha ku nshoreke ya data?** (7): Icyo gihe cy'intambara zo mu b'inzu ya Sawuli n'ab'iya Dawidi, Abuneri yari yarigize ukomeye cyane, kandi Ishibosheti umuhungu wa Sawuli ari we wari umwami w'Abisirayeli. Uko kwikomeza kwa Abuneri kwamuteye kwinjira inshoreke ya Sawuli yitwa Risipa. Icyo gikorwa kigayitse cyarakaje Ishibosheti (1Abami 2.22). Tujye twirinda abaduhesha icyubahiro mu mafuti, kuko amaherezo babigira igikoresho cyo

kuducecekesha. **Nzafatanya nawe kuguhindurira Abisirayeli bose** (12b): Abuneri yamaze imyaka irindwi n'igice arwanya Dawidi, none amakimbirane hagati ye na Ishibosheti atumye ahindura imvugo. Dawidi yemeye isezerano hagati ye na Abuneri, gusa asaba ko mbere y'ibindi byose babanza bakamusubiza umugore we Mikali. Kwari ukumusubiza icyubahiro cye, kuko batandukanye atamwanze. Imana ijye iturinda intambara zitandukanya imiryango. **Zirikana:** Kuba igikoresho cy'Imana ugasohoza ibyo yavuze nka Abuneri (17-18), ntibigukuraho urubanza. Ibibi wakoze byezwa n'amaraso ya Yesu yonyine. Indir.68 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 30 Ukwezi kwa gatanu 2 Samweli 3.22-39 Ikib.3,6**
**Abuneri mwene Neri yaje ibwami** (23): Kuba Abuneri yaraje kureba Dawidi akagenda amahoro byabababaje benshi. Yowabu aho aziye bamugejejeho akababaro kabo. Yowabu yareze Abuneri icyaha cy'ubutasi (25), ariko mu kuri impamvu nyamukuru yatumye atamwifuriza kubaho, ni uguhorera murumuna we Asaheli (27). **Jye n'ubwami bwanjye ntituzagibwaho n'urubanza rw'amaraso ya Abuneri** (28): Urupfu rwa Abuneri rwababaje Dawidi, avuma Yowabu n'umuryango we ubigenderamo, kandi nta bufatanyacyaha bakoze. Icyakora ntiyamuhaniye aho, kubera impamvu nyinshi, zirimo kwirinda kwiteranya n'abayuda kandi ari yo maboko ye, guca ingabo intege, kwiteranya n'abo mu muryango we barimo Abishayi wagiye akora imirimo y'ubutwari. Yowabu na we yari intwari yamufashije kugera aho bageze ubu. Icyakora yeretse Abayuda n'Abisirayeli ko nta bufatanyacyaha afite mu rupfu rw'Abuneri (37). **Icyifuzo:** Sengera abayobozi kujya bashyira Yesu intege nke zabo, kandi na we ababere umujyanama mu byemezo bafata.

**Ku cyumweru 31 Ukwezi kwa gatanu 2 Samweli 4.1-12 Ikib.3**
**Ishibosheti yumvise ko Abuneri yaguye i Heburoni aracogora** (1): Ishibosheti yumvise ko Abuneri yapfuye, acika intege kandi Abisirayeli bose barahungabana. Imbaraga ze n'ubuhanga bwe mu kurwana ni byo bari barimitse bimura Imana, none barumva nta wusigaye wo kubarengera. Mu bibaho byose, ujye uha umwanya wa mbere Imana, kuko amakuba iyo aje ni yo yonyine musigarana (Yes.51.12-16). **Ndahiye Uwiteka uhoraho wacunguye ubugingo bwanjye** (9): Rekabu na Bâna bivuganye Ishibosheti ku manywa y'ihangu. Bazaniye Dawidi igihanga ke, bibwira ko ari bubashimire ko bishe umwanzi we. Dawidi yababwiye ko ibyagiriwe Umwamaleki na bo ari byo bibakwiriye. Yaciye urubanza, bakatirwa urwo gupfa, igihanga cya Ishibosheti gishyingurwa ahabugenewe. Intego nkuru y'ubwami bwa Dawidi kwari ukunezeza Imana, aho kuba indiri yo kwihimura, ubwambuzi n'ubwicanyi. **Zirikana:** Kugirira nabi utariho urubanza bigira ingaruka mbi.

**Kuwa mbere 1 Ukwezi kwa gatandatu 2 Samweli 5.1-16 Ikib.4**
**Ni wowe uzaragira ubwoko bwanjye bwa Isirayeli.. Uzaba umugaba wabo** (2): Aya ni amagambo abahagarariye imiryango y'Abisirayeli bibukije Dawidi wagombaga gusimbura Sawuli ku ngoma. Uwiteka yari yaramutoranije kugira ngo ayobore ubwoko bwe. Mu nshingano ze nk'umwami harimo no gufasha Abisirayeli kudateshuka ku gukiranukira Imana, bubahiriza amategeko yayo. Kuburira umunyabyaha ngo ave mu nzira ze mbi ni inshingano yacu kandi ni uburyo bwo gukiza ubugingo bw'abo tubana (Ezek.3.18-19). Ese ibi ujya ubyibuka maze ukabwiriza abandi ubutumwa bwiza? **Dawidi akajya arushaho gukomera** … (10): Uko ukora umurimo Imana yagushinze, ni ko na yo irushaho kubana nawe muri byose, ikagukomeza kandi ikagushyigikira, kuko uba uri umukozi mwiza. **Inama**: Haranira gukomezwa n'Imana wubahiriza inshingano zawe mu kazi ka buri munsi ndetse n'ak'ivugabutumwa. Indir. 414 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 2 Ukwezi kwa gatandatu 2 Samweli 5.17-25 Ikib.1,2**
**Maze Dawidi agisha Uwiteka inama**… (19): Abafilisitiya bumvise ko Dawidi yabaye umwami wa Isirayeli, bagambirira kumugabaho ibitero. Dawidi n'ubwo yari umurwanyi ukomeye, ntiyihutiye kujya ku rugamba. Ahubwo yabanje kubaza Shebuja. Yibutse ko ubutware bwose afite ubu abukomora ku Mana (Rom.13.1), ikaba ari n'Imana idatsindwa ku rugamba. Ni ko kumugisha inama mu bihe bitandukanye byo gutera Abafilisitiya (19,23), maze Uwiteka na we amurangira inzira yo gutsinda, kandi amusezeranya kuzabana na we. Ikosa rikomeye dukora nk'abayobozi, abayoborwa, yemwe natwe abakristo; nuko twizera ubwenge bwacu cyangwa se imbaraga zacu, ntitugishe inama Imana. **Zirikana :** Imana ni yo ireba ahazaza hacu, ni yo izi intege nke zacu n'ubuswa bwacu. Ni na yo kandi izi urugamba turwana buri munsi. Tuyihange amaso izaturengera. Indir. 189 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 3 Ukwezi kwa gatandatu 2 Samweli 6.1-23 Ikib.1**
**Uwiteka aha umugisha Obededomu n'abo mu rugo rwe bose** (11): Uyu mugabo n'umuryango we bahawe umugisha kuko bacumbikiye isanduku y'Imana mu gihe cy'amezi atatu. Dawidi amaze kubona ko Uwiteka yishe Uza kuko yashatse kuramira Isanduku y'Imana, yagize ubwoba yanga kuyijyana iwe ngo na we adapfa. Nyamara ntiyamenya ko kuyicumbikira ari ugukorera Imana kandi bihesha umugisha. Hari igihe abantu bagushyira ahantu bashaka ngo bakubabaze, ntibamenye ko ari ho Imana yateganyije kuguhera umugisha. Ubushake bw'Imana butandukanye n'ubw'abantu. **Nuko Mikali mwene Sawuli aba ingumba arinda apfa** (23): Mikali yahawe igihano kuko yasetse umugabo we wicishije bugufi akabyinira Imana mu ruhame. Mikali yibwiye ko umwami yagize ubugoryi, ariko Dawidi we abibonamo gukunda Imana no kuyicira bugufi. **Zirikana :** Kwishyira hejuru kubanziriza

kurimbuka, kandi guca bugufi kukabanziriza icyubahiro (Imig.18.12). Indir.19 Gushimisha.

**Kuwa kane 4 Ukwezi kwa gatandatu 2 Samweli 7.1-17 Ikib.7 Uwiteka amuha ihumure ku babisha bamugose bose** (1): Dawidi yari amaze igihe kirekire mu ntambara, arwana n'ababisha be. Kuko yumviraga Imana, yageze aho iramutsindishiriza, maze imuha ihumure. Dawidi ni urugero rwiza rw'umugabo w'intwari ku rugamba, ariko uzi no kumvira shebuja. **Mbese aho uzanyubakira inzu yo kubamo?** (5) : Amaze kubona agahenge, yatekereje kubakira inzu Uwiteka, izaba ubuturo bw'Isanduku y'Imana. Imana ntiyabyemeye, ahubwo imubwira ko umuhungu we uzamuzungura ari we uzayubakira inzu. **Nagukuye mu rugo rw'intama mu bwungeri bwazo**… (8): Imana yishimiye Dawidi, imwibutsa aho yamukuye ikamugira umwami. Erega ngo ikura abatindi ku cyavu kugira ngo ibicazanye n'ibikomangoma! (1Sam.2.8). Iri ni ijambo ritanga ihumure ku bakunda Imana. Nta kwiheba ugihumeka. Ubutunzi butangwa n'Imana. Nidushaka ubwami bwayo n'ibisigaye izabiduha (Mat.6.33). Indir.178 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 5 Ukwezi kwa gatandatu 2 Samweli 7.18-29 Ikib.1,3 Nkanjye ndi nde Nyagasani Mana, kandi inzu yanjye ni iki**,…? (18): Dawidi amaze kumva amasezerano Imana imuhaye, uburyo imukunda, yibutse n'aho yamukuye, byaramurenze. Biragaragara ko aya magambo Imana yamutumyeho yamwongeyemo imbaraga no kuyikunda kurushaho. Byatumye na we ayishima, ayiramya mu magambo amuvuye ku mutima. Dawidi yagize gushidikanya yibwira ko ibyo Imana ivuze itazabisohoza, maze akomeza gusenga ati: "Nuko none Uwiteka Mana, ijambo uvuze ku mugaragu wawe no ku nzu ye urikomeze…uzasohoze ibyo uvuze" (25). Imana ikorera mu ijambo ryayo. Icyo ivuze iragisohoza. Gushidikanya ni umwanzi wo kwizera. Gushidikanya biterwa no kugereranya ibyo umuntu asanzwe abona, azi. Nyamara kwizera ni ukumenya ko ibyo tutareba ari iby'ukuri (Heb.11.1). **Ikibazo:** Ese urizera koko? Indir 73 Agakiza.

**Kuwa gatandatu 6 Ukwezi kwa gatandatu 2Samweli 8.1-18 Ikib.1,3 Hanyuma y'ibyo Dawidi anesha Abafilisitiya arabacogoza** (1): Dawidi yahoraga mu ntambara, arwana n'abanzi ba Isirayeli. Imana yizeraga akayumvira yamuhaye gutsinda Abafilisitiya, abanyaga urufunguzo rw'umudugudu w'umurwa, abagiraho ububasha. Muri ubu buzima, duhora mu ntambara. Ariko ntiturwana intambara y'amasasu, ahubwo turwana mu buryo bw'umwuka (Ef.6.12). Gutsinda urugamba rwo mu mwuka ni byo bituma dutsinda no mu buryo bufatika. Uwiteka ni we uturwanirira. Icyo dusabwa ni ukubimusaba, tukamwereka ibiturwanya mu masengesho. **Na byo Umwami Dawidi abyereza Uwiteka** (11): Amaturo yahawe n'iminyago yanyaze, Dawidi yabituye Imana. Bwari uburyo bwo kuyishimira no kuyereka ko ari yo

ituma atsinda, byose bikaba ari ibyayo. Muri ibi bihe, abantu benshi bagorwa no gutanga ituro, icya cumi cyangwa kwitangira imirimo itandukanye mu nzu y'Imana. Nyamara, kutabikora twabigereranya no kwima uwaguhaye. Indir. 23 Gushimisha.

**Ku cyumweru 7 Ukwezi kwa gatandatu 2 Samweli 9.1-13 Ikib.1,3 Mbese hari uwasigaye wo mu muryango wa Sawuli, ngo mugirire neza ku bwa Yonatani?** (1): Dawidi amaze kwimikwa ku bwami bwa Isirayeli no kunesha abanzi be, yibutse ineza Yonatani umuhungu wa Sawuli yamugiriye. Yamubereye inshuti nziza, ubwo yajyaga amuburira ngo ahunge Sawuli washakaga kumwica. Kamere y'umuntu ikunda kuzirikana ikibi aho kwibuka ineza yagiriwe. Kwibuka ineza aho kuzirikana ikibi ni ikimenyestso cy'urukundo kandi ni na cyo Imana idushakaho. "**Humura kuko ntazabura kukugirira neza ku bwa so Yonatani**…" (7): Baca umugani ngo "Gira neza wigendere". Iyo Yonatani yagiriye Dawidi, Dawidi yayibitse mu mutima, maze ayitura Mefibosheti ise atakiriho. **Zirikana:** Birashoboka ko ineza ugirira abandi, utazayiturwa n'abo wayigiriye, ariko ntihera. Ishobora kuziturwa abana cyangwa abuzukuru bawe, ikindi kandi ineza ugira iri mu mirimo izagenda iguherekeje (Imig.24.12). Indir. 286 Gushimisha.

**Kuwa mbere 8 Ukwezi kwa gatandatu Luka 15.1-10 Ikib.2,3 Uyu yiyegereza abanyabyaha, kandi agasangira nabo** (2): Abafarisayo n'abanditsi bumvaga bafite isumbwe ku bandi mu bijyanye n'imibanire yabo n'Imana. Iyi mitekerereze yuzuye ubwibone yatumaga bategera abantu bamwe bafataga nk'abanyabyaha (1). Yesu we nta we yahezaga (Mat.11.28). Umugani w'intama yazimiye n'igiceri cyatakaye (3-9) bitugaragariza umutima w'Imana; kuko ari yo yaje gushaka umunyabyaha, ntabwo umunyabyaha ari we wafashe iya mbere mu kuyishaka. Bitwereka kandi ko umuntu n'aho yaba ari umwe ari uw'agaciro mu maso y'Imana. Hari igihe abantu biyicarira mu nsengero bagategereza ko abanyabyaha babasangayo. Mbese imibereho yacu ishyira imbere ivugabutumwa risanga abantu aho bari? **Mu ijuru bishimira umunyabyaha umwe wihannye** (10): Gukizwa ni cyo kintu cy'ingenzi kiruta ibindi byose mu buzima bw'umuntu, kuko bikora ku mutima w'Imana. **Ikibazo:** Mbese ujya uzirikana ko ufite inshingano yo kugeza ubutumwa bwiza ku batarabwumva? Indir.413 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 9 Ukwezi kwa gatandatu Luka 15.11-32 Ikib.3 Yayisha ibintu bye uburyo bwe** (13): Uyu muhungu w'umuhererezi amaze gupfusha ubusa umugabane we, yifuje gusangira n'ingurube (14-16). Ibi biratwereka uburyo yari abayeho nabi kuko ingurube mu Bisirayeli yafatwaga nk'itungo rizira. Nyuma yo kwitekerazaho yafashe icyemezo cyiza cyo gusubira mu rugo (17-20). **Se aramubona aramubabarira... aramuhobera** (20): Ise ni we wa mbere wabanje kumubona. Uburyo

yabyitwayemo biragaragaza ko atigeze amukuraho umutima, ahubwo yahoraga araranganya amaso yiteguye ko umuhungu we yagaruka. Imana yuzuye urukundo kandi ihora yiteguye kutwakira iyo tuyihindukiriye tukihana (23-21). **Undi ararakara yanga kwinjira** 28): Nubwo umubyeyi yari yamaze kubabarira umuhungu we w'ikirara, akabihamisha gutegura ibirori, mukuru we yari akimurebera mu isura ya kera. Byatumye atifatanya n'abandi mu byishimo (25-30). Dukwiriye kunezezwa cyane no kubona umuntu wari ubohewe mu ngoyi za Satani, akizwa akavirwa n'umucyo w'Umwami wacu Yesu Kristo. Indir. 283 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 10 Ukwezi kwa gatandatu Luka 16.1-15 Ikib.6,3**
**Ubutunzi bubi mubushakishe incuti** (9): Igisonga kibi kimaze kubona ko shebuja agiye kukirukana, cyatekereje uburyo cyakubaka ubucuti n'abantu barimo shebuja imyenda, bityo bakazakigoboka nyuma (1-8). Yesu ntabwo ari gushima iyi mico y'ubujura. Arashishikariza abantu gukoresha neza ubutunzi bwo mu isi bushira (10-12), kugira ngo bazahabwe ubutunzi bw'iteka mu ijuru (Mat.6.19-21). **Ntimubasha gukeza Imana n'ubutunzi** (13): Abafarisayo, mu maso y'abantu, bigaragazaga nk'abubaha Imana, nyamara mu mitima yabo bari barimitse umururumba w'ubutunzi (14-15). Bibiliya irimo ingero nyinshi z'abantu bari bafite ubutunzi kandi bakubaha Imana (Itang.13.2; Yobu 1.1-3). Ubutunzi rero si bwo kibazo, ahubwo umwanya tubuha mu buzima bwacu ni wo ushobora kubangamira ubusabane bwacu n'Imana. Imana nituba twayihaye umwanya wa mbere, tuzabasha no gukoresha ubutunzi bwacu neza. **Ikibazo:** Mbese ukoresha ubutunzi Imana yaguhaye mu gufasha abandi no kuyubahisha? Indir.145 Gushimisha.

**Kuwa kane 11 Ukwezi kwa gatandatu Luka 16.16-31 Ikib.3,6**
**Umukene arapfa... bamujyana mu gituza cya Aburahamu** (22): Lazaro yagize ubuzima bubi ari ku isi (19-21), nyuma y'urupfu agira iherezo ryiza. Umutunzi na we ku isi yari abayeho neza, bigaragara ko atari afite umutima w'impuhwe, nyuma iherezo rye riza kuba ribi (23-24). Ni byiza kwibuka ko ubuzima bwo ku isi ari bugufi. Kabone kandi nubwo umuntu yarama imyaka myinshi, ubutunzi bwo mu isi ntibukwiriye kuduhuma amaso y'umutima ngo twibagirwe ko iwabo w'abera ari mu ijuru (Fil.3.20). **Hariho umworera munini bikabije hagati yacu namwe** (26): Umutunzi nta buryo yari afite bwo kuva aho yababazwaga ngo yimukire ku rundi ruhande rwarimo umunezero. Nyuma yo gupfa nta yandi mahirwe yo guhitamo abantu baba basigaranye. Kwihana na byo ntibiba bigishoboka. Abazima basabwa kumvira ijambo ry'Imana bagezwaho n'abakozi b'Imana (29-31). **Zirikana:** Imana izacira abantu imanza ihereye ku byo bakoze bakiri mu mubiri (2 Kor.5.10). Indir.30 Agakiza.

**Kuwa gatanu 12 Ukwezi kwa gatandatu Luka 17.1-19 Ikib.3,6 Nakora nabi umucyahe, niyihana umubabarire** (3): Yesu yabūriye abigishwa ko bakwiriye kwirinda kubera abandi ibigusha (1-2). Kandi yerekanye ko kubabarira bitagira umupaka. Igihe cyose hari uwaguhemukiye yarangiza akagusaba imbabazi, ukwiye kuba witeguye kuzitanga, kabone nubwo yaba atari ubwa mbere akubabaje. **Turi abagaragu batagira umumaro** (10): Umugaragu yari ategetswe gukora ibyo asabwa byose na shebuja, yabirangiza ntiyikomange mu gatuza nk'umuntu w'igitangaza (7-9). Umurimo w'Imana ntabwo ari mpa nguhe. Tuwukora tuzirikana ubuntu twagiriwe, na yo ikaduha ibyo ibona bidukwiriye. **Agaruka ahimbaza Imana n'ijwi rirenga** (15): Biratangaje kuba Abisirayeli icyenda bazi Imana n'imikorere yayo bataragarutse gushima. Mugenzi wabo we yatashye akize kabiri, indwara n'umutima (19). Kuzirikana ineza y'Imana bitubera urufunguzo rw'indi migisha itanga. **Gusenga:** Mwami Yesu, ndagushimira agakiza wampaye, n'indi migisha yose yo mu mwuka n'iy'umubiri wakampereyemo. Indir. 271 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 13 Ukwezi kwa gatandatu Luka 17.20-37 Ikib.6 Niko bizamera umunsi umwana w'umuntu azabonekeraho** (30): Nk'uko byari bimeze mu gihe cya Nowa na Loti, abantu bazakomeza kubaho ubuzima nk'ibisanzwe kugeza ku munsi Yesu azagarukaho. Ikibazo gikomeye abantu benshi b'uyu munsi bahuriyeho n'abo muri icyo gihe, ni ukurangara no kutita ku miburo ijambo ry'Imana ritanga. Twibuke ko igihe cyageze, abantu bagatungurwa, bakarimburwa n'umwuzure n'umuriro (Itang 7.17, 21-23; 19. 24-25). Kugaruka kwa Yesu na ko kuzatungurana. Turasabwa kuba maso kandi tugasenga cyane. **Mwibuke muka Loti** (32): Umugore wa Loti yari yavuye i Sodomu n'i Gomora mbere yuko harimburwa, nyamara umutima we wari ukiri ku byo yasizeyo, bityo guhindukira akerekezayo amaso byamuviriyemo guhindurwa inkingi y'umunyu (Itang.19.26). **Inama:** Haranira gushyira umutima wawe wose ku Mana. Ni bwo iby'isi bitayihesha icyubahiro bizabura aho byinjirira ngo bikurangaze. (34-36). Indir.90 Agakiza.

**Ku cyumweru 14 Ukwezi kwa gatandatu Luka 18.1-14 Ikib.3 Ndagushimiye yuko ntameze nk'abandi** (11): Isengesho ry'Umufarisayo ryari ryuzuyemo kwivuga ibigwi no kwishongora. Yibwiraga ko imirimo akora ari yo yatumaga agira isumbwe mu maso y'Imana (11-12). Pawulo ahamya ko Imana yadukijije ku bw'ubuntu bwayo gusa idashingingiye ku mirimo myiza twabanje gukora (Ef.2.8). Mu mbaraga zacu, nta mirimo myiza twakora ku buryo twemeza Imana. Ibyo dukora bigira agaciro iyo tubanje kwakira Yesu Kristo mu buzima bwacu. Bityo n'ibyo dukora ntitubyirata, ahubwo dukwiriye gushimira Imana idushoboza muri Kristo Yesu (Fil.4.13). **Mana mbabarira kuko ndi umunyabyaha** (13): Isengesho ry'umukoresha w'ikoro ryo ryuzuye guca bugufi bigaragazwa no kwemera uwo ari we ndetse

no kumva ko yanduye mu maso y'Imana. (13). **Inama**: Niba wari warigize umwere nk'uyu Mufarisayo, emerera Umwuka Wera akurondore, maze uce bugufi, Yesu agukure ku ngoyi z'ibyaha bikwihishemo. Indir.88 Gushimisha.

**Kuwa mbere 15 Ukwezi kwa gatandatu Luka 18.15-30 Ikib.2,3 Mureke abana bato bansange** (16): Kurambika ibiganza ku bana byari umuhango usanzwe ku Bisirayeli (Itang.48.14). Ababyeyi bo mu gihe cya Yesu, na bo barabazanaga ngo abasengere, abahe mugisha, nibirimba abakize n'indwara (5.13;6.19). Abigishwa bo babonaga hari abantu bakuru benshi bo kwitabwaho ku buryo nta mwanya uhari wo kwita ku bana. Ntibari bazi urukundo Yesu abakunda. Kenshi yagiye abatangaho ingero zigaragaza ko ari bo washakiraho imitima iboneye (Mat.21.15-16). Inyigisho zabo mu materaniro dukwiye kuziha agaciro nk'ak'iz'abantu bakuru. **Abyumvise agira agahinda kenshi** (23): Uyu mutware yagaragaraga nk'uwubaha Imana, dore ko yihatiraga kubahiriza amategeko cyane cyane arebana n'imibanire y'abantu (20-21). Kumubwira kugurisha ubutunzi bwe kwari uguhungabanya umutekano we no gukuraho icyo yishingikirijeho. Yesu ntadusaba kugurisha ibyo dutunze, nubwo ashobora kubikora kuri bamwe kubw'impamvu. Icyakora adusaba gukuraho ikintu cyose cyasimbura Imana mu buzima bwacu. **Gushima:** Mana yanjye, ndagushimira umunsi wampaye umutima nk'uw'umwana muto, ubu kukwizera bikaba bindutira byose. Indir. 133 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 16 Ukwezi kwa gatandatu Luka 18.31-43 Ikib.2,3 Ariko ntibagira icyo bamenya muri ibyo** (34): Yesu yihereranye abigishwa be, ababwira iby'urupfu rwe rwari hafi, rwari kuzaba incungu y'abazamwizera na bo barimo. Ikibabaje nuko amatwi atari yiteguye kumva icyo ababwiye. Kumva ijambo ry'Imana bisaba gufashwa n'Umwuka Wera, kugira ngo umuntu atahure icyo Imana ishaka kumubwira. **Ariko irushaho gutaka** (39): Nubwo abantu bagerageje gucecekesha uyu muntu ufite ubumuga bwo kutabona, ntiyemeye guceceka. Yesu yahagaritse urugendo rwe, aramuhamagara, aramukiza. Ibi bitwigisha ko gusenga bisaba kugira umutima wiyemeje kudacogora imbere y'Imana. **Kwizera kwawe kuragukijije** (42): Kwizera k'uyu muntu kwamufunguriye amarembo yo guhabwa ubuzima bushya, kubona n'amaso, ndetse no kubasha gukurikira Yesu. Kwizera nyakuri kutuvana mu mwijima, kukatugira ibyaremwe bishya, kukatwereka neza inzira yo gukurikira Umukiza. Indir. 91 Agakiza.

**Kuwa gatatu 17 Ukwezi kwa gatandatu Zaburi 118.1-29 Ikib.4 Nimushimire Uwiteka yuko ari mwiza, kuko imbabazi ze zihoraho iteka ryose** (1): Abayuda batarajya mu bunyage i Babuloni, bari bafite umuco wo gushima no kuririmbira Imana, mu gihe babaga babonye intsinzi ku rugamba (2Ngoma 20.26-27). Uwo muco barawugarukanye bavuye mu

bunyage, bashima Imana bujuje urusengero (Ez. 6.16). Banashimye Imana mu gihe bari bamaze kongera gusana urukuta rw'umurwa wa Yerusalemu (Neh. 12.27). Uyu muco wo gushima Imana wari umuco warangaga n'itorero rya mbere (Luka 24.53). Umuco wo gushima Imana ukwiriye kwimakazwa no mu itorero rya none. Ibaze nawe igihe uherukira gushima Imana. **Sinzapfa ahubwo nzarama** (17): Umuririmbyi ntabwo ayobewe ko urupfu rw'umubiri ruriho, ariko uhereye kera kose abizera ntabwo babaga imbata z'ubwoba bwo gutinya urupfu. Gusa mu gihe turiho tugomba gushima Imana kuko abapfuye batayishima (Zab.115.17-18). **Icyifuzo**: Sengera itorero rya none kugira ngo rishishikarize abizera kugira umuco wo gushima Imana. Indir.17 Gushimisha.

**Kuwa kane 18 Ukwezi kwa gatandatu Zaburi 119.1-24 Ikib.2 Hahirwa abagenda batunganye** (1): Ibyanditswe bitubwira ko hahirwa umuntu uhorana kubaha Imana mu mutima we (Imig.28.14). Ndetse umukene wubaha Imana aruta umupfapfa (Umubw.4.13). Yesu na we atwerekera mu byanditswe byera abahiriwe abo aribo (Mat.5.11-12). Abantu bamwe bajya bibaza niba na bo bari mu mubare w'abo Yesu yita abahiriwe, ariko wowe ugifite inzara n'inyota byo gusoma byanditswe, ni ikimenyetso cy'uko uri mu bahirwa. **Umusore azeza inzira ye ate?** (9): Iyi Zaburi irareba abantu bose, ariko noneho umuririmbyi ahangayikishijwe n'ubugingo bw'abasore. Birashoboka ko mu gihe uyu mwanditsi yandikaga, abasore bari bafite imyitwarire ihangayikishije umuco w'idini n'ababyeyi. Aribaza uko bakweza inzira zabo, ariko agahita atanga n'igisubizo. Mu gukomera kw'ijambo ry'Imana ni ho bakura kwera. Pawulo we yihanangirije Timoteyo kwitwara neza kugira ngo abantu badahinyura ubusore bwe (1Tim.4.12-16). **Icyifuzo**: Sengera abasore n'inkumi musengana, kugira ngo imyitwarie yabo irusheho kubahisha itorero ry'Imana. Indir. 20 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 19 Ukwezi kwa gatandatu Zaburi 119.25-48 Ikib.6 Umutima wanjye womatanye n'umukungugu, unzure nk'uko ijambo ryawe ryansezeranyije** (25): Umuhimbyi w'iyi Zaburi aritekereza nk'aho yapfuye agasubira mu gitaka kubera imibabaro ye. Hariho igihe ubuzima bugorana, ikigeragezo kigasimburwa n'ikindi, bigatera umuntu kwiheba nkuko byagendekeye Yeremiya wahanuye mu bihe bikomeye (Yer.20.14). Yobu na we yahuye n'ibigeragezo agera aho yibaza niba Imana izi imibabaro ye (Yobu 23.1-2). Yesu ababajwe n'imibabaro y'umusaraba, abantu yagiriye neza bamuhunze, yageze aho yibwira ko Imana na yo yamutereranye (Mat.27.46). Mbese hari ubwo wari wageragezwa ukumva Imana yagukuyeho amaboko? **Unkureho umugayo ntinya** (39): Muri Bibiliya tubonamo abantu bagiye bakora iby'isoni nke: Yuda wagurishije Umwami Yesu (Luka 22.3-6). Amunoni yafashe ku ngufu mushiki we (2Sam.13.14). Uyu mwanditsi mu

gihe cye na we hari ibibi yabonye arabigaya. **Inama**: Ndizera ko izina ryawe ritari kuri uru rutonde rw'abahemu. niba kandi ririho ihane, kuko amaraso ya Yesu yeza ibyaha byose (Zab.51.9,16,19). Indir.107 Gushimisha

**Kuwa gatandatu 20 Ukwezi kwa gatandatu Zaburi 119.49-72 Ikib.3 Wibuke ijambo wasezeranije umugaragu wawe, kuko wanyiringije** (49): Uyu mwanditsi aributsa Uwiteka amasezerano yamuhaye. Hari benshi muri Bibiliya Imana yabikije amabanga yayo, ikayaherekeresha amasezerano. Muri bo harimo Dawidi yasezeranije ko kuva yaramubereye inkoramutima, ingoma ye izahoraho iteka (2Sam.7.16-18). Yosuwa na we yamusezeranije kuzahirwa mu nzira ze, nakomeza guhamisha akanwa ke ibiri mu ijambo ry'Imana (Yos.1.8). Abafite bene ayo masezerano muri bo, nta cyagombye kubabuza guhora bibutsa Uwiteka kuyasohoza, baba bari mu bihe bikomeye cyangwa se mu munezero. **Njya ngushakisha umutima wose kundebana urukundo** (58): Mu gihe cy'intege nke, umutima w'umuntu ujya kure y'Imana, maze intambara arwana nazo zikamutera ubwihebe. Mu bihe nk'ibyo, imbabazi z'Imana ni zo zidutarura, urukundo rw'Imana rwatugota, tukongera tugahembuka. **Ikibazo:** Ese mu bibazo uhura na byo, ujya wumva warabikuyemo amasomo yagusunikiye kurushaho kugirana ubusabane n'Imana?

**Ku cyumweru 21 Ukwezi kwa gatandatu Zaburi 119.73-96 Ikib.1 Intoki zawe ni zo zandemye, ni zo zambumbye** (73): Uyu mwanditsi ariyita ikibumbano cyabumbwe n'Uwiteka. Uwamuremye, uzi iminsi yo kubaho kwe, ni na we ufite ububasha bwo kumuha ubwenge butuma amenya ibyo Uwiteka yategetse. **Abakubaha bazandeba bishime** (74): Abuzura umunezero bagashimishwa no gusangira ibyo Uwiteka yategetse, aba ni bo Malaki yavuze ko iyo baganira Uwiteka abatega amatwi , maze igitabo kikandikirwa imbere ye cy'urwibutso rw'abubaha Uwiteka (Mal.3.16). Ese guteranira hamwe n'abo mubana musangira ijambo ry'Imana, bijya bigutera umunezero? **Abibone bakorwe n'isoni** (78): Nubwo uyu mwanditsi afitiye inyota Uwiteka n'ibyo yanditse, abibone n'abanzi be ntibari kure. Hari abajya bibwira ko iyo turi mu busabane n'Imana Satani ntaho yaduturuka. Ibyo ni ukwibeshya, kuko ahora agendagenda ameze nk'intare yivuga ashaka uwo yaconshomera (1Pet.5.8). Nyamara no mu mashya (85) abakozi be bacukuye, Uwiteka arahadusanga akadukuzayo imbaraga ze nyinshi. **Zirikana:** Umutima wanjye ugushwa isari no kwifuza agakiza kawe (81).

**Kuwa mbere 22 Ukwezi kwa gatandatu 2 Samweli 10.1-19 Ikib.3 Ntuzi ko Dawidi yakohereje abagaragu be kwitegereza umudugudu no kuwutata?** (3): Dawidi yohereje abagaragu be kujya kuyagira Hanuni, umwami mushya w'Abamoni wari umaze gupfusha se. Uyu yari yaragiriye Dawidi neza maze na we arabizirikana. Abatware b'Abamoni bumvishije

umwami wabo ko Dawidi yohereje abatasi aho kuba abaje kumuyagira. Nyamara ibi Dawidi yari yabikoranye urukundo. Hanuni yabyakiriye uko babimubwiye atabanje gupererereza ngo amenye ukuri, bituma agirira nabi izo ntumwa. No muri ibi bihe, uyu mwuka wo kubeshyerana no gusekuranya abantu uriho. Imana iduhe umwuka w'ubwenge udufasha kumenya ukuri. **Nimugume i Yeriko kugeza aho muzamarira kumera ubwanwa** (5): Dawidi yanze ko abagaragu be bagarukana igisebo, abasaba gutegereza ko ubwanwa bwongera kumera. Igihe cy'Imana iyo kigeze igisebo Satani yatwambitse gikurwaho (Zek.3.3-5). **Icyifuzo**: Mu murimo Imana yaguhaye gukora, uyisabe kuba umuhesha w'amahoro mu byo uvuga, ukora cyangwa utekereza (Yak.3.18).

**Kuwa kabiri 23 Ukwezi kwa gatandatu 2 Samweli 11.1-13 Ikib.6 Nuko Dawidi yohereza intumwa ziramuzana aza iwe, bararyamana** (4): Dawidi yohereje ingabo ku rugamba, ariko we ntiyajyayo nk'uko yari akunze kubigenza, ahubwo afata umwanya wo kuruhuka. Abyutse, abona umugore wa Uriya yiyuhagira bimutera kumugirira irari. Mu mategeko icumi y'Imana, birabujijwe kwifuza umugore wa mugenzi wawe (Kuva 20.17). Iri tegeko Dawidi yari arizi ariko arirengaho, yiyibagiza ko yari umukozi w'Imana ugomba kubera abandi icyitegererezo, ibi byamugizeho ingaruka mbi. Abavugabutumwa bakunze guhuriza ku bintu bitatu Ijambo ry'Imana ritubuza bigusha abakozi b'Imana mu gihe gitoya: (1) ubusambanyi (Mat.19.18); (2) gukunda amafaranga (Heb. 13.5); (3) no gukunda icyubahiro, ari byo bitera kwishyira hejuru. Nyamara kwibona kubanziriza kurimbuka (Imig.16.18); naho guca bugufi kukabanziriza icyubahiro (Imig.18.12). **Icyifuzo**: Saba Imana iguhe imbaraga zo kuyikiranukira no guca bugufi. Indir.91 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 24 Ukwezi kwa gatandatu 2 Samweli 11.14-27 Ikib.1 Mushyire Uriya imbere aho urugamba rukomeye cyane** (15): Dawidi amaze gutera inda muka Uriya, yashatse kuyitsindirira umugabo we. Ariko Uriya aranangira yanga kurarana n'umugore we. Ibi byatumye amugambanira maze bamutsinda ku rugamba. Nk'umwami ntibyari ngombwa ko Dawidi yicisha Uriya. Yashoboraga gushaka ikindi gisubizo. Hari abantu bamara gukora ikosa bagashaka kurikemuza irindi. **Dawidi aramutumira amushyira iwe, amugira umugore we** (27): Biragaragara ko Dawidi yari afite umugambi wo gucyura muka Uriya, maze yitwaza ko ari umwami, abishyiramo n'uburiganya, yemwe n'ubugome. Nubwo Dawidi yari azwi ho guca bugufi no kugira umutima Imana yishimira, iki cyaha yakoze cyarayirakaje (27). Kutemera icyaha ngo ugisabire imbabazi ni ubwibone. **Ikibazo**: Ese wowe ubigenza ute iyo wahemukiye mugenzi wawe? Usaba imbabazi cyangwa uhugira mu kwiregura no mu bikorwa by'ubugambanyi? Indir.73 Gushimisha.

**Kuwa kane 25 Ukwezi kwa gatandatu 2 Samweli 12.1-14 Ikib.3 Bukeye Uwiteka atuma Natani kuri Dawidi** (1): Imana yatumye umuhanuzi wayo gusobanurira Dawidi icyaha yakoze. Abinyujije mu nkuru y'igereranya, Natani yagaragarije Dawidi ubugome umutunzi yagiriye umukene. Dawidi yababajwe n'iyo nkuru, acira urwo gupfa uwo mutunzi. Ntiyari azi ko ari we ubwirwa. **Nacumuye ku Uwiteka** (13): Dawidi yumvise uburemere bw'ikosa yakoze, asaba Imana imbabazi, kandi agahora ayisaba ko yongera kumugirira icyizere (Zab.51.9-16). **Umwana uzavuka ntazabura gupfa** (14): Icyaha cyose kigira ingaruka zacyo. Imana ihorera abahohotewe. Yababariye Dawidi icyaha cye, imukuriraho urupfu. Ariko ntibyakuyeho urupfu rw'umwana wavutse ku bw'icyo cyaha. **Gusenga**: Ibitambo Imana ishima ni umutima umenetse, umutima umenetse ushenjaguwe, Mana ntuzawusuzugura (Zab.51.19). Indir.36 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 26 Ukwezi kwa gatandatu 2 Samweli 12.15-31Ikib.1 Ni cyo cyatumye Dawidi yingingira uwo mwana ku Mana** (16): Nubwo Dawidi yari yarabwiwe n'Imana ko umwana azapfa, yafashe umwanya wo gusenga no kwiyiriza ubusa, asaba Imana ko yamumukiriza. Byabaye iby'ubusa kuko Imana yari yarafashe umwanzuro. **Nta wubizi, ahari Uwiteka yangirira imbabazi agakiza uwo mwana** (22): Imyifatire ya Dawidi iratwigisha kudacika intege no mu gihe cy'ubusharire. Tugomba gukomeza gusenga kugeza igihe Imana isubije iti: "Yego" cyangwa "Oya". Hezekiya iyo aza gucika intege, ntasenge ngo yibutse Imana imirimo myiza yayikoreye, ahubwo agahita yemera umwanzuro w'Imana w'uko agiye gupfa, ntabwo Imana yari kumwongerera indi myaka yo kubaho (Yes.38.1-8). Yesu na we yatwigishije gutitiriza (Luka 11.5-10). **Inama:** Senga ubudasiba, ntucibwe intege n'ibihe urimo. Indir.75 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 27Ukwezi kwa gatandatu 2Samweli 13.1-22 Ikib.2 Bukeye Amunoni mwene Dawidi aramubenguka** (1): Umwana w'Umwami Dawidi yafashwe n'irari, rimutera gushaka kuryamana na mushiki we, ariko abura aho abihera. Iri rari Yakobo yavuze ububi bwaryo (Yak.1.15). Nta kindi kiritsinda, usibye kuba ijambo rizima riri muri wowe rigwiriye (Kol.3.16). **Amunoni yari afite incuti ye yitwaga Yonadabu** (3): Yonadabu yagiriye Amunoni inama mbi y'ukuntu azagera kuri uwo mugambi. Mu buzima habaho inshuti nziza, hakabaho n'inshuti mbi. Inziza tuzihabwa n'Imana kandi inshuti nziza ya mbere ni Imana ubwayo. **Sohora uyu mukobwa amvire mu nzu** (17): Mushiki we yavugaga ko akunda, amaze kumufata ku ngufu yamuhinduye rubanda, amusohora nabi mu nzu, aranamukingirana. Iyi ni karande y'ubusambanyi ya Dawidi yakurikiranye urubyaro rwe. Burya karande ikurwaho n'agakiza kabonerwa muri Yesu Kristo. **Icyifuzo:** Sengera abakobwa b'abakristo, kugira ngo nibagera mu mayirabiri, Umwuka Wera

ajye abashoboza kuvuga «oya» itavuguruzwa n'amagambo aryoshye nk'aya Amunoni. Indir.90 Agakiza.

**Ku cyumweru 28 Ukwezi kwa gatandatu 2 Samweli 13.23-39 Ikib.3 Hashize imyaka ibiri, Abusalomu ashaka abo gukemura ubwoya bw'intama ze** (23): Nyuma y'imyaka ibiri, icyo gikorwa giteye isoni cyasaga n'aho gitangiye kwibagirana. Abusalomu yari yarabitse inzika, maze ategura umugambi wo guhorera mushiki we. Gukemura ubwoya bw'intama byafatwaga nk'umunsi mukuru. Abusalomu yumvaga nta muntu wagira icyo akeka ngo abe yaburizamo umugambi mubisha wo guhitana mukuru we, ise yasaga n'uwo yakingiye ikibaba. **Mbese si jye ubategetse?** (28): Umutima unejejwe na vino wa Amunoni ni wo wari ikimenyetso ku bagombaga kumwica. Ibisindisha byari igikoresho kidasanzwe muri uyu muryango (11.13). Hari abajya babitsimbararaho, nyamara ntibibibuza kubakoza isoni (Imig.20.1). **Hapfuye Amunoni wenyine** (32,33): Uyu mujyanama wiha guhumuriza Dawidi, ni we nkuruzi y'ibi byose. Tujye twirinda umutima w'uburyarya. **Zirikana**: Kuryamana na mushiki we incuro imwe, byabujije Amunoni amahirwe y'umwana w'imfura, yo kuzazungura se akaba umwami. Amahirwe yihishe mu byaha, ntazakubuze ubugingo bw'iteka.

**Kuwa mbere 29 Ukwezi kwa gatandatu 2 Samweli 14.1-24 Ikib.3 Bukeye Yowabu mwene Seruya amenya ko umwami akumbuye Abusalomu** (1): Yowabu yari umukuru w'ingabo ku bwami bwa Dawidi, akaba n'umutware ukomeye mu rwego rw'ubujyanama. Yari ahangayikishijwe n'uko bizagenda igihe cyo gusimbura Dawidi ku ngoma nikigera, kandi Abusalomu yari umwe mu bazima ingoma. Yowabu yakoresheje amayeri nk'aya Natani kugira ngo asabire Abusalomu kubabarirwa. Nta wundi yari gutumaho uyu mugore usibye Dawidi, kuko ari we wari ufite inshingano yo gucira imanza Abisirayeli bamusanze (8.15). Dawidi yari mu mayira abiri: Yari akiri mu kababaro k'umuhungu we Amunoni wishwe, akagira n'urukumbuzi yari afitiye Abusalomu wahunze. Mu bihe nk'ibi umuntu aba akeneye umuba hafi, akamuhumuriza ndetse akamugira inama. **Nuko genda ugarure uwo muhungu Abusalomu** (21): Umwami yemeye ko umuhungu we agaruka, akava mu buhungiro. Igitangaje nuko Abusalomu atigeze asaba imbabazi z'icyaha yakoze. **Icyifuzo:** Imana iturinde kamere yo kutava kw"izima no kwihagararaho mu mafuti.

**Kuwa kabiri 30 Ukwezi kwa gatandatu 2 Samweli 14.25-33 Ikib.3,4 Nuko Abusalomu amara imyaka ibiri i Yerusalemu adaca iryera umwami** (28): Aho Abusalomu agarukiye i Yerusalemu, Dawidi yanze ko babonana. Mu yandi magambo yari ataramubabarira icyaha yakoze cyo kwica mukuru we. Abusalomu na we ntiyigeze agaragaza ubushake bwo gusaba imbabazi. Aho asubirije agatima impembero, yatumiye Yowabu incuro ebyiri ngo

amutume ku mwami, Yowabu yanga kumwitaba. Abusalomu yafashe umwanzuro wo gutwika umurima wa sayiri wa Yowabu kugira ngo naza kumwihaniza abone uko amutuma ku mwami. Aho yari atandukaniye na se, nuko nta mpano yo gutegereza yagiraga. **Ageze imbere y'umwami yikubita hasi yubamye** (33): Nubwo Abusalomu atasabye imbabazi, umwami yaramusomye nk'ikimenyetso cyo kumubabarira. Kubabarira si itegeko kandi kubabarirwa si uburenganzira. Usaba imbabazi n'uzisabwa bose baba bikoreye umutwaro. **Zirikana** Yesu yadusabye gutanga imbabazi (Mar.11.25-26). Indir.373 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 1 Ukwezi kwa karindwi 2 Samweli 15.1-18 Ikib.1,7**
**Nuko Abusalomu yigarurira imitima y'Abisirayeli** (6): Abusalomu ageze i Yerusalemu, yigometse kuri se agamije kumuhirika ku butegetsi. Yitwaje amagambo ashukana no gusoma abamugana nka Yuda agambanira Yesu (5;Mat.26.49). Ubwo bugambanyi bwatumye yiyegereza abaturage abizeza ko azabakorera ubutabera (3). **Nyemerera njye guhigura umuhigo** (7): Abusalomu yabeshye umwami ko agiye i Heburoni guhigura umuhigo (7-8). Nyamara inyuma hari hihishe ubugambanyi. Tujye twirinda guhindura umurimo w'Imana inzira yo kugera ku nyungu zacu bwite, kuko ababikora bazacirwaho iteka (Yow.3.12). **Abagaragu bawe twiteguye gukora icyo umwami ashaka cyose** (15): Dawidi yabonye ibintu byakomeye, ava muri Yerusalemu n'abagaragu be b'indahemuka, kugira ngo birinde kumena amaraso no gusenyuka k'umurwa w'Imana. Abagaragu b'indahemuka bamusezeraniye kumwumvira muri byose no kujyana na we, haba mu byiza no mu bikomeye. **Inama:** Tube abakristo barangwa n'ubudahemuka aho turi hose no mu bihe byose. Indir. 133 Gushimisha.

**Kuwa kane 2 Ukwezi kwa karindwi 2 Samweli 15.19-37 Ikib.1,3**
**Aho umwami databuja azaba, .... ni ho umugaragu wawe nzaba** (21): Itayi w'umugiti yari umusirikare w'i Gati. Agomba kuba yaramenyanye na Dawidi ubwo yari iwabo mu buhungiro. Nubwo yari umunyamahanga, yagaragaje urukundo n'ubudahemuka bukomeye kuri Dawidi. Yanze gusubira i Yerusalemu, yiyemeza kuzagwa inyuma ya Dawidi. **Subiza isanduku mu murwa** (25): Sadoki n'Abalewi bari bahunganye isanduku y'isezerano. Dawidi yabasabye gusubira i Yerusalemu. Si uko yari ayobewe akamaro ko kugira Uwiteka hagati muri bo. Ariko akeneye cyane ingabo muri iki gihe, n'abantu b'inyangamugayo bari i Yerusalemu bazamufasha kubona amakuru y'ibihakorerwa. **Dawidi aterera aho bazamukira ku musozi wa Elayono** (30): Dawidi yazamutse aha hantu hamwe n'abo bari kumwe bacuze umuborogo. Yahuye na Hushayi inshuti ye, amuha ubutumwa bukomeye. Imana yamuhaye abantu b'inyangamugayo bo kumubera aho atari. **Icyifuzo**: Tujye dusabira abantu kwirinda gutererana bagenzi babo bari mu bibazo.

**Kuwa gatanu 3 Kwa karindwi 2 Samweli 16.1-23 ikib. 3**
**Dawidi ahura na Siba umugaragu wa Mefibosheti** (1): Mu gihe Dawidi yari mu nzira ahunga, yahuye n'abantu babi bafite imico itandukanye. Siba yabeshye agambiriye gusenya izina rya Mefibosheti. Shimeyi ukomoka mu muryango wa Sawuli yabonaga ibibaye kuri Dawidi ari igihano kivuye ku Uwiteka. Yamushinjaga kuba nyirabayazana w'urupfu rwa Sawuli n'abo mu muryango we. Muri ibi byose, Dawidi yaricecekeye, agaragaza ko kwihanganira ibigeragezo bishoboka. **Tugire inama uko twagenza** (20): Ahitoferi wari uzwiho gutanga inama zirimo ubwenge, iyo yagiriye Abusalomu yo kwinjira inshoreke za se yari kirimbuzi. Kuri we icyo cyari ikimenyetso kigaragaza ko ubwami bwa Dawidi bwashyizweho iherezo, bityo Abisirayeli bakamuzinukwa. Ntiyari azi ko yamukoresheje ibizira byari gutuma iyo mikorere mibi irushaho guteranya Abusalomu n'Uwiteka (Lewi. 18.8,30). **Zirikana:** Aho abayobora b'ubwenge batari, abantu baragwa, ariko aho abajyanama bagwiriye haba amahoro (Imig.11.14).

**Kuwa gatandatu 4 Ukwezi kwa karindwi 2 Samweli 17.1-14 Ikib.3,7**
**Nubona uwo muntu ushaka, uzaba ugaruye bose** (3): Inama yo gutera Dawidi Ahitofeli yagiriye Abusalomu yari iteguranye ubuhanga buhanitse. Kumutera atarisuganya ni yo yari nzira yo kumwica no kumutsinda. Iyo ni imigambi y'umwana w'umuntu, ariko Uwiteka agira inzira ze. Kandi rero utakurusha gusenga ntakagukange. **Nimumpamagarire Hushayi w'Umwaruki na we twumve icyo avuga** (5): Hari impamvu yatumye inama ya Ahitofeli igawa: Yigize umugaba w'ingabo, yitwara nk'uzarwana wenyine (2-3). Hari aho tubona abandi bibone nka we (Dan. 4.26-29; Luka 12.18-20). Hushayi we yibonaga nk'ingabo mu zindi. Intsinzi si iye gusa ahubwo ayifatanyije n'Umwami na bagenzi be (12-13). Icyo Abusalomu atabona ariko, ni uko inama za Hushayi ziri mu mugambi wo kumukiza Dawidi. Iyo Uwiteka ahagurukiye kurwanya imigambi y'ubugizi bwa nabi, ayihindura ubusa ntawe urabutswe. Mu mutima w'umuntu habamo imigambi myinshi, ariko inama y'Uwiteka ni yo ihoraho (Imig. 19.21). **Icyifuzo:** Dusengere abayobozi kugira ngo Imana ibahe abajyanama bazima.

**Ku cyumweru 5 Ukwezi kwa karindwi 2 Samweli 17.15-29 Ikib.3**
**Iri joro nturare ku byambu byo ku butayu** (16): Hushayi yagize amakenga, ateganya ko inama ya Ahitofeli ishobora gushyirwa mu bikorwa. Yakoresheje inyangamugayo za Dawidi zasigaye i Yerusalemu. Nta n'umwe wamubereye ikigwari mu bo yashubijeyo, kimwe n'abatarahunze bari bamukomeyeho. **Maze umugore asingira igipfundikizo agipfundikiza ku munwa w'iriba** (19): Uru ruhererekane rw'ibikorwa byo gufasha Dawidi, ibitsina byombi birahagarariwe. Uretse umuja wavanaga amakuru kwa Abusalomu (17), uyu mugore na we yahishe Yonatani na Ahimāsi, ababakurikiye bafata ubusa.

**Ariko Ahitofeli... yiyahuza umugozi arapfa, bamuhamba mugituro cya se** (23): Iyo Imana ibona abanzi bacu bazabangamira umugambi wayo kuri twe, ibakura mu nzira mu buryo bw'amayobera. Ubwenge bwe yanze kubukoreshereza Imana, bituma bushyirwaho iherezo. Ubundi kandi, iduha inshuti zidasanzwe, zirimo n'izitanga ku byabo ngo tutagwa isari (27-29). **Zirikana:** Nzakujya imbere ahataringaniye mparinganize (Yes. 45.2). Indir. 286 Gushimisha.

**Kuwa mbere 6 Ukwezi kwa karindwi 2 Samweli 18.1-18 Ikib.1,3 Wowe nturi butabare** (3): Dawidi yateguye urugamba, ashyiraho abagaba b'ingabo batatu, Yowabu, Abishayi na Itayi. Na we yifuje gutabarana na bo. Inama yemeje ko asigara, kuko agiyeyo byari gutuma batakaza ingabo nyinshi ku rugamba, bitewe no kumuhigisha uruhindu. Imana yanamurinze kuzagibwaho n'urubanza rw'urupfu rw'umuhungu we, nkuko yamukijije urw'urupfu rwa Sawuli (1Sam. 28.8-9). **Abisirayeli bahanesherezwa n'abagaragu ba Dawidi** (7): Ingabo za Abusalomu zatakaje abantu benshi, Abusalomu afatwa n'ishami ry'igiti. Yowabu yumvise inkuru yuko atarashiramo umwuka, yirengagiza ibyo Dawidi yari yarasabye (4-5). Umutima wa Dawidi wari uwa kibyeyi, ariko Yowabu we yakoze gisirikare. Ubugambanyi bwa Abusalomu, inyota y'ubutegetsi n'ubwibone byamugejeje ku iherezo ribi. Bibiliya itubwira ko kwibona kubanziriza kurimbuka, kandi umutima wirarira ubanziriza kugwa (Imig. 16.18). **Gusenga:** Mana yanjye, abanzi banjye nibampagurukira, ujye unyibutsa ko abakunzi bawe ubarinda iteka ryose (Zab. 37.28).

**Kuwa kabiri 7 Ukwezi kwa karindwi 2 Samweli 18.19-32 Ikib.1,3 Ntujya kuvuga amacumu uyu munsi** (20): Urupfu rwa Abusalomu ni rwo rwashoje intambara, Yowabu abuza ingabo ayoboye gukurikirana Abisirayeli, aba na bo bakwirwa imishwaro basubira iwabo. Ku ngabo za Dawidi zari ku rugamba, urupfu rwa Abusalomu yari inkuru ishimishije (17). Ariko Yowabu we ari azi ko kuri Dawidi ibyabaye atari ibyo kwigamba, kuko umwami yapfushije umwana (20). Yowabu yagize amakenga yangira Ahimâsi kujya kuvuga amacumu. Yohereje Umukushi, umugaragu w'imbata (20,21). Kwinangira ukanga kumvira inama z'abagukuriye, ni indwara ikunda kwibasira abakiri bato. Ujye ubyirinda. **Dawidi yari yicaye hagati y'amarembo abiri** (24): Ahimâsi nubwo yari umwiringirwa akanatanga umukushi kugera ibwami, ntiyatinyutse kuvuga ibyabaye. Umukushi ni we watanze amakuru nyayo ku baguye ku rugamba, barimo na Abusalomu. **Icyifuzo:** Dusabe Imana kuduhera abana kuyubaha bamaramaje, ejo ibyaha byabo bitazadukururira kumva inkuru nk'iyi.

**Kuwa gatatu 8 Ukwezi kwa karindwi Luka 19.1-10 Ikib.3**
**Zakayo, ururuka vuba kuko uyu munsi nkwiriye kurara iwawe** (5): Abakoresha b'ikoro bafatwaga nk'abagambanyi bakorera ubutegetsi bw'Abaroma n'imana zabo. Bafatwaga kandi nk'abigwizagaho imitungo bakandamiza bene wabo b'Abayuda. Ibyo byatumaga bahabwa akato. Kuba rero Yesu yari agiye kurara kwa Zakayo, Abafarisayo n'abanditsi ntibabyakiriye neza. Urukundo rwa Yesu iyo rwahagurukiye gutwikira ibicumuro by'umunyabyaha, iby'amateka bishyirwa ku ruhande. **Dore databuja, umugabane wa kabiri w'ibintu byanjye ndawuha abakene** (8): Zakayo yabonye utandukanye n'abandi banyedini asanzwe abona, yihana atazuyaje, asubiza iby'abandi yongeyeho n'indishyi. Yerekanye ko gukizwa ku mukire bishoboka, ugatanga ibyawe udasigaranye agahinda (18.23). Hari abantu tujya twumva batakizwa, bitewe n'ibyaha tubaziho. Nyamara abo na bo bari mu bazimiye Yesu yaje gutarura. **Zirikana:** Uyu munsi agakiza kaje muri iyi nzu, kuko na we ari umwana wa Aburahamu (9). Indir. 281 Gushimisha.

**Kuwa kane 9 Ukwezi kwa karindwi Luka 19.11-27 Ikib.1,3**
**Nuko ahamagara abagaragu be cumi abaha mina cumi** (13): Mu gihe imitima ikomeje kwibaza ku byabereye kwa Zakayo, Yesu we arashaka kwerekana ko umaze gukizwa hari indi ntambwe agomba gutera. Iyi nkuru iravuga iby'imfura yasigiye abagaragu be mina zo kugenzura. Rero yagombaga kugenda akamara igihe yaragiye kwima ingoma, abagaragu bagasabwa gusigara ari abizerwa kandi bakora ibitanga umusaruro igihe adahari. Hanyuma yagaruka akazagenzura ko buri wese yakoze ibyo yagombaga gukora. Iki gihe turimo ni cy'umwiteguro wo kugaruka k'Umwami wacu Yesu. Twahawe ibya ngombwa byose byo kubaka no kwagura ubwami bw'Imana. Yesu adutegerejeho gukoresha izo talanto zikagwira maze ubwami bugakura. Ese ko nta kabuza abakoze neza bazahembwa, witeguye kutazakorwa n'isoni ubwo azaba agarutse? (16-17, 20-21). **Gusenga:** Mwami Yesu mfasha gutahura impano zindimo no kuzikorasha uburyo butuma ubwami bw'Imana bwaguka, maze nzashyirwe mu mubare w'abagaragu beza.

**Kuwa gatanu 10 Ukwezi kwa karindwi Luka 19.28-48 Ikib.2,3**
**Bakizanira Yesu, bagiteguraho imyenda yabo, bakicazaho Yesu** (34)**:** Iyi ndogobe yahanuwe n'umuhanuzi Zekariya (Zek. 9.9). Ishushanya ko uyicayeho ari Umwami w'amahoro (Yes. 9.5). Abantu bakoze imirongo ku muhanda, bahimbaza Imana kuko bibwiraga ko igihe cya Yesu cyageze cyo kuba umwami, bityo ubuhanuzi bukaba busohoye ko bagiye kubohorwa. **Mwigisha, cyaha abigishwa bawe** (39): Abafarisayo batekereje ko amagambo aba bantu bavuga arimo ubuyobe (38). Ntibashaka kumva umuntu ukora ku butware n'icyubahiro cyabo, unavuga ko aje mu izina ry'Uwiteka.

Ntibanifuza ko ubutegetsi bw'Abaroma bufata ibyabaye nk'imyigaragambyo, bakaba babibazwa. Ni yo mpamvu basabye Yesu gucecekesha abantu be. Ariko Yesu yababwiye ko nubwo abantu baceceka, amabuye ubwayo yaturika akaramya Imana. **Zirikana:** Mu gihe abantu bari bishimiye inyubako z'umurwa n'urusengero, Yesu we yari ababajwe no kwinangira kw'Abafarisayo (41). Ese nawe ujya ubabazwa n'imitima yinangiye ikaba iri kure y'agakiza?

**Kuwa gatandatu 11 Ukwezi kwa karindwi Luka 20.1-8 Ikib.2,3**
N**i butware ki bugutera gukora ibi?** (2): Ririya tsinda ry'abayobozi bashakaga kwikiza Yesu, ryashatse kumuta mu mutego bakoresheje ibibazo bamubajije. Iyo Yesu aza kubabwira ko ubutware bwe abukura ku Mana, bari kumushinja ko yatutse Imana kandi yigereranyije na yo, bityo itegeko rikamutsinda. Yesu yashyize ahagaragara imitego yabo. N'uyu munsi, hari abantu bagenzwa no gutuma bagenzi babo bagwa mu mitego kugira ngo bababoneho impamvu. Hariho n'abandi bagenzwa no kujya impaka gusa, ariko batagamije kwiga no guhinduka. Uko Yesu yabashije kwivana mu iriya mitego y'abashakaga kumugirira nabi, ni ko yiteguye kurwanirira abamwizeye iyo bahagaze mu kuri kwe. Mu gihe duhuye n'imitego ya Satani mu murimo mwiza dukora, tujye duhamya ukuri kandi tukugumemo maze tureke Yesu yikorere umurimo we wo kudutabara. Indir. 179 Gushimisha.

**Ku cyumweru 12 Ukwezi kwa karindwi Luka 20.9-26 Ikib.2,3**
**Ibuye abubatsi banze ni ryo ryahindutse irikomeza imfuruka?** (17): Aya ni amagambo yanditswe mu isezerano rya kera (Zab. 11: 22). Yesu yeretse abayobozi batizera ko gusuzugura Mesiya bakamuhinyura, byari byarahanuwe kera. Gusuzugura ibuye ry'imfuruka mu musingi byari ukwirengagiza agaciro no gukomera kw'inzu. Mu gushaka no gutegura ubuzima bwiza, abantu bagerageza kubakisha ibintu bitandukanye bitewe n'uko babyumva cyangwa n'agaciro k'ibyo bashaka kuzageraho. Ariko kutubakira kuri Yesu nk'urufatiro rwibanze, uba wirengagije agaciro k'iteka ryose ku buzima bwawe. Ese wumva Yesu ari wo musingi wubakiyeho ubuzima bwawe? **Mbese amategeko yemera ko duha Kayisari umusoro, cyangwa ntiyemera?** (22): Igisubizo cya Yesu natwe cyadusigira isomo uyu munsi (24-25). Nk'abakristo kandi abenegihugu, dufite inshingano ku Mana yacu no ku miyoborere y'igihugu cyacu. Ubwo kubaha Imana bidushoboza kuba abaturage beza, Imana ni yo igomba guhabwa umwanya wa mbere mu gihe tugomba guhitamo. Indir. 50 Gushimisha.

**Kuwa mbere 13 Ukwezi kwa karindwi Luka 20.27-47 Ikib.1,5**
**Ariko abemerewe kuzajya muri ya si yindi** (35): Abiyitaga abahanga b'icyo gihe bakuranwe kuri Yesu bose bamushakaho ibirego. Abasadukayo

ni bo bari batahiwe. Bari itsinda ry'abayobozi b'idini bavugaga ko ibitabo bitanu bya Mose ari byo byanditswe byera gusa, Ntibemeraga umuzuko w'abapfuye kuko batawubonaga muri ibyo bitabo. Yesu yahamije umuzuko w'abapfuye. Yabashubije ko badakwiye gutekereza ijuru nk'aho ubuzima bwo ku isi bukomerezayo uko bwakabaye. Abemerewe kuzagerayo bazazuka, ntibazarongora kandi ntibazashyingirwa. Bazaba bameze nk'abamalayika, abana b'Imana kandi abana b'umuzuko (35-36). Amasano yacu azaba anyuranye n'ibyo tumenyereye hano (1Yoh.3.2). **Mwirinde abanditsi** (46): Abigishamategeko bakundaga gukoresha imyanya yabo bagakandamiza abakene n'abapfakazi ngo babone inyungu nyinshi. Gukora ugahembwa ni ngombwa, ariko harimo ubunyangamugayo. **Gusenga**: Mwami Yesu, nshoboza gukoresha neza umwanya n'inshingano mfite mu gutuma abandi batera imbere. Indir. 437 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 14 Ukwezi kwa karindwi Luka 21.1-19 Ikib.3,5**
**Ndababwira ukuri, yuko uriya mupfakazi atuye byinshi kuruta iby'abandi bose** (3): Kuba umupfakazi akaba n'umukene, byari bihagije kugira ngo uyu mubyeyi asonerwe amaturo. Ariko icyo yakoze cyakojeje isoni abo Yesu yari amaze kuvuga ko babacuza utwabo. Umutima wizeye ni wo wamuteye gutanga ubutunzi yari afite imbere n'inyuma. Yabutanganye umutima ukunze, utitotomba, mu gihe abakire bo batuye ku bisaguka kandi biganyira. Ese wumva uko witanga kubw'umurimo w'Imana, ibireba ikabigushimira? **Kuko nzabaha ururimi n'ubwenge** (15): Abakristo bo muri buri kinyejana cyabayeho, bagiye bahura n'itotezwa ry'uburyo butandukanye. Ariko Yesu araduhamiriza ko n'ubwo twaba tumeze nkaho turi twenyine, turi mu kaga, Umwuka Wera azagumana natwe. Azadukomeza, azaturinda, ndetse aduhe n'amagambo tugomba kuvuga muri icyo gihe. Ibyo rero bijye bidutera umwete wo gushikama kuri Yesu, no mu bihe bikomeye. Indir. 37 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 15 Ukwezi kwa karindwi Luka 21.20-38 Ikib.3**
**Ariko ubwo muzabona i Yerusalemu hagoswe n'ingabo** (20): Ibyo Yesu yavuze n'ibyavuzwe n'abahanuzi byasohoreye kuri Yerusalemu (Mika 3.12; Yer. 26.18). Mu mwaka wa mirongo irindwi nyuma y'ivuka rya Yesu, Umwami Titusi w'Abaroma yarahagose arahatwika, ndetse abantu barenga miliyoni baricwa. Ibisigisigi byaho biracyariho n'ubu. Biteye agahinda kwibuka ibyo Abisirayeli biyaturiyeho bari kwa Pilato, byabasohoyeho (Mat.27.25). Tujye twirinda gukerensa amagambo akomeye nk'aya, kandi twitondere amagambo twiyaturiraho. **Ubwo ni bwo bazabona umwana w'umuntu aje mu gicu** (27): Ibya Yerusalemu Yesu yabaye abiretse, atangira kuvuga ibyo kugaruka k'Umwana w'Umuntu uzaza guca imanza. Muri ibyo bihe bikomeye, abizera nta kindi basabwa, uretse gutegerezanya ibyiringiro gucungurwa (28). Ibi bigaragara nk'ubupfu, ariko ukuri kwa Yesu nubwo kwatinda ntiguhera (33).

**Zirikana:** Nuko rero mujye muba maso, musenge iminsi yose kugira ngo mubone kurokoka ibyo byose byenda kubaho (36). Indir.388 Gushimisha.

**Kuwa kane 16 Ukwezi kwa karindwi 2 Samweli 19.1-16 Ikib.1**
**Uwo munsi impundu zihinduka induru mu bantu bose** (3): I Mahanayimu mu bwihisho, ni ho ingabo za Dawidi zamusanze. Aho gutahira mu mbyino z'intsinzi n'imihigo y'abanesheje, zatashye zibêbêra. Dawidi wagombye guturwa ibirori yari mu cyunamo, aborogera umwana we Abusalomu. **Uyu munsi wateye amaso y'abagaragu bawe ipfunwe (**6): Imyitwarire ya Dawidi yatumye Yowabu amutinyuka amubwira ko bene iyo myitwarire ishobora kurakaza abantu be bose. Dawidi yarabyumvise, ahita ajya kwicara ku irembo, abantu bose baza kumureba. Kugira amarangamutima si icyaha, ariko kuyoborwa na yo bishobora guteza igihombo kinini. **Mbese none murabuzwa n'iki kuvuga ibyo kugarura umwami?** (11): Mu gihe Dawidi agifite ipfunwe ryo gusubira i Yerusalemu, imiryango y'Abisirayeli yari yatsinzwe ni yo yafashe iya mbere mu gufata icyemezo cyo kumugarukira, n'Abayuda bakurikiraho. Dawidi yagaruye imitima y'abavandimwe arayihuza. **Icyifuzo**: Sengera imiryango yatandukanye kugira ngo yemerere Yesu ayibere umwunzi. Indir. 43 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 17 Ukwezi kwa karindwi 2 Samweli 19.17-31 Ikib.3**
**Shimeyi… arihuta amanukana n'Abayuda gusanganira umwami Dawidi** (17): Ubwo Dawidi yagarukaga i Yerusalemu, abari bafite ibyo bishinja bahinduye imvugo. Shimeyi yagize ubutwari bwo guca bugufi, yikubita imbere y'umwami amusaba imbabazi z'ukuntu yamuvumye, ndetse azisabira n'abo mu muryango wa Yosefu bose akomokamo. Dawidi na we yatanze imbabazi. Abana b'abantu bamwe bashobora gutanga imbabazi bagasigarana ingingimira (1Abami 2.8-9). Ariko aba Yesu bo izo batanga ziba zisesuye (Ibyak. 7.60). Nawe ubwo umwitirirwa, nuzitanga ntizikabe zifite imbereka. **Mefibosheti mwene Sawuli aramanuka aza gusanganira umwami** (25): Mefibosheti na we yabaye mu ba mbere baje gusanganira Dawidi. Yari abizi ko Siba yamubeshyeye. Dawidi yamenye ukuri, amusubiza igice cy'ibyo Siba yari yaramuriganije. Uwiteka yanga ururimi rubeshya (Imig.6.16-19). **Gusenga**: Mana Data, undinde ururimi rushyashyariza abandi, umpe guhora nzirikana ko ababeshyi batazinjira mu bwami bwawe (Ibyah.22.15).

**Kuwa gatandatu 18 Ukwezi kwa karindwi 2 Samweli 19.32-44 Ikib.3**
**Ngwino tujyane i Yerusalemu ngukirizeyo** (34): Barizilayi nubwo yari umusaza, yagiriye ineza Dawidi ubwo yari impunzi (17.27-28). Umwami yamusabye ko bajyana i Yerusalemu ngo azamwiture iyo neza (34). Balizilayi yumvise kwambukana n'umwami Yorodani byo ubwabyo ari igihembo, maze amuha umuhungu we Kimuhamu ngo abe ari we bajyana. Kimuhamu yasaruye ku mbuto z'ineza ya se. Uko usenze ujye uhesha umugisha

abantu bose bakugiriye neza (40). **Ni iki gitumye bene wacu b'Abayuda bakuzana rwihishwa?** (42): Abisirayeli aho kwishimira ko intambara ishize, abantu bose n'umwami bakaba batashye amahoro, babajije ikibazo kirimo kwiyenza n'irondakoko (42). Mu gusubiza, Abayuda bibuzemo amagambo yo gusubizanya ineza ihosha uburakari (Imig. 15.1). Umutima wose ugutera ubwirasi no kwitwaza ikenewabo ukagira uwo uhutaza, ujye umenya ko uba wabaye indiri ya Satani. Yesu ni Umwigisha mwiza udutoza gukunda abantu bose (1Yoh.4.7). **Gusenga:** Mwami Yesu, ujye undinda amagambo yuzuyemo kwishongora, kuko atera kwirema ibice agakurura amakimbirane, ndetse akangiza igihugu.

**Ku cyumweru 19 Ukwezi kwa karindwi 2 Samweli 20.1-13 Ikib.3 Nta mugabane dufite kuri Dawidi** (2): Amagambo y'ubushotoranyi hagati y'Abayuda n'Abisirayeli yarangiriye mu macakubiri. Sheba ukomoka mu muryango wa Sawuli yahamagariye Abisirayeli kwigomeka kuri Dawidi, na bo baramuyoboka, bitandukanya n'Abayuda (2). Hari abantu bigira nka Sheba, bakuririra ku byashoboraga gukemuka mu mishyikirano, maze bakabibonamo impamvu yo kwirema ibice. Abakora batyo Imana izabitura umujinya n'uburakari (Rom.2.8). **Hoshi jyana abagaragu ba shobuja mumukurikire** (6): Gutinya Sheba kwateye Dawidi guhuzagurika. Igikorwa yashinze Amasa nticyari cyoroshye. Gutinda kukirangiza mu minsi yahawe kwatumye Dawidi amutakariza icyizere, atuma Abishayi kuyobora ingabo zo guhiga Sheba. Yowabu wari warakuwe ku mwanya wo kuyobora ingabo agasimburwa na Amãsa, bahuriye mu nzira amutsindayo Dawidi atarabutswe. **Icyifuzo:** Niwumva uyu mwuka w'ubugizi bwa nabi muri wowe, ujye umenya ko uturuka kuri Satani, maze winginge Yesu aze muri wowe awurandure.

**Kuwa mbere 20 Ukwezi kwa karindwi 2 Samweli 20.14-26 Ikib.3,6 Yowabu azerera mu miryango yose ya Isirayeli** (14): Kugenza Sheba byasabaga kugera mu miryango yose ya Isirayeli. Aho Yowabu na Abishayi bageraga hose Abisirayeli bifatanyaga na bo bakabafasha (14). Bamenye umudugudu arimo barawugota (15). Kugomera Imana k'umuntu umwe kubasha kuzanira abandi benshi akaga (Yos. 7.5,20). **Mumbwirire Yowabu muti: igira hino muvugane** (16): Umugore utavugwa izina, hari ibintu bibiri yabwiye Yowabu byatumye ahindura umugambi we: 1. Mu mateka Abeli wari umudugudu ushakirwamo ibisubizo by'ibibazo abantu bafite (18); 2. Byari bizwi n'Abisirayeli bose ko uyu mugore ari umunyamahoro kandi ari umwiringirwa (19). Yowabu yumvise ubwo buhamya ahindura umugambi wo kubarimbura (21). Ese mu bo mubana, uri umuhesha w'umugisha nk'uyu mugore? **Icyifuzo:** Sengera abakobwa n'abagore bari mu nzego zinyuranye z'ubuyobozi, kugira ngo ijambo ryabo rigire imbaraga zikemura amakimbirane.

**Kuwa kabiri 21 Ukwezi kwa karindwi 2 Samweli 21.1-14 Ikib.3**
**Bukeye ku ngoma ya Dawidi hatera inzara imara imyaka itatu** (1): (1): Gutinda kw'iyi nzara kwatumye Dawidi ayibazaho. Yanyuze mu nzira amenyereye yo gusobanuza Imana. Yaje gusanga yaratewe nuko Sawuli yakoreye urugomo Abagibeyoni, ibyo Imana ikaba itabireka bidahanwe. Ntituzi igihe byabereye, gusa tuzi igihe bagiranye n'Abisirayeli amasezerano (2; Yos.9.15). Ibindi bihe ibyo Sawuli yakoze byamugiragaho ingaruka, ariko ubu bwo igihano kigeze ku bamusimbuye (Ezek.18.2). **Natanga iki ho impano?** (3): Abagibeyoni bataruhanije, basabye Dawidi igitambo baragihabwa (6). Yesu Kristo ni we gitambo kizima kiduhesha kwiyunga n'Imana n'abatugiriye nabi. Inzigo y'Abagebeyoni imaze gukurwaho, ishavu n'umubabaro bya Risipa bimaze kururutswa, Dawidi amaze gushyingura abapfuye nibwo Imana yumvise gusenga kwabo ibaha umugisha (14). **Zirikana:** Dawidi yibutse isezerano hagati ye na Yonatani, bituma Mefibosheti mwene Sawuli arokoka urupfu. Natwe gukomera ku ryacu dufitanye na Yesu bizaturinda urupfu rw'iteka. Indir. 334 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 22 Ukwezi kwa karindwi 2 Samweli 21.15-22 Ikib.1**
**Dawidi amanukana n'abagaragu be arwana n'Abafilisitiya** (15): Abafilisitiya bakomeje kuba amahwa ahanda Abisirayeli. Dawidi yari Kuri uru rugamba rwo kurwana na bo, no kunga abo mu muryango ngo barusheho kugirana ubumwe. Muri uru rugamba yajyanyemo n'ingabo ze, igihanda cyari kigiye kumufatanya n'umunaniro, maze Abishayi arahagoboka. Ingabo ze zamusabye kuruhuka zimugerereranya n'itabaza rya Isirayeli (17;Kuva 27.20). N'ubwo yagendaga asatira izabukuru, ubuzima bwe bwari ubw'igiciro ku Bisirayeli. **Bukeye hongera kubaho intambara ku Bafilisitiya** (19): Ibitero by'Abafilisitiya byarakomeje biyobowe n'abagabo bakomoka ku gihanda cy'i Gati. Buri ntwari ya Dawidi yisasiye buri gihanda mu bitero uko ari bine. Ukuboko k'Uwiteka kwari kuri Dawidi n'ingabo ze. **Gusenga:** Mwami Mana, nshoboza guhagararana nawe mu rugamba ndwana kuri iyi si, kugira ngo ku munsi w'intsinzi izina ryanjye rizabe ryanditse mu mazina y'abanesheje. Indir. 210 Gushimisha.

**Kuwa kane 23 Ukwezi kwa karindwi 2 Samweli 22.1-16 Ikib.2,6**
**Uwiteka ni igitare cyanjye, ni igihome cyanjye** (2): Dawidi yari umuhanzi w'umuhanga, ukunda kuririmbira Uwiteka. Yaririmbiye Sawuli na Yonatani indirimbo y'umuheto (1.19). Yashimiye Uwiteka mu ndirimbo isezerano yamuhaye ry'ubwami bw'Iteka (7.18). Muri iyi ndirimbo yo araha Uwiteka amazina menshi, yose afite impamvu, bitewe n'ibyo yamukoreye. Rondora ayo mazina Dawidi yakoresheje (2-3). Ese hari ayo ubonyemo, akwibukije ibyo Imana yagukoreye wari waribagiwe? **Imiraba y'urupfu yarangose** (5): Abantu benshi iyo bamaze gukomera, bahisha ibiteye ubwoba banyuzemo, ngo bitavaho bitubya icyubahiro cyabo. Abandi bashima by'akanya gato,

bagahita bibagirwa ibyo Imana yakoze. Dawidi we ibyo yamukoreye ntabigira ibanga. **Maze isi iratigita, ihinda umushyitsi** (8): Ibyo ku isi yose, mu ijuru no ku butaka bwo munsi y'inyanja, byose bigomba kumenya ko akorana n'Imana ikomeye. Uyu munsi nawe ukubere uwo kwambaza Uwiteka ukwiriye gushimwa, Ni kuri we ukura gukizwa abanzi bawe (4). Indir. 205 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 24 Ukwezi kwa karindwi 2 Samweli 22.17-37 Ikib.2**
**Ari mu ijuru arambura ukuboko aramfata** (17): Abanzi Dawidi avuga arabazi. Bari abanyamaboko bamurusha imbaraga. Ibitero byabo byari nk'inyanja igiye kumumira. Umuntu uriho urohama yisunga icyo abonye cyose. We yishingikirije ku Mana yonyine, yamufashe ukuboko, imukura mu mazi y'isanzure (18;Yes.59.1). Tugira ukuboko kuva mu ijuru, kukadukorera ibyo ubwenge bwacu butubwira ko bidashoboka. Hari umunsi wigeze kubona ukuboko nk'uko ugatabarwa? **Uwiteka yangororeye ibikwiriye gukiranuka kwanjye** (21): Biragoye kwihamiriza ko uri umukiranutsi. Ariko umutima we umenetse kandi wihana, umutera gutinyuka imbere y'Imana akorera. Hari ibintu bitandatu byaranze ubuzima bwe: gukiranuka, amaboko atanduye; kutareka Imana ye; gukurikiza amategeko y'Imana yose; gutunganira Imana; kwirinda gukiranirwa (21-24). **Zirikana:** Nuharanira guhora wiyeza uko bukeye, Yesu na we azagufata agukomeze. Indir. 359 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 25 Ukwezi kwa karindwi 2 Samweli 22.38-51Ikib.1,3**
**Watumye ababisha banjye bampa ibitugu** (41): Dawidi Imana yamwambitse imbaraga zituma anesha abanzi bamugose, bagera ubwo bahunga ubutarora inyuma (38,40). Imana iri muri we yamukijije intambara z'imbere mu gihugu, maze imusezeranya ko abanyamahanga atigeze kumenya bazamuyoboka. Dawidi yasobanukiwe neza ko ibyo byose bitava ku buhanga n'ubuhangange bye. Ni Imana yiyeguriye atizigamye yamugotesheje urukundo rwayo. Iyo tunesheje ikigeragezo, turinzwe ku rugamba cyangwa mu mpanuka, cyangwa duhawe umugisha mu byo dukora, ntitukagire undi tubyitirira. Uwiteka ni we ubikora. **Ni we Dawidi n'urubyaro rwe iteka ryose** (51): Dawidi aributsa Imana ibyo yavuze ku bazamukomokaho, ko ubwami bwe butazahanguka (7.12-16). Ibyo azahora abyishimira iminsi yose yo kubaho kwe. **Gusenga:** Mwami Yesu, ujye ushyira imbere yanjye ibyo wankoreye byose, kugira bintere guhora ngushima, no kumenya ko ahazaza hanjye n'umuryango wanjye hari mu biganza byawe. Indir. 99 Agakiza.

**Ku cyumweru 26 Ukwezi kwa karindwi 2 Samweli 23.1-7 Ikib.1**
**Uwo Imana ya Yakobo yimikishije amavuta** (1): Nk'uko byagendekeye Mose, Dawidi na we yashoje asigira ubwoko bwe umurage mwiza (Guteg.33.1). Umwuka w'Uwiteka yavugiye muri we, bituma adusigira indirimbo zidasaza yise "iz'igikundiro za Isirayeli". Ubuhamya Imana yamutangiye yarabusazanye. Ubwayo ni yo yamuhamirije igira iti: "Mbonye

Dawidi mwene Yesayi, umuntu umeze nk'uko umutima wanjye ushaka" (Ibyak.13.22). Isuzume urebe niba ubuhamya wari ufite ukimara gukizwa, n'uyu munsi hari ababugutangira. **Utegekesha abantu gukiranuka.... ahwana n'umuseke utambitse** (3-4): Umuseke ugaragaza ko izuba riri hafi kurasa, rikazana umucyo n'ubushyuhe. Dawidi akiri ku ngoma, Abisirayeli baguwe neza, batsinze intambara nyinshi, habaho ubutabera, amahoro n'uburumbuke. Uwiteka yabanye na we, ariko na we ashyiraho akarusho ko gutwara aca bugufi imbere y'Imana (3). **Inama:** Tujye dusabira abatuyobora kuyoborwa n'Imana ku buryo bagirira umumaro abo bayobora. Indir. 169 Gushimisha.

**Kuwa mbere 27 Ukwezi kwa karindwi 2 Samweli 23.8-39 Ikib.3**
**Aya ni yo mazina y'abantu b'intwari ba Dawidi...** (8): Nubwo Dawidi yakoze iby'ubutwari, ababimufashijemo amazına yabo n'ibikorwa byabo byaranditswe. Hari abayobozi bikubira amashimwe yose, imirimo bashimirwa abayigizemo uruhare bakibagirana. **Abatatu kuri ba bandi mirongo itatu** (16): Aba bagabo batatu, baratwaranye, bajya gushakira Dawidi amazi mu iriba ryo ku irembo ry'i Betelehemu, ahagenzurwaga n'abanzi babo. Byari mu gihe barwanaga n'Abafilisitiya (5.17-19). Nubwo yari afite inyota nyinshi, Dawıdı ntiyayanyoye. Yumvaga ari ukunywa amaraso y'izo ntwari. Yayasutse imbere y'Uwiteka, we ubarwanirira (1Sam. 17 45-46). Intwari zose uko ari 37 zakomoraga ubutwari ku Uwiteka wabahaga kunesha cyane (10, 12,39). **Zirikana:** Niba twifuza kuzaboneka mu gitabo cy'ubugingo, iki ni cyo gihe cyo kwiyandikisha. **Gusenga:** Mwami Yesu, ujye undinda ibibi byazava aho bikingiriza ibyiza nakoze, bigatuma utaturira izina ryanjye imbere ya Data (Ibyah.3.5). Indir. 210 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 28 Ukwezi kwa karindwi 2 Samweli 24.1-15 Ikib.1,4**
**...Mubare abantu kugira ngo menye umubare wabo.** (2): Kumenya umubare w'abantu si cyo cyari ikibazo, kuko hari n'ubundi Uwiteka Imana yigeze kubisaba (Kub.1.26). Impamvu Dawidi yabikoze nubwo Yowabu yasaga n'uwabimubujije (3), yaba yarabitewe n'ubwoba cyangwa ubwirası, ashaka kumenya ubwinshi bw'imbaraga afite kugira ngo akomeze urugamba. Yakoze icyaha mu maso y'Imana. Yiringiye umubare w'ingabo, aho kwiringira Uwiteka, yagiye ibabera umugaba w'ingabo (Abac.7.4-8). **Twigwire mu maboko y'Uwiteka** (14): Dawidi amaze kubara abantu, yamenye ko ibyakozwe byababaje Uwiteka. Yasabye imbabazi, arazihabwa, ariko Imana iramucyaha (Imig.3.12;Ibyah.3.19). Yamutumyeho umuhanuzi Gadi, imusaba guhitamo igihano kubw'icyaha yakoze (13). Mu bihano bibiri bitarimo kugwa mu maboko y'abanzi, yarekeye Uwiteka kwihitiramo. **Gusenga:** Mwami Yesu, ndagushimira amaraso yawe wamennye ku bwacu, kubw'ayo ukaba uhora unyezaho iby'ubupfu bihora binteranya nawe. Indir. 5 Agakiza.

**Kuwa gatatu 29 Ukwezi kwa karindwi 2 Samweli 24.16-25 Ikib.2,3 Zamuka wubakire Uwiteka igicaniro** (18): Mugiga yateye Isirayeli yose, yica abantu benshi. Kugira ngo mugiga ishire mu gihugu hari ibyo Dawidi yagombye gukora: 1. Yaciye bugufi yakira igihano cy'Imana (14); 2. Yamenye icyaha cye agisabira imbabazi (17). 3. Yakoze ibyo Uwiteka yamutegetse gukora byose, yubaka igicaniro cy'Uwiteka ku mbuga ya Arawuna aho yamubwiye (25), atamba ibitambo byoswa uko yabitegetswe (25; Lewi. 4.22-26; 3.1-5). 4. Yaguze imbuga ya Arawuna n'inka zo gutamba ku biguzi byinshi kubwo kuzirikana intama zahuye n'ingaruka z'icyaha zitakoze (17). Ku mbuga ya Arawuna, haba ari ho Aburahamu yari agiye gutambira Isaka (Itang. 22.2). Ni na ho Salomo yaje kubaka urusengero rwitiriwe izina ry'Uwiteka. Yesu na we yahakandagije ibirenge yigisha kandi avuga ubutumwa bwiza. **Inama:** Tugire umwete wo kubaha Uwiteka, kugira ngo isezerano yahahereye Salomo risohorere ku gihugu cyacu (2Ngoma 7.14). Indir. 104 Gushimisha.

**Kuwa kane 30 Ukwezi kwa karindwi Zaburi 119.97-120 Ikib.5 Ibyo wategetse bituma ndusha abanzi banjye ubwenge** (98): Hari inyungu nyinshi nyiri iyi Zaburi yakuye mu kumvira ijambo ry'Imana: Imana yamuhaye ubwenge buruta ubw'abanzi be (98) n'ubw'abigisha (99). Imuha kujijuka kuruta ukw'abasaza b'inararibonye (100). Mu gihe abandi bumva ijambo ry'Imana rikababera nk'ibisharira ndetse bakiziba amatwi, we riramuryohera uburyo butangaje. Umugisha nk'uyu utungwa n'uwemeye kugira ijambo ry'Imana itabaza ry'ibirenge bye, bikerekera aho ijambo ry'Imana ribyerekeje, kandi akagendera mu mucyo waryo, utuma ahora aba kure y'ibikorerwa mu mwijima (105). **Nanga ab'imitima ibiri** (113): Ab'imitima ibiri uyu mwanditsi icyo abaziza ni uko barangwa no kugira ubuzima buzwi, n'ubundi bw'ibanga bukorerwamo imirimo y'umwijima**.** Bene abo barangwa no guteranya abandi no guhora mu mpaka z'urudaca. Bene abo Yakobo asabira imitima yabo kwezwa (Yak. 4.8) ngo ejo batazabura ijuru. **Gusenga:** Mwami Yesu, mpa umutima ukunda ijambo ryawe, rimbere ifunguro rya buri munsi. Indir.121 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 31 Ukwezi kwa karindwi Zaburi 119.121-144 Ikib.3 Ndi umugaragu wawe umpe ubwenge, kugira ngo menye ibyo wahamije** (125): Umwanditsi w'iyi Zaburi akomeza kugaragaza inyota afite yo kumenya amategeko y'Uwiteka kurushaho (124). Yasobanukiwe ko uwanze amategeko y'Imana aba yiyemeje gutegekwa no gukiranirwa (133) no kuyoboka inzira z'ibinyoma (128). Ni yo mpamvu yishakira ubwenge bwo kumenya ibyanditswe, no kubishyira mu bikorwa, kugira ngo rimubere urukingo rumukingira ibyaha. **Agahinda n'umubabaro biranteye, ariko ibyo wategetse ni byo munezero wanjye** (143): Mu isi tugira byinshi bitubabaza, indwara, ubukene, gupfusha, guhomba níbindi. Akenshi ibyo abo

bigezeho bashakishiriza ubutabazi mu nzira zitari nziza, abandi bagatwarwa n' ibiyobyabwenge, cyangwa bagata ibyiringiro burundu, ndetse hakaba n'abiyahura. Uyu mwanditsi we si ko ateye. Ijambo ry' Imana yaribonyemo umunezero umuhesha gutsinda no guhumurizwa (Yoh.16.33). Nubwo wahura n'ibigukomerera, hamya nka Pawulo ko nta cyagutandukanya n'urukundo rw'Imana tubonera muri Kristo Yesu (Rom. 8.35-39). Indir. 133 Gushimisha.

**INCAMAKE Y'IGITABO CY'IBYAHISHURIWE YOHANA**
*Ijambo 'ibyahishuwe' risobanura gutwikurura icyari gitwikiriye mu buryo bwo guhisha. Iki igitabo ni cyo cya nyuma mu bitabo bigize Bibiliya. Cyanditswe na Yohana mwene Zebedayo, mu mwaka wa 95 nyuma yo kuvuka kwa Kristo. Ni na we wanditse ubutumwa bwiza uko bwanditswe na Yohana, n'inzandiko eshatu za Yohana. Icyo gihe yari ku kirwa cya Patimo aho yari afungiye azira guhamya Yesu. Cyandikiwe amatorero arindwi yo muri Asiya hamwe n'abandi bakristo ba hose kandi b'ibihe byose. Yohana ahabwa na Yesu ubu butumwa, Itorero rya Kristo ryari mu karengane no gutotezwa bikomeye. Kuramya Kayizari (umwami w'abami w'Abaroma) nk'Imana ryari itegeko kuri buri wese, utabikoze agafatwa nk'umugizi wa nabi. Ubutumwa bukubiye muri iki gitabo bwari ubwo guhumuriza abakristo, bubafasha kumenya ko nubwo bari mu bigeragezo bikaze, Imana bizeye ari iy'ibihe byose.*

**Kuwa gatandatu 1 Ukwezi kwa munani Ibyahishuwe 1.1-8 Ikib.1,2**
**Ibyahishuwe na Yesu Kristo** (1): Ubu buhanuzi ni amagambo yavuye ku Mana, iyashyikiriza Yesu Umuhuza wacu na yo, maze Malayika ayashyikiriza Yohana, intumwa Yesu wiyita imbata. Ibyo Umwami Yesu Kristo yahishuriye ab'icyo gihe, akabamenyesha ko igihe kiri bugufi, nawe ashaka ko uyu munsi ubimenya, bityo ntuzatungurwe icyo gihe nikigera. **Hahirwa usoma aya magambo** (3): Abasoma aya magambo bakayitondera ni abanyamahirwe. Si uko uyasobanukirwa yose kuko na Yohana hari ibyo atasobanukiwe. Menya ko ibyahishwe ari iby'Uwiteka, ariko ibyahishuwe bikaba ari ibyacu n'urubyaro rwacu (Guteg.29.28). **Ubuntu bube muri mwe n'amahoro biva ku Mana** (4): Iyi ndamukanyo yari imenyerewe muri icyo gihe. Ubwo buntu n'ayo mahoro Ubutatu Bwera butanga tujye duhora tubyifurizanya abo mu itorero rya none. **Zirikana:** Yesu ni itangiriro, akaba n'iherezo (8). Ni Umwami ushobora byose. Mwegere umubwire ibiremereye umutima wawe, arakuruhura. Indir.186 Gushimisha.

**Ku Cyumweru 2 Ukwezi kwa munani Ibyahishuwe 1.9-20 Ikib.2,7**
**Ku munsi w'Umwami wacu nari ndi mu Mwuka** (9): Ku wa mbere w'iminsi irindwi, umunsi wo kuzuka kwa Kristo, Yesu ni bwo yiyeretse Yohana amusanze mu bihe byiza byo gusenga. Yamuhaye ubutumwa bugenewe amatorero arindwi (11). Yohana waciriwe ku kirwa Patimo azira ijambo ry'Imana no guhamya Yesu n'abakristo, bari bakeneye amagambo

yo kubarinda ubuyobe, kubasubiza ku rufatiro no kubahumuriza. **Ibitereko by'amatabaza birindwi n'inyenyeri indwi** (12): Yesu mu bwiza bwe yari ahagaze hagati muri ibyo bitereko by'amatabaza. Ni Imana, Umwami n'Umucyo umurikira itorero rye yacunguje amaraso y'igiciro kinshi. **Witinya, ndi uwa mbere kandi ndi uw'imperuka** (17): Yohana yamenye Yesu kuko yabanye na we imyaka itatu (1Yoh.1.1-2; Mat.17.1-2). Ibyo ntibyamubujije gutinya, kuko yari amubonye mu buryo budasanzwe. Yesu yaramuhumurije, ati: «Witinya». Mu byo udasobanukiwe uhura na byo, jya wibuka ko uri kumwe na Yesu witeguye kukwiyereka bundi bushya no kurwana n'ibikurwanya. Indir.191 Gushimisha.

**Kuwa mbere 3 Ukwezi kwa munani Ibyahishuwe 2.1-7 Ikib.6**
**Nzi imirimo yawe** (2): Iri torero ryo muri Efeso ryagize ububyutse mu ntangiriro yaryo. Ryarwanyije ibyaha by'ubusambanyi no gusenga igishushanyo Arutemi byarangaga uwo mujyi (Ibyak.19.23-27). Ryaranzwe kandi n'imirimo myiza ikoranywe umuhati, kwihanganira akarengane kakorerwaga abizera Yesu, kwamagana abanyangeso mbi, no kumenya gutandukanya intumwa z'ukuri n'abanyabinyoma. Pawulo yabashimiye uburyo bakunze itorero rya Kristo bagakunda n'abera bose (Ef.1.1-2). Iyi mirimo myiza natwe turayikeneye. **Ariko rero mfite icyo nkugaya** (4)**:** Urukundo rwabo rwarakonje. Urukundo Yesu yise itegeko rishya iyo rubuze mu itorero nta buzima riba rifite, riba risigaye ku mihango gusa (Yoh.15.12). **Zirikana:** Abanikolayiti ni abavangaga kwizera kwabo n'ibinezeza by'ibyaha byabaga mu mujyi wa Efeso. Niba ufite ibyo ukivangavanga, Ibuka aho wavuye ukagwa wihane (5). Uko kwihana kuguhesha amahirwe yo kuzarya ku mbuto z'igiti cy'Ubugingo kiri muri Paradiso y'Imana. Indir.110 Agakiza.

**Kuwa kabiri 4 Ukwezi kwa munani Ibyahishuwe 2.8-11 Ikib.1,5**
**Nzi amakuba yawe n'ubukene bwawe** (9): Itorero rya Simuruna ryahuraga n'ingorane ebyiri nkuru: 1. Abayuda benshi mu bari bahatuye barwanyaga Itorero rya Kristo. 2. Abatari Abayuda bo baramyaga umwami w'abami w'i Roma nk'imana. Ibyo byatumaga abizeye Kristo bamwe bicwa abandi bakamburwa ibyabo bagakena. Ako kaga bari barimo ni ko katumye uwiyita Uwa mbere akaba n'Uw'imperuka, abohereza amagambo yo kubahumuriza no kubibutsa ko nubwo iby'isi babibura, ariko ko hari ubutunzi bwiza buhoraho babikiwe mu ijuru (Heb.10.34). Abafite ibyo byiringiro, ntibafite gusubira inyuma. **Nanjye nzaguha ikamba ry'ubugingo** (10): Ikamba ni igihembo cyahabwaga abatsinze mu marushanwa y'imikino. Urugendo turimo ni urugamba, tudafite ibyiringiro bihamye twatsindwa vuba cyane. Yesu uturangaje imbere azaduha kunesha (Roma. 8.37). **Isezerano:** Unesha ntacyo azatwarwa n'urupfu rwa kabiri (Ibyah.21.8). Gupfa uru rupfu

rwa kabiri ni ukujya aho utazongera kubona Imana ukundi (Ibyah. 21.8). Indir. 41 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 5 Ukwezi kwa munani Ibyahishuwe 2.12-17 Ikib.1,2**
**Nzi aho uba ko ari ho intebe y'ubwami bwa Satani iri** (13): Perugamo ni ho idini y'abasengaga umwami w'i Roma yari ikomeye cyane. Ikigirwamana Zewusi bafataga nk'igikomeye kurusha ibindi ni ho cyari gifite intebe. Yesu arashima cyane ubutwari bw'abatakaje ubuzima ku bwo kwizera kwabo, barimo Antipa yavuze mu izina. Niba aho utuye uzengurutswe n'imbaraga z'umwijima, guma muri Yesu kuko ari we uzaguha kunesha (2Kor.10.3-5). **Ariko rero mfite bike nkugaya** (14): Muri icyo gihe uwo mujyi wari mu buyobe Yesu yitiriye Balamu, wayobeje Abisirayeli bagahindukirira ibigirwamana, bagasambana n'Abamowabukazi (Kub.25.1-3). Abanikolayiti bari barayogoje ako karere na bo ntibahatanzwe. Itorero ryahungabanijwe no kuvangavanga gukabije. **Unesha nzamuha kuri manu yahishwe** (17): Iyi manu izagororerwa abirinze guhumana ni umutsima w'ubugingo ari wo Yesu ubwe (Yoh. 6.31-35). **Icyifuzo:** Saba Umwuka Wera aguhishurire amayeri yose Satani akoresha muri iki gihe agamije kwanduza ubugingo bw'abizera. Indir.110 Agakiza.

**Kuwa kane 6 Ukwezi kwa munani Ibyahishuwe 2.18-29 Ikib.6**
**"Itorero ry'i Tuwatira"** (2): Tuwatira ni ho Lidiya yakomokaga, uwo mu ba mbere Pawulo yabyaje ubutumwa mu mujyi wa Filipi (Ibyak.16.14). Wari umujyi warangwaga n'imirimo myinshi y'ubukorikori, nko kuboha imyenda no kubumba. Abanyabukorikori bibumbiraga mu matsinda bagatambira imana zabo ibitambo. Ibyo byabangamiraga abakristo bafatanyaga umwuga na bo. Muri iki gihe ibyanduye n'ibizira byisukiranya cyane, dusabe Umwuka Wera aturinde kwanduzwa na byo. **Ukundira urya mugore Yezebeli … akigisha** (20): Yezebeli muka Ahabu yari umugore wakoze ibibi byinshi. Yoheje Abayuda kuramya Bali, yicisha abahanuzi b'Uwiteka (2Abami 9.22;18.4). I Tuwatira hari umuhanuzi w'ibinyoma umeze nka we. Ujye usengera abayobozi b'itorero kugira ngo babe maso, bahishurirwe abashobora kwinjiza inyigisho z'ibinyoma mu itorero. **Zirikana:** Yesu ni we Nyenyeri yo mu ruturuturu (Ibyah. 22.16). Umunsi azerekanwa tuzasa na we, tuzamureba uko ari (1Yoh.3.2).

**Kuwa gatanu 7 Ukwezi kwa munani Ibyahishuwe 3.1-6 Ikib.6**
**Nzi imirimo yawe nuko ufite izina ry'uko uriho** (1): Ikibazo cy'itorero ry'i Sarudi nticyari ibyaha bikomeye cyane cyangwa akarengane ryakorerwaga, ahubwo nta mwanya ryahaga Umwuka Wera ngo ariyobore kandi ahindure ibitameze neza. Kugwingira nk'uku kujya kwinjirana itorero, maze abahoze bazwi ku kuba abanyamwuka bagasigara kw'izina no ku mihango y'idini. Nitwisanga muri ubwo buhenebere, tujye twinginga Imana itugarurire ibihe

nk'ibya mbere (Amag.5.21). **Icyakora ufite amazina make y'ab'i Sarudi batanduje imyenda yabo** (4): Nubwo iri torero ryasaga n'iripfuye rwose, Yesu aribonamo bake bamunambyeho (2Tim.2.19). Abo barinze kwizera kwabo, bazambikwa imyenda yera, amazina yabo ntazahanagurwa mu gitabo cy'ubugingo, ahubwo Umwami Yesu azayavugira imbere ya Data n'imbere y'Abamalayika be. **Zirikana:** Yesu akuzi izina, kandi rifite aho ryanditse. Hari umunsi azaguhamagara akakuvuga ibigwi imbere ya Data n'Abamalayika. Indir. 48 Agakiza.

**Kuwa gatandatu 8 Ukwezi kwa munani Ibyahishuwe 3.7-13 Ikib.5 Itorero ry'i Filadelifiya** (7): Itorero ry'i Filadelifiya ryari itorero rito ritarakomera, ariko rihagaze kuri Yesu no ku Byanditswe byera (8b). Ryirinze imiyaga yahungabanyaga abakristo bo mu mijyi baturanye. Yesu Uwera kandi w'ukuri arabakangurira gukomeza kuba abera (1Pet.1.15). Uru rufunguzo rwa Dawidi rurerekeza kuri Kristo, ukomoka mu muryango wa Dawidi, kandi wahawe ubutware bwose (Yes.9.6). Ab'i Filadelifiya bari bahanganye n'ab'isinagogi ya Satani batemeraga ko Yesu ari we Mesiya wahanuwe. Ibikangisho byabo ntibishobora gukinga umuryango Imana yakinguye (Ibyah.3.7b). **Unesha nzamugira inkingi yo mu rusengero rw'Imana yanjye** (10): I Filadelifiya harangwaga n'umutingito wasenyaga inzu hagasigara inkingi zanditseho abakomeye baho. Uzanesha ibigeragezo azagirwa inkingi yo mu rusengero rw'Imana kandi yandikweho izina rishya (12). **Gusenga:** Mwami wanjye, nshoboza kutazagira na kimwe ntakaza mu ngororano abanesha bazahabwa.

**Ku cyumweru 9 Ukwezi kwa munani Ibyahishuwe 3.14-22 Ikib.1,6 "Itorero ry'i Lawodikiya"**(14): Lawodikiya wari umujyi ukize cyane muri icyo gihe, uzwi cyane kubera amabanki menshi yawubonekagamo, inganda zo kudoda imyenda n'amashuri yigishaga iby'ubuganga. **Nzi imirimo yawe yuko udakonje kandi ntubire** (15): Uyu mujyi wari ufite ikibazo cy'amazi. Ayo bakoreshaga yavaga kure azanywe n'umuyoboro, yavagayo ashyushye akagera mu mugi ari akazuyazi. Abakristo baho bagereranywa n'ayo mazi. Ubukire babonaga kubw'uwo mujyi bwatumaga ubukristo bwabo butagira imbaraga, kubera ibibi byinjiraga mu itorero rya Kristo. **Ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda** 18)**:** Yesu yabasabye gushakira ubutunzi nyakuri muri we. Kuba muri we biduha ubutunzi bufite ubuhamya, bikatwambika tukaberwa, kandi tukabona umuti utuma duhumuka, tukabona ikibi hakiri kare kandi tukakigendera kure. Niba warigeze gukizwa ubu ukaba uri akazuyazi, haracyari ibyiringiro. Yesu arakomanga kandi arashaka gusangira nawe (20). Indir. 357 Gushimisha.

**Kuwa mbere 10 Ukwezi kwa munani Zaburi 119.145-176 Ikib.2**
**Njya nzinduka umuseke utaratambika ngataka, amagambo yawe ni yo niringira** (147): Dawidi yari yaramenye ibanga ryo kuzinduka mbere y'ibindi byose agahura n' Umuremyi mbere y'ikindi kintu cyose. Yesu na we yakundaga kuzinduka kare butaracya agasenga, maze akajya mu murimo yabanje guhura na Se, ibisubizo byose abimanukanye (Mar.1.35). Ni byiza cyane gusenga mu gitondo butaracya nta rusaku, nta bikurangaza by'umunsi, ibyawe byose ukabyereka Imana mbere y'ikindi kintu cyose. **Umutima wanjye ubeho kugira ngo ugushime, amateka yawe antabare** (175): Kubaho kwanjye nawe bikwiriye kuba bifite intego nyamukuru yo gushima Imana. Kwitegereza imigisha yose iduha, ukazirikana ko yatanze umwana wayo w'ikinege Yesu Kristo kugira ngo dukizwe, byagombye gutuma duhora dushima mu bibaho byose (Fil.4.4-7). **Zirikana:** Umurongo wa 162 ugutere kurushaho gukunda gutungwa n'Ijambo ry'Imana. Indir.178 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 11 Ukwezi kwa munani Zaburi 120.1-7 Ikib.1**
**Mu mibabaro yanjye natakiye Uwiteka aransubiza** (1): Iyi Zaburi Ni imwe muri Zaburi 15 zitwa iz'amazamuka, baririmbaga bajya i Yerusalemu mu minsi mikuru. Uwayihimbye, hari abakomerekeje umutima we, bawutera umubabaro. Yatakiye Uwiteka aramusubiza. Gusenga ufite intego bigira akamaro cyane kuko iyo ushubijwe urabimenya, ukanamenya uwagutabaye (Zab.71.16-18). Ujye ugira umuco wo gukora urutonde rw'ibyifuzo usengera. **Uwiteka kiza ubugingo bwanjye iminwa ibeshya** (2): Abanyaminwa iriganya bameze nk'intwaro zikomeretsa (Zab.57.5b; Imig. 25.18). Uwo bakomerekeje nta wundi wamwomora usibye Uwiteka wenyine. Niba hari abameze batyo bakujujubije, inginga Imana ikubere ubuhungiro, uhumure kandi izabahana. **Jyeweho nshaka amahoro** (7): Umwanditsi w'iyi Zaburi yari aturanye n'abanzi b'amahoro bavaga i Meshaki n'i Kedali. Yakundaga amahoro ariko bo bagakunda intambara (7). Yesu ni umwami w'amahoro. Duhore twitoza kugira umutima nk'uwe. Ni bwo amahoro azakomeza gusãba imitima yacu. (Mat.5.9). Indir.171 Gushimisha.

***INCAMAKE Y'IGITABO CYO GUTEGEKA KWA KABIRI***
*Iki gitabo gisoza ibitabo bitanu byiswe ibitabo bya Mose. Gitangira Abisirayeli bari mu kibaya cy'i Mowabu, hafi y'i Yeriko, hakurya ya Yorodani (1-5; Kub.33.48-49). Muri iki gitabo, Mose yibukije amateka y'iby'Imana yakoreye Abisirayeli kuva yabakura mu gihugu cya Egiputa, n'uburyo yabanye na bo mu butayu. Abenshi mu bo yabibwiraga ntibari bayazi. Intego ye kwari ukubibutsa ko niba bashaka amahoro n'uburumbuke mu gihugu cy'i Kanani bari hafi kwinjiramo, bagomba kwirinda gupfukamira imana z'abanyamahanga. Inyigisho ye nkuru ikubiye muri aya magambo: "Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose n'imbaraga zawe zose" (6.5). Mose yibukije Abisirayeli ibyo basabwa mu mibanire yabo n'Imana,*

*kandi asubira mu mategeko Uwiteka yabahereye i Horebu ku musozi wa Sinayi. Mose yasabye ko iki gitabo kizajya gisomerwa Abisirayeli bose uko imyaka irindwi itashye (31.10-13). Ibikubiyemo: Amagambo abanza: 1.1-5. Disikuru ya mbere y'intangiriro: 1.6-4.44: Gusobanura amategeko: 12-26 no guhabwa amabwiriza arebana n'amateraniro yera (27-28); Impuguro zisoza (29-30). Umwanzuro. Inkuru zirebana n'urupfu rwa Mose: 31-34.*

**Kuwa gatatu 12 Ukwezi kwa munani Gutegeka 1.1-18 Ikib.3**
**Aya ni yo magambo Mose yabwiriye Abisirayeli bose hakurya ya Yorodani mu butayu** (1): Igitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri kigizwe n'imbwirwaruhame Mose yavuze asezera ku bwoko bwa Isirayeli, nyuma y'imyaka mirongo ine abayobora (3).Yabibutsaga iby'urugendo rwabo rwose muri iyo myaka. **Igihe mumaze kuri uyu musozi kirahagije** (6): Imana ni yo yategekaga guhaguruka no gucumbika. Kubera kutumvira kwabo hari ubwo yabatinzaga ahantu ariko amaherezo ikazongera ikabahagurutsa bakagenda (6). Niba waba waragwingiye mu Mwuka, igihe kirageze ngo uhaguruke ukomeze urugendo. **Mutoranye mu miryango yanyu abahanga b'abanyabwenge b'ikimenywabose, mbagire abatware banyu** (13): Ubwo Abisirayeli bari bamaze kugwira cyane, Mose yabonye neza ko atagishoboye kubayobora wenyine (12), atoranya abayobozi bashoboye bo kumufasha gutwara bagenzi babo (15). **Zirikana:** iri ni isomo ryiza ryo kuyobora abantu. Nubona umurimo ukubanye mugari, jya utoranya abantu bashoboye bakunganire!

**Kuwa kane 13 Ukwezi kwa munani Gutegeka 1.19-40 Ikib.6**
**Dore Uwiteka agushyize icyo gihugu imbere, zamuka ugihindūre** (21): Guhindūra igihugu cy'amasezerano byari isezerano ry'Imana rimaze igihe kirekire, ariko igihe cyari kigeze ngo risohoze, kuko ubwoko bwayo bwari bumaze kugwira bukeneye igihugu cyo kwisanzuramo. Nubwo yabateraga umwete mu rugendo rwabo, ariko ntabwo bo bashize ubwoba ngo bakore icyo bategetswe. **Dutume abatasi batubanzirize badutatire icyo gihugu** (22): Iri ryari ikosa rikomeye cyane kuko cyari icyemezo kivuye mu mutima w'ubwoba. Aho kwizera Imana ibagenda imbere, bumvise hari ibyo bakwiye kubanza kumenya mbere yo guhaguruka. Nubwo Mose yashimye iyo nama (22), yaje kubabera umutego ukomeye cyane ndetse ubuza igisekuru cyose cyavuye muri Egiputa kwinjira mu gihugu cy'isezerano (35). **Abantu baho baturuta ubunini baradusumba** (28): Iyi raporo y'abatasi yarushije imbaraga amagambo ya Mose (29-31), ndetse n'aya Yosuwa na Kalebu bari muri abo batase igihugu (Kub.14.6-9). **Imbuzi**: Havumwe umuntu wiringira undi muntu akishimira amaboko ye, mu mutima we akimura Uwiteka (Yer.17.5). Indir. 176 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 14 Ukwezi kwa munani Gutegeka 1.41-2.13 Ikib.2 Ntimuzamuke kandi ntimurwane kuko ntari hagati muri mwe** (42): Ubu bwoko bwari bufite amatwi ariko ntibwumve! Igihe Imana yababwiye kuzamuka ngo ibayobore bahindure igihugu baranze, hanyuma ibabujije kuzamuka baranga bazamuka mu gasuzuguro, batitaye ku mbuzi Imana yabahaye (43). Ingaruka zo kutumvira zabaye kuneshwa bikomeye (44); bongeye gutakira Imana irabihorera (45). **Tuzenguruka umusozi wa Seyiri igihe kirekire** (2.1): Abisirayeli bari bageze ku mbago z'igihugu cy'amasezerano mu gihe gito cy'imyaka abiri. Ariko kubera kutumvira bahanishijwe kuzenguruka umusozi wa Seyiri imyaka 38. Nta kindi Imana yari itegereje, uretse kubona igisekuru cyose cyavuye muri Egiputa gishizeho (2.14**). Kuko Uwiteka Imana yawe iguhera umugisha imirimo yose ikuva mu maboko** (7): Nubwo ubu bwoko bwarakazaga Imana kubera kutayumvira, yo ni Imana ikomeza kubitaho mu byo bakena byose n'igihe bari mu gihano. Imana yacu ni Imana y'imbabazi, kandi uko yahoze kera n'ubu ni ko iri. Indir.46 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 15 Ukwezi kwa munani Gutegeka 2.14-37 Ikib.7 Kandi nugera ahateganye n'Abamoni ntubagirire urugomo** (19): Abamoni n'Abamowabu bakomoka kuri Loti n'abakobwa be. Uwiteka yabujije Mose n'Abisirayeli kubatera kuko ari bene wabo. Aho batuye ni gakondo yabahaye, nkuko na bo bari kwerekeza i Kanani muri gakondo yabo. Aho hantu hari hatuye abanyamaboko benshi, barimo n'Abanâki (20-23). Uwiteka yabarimburiye imbere y'Abamoni, azanabikorera Abisirayeli. Uko ni ko nawe azagukiza ibiri imbere yawe bigukuye umutima. **Nimuhaguruke mugende mwambuke umugezi Arunoni** (24): Umwami Sihoni yari yarashoboye kwirukana abamowabu mu karere kari hagati ya Arunoni na Heshiboni arakigarurira (Kub.21.26). Yiringiye imbaraga ze yanga ubutumwa bw'amahoro Mose yamwoherereje (26-30). Yazize kutamenya ko Uwiteka ari Umugaba Mukuru w'ingabo w'uru rugamba. Ni we wategetse kwambuka Arunoni, kandi ni we uzakubita hasi abagamika amajosi. **Zirikana**: Kwizera Yesu, kuruta imbaraga nyinshi z'abakomeye (31; Zab.20.8-9). Indir. 201 Gushimisha.

**Ku cyumweru 16 Ukwezi kwa munani Gutegeka 3.1-20 Ikib.2 Nuko Uwiteka Imana yacu itugabiza na Ogi, umwami w'I Bashani n'abantu be bose** (3): Abisirayeli barangajwe imbere na Mose barwanye n'ubwami bubiri bukomeye bwari hakuno ya Yorodani kandi barabunesha**.** Ibihugu by'abo bami bombi Mose yabigabiye imwe mu miryango ya Isirayeli haba gakondo yabo (12,13). Ibi bitwereka ko kutumvira kwa buriya bwoko kutahagaritse imigambi y'Imana ku bwoko bwayo! **Turayirimbura rwose nk'uko twagiriye Sihoni umwami w'i Heshiboni** (6): Ya midugudu yari yarabakuye umutima Imana yarayibagabije barayitsinda. Kwizera guke kwa

ba sekuru kwabimishije gakondo, ariko abana babo barayiragwa. Ese waba nawe ufite ibibazo bigaragara imbere yawe nk'imidugudu miremire, ku buryo utarimo kubona iyo ujya? Izere Imana iturwanirira. **Zirikana:** Intwaro zacu zifite imbaraga zo gukubita hasi ibihome by'uburyo bwose (2Kor.10.4). Indir. 41 Gushimisha.

**Kuwa mbere 17 Ukwezi kwa munani Gutegeka 3.21-29 Ikib.7 Ntimuzabatinye kuko Uwiteka Imana yanyu ari yo ibarwanirira** (21): Mose yari amaze kubona ibitangaza Imana iri gukorera ubwoko bwayo. Yari azi neza ko Yosuwa ari we Imana yatoranije ngo azajyane ubu bwoko mu gihugu cy'isezerano (Kub.27.18-23). Mose aduha icyitegererezo cy'umuyobozi mwiza, ufata uzamusimbura nk'umwana we, akamugira inama. Yari yarabyaye abahungu ariko kuko atari bo Imana yatoranije kumusimbura, yateye umwete Yosuwa uwo Imana yihitiyemo**. Ndakwinginze, emera ko nambuka nkareba igihugu cyiza kiri hakurya ya Yorodani** (25)**:** Uburyohe bwo kubona igihugu cy'isezerano kiri hafi, bwateye Mose kumva yakwinginga Imana ikisubiraho ikamukuriraho igihano, na we akajya muri icyo gihugu (23). Nubwo Imana yamwimye icyo yasabaga (26), yamuhaye amahirwe yo kurebesha amaso umusaruro w'imiruho ye y'imyaka mirongo ine (27). Nubwo atakinjiyemo, yakibonesheje amaso (Guteg.34.1-8). Ibi ni ukurangiza neza, usohoje intego z'icyo wahamagariwe mu buzima. **Icyifuzo**: "Icyampa nkazipfira nk'uko abakiranutsi bapfa, iherezo ryanjye rikaba nk'iryabo" (Kub.23.10).

**Kuwa kabiri 18 Ukwezi kwa munani Gutegeka 4.1-14 Ikib.4 Mwumvire amategeko n'amateka mbigisha, muyitondere kugira ngo mubeho** (1): Kumvira amategeko n'amateka y'Imana ni rwo rufunguzo rw'imigisha y'Imana ku bwoko bwayo. Reba imigisha yose Imana ibasezeranya bo n'urubyaro rwabo ruzakurikiraho nibayumvira. Aya mategeko azabaha kubaho (1). Kuyitondera bizabahesha kubahwa n'andi mahanga abakikije, kuko azababona nk'abantu bafite gahunda mu mibereho yabo (6). Imana izababa hafi kuko ibana n'abayubaha (4), ariko igahana abanyuranya na yo bagasenga ibigirwamana (3). Nubwo agakiza kacu kadashingiye ku mategeko kuko dukizwa ku buntu, Yesu yivugiye ko tuzerekana ko tumukunda nitwitondera amategeko ye (Yoh.14.21). **We kwibagirwa ibyo amaso yawe yiboneye** (9): Kuzirikana ibyo Imana yadukoreye ni byo bidutera umwete wo kuyumvira no kugendera mu mategeko yayo. Kandi ubuhamya bwacu ni bwo buzemeza abadukomokaho ko Imana yatugiriye neza (10)**. Zirikana**: Ibyo twumvise tukamenya, duhamagarirwa kubibwira abana bacu kugira ngo nabo bazabibwire abazakomokaho bige kubaha Imana (Zab.78. 3-7). Indir. 99 Agakiza.

**Kuwa gatatu 19 Ukwezi kwa munani Gutegeka 4.15-31 Ikib.6 Mwe kwiyonona ngo mwiremere igishushanyo kibajwe gishushanijwe** (16): Mose yihanangirije ubwoko bwa Isirayeli ngo bazirinde kurema ibigirwamana bisa n'ikintu icyo ari cyo cyose, cyaba mu ishusho y'inyamaswa yo ku butaka, iyo mu kirere cyangwa mu mazi (17,18). Abihanangiriza kwirinda gusenga inyenyeri cyangwa ibindi bigaragara mu kirere (19). Ibyo byose ni byo byarimbuje amahanga bagiye kwimura muri ibyo bihugu. Imana yavuganiye na bo mu muriro ugurumana kugira ngo ibahishurire ko itandukanye cyane n'ibyo andi mahanga yikubita imbere (15,24). Nawe hari ibimenyetso birenze kimwe ubitse mu mutima wawe bigaragaza ko Imana wizeye iruta kure ibigirwamana. Ntuzabirengeho ngo wimure Uwiteka Imana yawe. **Ubwo muzaba mubyaye abana n'abuzukuru, mukaba mumaze igihe kirekire muri icyo gihugu** (25): Mose yihanangiriza ubwoko bwa Isirayeli ngo bazajye bibutsa abana bavutse n'abazakomokaho ko amasezerano y'Imana adahindukana n'igihe. **Zirikana**: Isi turimo irimo kudutera umwete wo guhuza Ijambo ry'Imana n'imico mibi y'igihe tugezemo. Niba wizera Imana Nyamana, ntuzagwe muri uwo mutego!

**Kuwa kane 20 Ukwezi kwa munani Gutegeka 4.32-49 Ikib.2 Ni wowe werekewe ibyo kugira ngo umenye yuko Uwiteka ari we Mana, ari nta yindi keretse yo** (34): Imana yakoze ibitangaza yiyereka ubwoko bwa Isirayeli, ivugira hagati y'umuriro n'umwijima, kugira ngo ibereke icyubahiro cyayo bige kuyitinya (33,36). Imbaraga z'Imana n'ubushobozi bwayo bidutera kuyubaha, ariko ikirutaho urukundo rwayo ni rwo ruyidukururiraho (34). Izo mbaraga z'Imana ni zo yakoresheje ibakura mu kaga gakomeye muri Egiputa, ibahindura ubwoko bwayo bwite ngo bayubahe (37,38). **Maze Mose arobanura imidugudu itatu hakurya ya Yorodani mu ruhande rw'iburasirazuba** (41): Nubwo imiryango ya Isirayeli yose yari itarafata gakondo zabo ngo bazituremo, Mose yihutiye gushyiraho bimwe mu bizaranga ubuyobozi igihe igihugu cyose kizaba kimaze guturwa. Imana yacu ni Imana ya gahunda, ibyo itangije byose bigomba gutangira neza. Indir.167 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 21 Ukwezi kwa munani Gutegeka 5.1-21 Ikib.4,5 Muyige, muyitondere, muyumvire** (1): Aya magambo Mose yabwiye Abisirayeli ni yo azabafasha kugendera mu mategeko n'amateka y'Imana ibihe byose. Tugomba mbere na mbere kuyiga, ni ukuvuga kuyasoma ndetse no kuyafata mu mutwe. Ariko ibyo ntibihagije, tugomba no kuyitondera, tukayahoza ku mutima kugira ngo tuyashyire mu bikorwa. Yakobo atwibutsa ko umuntu wumva ijambo ry'Imana ntarizirikane ngo arishyire mu bikorwa, aba ameze nk'umuntu wirebye mu ndorerwamo, akabona ibidatunganye ku mubiri we, ariko akabyirengagiza agakomeza akabigendana (Yak.1.22-24). **Ndi Imana ifuha, mpora abana gukiranirwa kwa ba se nkageza**

**ku buzukuruza n'ubuvivi** (9): Mose agaruka kenshi kuri iyi nshingano y'ababyeyi mu kwita ku mategeko y'Imana no kuyigisha abana babo. Burya imyitwarire mibi y'ababyeyi igira ingaruka ku babakomokaho, ariko abubaha Imana bazanira imigisha ababakomokaho kugeza ku ngoma ibihumbi (10). **Isezerano:** Urubyaro rw'abakiranutsi ruzagira amaboko mu isi (Zab.112:1-3). Indir.192 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 22 Ukwezi kwa munani Gutegeka 5.22-33 Ikib.5 Uwiteka Imana yacu itweretse ubwiza bwayo no gukomera kwayo** (24): Abatware b'imiryango ya Isirayeli ni bo bitangira ubuhamya ko babonye icyubahiro cy'Imana, bakumva ijwi ryayo ntibapfe bakabaho. Gusa ibyo babonye byabateye ubwoba basaba Mose kutazongera kumva Imana ivugana na bo muri ubwo buryo. Bahisemo kujya babwirwa amagambo ava mu kanwa ka Mose aho kwegera Imana ngo bayiyumvire ubwabo (27). **Icyampa bagahorana umutima umeze utyo ubanyubahisha** (29): Imana yashimye iyo mitekerereze n'imyitwarire, ndetse yongera gushimangira inyungu ubwo bwoko buzakuramo bo n'abazabakomokaho bose. Ibihe byose, kwifuza kw'Imana ni ukubona abantu yaremye bayegera, bakihana, bakumvira amategeko yayo bakayagenderamo, kugira ngo na yo ibasohoreze amasezerano y'urukundo rwayo yo guhora ibaha umugisha. **Zirikana**: "Nimwitondera amategeko yanjye, muzaguma mu rukundo rwanjye, nk'uko nanjye nitondeye amategeko ya Data nkaguma mu rukundo rwe" (Yoh.15.10). Indir.45 Gushimisha.

**Ku cyumweru 23 Ukwezi kwa munani Gutegeka 6.1-25 Ikib.6 Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose n'imbaraga zawe zose** (5): Iki gice cy'amategeko ya Mose Abisirayeli bari bategetswe kugisoma uko bahuye k'umunsi w'isabato. Cyabibutsaga ko Uwiteka ari we Mana, ko nta yindi mana bagomba kwiremera cyangwa kwimika bayibangikanije n'Uwiteka Imana yabo. Bahamagarirwaga gukunda Imana mu buryo bwose, bituma ntacyo basiga inyuma baha izindi mana. Yesu yashimangiye iri hame, yemeza ko iri ari ryo tegeko risumba ayandi yose, haba mu Isezerano rya Kera ndetse n'Isezerano Rishya (Mat.22.37,38). **Ujye ugira umwete wo kuyigisha abana bawe, ujye uyavuga wicaye mu nzu yawe...** (7): Aya magambo atwibutsa ko gukunda Imana no kuyumvira bigomba kugenga ubuzima bwacu ibihe byose n'ahantu hose, hanze aho tugenda, aho dukora ndetse n'iwacu mu mbere aho abandi batagera. Bigomba kugaragarira abantu bose ko turi abantu b'Imana (8,9,10). **Imbuzi:** Ubutunzi nibwiyongera, icyubahiro kikaza, twirinde ntituzibagirwe Uwiteka n'aho yadukuye. Indir. 48 Agakiza.

**Kuwa mbere 24 Ukwezi kwa munani Ibyahishuwe 4.1-11 Ikib.1**
**Zamuka uze hano nkwereke ibikwiriye kuzabaho nyuma y'ibyo** (1): Yohana yahamagawe n'ijwi rimeze nk'iry'impanda yari yarigeze kumva (1.10). Iryo jwi ni iry'Umwuka Wera weretse Yohana ubwiza bw'Imana n'ubw'ubuturo bwayo n'ibikorerwamo. Ni we twahawe ngo aduhishurire ibyo amaso yacu atigeze kubona n'iby'amatwi yacu atigeze kumva (1Kor 2.9-10). **Mbona intebe y'ubwami iteretswe mu ijuru mbona n'uyicayeho** (2b): Ibyo yeretswe bisa n'ibyo Ezekiyeli na Daniyeli beretswe (Ezek.1.26;Dan.7.9). Imana yacu itegeka ibintu byose, nta kintu na kimwe kitari munsi y'ubutware bwayo. Iyaba abantu babimenyaga, bareka ibibi baterwa no kwishyira hejuru. **Mana yacu, ukwiriye guhabwa icyubahiro no guhimbazwa n'ubutware** (11): Mw'ijuru hariyo ibizima bine n'abakuru 24 bahora baramya Imana, bayiha icyubahiro bakanayihimbaza. Waba usenga cyangwa uri mu mirimo, ujye ufata umwanya wo guhimbariza Yesu ko yatumye ubu usigaye uhishurirwa amabanga yo mu ijuru. Indir. 335 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 25 Ukwezi kwa munani Ibyahishuwe 5.1-14 Ikib.1**
**Ni nde ukwiriye kubumbura kiriya gitabo…?** (2): Iki gitabo kitigeze kibumburwa, kirimo amabanga akomeye y'umugambi w'Imana kw'isi n'ibiyirimo. Yohana yababajwe nuko ari mu ijuru no mw'isi nta wabashije kukibumbura. **Intare yo mu muryango wa Yuda … araneshej**e (5): Uwariho mu iremwa ry'isi, akitangira kuba incungu y'abayituye, uwo ni we wenyine wahishura amabanga y'uwo basangiye Ubumana. Yesu yashushanijwe n'ibintu bibiri: 1. Intare (5) isobanura ko ari umunyambaraga (Itang.49.9-10); 2. Intama (6) isobanura ko yaciye bugufi cyane, akemera kuba igitambo, agapfira ku musaraba ngo aducungure. **Nuko baririmba indirimbo nshya** (9): Ibizima bishushanya ibyaremwe byose, naho abakuru bagashushanya itorero rya Kristo. Indirimbo y'uyu munsi ni nshya. Iririmbiwe uzanye gukiranuka mu isi (10;Yes.42.1-4). **Inama:** Kwibuka amaraso Yesu yamennye kugira ngo tubone agakiza, bijye bituma duhora dufatanya n'ibyaremwe byose guhimbaza uwo Mwami. Indir.111 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 26 Ukwezi kwa munani Ibyahishuwe 6.1-17 Ikib.1,2**
**"Nuko mbona umwana w'intama amena kimwe muri ibyo bimenyetso** (1): Kristo ni we wahawe ubutware bwo kumena ibimenyetso birindwi by'ubushishi byari bifatanije igitabo (5.1). Aya mafarashi afite aya mabara Yohana yeretswe, na Zekariya yarayeretswe (Zek.6.1-8) kandi arerekana urubanza Imana izacira abantu kubw'ibyaha n'ubugome byabo. Imana ni umucamanza utabera. Abazakira urubanza rwe ni abakijijwe. Nyamwanga kumva ntazatinda kubona ko yibeshye. **Mbona imyuka y'abishwe bahowe ijambo ry'Imana n'ubuhamya bwabo** (9): Aba bishwe Yohana yabonye munsi y'igicaniro bahawe ibishura byera, barifuza ubutabera bwihuse, ariko Imana nyiribihe yabasabye kwihangana, bagategereza abandi nka bo maze

bakazaherererwa rimwe ikamba ry'ubugingo (Heb.11.39-40). **Zirikana:** Niba aho utuye utahabona itotezwa ry'abahamya ko Yesu ari Umwami, si uko mu bindi bihugu ritahaba. Ujye wibuka kubasengera, no gusengera igihugu cyawe, kugira ngo kirindwe akarengane nk'ako.

**Kuwa kane 27 Ukwezi kwa munani Ibyahishuwe 7.1-17 Ikib.1,2**
**Mbona Malayika ava iburasirazuba, afite ikimenyetso cy'Imana ihoraho (**2): Aba bamalayika bane Malayika abwira ni abarinzi abakora ibizira badashobora kumeneramo ngo binjire cyangwa bahunge. Ikimenyetso cy'Imana ni icyo gushyira ku ruhanga rw'intore z'Imana, maze abubaha Imana bagatandukanywa n'abazabona ishyano. Kuva mu bidatunganye ni kimwe mu bizatuma nawe ushyirwaho iki kimenyetso (2Tim.2.19). **Aba bambaye ibishura byera ni bande?** (13): Imyenda yera aba bantu Yohana yeretswe bambaye ni ikimenyetso cy'agakiza n'intsinzi. Imikindo bafite mu ntoki ni ikimenyetso kigaragaza abanesheje imibabaro myinshi banyuzemo. Bameshe ibishura byabo mu maraso ya Yesu, none bataramanye n'abahimbaza Imana Isumba byose. Imana izabahanagura amarira yose barize. **Icyifuzo:** Sengera abakristo banyura mu bikomeye muri iki gihe, kugira ngo bahore bahumurizwa no kwibuka ko Umwana w'intama bakoreye abategereje kugira ngo azabuhire amasôko y'amazi y'ubugingo (17). Indir. 205 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 28 Ukwezi kwa munani Ibyahishuwe 8.1-13 Ikib.6**
**Mu ijuru habaho ituze nk'igice cy'isaha** (1): Igihe cyo gufungura ikimenyetso cya karindwi kigeze, ingabo zo mu ijuru zahagaritse kuramya (1). Abera bo bakomeje gusenga bazirikana ko mu ituze no mu byiringiro ari ho Uwiteka atangira imbaraga (Yes.30.15). Urubanza rugiye kuba ni igisubizo cy'Imana ku masengesho yabo (4). **Umuriro wo ku gicaniro ujugunywa mu isi** (5): Uyu muriro ntabwo ari wa mwotsi wazamukaga uva ku gicaniro ugahumurira Uwiteka neza (Kuva 30.7-10). Ni ikimenyetso cyo guhõra kw'Imana (Rom. 12.19). **Nuko ba bamalayika barindwi bari bafite impanda ndwi bitegura kuzivuza** (6): Impanda ndwi zo mu byahishuwe si izizanira Abisirayeli intsinzi baboneye i Yeriko batarwanye. Zo ziragaragaza ko urubanza ruriho nta gisibya, kandi ko ibyago bigiye kugwira isi y'abatizera banze kumvira. **Imbuzi:** Mu gihe tubonye integuza nk'iyi ituruka mu ijambo ry'Imana, turasabwa kuburira abo dushobora kugeraho bose (Ezek.33.9), kandi tukarushaho kwiyeza. Indir.199 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 29 Ukwezi kwa munani Ibyahishuwe 9.1-21 Ikib.6**
**Mbona inyenyeri iguye mw'isi ivuye mu ijuru** (1): Yesu yiyereka Yohana yamubwiye ko afite imfunguzo z'urupfu n'ikuzimu (1.17-18). Hari n'ahandi tubona Malayika ari we ufite urufunguzo rw'ikuzimu (20.1). Uwatumwe yafunguye ikuzimu, abadayimoni bayobowe n'umutware wabo Apoluwoni

(umurimbuzi) barazamuka (11; Luka 8.30-31). Bazamutse mu ishusho y'inzige (3). Izi nzige na Yoweli yarazeretswe. Na zo zari zifite ubutumwa bwo kurimbura (Yow. 2.10-11). Zahawe ububasha bwo kubabaza abantu badafite ikimenyetso cy'Imana ariko zitabishe (5). Ububabare zitera ni nk'ubwa sikorupiyo, ku buryo abantu bababazwaga bakifuza gupfa (6). **Nyamara abantu basigaye .... ntibarakihana imirimo y'intoki zabo** (20): Ibyago aba bantu bahuye na byo ntibyabateye kwihana (20-21). Ibi biragaragaza uko imitima y'abatuye isi inangiye, aho kwihana bifuza gupfa (6). **Icyifuzo**: Sengera imitima y'abagome bafite imitima yabaye akahebwe, kugira ngo bemerere Umwuka Wera kubinjiramo, bityo babashe guhunga umujinya w'Imana.

**Ku cyumweru 30 Ukwezi kwa munani Ibyahishuwe 10.1-11 Ikib.4**
**Mu ntoki ze yari afite agatabo** (2): Aka gatabo Malayika yaje afite karabumbutse. Kubera ko ibimenyetso byari bifunze icya mbere byamaze gukurwaho, nta mpamvu ibuza Yohana kwisomera iki cya kabiri, gikubiyemo ibyo agiye kwerekwa. Iby'ijwi rirenga Malayika yaranguruye n'ibyo guhinda kw'inkuba, Yohana yari agiye kubyandika, ariko asabwa kubigira ubwiru (4). Ibyo ariko ntibibuza ko Imana yatanze ibihagije mu Ijambo ryayo kugira ngo abantu bakizwe kandi bagende nk'abana bayo (Guteg.29.28). **Nenda ako gatabo …, ndagaconcomera** (10): Yohana yaconcomeye ako gatabo ahabwa umurimo w'ubuhanuzi nka Ezekiyeli (Ezek.2.9-3.3). Mu kukarya duhabwa kumenya ibigakubiyemo, tugahabwa ubutware bwo kuvuga ubutumwa. Mu kanwa kararyohereye, kagera mu nda kagasharira. Tugasangamo imbabazi z'Imana ariko hakabamo n'urubanza ku banze kumvira. Jya usoma Ijambo ry'Imana uko bwije n'uko bukeye, kuko ubigenza atyo ntazagendera mu mwijima na hato (Zab.119.11) Indir.162 Gushimisha.

**Kuwa mbere 31 Ukwezi kwa munani Ibyahishuwe 11.1-19 Ikib.1,4**
**Haguruka ugere urusengero rw'Imana.** (1): Kugera urusengero byasabwe, hamwe ni ikimenyetso cy'isezerano ryo gusana nyuma yo gusenywa (Ezek.40.3). Ahandi ni ibipimo byerekana ko gusenywa kwegereje (Yes 34.11b). Muri iki gice Imana igambiriye gushyira ikimenyetso ku mbata zayo cyo kurinda ubugingo bwabo. Nubwo ubuhanuzi bwerekana ko Antikristo azigaragambya akagaragara nk'uwigaruriye itorero kumara igihe gito, Itorero ni iry'Imana kandi abaryo bari mu maboko yayo. Abo ni bo bahamijwe ko ari urusengero rwayo (1Kor.3.16). **Ubwami bw'isi bubaye ubw'Umwami wacu n'ubwa Yesu Kristo we** (15): Impanda ya karindwi ni ijwi rihamya Umwami Imana n'Umwana wayo Yesu Kristo. Abakuru 24 bahamije ko yahozeho, iriho, kandi izahoraho iteka ryose. Igihe cyo guhana abinangiye imitima no kugororera abera kirasohoye (9.20-21). **Zirikana:** Mu gihe twugarijwe n'ibihe biturushya, gusenga ni bwo buryo bwonyine budushoboza gutumbira mu

ijuru, no kwibuka ko Imana izaduha ingororano z'abanesheje. Indir.132 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 1 Ukwezi kwa cyenda Gutegeka 7.1-11 Ikib.7 Ntuzagire isezerano usezerana na bo ntuzababababarire** (2): Iri tegeko ry'Imana ku bwoko bwa Isirayeli rikunze kugora abantu benshi kuryumva no kuryakira. Niba Imana yitwa Imana y'urukundo ni gute yakunda ubwoko bumwe, ubundi ikabuciraho iteka ryo kurimbuka? Inshuro nyinshi Imana yerekana ko ingeso z'ayo mahanga zo gukiranirwa ari zo ziyitera kubarimbura (Itang.15.16). Ni nk'uko byagenze ubwo yarimbuzaga umwuzure abo mu gihe cya Nowa bari bononnye ingeso zabo (Itang.6.13), ikarimbura Sodomu na Gomora (Itang.18.20). Ni uko kandi bizagenda ubwo abatihana bazarimbuka ku munsi w'amateka (Ibyah.20.15). **Kuko bahindura umuhungu wawe ntayoborwe nanjye, ahubwo agakorera izindi mana** (4): Impamvu ikomeye yatumaga Imana yanga ko ubwoko bwayo bwifatanya n'abanyamahanga, kwari ukwanga ko bazava ku Mana bakajya gukorera ibigirwamana. Ibyo kandi ni ko byagenze. Nubwo Imana yari yarababuriye, bamaze gutura no gutunganirwa bahindukiriye izindi mana uhereye ku mwami Salomo warongoye abagore b'abanyamahangakazi bagatuma akora ibyo Imana yari yarababujije (1Abami 11.1-8). **Imbuzi:** Kwifaranya n'ababi konona ingeso nziza (1Kor.15.33).

**Kuwa gatatu 2 Ukwezi kwa cyenda Gutegeka 7.12-26 Ikib.6 Niwumvira aya mategeko ukayitondera ugakora ibyo agutegeka** (12): Imana isezeranya ubwoko bwayo ko nibayumvira izabakomereza amasezerano kandi ikabaha imigisha y'uburyo bwose. Izabagwiriza urubyaro kandi itubure ubukungu bwabo (13), izabarinda indwara z'uburyo bwose (15), kandi izabarwanira intambara (16). **Uzibuke neza ibyo Uwiteka Imana yawe yagiriye Farawo na Egiputa hose** (18): Imana yabahaye isezerano ryo kubaha igihugu, ariko ni bo bagombaga kurwana kugira ngo bagihindūre. Nubwo amahanga yari abari imbere yagaragaraga nk'afite amaboko menshi (17); ibyiringiro byabo byagombaga kubakira ku kwibuka ibyo Imana yabakoreye muri Egiputa (19). Ariko cyane cyane bazazirikana ubushobozi n'urukundo rw'Imana yabo (21). **Ntuzajyane ikizira mu nzu yawe utagibwaho n'umuvumo nka cyo** (26): Imana yihanangiriza abantu bayo ngo birinde ibigirwamana ndetse n'ibyakoreshejwe mu ngoro zabyo, kabone n'iyo byaba bigaragara nk'ibifite agaciro kanini (25). **Ikibazo**: Ese uyu munsi ni ibihe bintu abizera bari bakwiye kwirinda kugira ngo badakurura umuvumo mu ngo zabo?

**Kuwa kane 3 Ukwezi kwa cyenda Gutegeka 8.1-20 Ikib.6 Nuko yagucishije bugufi ikundira ko wicwa n'inzara** (3): Mose asobanurira Abisirayeli ko ibibazo byose bahuye na byo mu butayu bitabishe,

kuko Imana yarimo kubigisha kuyizera no kwizera amasezerano yayo, ngo bamenye ko umuntu adatungwa n'imitsima gusa, ahubwo abeshwaho n'icyo Imana yamuvuzeho. Nubwo bagenze mu gihugu cyumye, ibirenge byabo ntibyabyimbye, ndetse n'imyenda yabo ntiyabasaziyeho (4). Uru ni urugendo rwo mu butayu ariko igihugu cy'amasezerano kiri imbere, igihugu cyiza bazaturamo bakarya bagahaga (7,8,9). **Numara kurya ugahaga, ukamara kubaka amazu meza ukayabamo** (12): Mose arondora imigisha yose bazabonera mu gihugu, akabihanangiriza kutazatwarwa umutima na yo ngo bibagirwe uwayibahaye (14). Kenshi imigisha idutera kwiyemera, tukumva turi abantu badasanzwe, tukirata ubwenge n'ubushobozi! **Zirikana**: Ahubwo uzibuke Uwiteka Imana yawe, kuko ari yo iguha imbaraga ziguhesha ubutunzi (18). Indir.35 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 4 Ukwezi kwa cyenda Gutegeka 9.1-12 Ikib.7 Ni ubwoko bukomeye bw'abantu barebare, ari bo Banâki** (2): Uwari kumva Mose yibutsa aba bantu ko bagiye kujya mu gihugu gituwe n' Abanâki, gifite imidugudu minini y'amabuye, yari kumva arimo kubaca intege. Ariko gukomera kw'Imana kugaragarira imbere y'ibibazo birenze ubushobozi bw'abantu (3). Aho ibibazo bikomeye bidutera ubwoba ni ho tuzakura ubuhamya bukomeye bw'ubushobozi bw'Imana yacu. **Ntuzibwire uti "gukiranuka kwanjye ni ko guteye Uwiteka kunzana muri iki gihugu kugihindura"** (4): Ntabwo kuragwa igihugu cy'amasezerano cyari igihembo cy'uko Abisirayeli ari abantu badasanzwe, cyangwa bubaha Imana cyane (5). Ahubwo gukiranirwa kw'ariya mahanga ni ko kwatumye Imana yirukana abahatuye. Mose abibutsa inshuro zose ukuntu barakaje Imana ndetse bagakora ibyo yari yarababujije, kugeza naho biremera igishushanyo gisengwa (7,8,12). **Zirikana**: Natwe tuzagaragara imbere y'Imana tutambaye gukiranuka kuva mu mirimo yacu, ahubwo twambaye gukiranuka duhabwa n'urupfu rwa Kristo ku musaraba (Ef.2.8). Indir.77 Agakiza.

**Kuwa gatandatu 5 Ukwezi kwa cyenda Gutegeka 9.13-29 Ikib.3 Mara iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine...mbitewe n'icyo cyaha gikomeye mwacumuye** (18): Mose yari amaze iminsi 40 n'amajoro 40 atarya atanywa amazi ari imbere y'Imana, ayiteze amatwi (9). Amanutse umusozi asanga Abisirayeli bose baremye igishushanyo baragisenga. Nyuma yasubiye ku musozi indi minsi 40 n'amajoro 40 atarya atanywa, ajyanywe no kubasabira imbabazi. Mose ni urugero rwiza rw'umuyobozi udasanzwe. Yasenze iyo minsi yose yikurikiranya, bigaragaza urukundo akunda abo ayobora. **Ntiwite ku kudakurwa kw'ijambo k'ubwo bwoko** (27): Gusenga kwa Mose kwari gushingiye kuri kamere y'Imana: ni Imana y'urukundo (26), izirikana amasezerano kandi idashobora kwivuguruza (27). Ni Imana idashobora kureka izina ryayo ngo ritukwe n'abanyamahanga (28). Mose aho guharanira inyunge ze, yakoreshwaga n'urukundo akunda

abantu be, no gushaka icyubahiro cy'Imana ye. **Zirikana:** Umutima wawe ujye urangwa n'urukundo, ari ryo tegeko riruta ayandi (Mat.22.37-40). Indir. 62 Agakiza.

**Ku cyumweru 6 Ukwezi kwa cyenda Gutegeka 10.1-22 Ikib.2 Wibarize ibisate bibiri by'amabuye bisa n'ibya mbere uzamuke unsange ku musozi** (1): Kuko Mose yari yazabiranijwe n'umujinya akamena ibisate by'amabuye Imana yari yamuhaye, yahawe igisa n'igihano cyo kwibariza ibindi bisate. Icyakora Imana yaramworohereje, aba ari yo yongera kwandika ayo mategeko (2,4). Imana yishimiraga Mose ikaganira na we, igakorana na we, ndetse bakajya inama (10,11). **None wa bwoko bw' Abisirayeli we, Imana yawe igushakaho iki?** (12): Mose yabajije iki kibazo, akurikizaho kubasobanurira icyo Imana ibifuzaho (12,13). Iri tegeko risumba ayandi Mose arigarukaho inshuro nyinshi kuko ni wo musingi wo kwizera k'ubu bwoko**. Kuko Uwiteka Imana yanyu ari Imana nyamana** (17): Gukorera Imana kwa buriya bwoko bizashingira ku kumenya neza kamere y'Imana n'ubushobozi bwayo (17,18); ariko cyane cyane ku kuzirikana ko ari Imana yabakunze ikabatoranya mu yandi mahanga kandi ikaba ibitaho (15,21). **Zirikana:** Turayikunda kuko ari yo yabanje kudukunda (1Yoh.4.19). Indir.144 Gushimisha.

**Kuwa mbere 7 Ukwezi kwa cyenda Gutegeka 11.1-17 Ikib.6 Ni cyo gituma mukwiriye kwitondera amategeko yose mbategeka uyu munsi** (8): Mose yihanangiriza abantu ko bakwiye kumvira Uwiteka, kubera ubuhamya bw'ibyo biboneye ubwabo. Abibutsa ibitangaza Imana yakoreye muri Egiputa ngo ibakure mu buretwa (3), uko Imana yarimbuye ingabo za Farawo zari zibakurikiye (4), uburyo Imana yabatunze mu butayu (5); uburyo Imana yagiye ibahana iyo babaga bigometse ku mategeko yayo (2,6). Igitsure cy'Imana ni ikimenyetso cy'urukundo rwayo nk'umubyeyi uhwitura abana be. **Nimugira umwete wo kumvira amategeko yanjye mbategeka uyu munsi** (13): Mose yongera kubarondorera imigisha izabaherekeza nibashishikarira kumvira Uwiteka Imana yabo, bakayikorera babikuye ku mutima (13). Imana ibasezeranya uburumbuke mu buhinzi no mu bworozi ari byo bizabaha imibereho myiza (14-15). Aya masezerano aherekezwa n'imbuzi zikomeye kuko nibahindukirira izindi mana bakaziramya, iyo migisha yose izayoyokera mu burakari bw'Uwiteka (17). **Gusenga:** Mana Data, undinde icyantesha inzira yawe kikambuza iyi migisha. Indir.99 Agakiza.

**Kuwa kabiri 8 Ukwezi kwa cyenda Gutegeka 11.18-32 Ikib.5 Nuko mubike ayo magambo yanjye mu mitima yanyu no mu bugingo bwanyu** (18): Kumenya amategeko y'Imana, kuyitondera no kuyashyira mu bikorwa mu ngo, mu nzira aho abantu bagenda, mu bihe byose n'ahantu hose (18,19,20) ni rwo rufunguzo rw'imigisha Imana isezeranya ubwoko

bwayo (21). Ni cyo kimenyetso kidashidikanywaho ko abantu bakunda Imana (Yoh.14.20-23). Mose akomeza guhuza aya mategeko n'imigisha Imana ihishiye ubwoko bwayo (23,24,25). Iyo imigenzereze y'umuntu inezeza Uwiteka, atuma n'abanzi be buzura na we (Imig.16.7). **Mbashyize imbere umugisha n'umuvumo** (26): Kwitondera amategeko y'Uwiteka ni wo mugisha (27), kunyuranya na yo ni wo muvumo (28). Ikibabaje ni uko igihe kinini Abisirayeli bahisemo ibigirwamana by'amahanga, bikabakururira umujinya w'Imana. **Imbuzi:** Hahirwa usoma amagambo y'ubu buhanuzi, hahirwa n'abayumva bakitondera ibyanditswe muri bwo, kuko igihe kiri bugufi (Ibyah.1.3). Indir. 48 Agakiza.

**Kuwa gatatu 9 Ukwezi kwa cyenda Gutegeka 12.1-19 Ikib.3 Ntimuzabure gusenya ahantu hose amahanga muhindura yakoreraga imana zayo** (2): Abisirayeli bategetswe gusenya ingoro, ibicaniro, inkingi, n'ibishushanyo by'imana z'abanyamahanga. Muri kamere yabo, abantu bakunda amashusho n'ibintu bifatika bigaragarira amaso. Bityo guturana n'ibyo bigirwamana byari kubabera umutego, bakagomera Uwiteka bakora bimwe mu bizira Imana yanga, nko gucisha abana babo mu muriro (4). **Ubwo buturo bwayo azabe ari bwo mujya muyishakiramo** (5): Mu butayu nubwo bari bafite ihema ry'ibonaniro, ntabwo ryakorerwagamo imirimo myinshi (8). Ariko nibagera mu gihugu cy'amasezerano, Imana izatoranya ahantu bazajya bayiramiriza, abe ari ho batambira ibitambo, ndetse bahakorere n'indi mihango yose ijyanye no gusenga Uwiteka (6,7, 11,13). **Wirinde gutambira ibitambo byawe byo koswa ahantu ubonye hose** (13): Uwiteka ni Imana ya gahunda. Gutambira ibitambo ahabonetse hose byatumaga abantu bigira abatambyi kandi hari ababitoranirijwe, ndetse bikica ubumwe bw'ubwoko bw'Imana (18). **Zirikana**: Twe kwirengagiza guterana hamwe nk'uko bamwe bajya bagira (Heb.10.25). Indir.198 Gushimisha.

**Kuwa kane 10 Ukwezi kwa cyenda Gutegeka 12.20-31 Ikib.5 Uzabage ku bushyo bwawe cyangwa ku mukumbi wawe Uwiteka yaguhaye uko nagutegetse** (21): Amategeko y'Imana yagengaga imigendere y'ubwoko bwa Isirayeli kugeza no ku buryo barya inyama. (22). Ariko Imana ibihanangiriza kutarya amaraso kuko ari ubugingo bw'ikizima cyose (23). Amaraso yagombaga gusukwa mu ruhande rw'igicaniro imbere y'Imana, ariko yaba ari itungo ryo kurya akamenwa hasi (24). Ubuzima bw'ibiriho byose ni ubw'Imana! **Icyakora ibyo uzeza n'ibyo uzahiguza imihigo, uzabijyane aho Uwiteka azatoranya** (26): Ibitambo by'uburyo bwose byo byagombaga kujyanwa aho Imana yategetse. Nta muntu wari wemerewe gukora icyo yishakiye. Byose byagombaga gukorwa muri gahunda yabigenewe (27) kugira ngo hatababaho akajagari. **Kugira ngo muzaheshwe ibyiza no gukora ibyo Uwiteka Imana yawe ibona ko ari byiza bitunganye** (28): Mose akomeza kwibutsa ubwoko bwa Isirayeli ko

kumvira ibyo Imana yategetse byose ari rwo rufunguzo rw'imigisha kuri bo no ku bazabakomokaho bose. **Zirikana:** Kumvira ibyo Imana yita byiza no kwanga ibyo yita bibi ni umugisha kuri twe. Indir.363 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 11 Ukwezi kwa cyenda Gutegeka 13.1-19 Ikib.4 Icyo mbategeka cyose mujye mucyitondera** (1): Iri hame Bibiliya irigarukaho kenshi, kuko ubuyobe bwose buva muri kimwe muri ibi uko ari bitatu: kutumvira ijambo ry'Imana, kuryongeraho ibyo twihimbiye, no gukuraho ibyo tudakunda cyangwa bidashyigikira irari ry'imitima yacu (2Tim.4.3,4). **Ntuzemere amagambo y'uwo muhanuzi cyangwa y'uwo murōsi** (3): Umuhanuzi ukora ibitangaza ariko akigisha inyigisho zitandukanye n'ijambo ry'Imana, uwo ntiyagombaga kwemerwa. Ahubwo yagombaga guterwa amabuye akicirwa ko yageragejje kuyobya ubwoko bw'Imana (6). Muri ino minsi huzuye abashukanyi, umuntu wese uzaguhanurira ariko akagusaba gukora ibinyuranye n'ijambo ry'Imana, azaba ari umuhanuzi w'ibinyoma. Bene abo ntibagomba kumvirwa ndetse no guhishirwa (9). **Hari ibigoryi byaturutse hagati muri mwe bishukashuka abo mu mudugudu wabo…** (14): Icyaha cyo koshya abantu kuva ku Mana cyashoboraga gukorwa n'umuntu ku giti cye, ariko cyashoboraga no gukorwa n'abantu benshi babyumvikanyeho. Ese uyu munsi si ko bimeze mu matorero amwe n'amwe? **Inama**: Abameze batyo ujye ubatera umugongo (2Tim.3.5). Indir.406 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 12 Ukwezi kwa cyenda Gutegeka 14.1-21 Ikib.4 Muri abana b'Uwiteka Imana yanyu** (1): Mose yariho abwira Abisirayeli ko ari "abana b'Uwiteka", na mbere y'uko Yesu aza mu isi ngo acungure abantu, byababesheje kwitwa abana b'Imana. Ikibazo ubwoko bwa Isirayeli bwari bufite ni ukutumvira Imana. Kwitwa umwana w'Imana bisaba kumvira amategeko y'Imana mu bito no mu binini. **Ntukarye ikintu cyose kizira** (3): Imana irondorera ubwoko bwayo inyamaswa, inyoni ndetse n'amafi bashobora kurya n'ibyo batagomba kurya. Kandi icyo batemerewe kurya ntibari bemerewe no gukora ku ntumbi yacyo (8,21). Biratangaje ko ubuhanga mu bushakashatsi burimo kugaragaza ko bimwe muri ibyo Imana yabuzaga abantu kurya ari indiri y'indwara z'ibyorezo muri iki gihe. Kuba ubwoko bw'Imana bidusaba no kwita ku mibiri yacu, kuko ari insengero z'Imana mu Mwuka (1Kor.3.16). **Zirikana:** Uwiteka yita ku buzima bwabo yaremye kandi turi aba gaciro imbere ye. (Mat. 6.26)

**Ku Cyumweru 13 Ukwezi kwa cyenda Gutegeka 14.22-29 Ikib.4,5 Ntuzabure gutanga kimwe mu icumi cy'imyaka yose iva mu mbuto wabibye** (22): Icya cumi cy'ibyo abantu bungutse ni rimwe mu mahame agibwaho impaka cyane muri kino gihe cya none. Bamwe bavuga ko cyajyanye n'ibindi bitambo kuko igitambo cya Yesu cyabisimbuye. Uku ni ukumva nabi, ntabwo icya cumi cyabarwaga mu bitambo. Abandi bacyigisha

nk'aho ari ikiguzi cy'imigisha bashingiye kubyo Malaki yanditse (Mal.3.7-12). Na byo si byo kuko nta cyo twatanga ngo tugure imigisha Imana iduha. Icya cumi cyibutsaga guhora wubaha Uwiteka Imana yawe iteka (23). Tuzatanga icya cumi tunezerewe umunsi tuzumva ko atari ikiguzi cyangwa igitambo dutanga, ko ahubwo ari ishimwe ryo kwereka Imana ko tuzirikana imigisha yahaye imirimo y'amaboko yacu. **Bazaze barye bahage** (29): Kwita ku mfubyi, abapfakazi, abasuhuke n'abandi bakene, ndetse no kuzirikana Abalewi batagiraga gakondo muri Isirayeli, byari itegeko Imana yahaye ubwoko bwayo kandi n'uno munsi ntabwo ryavuyeho. Imana isezeranya guha umugisha abazabikora. **Zirikana:** "Nimumenya ibyo, murahirwa nimubikora" (Yoh.13.17). Indir.145 Gushimisha.

**Kuwa mbere 14 Ukwezi kwa cyenda Gutegeka 15.1-23 Ikib.4,5 Ntuzagundire ibyawe ngo ubyime mwene wanyu w'umukene** (7): Amategeko yose agaragara hano ni ayo kwigisha ubwoko bw'Imana kuba abanyabuntu, kuko ari abanyamugisha. Buri myaka irindwi bagombaga guharira ababarimo imyenda (2); ndetse no guha umudendezo bene wabo babaga barigurishije ngo babe imbata z'abandi kubera ubukene (12). Imana itera umwete abantu bayo ngo bajye bagaragara nk'abanyamugisha koko (6), bityo ntibazemere ko bene wabo bakenera hagati muri bo (4). Uyu ni umutima ugomba kuranga abantu b'Imana, kandi ibyo byarashobotse mu gihe cy'intumwa (Ibyak.4.34). **Ntuzabure kumuha kandi numuha ntibizakubabaze…**(10): Uwahaga umudendezo umugaragu w'imbata yasabwaga no kumuha impamba itubutse izamufasha kubaho mbere y'uko abona indi mibereho (13,14). Kandi uwakoraga ibyo yasabwaga kubikora yishimye. **Ikibazo**: Ese muri kino gihe cyacu, uyu mutima twawugaragaza dute ku bakene bari hagati muri twe cyangwa ku bakozi dukoresha?

**Kuwa kabiri 15 Ukwezi kwa cyenda Gutegeka 16.1-22 Ikib.4 Kugira ngo iminsi yose yo kubaho kwawe uhore wibuka wa munsi waviriye mu gihugu cya Egiputa** (3): Abisirayeli bari bategetswe kwizihiza umunsi wa Pasika buri mwaka. Kwibuka uko umwaka utashye byagombaga kubatera guhora bubaha Uwiteka kubwo kuzirikana uko yabakuye muri Egiputa. Iki ni igikorwa bagombaga gukora babyitondeye ngo batagibwabo n'urubanza (3,4,5). Umuntu wese uzarya ku mutsima w'Umwami wacu cyangwa uzanywera ku gikombe cye uko bidakwiriye, azagibwaho n'urubanza rwo gucumura ku mubiri n'amaraso by'Umwami (1Kor.11.27). **Ujye uziririza Uwiteka Imana yawe umunsi mukuru ukurikira ayo masabato uko ari arindwi** (10): Uyu na wo wari umunsi w'amashimwe bagomba kwizihiza bashimira Imana ibaha ibibatunga. Bagombaga kuwizihiza batura Imana ituro rihuye n'umugisha yabahaye mu musaruro. **Ujye uziririza iminsi mikuru y'ingando uhamye irindwi** (13): Uyu munsi wo ni ubibutsa ingando ba sekuruza baciye mu butayu bava muri Egiputa.

Abagabo bose bagombaga kugaragara imbere y'Uwiteka, kandi buri muntu yari ategetswe kuzana ituro ringana n'ikigero cy'umugisha Imana yamuhaye (17). **Ikibazo**: Ese iminsi mikuru twizihiza, ijya itubera iyo kuzirikana ibyo Imana yadukoreye tukayishima?

**Kuwa gatatu 16 Ukwezi kwa cyenda Zaburi 121.1-8 Ikib.1,3**
**Gutabarwa kwanjye kuva ku Uwiteka waremye ijuru n'isi** 2): Abantu benshi mu ntambara n'ibigeragezo bahitamo uburyo butandukanye bwo gutabaza, banahunga bakanyura inzira zitandukanye. Bamwe biringira abakomeye, abandi bakiringira imbaraga, ubwenge bwabo, cyangwa ubushobozi. Ariko Dawidi we ahamya neza ko gutabarwa kwe guturuka ku Uwiteka (Zab.20.8). **Uwiteka azakurinda amajya n'amaza uhereye none ukageza iteka ryose** (8): Hari ibintu byinshi bitanga umutekano, nko kugira ibyo kurya no kwambara biguhagije, kugira icyo ukora, kugira ubwishingizi bwo kwivurizaho. Ibyo byose Uwiteka niwe wemera ko bitugirira akamaro. Wagira ibyo kurya ukabura ubushake bwo kubirya. Abafite ubwishingizi bose si ko barama. Uwiteka wenyine ni we murinzi w'ukuri udahinduka, utadutenguha ibihe byose. **Zirikana**: Mujye mwiringira Umwami iminsi yose, kuko Umwami Yehova wenyine*,* ari we Rutare ruhoraho iteka ryose (Yes.26.4). Indir.194.Gushimisha.

**Kuwa kane 17 Ukwezi kwa cyenda Zaburi 122.1-9 Ikib.3,4**
**Aho imiryango izamuka ijya, ari yo miryango y'Uwiteka, kugira ngo babe abagabo bo guhamiriza Abisirayeli** (4): I Yerusalemu ni ho hari urusengero rw' Uwiteka kandi Abisirayeli bagiraga igihe cyo kuhahurira kugira ngo bamushimire imirimo yakoze. Guteranira hamwe ni iby'ígiciro gikomeye ku mukristo. Byongera ubusabana hagati y'abana b'Imana, kandi ni itegeko ry'Umwami wacu (Heb.10.25). Nubwo uyu munsi kubera iterambere hasigaye hari uburyo bw' ikoranabuhanga bwo gukurikira amateraniro, ariko byagakoreshejwe mu gihe ari bwo buryo bwonyine bushoboka. Kugirira abandi umumaro, gusenga no gusengera abandi, gusangira igaburo ryera, gukorera Imana mu buryo busesuye, byose bitugeraho ari uko twateranye n'abandi. Twirinde icyaturangaza kikadutandukanya n'aho ubugingo bwacu bukurira**. Nimusabire i Yerusalemu amahoro, abagukunda bagubwe neza** (6): Gusengera abandi ni inshingano ikomeye ku mukristo. Gusa bisaba kugira rwa rukundo rwa kivandimwe, tugasenga duhuje umutima, Umwuka Wera na we akabona uko atumanukira agakorera muri twe; Zaburi 133. **Ikibazo:** Ese ujya ugira umuhati wo gusengera abandi?

**Kuwa gatanu 18 Ukwezi kwa cyenda Ibyahishuwe 12.1-17 Ikib.5**
**Ikimenyetso gikomeye kiboneka mu ijuru** (1): Ikimenyetso cya mbere cyabonetse ni umugore wambaye izuba. Uyu mugore bamwe bavuga ko ari Mariya nyina wa Yesu, abandi bavuga ko ari ubwoko bwa Isirayeli, abandi

bakavuga ko ari itorero rya Kristo. Ibi byose bifite aho bihurira n'itorero rya Kristo. Kristo akomoka mu muryango wa Yuda, umwe mu miryango 12 ya Isirayeli, kandi Yesu yabyawe na Mariya. Nta gushidikanya rero ko uyu mugore ari itorero rya Kristo. Iyo tuvuga itorero tuba tuvuga umuntu wese wemeye kandi akizera Yesu akavuka ubwa kabiri (Yoh.1.12-13). **Mu ijuru haboneka ikindi kimenyetso** (3): Iki kimenyetso cya kabiri ni ikiyoka kinini gitukura ari cyo mwanzi Satani (8). Intego ye kwari ukumira bunguri umwana ugiye kuvuka. Mu yandi magambo kigamije kuburizamo umugambi w'Imana w'agakiza ku bantu. Kuva itorero ryabaho Satani ntaruhuka kurirwanya ariko intego ye ntiyigeze igerwaho (7-10). **Zirikana:** Imbaraga ziturwanirira zinesha iziturwanya. Rero ntidutinye, kuko aho turi duhagarikiwe n'umugabo ukomeye. Indir.204 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 19 Ukwezi kwa cyenda Ibyahishuwe 13.1-18 Ikib.1 Ngiye kubona mbona inyamaswa iva mu nyanja** (1): Iyi nyamaswa ivugwa hari ahandi Yohana yayeretswe (11.7). Bamwe bavuga ko ari ubutegetsi bw'Abaroma, abandi bavuga ko ari Antikristo w'umuntu, abandi bakavuga ko ari imbaraga zo mu buryo bwa politike zirwanya ubukristo zagaragaye mu bwami bw'Abaroma bwo mu gihe cya Pawulo. zigakomeza no muri iki gihe, kandi zikazigaragaza mu gihe cya nyuma cy'Antikristo. **Ihabwa akanwa kavuga ibikomeye n'ibyo gutuka Imana** (5): Nubwo igaragara nk'ikomeye, hejuru yayo hari izindi mbaraga ziyiha ububasha zikayigenera n'igihe izarama. Nubwo yahawe kunesha abera, ntabwo ari uko yarushije Imana imbaraga, n'ikimenyimenyi umuntu wese wanditswe mu gitabo cy'ubugingo ntiyigeze ayiramya (8). **Nuko mbona indi nyamaswa izamuka iva mu butaka** (11): Iyi na yo yaje ikora nk'iya mbere ariko yongeraho gukora ibimenyetso bikomeye kugira ngo iyobye abantu (13-14). Izi nyamaswa zose zigaragaza ububasha bwa Satani washatse kwisumbukuruza ngo areshye n'Imana ariko biramunanira. Yesu yavuze ko abiyita Kritso bazayobya n'intore niba bishoboka (Mat. 24.24). Niyo mpamvu dukwiye kuba maso. Indir.194 Gushimisha.

**Ku cyumweru 20 Ukwezi kwa cyenda Ibyahishuwe 14.1-20 Ikib.2,3 Baririmba indirimbo nshya imbere ya ya ntebe y'ubwami** (3): Aba bantu ibihumbi ijana na mirongo ine na bine ni abera barwanye urugamba ku isi, none igihe kirageze cyo kugororerwa. Bari ku musozi wera Siyoni, bari kumwe n'umwana w'Intama, kandi ikibaranga ni izina rye n'irya se yanditswe mu ruhanga rwabo. Ikinejeje kurushaho ni indirimbo bari kuririmba, ikaba itazwi n'undi wese usibye bo. **Abo ni bo batandujwe n'abagore kuko ari abari** (4): Iri jambo rigira ibisobanuro bibiri. Hari ubusambanyi bwo guhuza ibitsina mu buryo butemewe n'amategeko, hari no gusenga ibigirwamana**.**Twibuke ko ikintu cyose cyafashe umwanya wa mbere mu mutima w'umuntu ari ikigirwamana. Ikigaragara n'uko bariya bantu bari kumwe na Yesu baririmba

indirimbo yo kunesha ari abirinze kwiyandurisha ibintu bitandukanye bihumanya abo mu isi. **Zirikana**: Rinda umutima wawe kuruta ibindi byose birindwa kuko ariho iby'ubugingo bikomoka (Imig.4.23)

**Kuwa mbere 21 Ukwezi kwa cyenda Ibyahishuwe 15.1-8 Ikib.1 Mbona mu ijuru ikindi kimenyetso gikomeye gitangaza** (1): Ikimenyetso yabonye ni abamarayika barindwi bafite inzabya zirindwi zirimo umujinya w'Imana. Uyu mujinya wabanjirijwe n'ubutumwa bwiza bw'imbuzi bwatanzwe n'abamalayika batatu (14.6-10). Impamvu Imana yabanje kuburira abantu ni uko yabakunze igatanga n'umwana wayo akabapfira (Yoh.3.16). Ntishaka ko umunyabyaha apfa, ahubwo ishaka ko yihana akareka ibyaha bye akarama. Abanze kumvira rero ni uguhanwa nk'uko umuhanuzi Yesaya abivuga (Yes.1.18-20). **Baririmba indirimbo ya Mose imbata y'Imana n'iy'umwana wintama** (3): Nyuma y'urugamba rukomeye rwo kunesha inyamaswa n'igishushanyo cyayo, hakurikiyeho kuririmba intsinzi. Nkuko Mose n'Abisirayeli baririmbye intsinzi bambutse inyanja ubwo bavaga mu bucakara muri Egiputa, ni ko n'abana b'Imana tuzaririmba ku munsi w'imperuka tunesheje isi. Ese wumva uzaba uri muri icyo gitaramo cy'abera? **Zirikana:** Ubwami bw'Imana buratwaranirwa, intwarane zikabugishamo imbaraga (Mat.11.12). Indir.20 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 22 Ukwezi kwa cyenda Ibyahishuwe 16.1-21 Ikib.2 Numva ijwi rirenga rivugira muri rwa rusengero** (1): Nubwo Yohana yari yabonye abamalayika barindwi bafite inzabya zirindwi, ntabwo yari yigeze abona bazisuka ku isi, ahubwo yabonye abanesheje baririmba, abandi na bo bategereje amabwiriza. Ni umunsi wo gusarura ibyo umuntu yabibye akiri ku isi. Buri mu malayika yasutse urwabya rwe rurimo icyago gitandukanye n'ikiri mu zindi nzabya. Ibyago bitandatu byambere bisa n'Ibyo Imana yateje muri Egiputa ari byo: ibisebe, inyanja ihinduka amaraso, imigezi n'amasoko bihinduka amaraso, umwijima. Uretse icyago cya kane cy'umuriro ni cyo kitagaragaye muri Egiputa. Ibyahabereye ni urugero rutwigisha ko mu gihe Imana izateza isi ibyago, izaba igaragaza gukomera n'icyubahiro byayo byasuzuguwe n'umwana w'umuntu. **Gusenga:** Mwami Mana, undindire mu buntu bwawe, kugira ngo ku munsi w'uburakari bwawe, nzabe ndi mu ruhande rw'abo washyizeho ikimenyetso cyawe. Indir. 216 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 23 Ukwezi kwa cyenda Ibyahishuwe 17.1-18 Ikib.1 ..Ngwino nkwereke iteka maraya ukomeye azacirwaho** (1) : Yohana yeretswe umugore w'umunyacyubahiro; ariko ufite igikombe mu ntoki cyuzuye ibizira n'imyanda y'ubusambanyi bwe. Ubu busambanyi buvugwa ni ubwo kwimura Imana abantu bagasenga ibigirwana. Abantu bamwe bacyeka ko bwari ubwami bw'Abaroma, bwayoboraga muri icyo gihe Yohana yerekwaga. **Abo bahuje inama, baha ya inyamaswa imbaraga zabo**

**n'ubutware bwabo** (13): Nyuma yo guhuza inama bafashe icyemezo cyo kurwanya umwana w'Imana. Muri uru rugamba ni ho bazabonera ko imbaraga zabo ziri munsi y'izindi zizirushije gukomera. Ese abantu bose bamenye neza ko Yesu ari umutware utwara abatware? **Kuko Imana yashyize mu mitima yabyo gukora ibyo yagambiriye** (17): Imana ifite ububasha bwo gukoresha abantu bose, abayubaha n'abatayubaha. Ni yo mpamvu ititaye ku bizira bya bariya bami. Gusa nubwo ibakoresha bazacirwaho iteka ku minsi w'imperuka. **Icyifuzo:** Sengera abantu, abakomeye n'aboroheje bamenye ko hejuru yabo hari Imana ishobora byose. Indir.8 Gushimisha.

**Kuwa kane 24 Ukwezi kwa cyenda Ibyahishuwe 18.1-24 Ikib.6 Iraguye iraguye Babuloni ikomeye** (2): Babuloni ivugwa si ubwami buzwi bwa Babuloni kuko bwigaruriwe n'umwami w'Ubuperesi mu mwaka wa 539 mbere y'ivuka rya Yesu. Hakoreshejwe imvugo shusho ivuga Imiyoborere mibi y'isi ikorera ku isi ihagarariye ibizira byose. Bene iyo mikorere yungukira mu byaha ikanabikangurira benshi. Ingero ni nk'ubucuruzi bw'ibiyobyabwenge, ubw'abantu, gucuruza indaya, ubutinganyi n'ibindi. **Bwoko bwanjye nimuwusohokemo** (4): Gusohoka muri Babuloni si ugusohoka mu gihugu runaka ujya mu kindi, cyangwa idini runaka ujya mu rindi. Gusohoka muri Babuloni ni ukutifatanya n'ibizira bikorwa haba mu gihugu cyangwa mu idini. Ni ukwirinda imikorere mibi iri mu isi nubwo yazanira abantu inyungu. **Zirikana:** Uduke turimo gukiranuka, turuta inyungu nyinshi zirimo gukiranirwa (Imig.16.8).Indir.346 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 25 Ukwezi kwa cyenda Ibyahishuwe 19.1-10 Ikib.1 Agakiza n'icyubahiro n'ubutware ni iby'Imana yacu** (1): Abo mu ijuru bahora bahimbaza Imana bagira bati "Haleluya", bisobanura ngo Imana ihimbazwe. Guhimbaza iyo Mana natwe abari ku isi biradukwiye nk'uko abandtisi bagiye babigarukaho (Zab.29.3,9; Kuva 15.11). Guhimbaza Imana bituma itureba ikatwishimira, ikanazanwa no kudutabara. Kuyihimbaza no gusenga byatumye yohereza Malayika gutabara Pawulo na Sila. Niba utabikoraga, cyangwa ukabikora nk'umuhango, guhera ubu ntibikabure muri gahunda yawe yo gusenga. **Haleluya kuko Umwami Imana yacu ishobora byose iri ku ngoma** (6): Iri zina ryayo "Ushoborabyose" Imana yaribwiye Mose atangiye kwibaza ukuntu yahangara kubwira Farawo ngo arekure ubwoko bwayo. (Kuva 6.2-3). **Inama:** Nugera imbere y'ibyo udafitiye igisubizo, ujye wibuka ko ufite Imana ishoborabyose kandi Yera (Luka 1.49).

**Kuwa gatandatu 26 Ukwezi kwa cyenda Ibyahishuwe 19.11-21 Ikib.1 Mbona ijuru rikinguye kandi ngiye kubona mbona ifarashi y'Umweru** (11): Iyi farashi yari ihetse umuntu udasanzwe witwa Jambo ry'imana (13). Yohana yaramusobanuye mu butumwa bwiza yanditse (Yoh.1.1-13). Yakomeje kwitegereza abona ku myenda no ku kibero cye handitsweho

ngo Umwami w'abami n'Umutware utwara abatware (16). Yesu ni umwami w'ibihe byose. Ingoma ye izahoraho iteka. Uwamuyobotse yabonye neza ko nta wundi mwami mwiza nka we. Ikibabaje ni uko ayo mahirwe hari abatamenya ko bayafite, cyangwa bakabyirengagiza. **Nimuze muteranire kurya ibyokurya byinshi Imana ibagaburira** (17): Mu gihe bamwe bazaba batumirwa gutaha ubukwe bw'umwana w'Imana nk'uko twabibonye ku murongo wa cyenda, abandi bazaba ibiryo by'ibisiga. Byose byatewe n'ibyo umuntu yahisemo. **Icyifuzo:** Tukwifurije guhitamo ibyagukiza ibi byago, bikaguhesha kuzaba mu ruhande rw'abazahabwa ubugingo buhoraho. Indir. 346 Gushimisha.

**Ku cyumweru 27 Ukwezi kwa cyenda Ibyahishuwe 20.1-15 Ikib.5 Afata cya kiyoka ….akibohera kugira ngo kimare imyaka igihumbi** (2): Iyi myaka igihumbi ivugwa ishobora kuba ari imyaka isanzwe nk'uko tubara muri iki gihe. Ishobora kandi kuba imvugo shusho ivuga igihe kirekire. Ishobora no kuba igihe runaka nk'imvugo yakoreshejwe mu gitabo cy'itangiriro igice cya mbere (itang.1.5). **Uwo ni wo muzuko wa mbere** (5)**:** Mu gihe Satani azaba agiye kumara imyaka igihumbi afungiye ikuzimu, abera b'Imana bazazuka bimane na Kristo imyaka igihumbi abandi batarazuka. Pawulo yaravuze ngo "Mbonye ko imibabaro y'iki gihe idakwiriye kugereranywa n'ubwiza tuzahishurirwa (Rom. 8:18). **Kandi n'ikindi gitabo kirabumburwa ari cyo gitabo cy'ubugingo** (12b): Nk'uko buri gihugu kigira ibitabo byanditsemo abenegihugu, ni ko n'abana b'Imana bafite igitabo banditsemo cyitwa igitabo cy'ubugingo. Abacyanditsemo ni abayoborwa n'Umwuka Wera, kandi bakora iby'Umwuka ashaka. Abatanditsemo barangwa no kwishimira ibinezeza by'ibyaha. Tugendeye kuri ibi bipimo buri wese yakwimenyera aho ahagaze, utariyandikisha akabikora bigishoboka. Indir. 363 Gushimisha.

**Kuwa mbere 28 Ukwezi kwa cyenda Ibyahishuwe 21.1-8 Ikib.5 Mbona ijuru rishya n'isi nshya** (1): Ibyo Yohana yeretswe nyuma y'ivuka rya Kristo, Yesaya na we yari yarabyeretswe mu gihe cye (Yes.65.17). Imana yamubwiye ko ijuru rishya n'isi nshya izarema bizahoraho iteka (Yes.66.22). Petero na we yarabihamije mu rwandiko rwe (2Pet.3-13). Mu ijuru ni ho Yesu yagiye gutegurira abamwizeye. Ni ho azatujyana igihe isi izaba ivuyeho (Yoh.14.2-3). Si buri wese uzajyayo, ariko ntawe uhejwe kuko inzira yarayerekanye (Mat.7.22-23). Igihe bamwe bazaba binjizwa mu bwami bwo mu ijuru, abatahafite umwanya bazajugunywa hanze. Dukore ibyo Imana ishaka uko bikwiriye tutitaye ku biduca intege duhura na byo. **Izahanagura amarira ku maso yabo, kandi urupfu ntiruzabaho ukundi** (4): Muri iyi isi duhuriramo na byinshi bitubabaza, ndetse bamwe bikabaviramo gupfa. Yesu yabigarutseho aho agira ati ''Mu isi mugira umubabaro ariko nimuhumure naneshеje isi" (Yoh.16.33). **Icyifuzo:** Sengera abavugabutumwa bari

mu bihugu bitotezwa kubera ijambo ry'Imana, kugira ngo barusheho gusubizwamo imbaraga, bazirikana ko hari igihe Yesu azahoza amarira barize.

**Kuwa kabiri 29 Ukwezi kwa cyenda Ibyahishuwe 21.9-22.5 Ikib.5 Ngwino nkwereke umugeni, umugore w'Umwana w'Intama** (9b): Nk'uko ubukwe bwo mu isi butegurwa, ni ko n'ubwo mu ijuru bwateguwe. Yesu yatumeneye amaraso ye kandi ayakwa abari mu isi bose, arangije ajya kwitegura umugeni ari we torero (Yoh.14:1-3). Nubwo abari mu isi bose bakowe si ko bose ari abageni. Umugeni ni uwamwemeye akizera izina rye (Yoh.1.12-13). Agomba kuba nta kizinga cyangwa umunkanyari bimuriho (Ef.5.27). **Icyakora sinabonye urusengero muri rwo** (22)**:** Hari abajya bibwira ko itorero ryabo ari ryo ryiza kurusha ayandi. Nk'uko Yohana yasobanuriwe, umwami Imana Ishobora byose n'umwana w'intama ni bo rusengero rw'Umurwa Wera Yerusalemu. Buri wese akwiriye guharanira kuba muri Yesu amaramaje, kuko utagumamo imbere ye ntazarata idini yasengeragamo. Azajugunywa hanze nk'ishami ryumye (Yoh.15.6). **Ikibazo**: Ko abakora ibizira n'ababeshya nta mwanya bafite mu ijuru, uri kwitwara ute muri isi yuzuyemo ibinyoma n'ibihumanya?

**Kuwa gatatu 30 Ukwezi kwa cyenda Ibyahishuwe 22.6-21 Ikib.5 Kandi dore ndaza vuba** (7): Kuza kwa Mesiya ari we Yesu Kristo abahanuzi babihanuye hakibura imyaka irenga igihumbi. Igihe cyarageze aravuka arakura, asubira mu ijuru, asiga avuze ko azagaruka. Nk'uko igihe cyageze akavuka ni na ko kizagera akagaruka gutwara itorero rye. **Hahirwa abamesera ibishura byabo kugira ngo bemererwe kwegera cya giti cy'ubugingo** (14): Igihe Yesu yari mu isi abantu bamukurikiraga ku mpamvu zitandukanye. Hari ababaga bacyeneye kumva ijambo ry'Imana. Hari abamukurikiraga bishakira imitsima no gukira indwara (Yoh.6.26). N'uyu munsi hari abamukurikira bashaka ubwami bw'Imana, abandi bakamukurikira kubera indamu bashaka mu itorero. Hari n'abamukurikira kuko abandi babikora nta ntego bafite mu buzima bwabo. Gukurikira Yesu ni byiza, ariko igifite agaciro cyane muri byose ni uguhora wezwa, kuko imirimo yose ukora wejejwe, ni yo izatuma wegera igiti cy'ubugingo. **Icyifuzo**. Sengera abantu bakora imirimo mu itorero badakijijwe, kugira ngo Yesu abiyereke bundi bushya, maze abakumbuze kuzaba muri Yerusalemu nshya.

**Kuwa kane 1 Ukwezi kwa cumi Zaburi 123.1-4 Ikib.3, Wowe wicara mu ijuru, kuri wowe ni ho nuburira amaso** (1): Abagenzi baje i Yerusalemu, bageze mu rusengero. Ntibagihanga amaso ku misozi irimo ibibateye ubwoba (121.1). Ahubwo baruburira amaso ku wo baje kuramya. Umwanditsi araduha ikigereranyo cyiza cy'umugaragu n'umuja mu rugo. Bahora bahanze amaso ukuboko kwa shebuja na nyirabuja, ngo

amabwiriza atabacika bikabaviramo guhanwa. Uko ni ko n'abizera bakwiye guhora buburira amaso yabo ku Uwiteka. Bo ntibatinya ibihano, ahubwo bategereje imbabazi n'ubuntu atanga (2b). Gutumbira Yesu n'umusaraba we ni ko guha abakristo imbaraga zo kunesha ibigeragezo (Heb.12.1-2). **Imitima yacu ihaze cyane gukobwa n' abaruhukira mu mahoro** (4)**:** Abisirayeli bagiye bahura n'ibihe birushya, bagahura n'abakobanyi (3-4;Neh.2.17-20;Amag.3.13). Mu babasuzuguraga harimo abishingikirizaga ku bukire, ku buhangange, cyangwa ibigirwamana byabo, bakaziza Abisirayeli Imana yabo bizera. Nibikugeraho, ujye wibuka ko uri kumwe n'Imana ijya ihindura imfabusa bene ako gasuzuguro (Zab.4-7). Indir.167 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 2 Ukwezi kwa cumi Zaburi 124.1-8 Ikib.1 Iyaba Uwiteka atari we wari uri mu ruhande rwacu** (1): Dawidi umwanditsi w'iyi Zaburi, ni umuhamya w'uburyo Uwiteka yabaye mu ruhande rw'Abisirayeli (1). Iyo atahaba, guterwa n'abanzi kuba kwarabaye kubi cyane. Baba barabamize bunguri, igihugu kigasenyuka nkuko umwuzure w'amazi n'isuri bisenya bigahitana ibyo bisanze mu nzira byose. Ariko umwami Imana ni umugenga wa byose, n'amazi ari munsi y'ubutware bwe. Yarayakoresheje ngo akize ubwoko bwe ubwo yakunkumuriraga Farawo n'ingabo ze mu nyanja itukura (Kuva 14.27-29). Abari babahagurukiye umwanditsi arabagereranya n'amenyo abashinyikiye y'inyamanswa z'inkazi. Nyamara izo na zo ziri munsi y'ubutware bw'Uwiteka (Dan.6.17-23). Imana yarabatabaye irabarengera (6). Ikigereranyo cya nyuma ni icy'Imana yabatabaye nk'utegura inyoni mu mutego (7). Imitego nk'iyo na yo yarayicagaguye barakira. Mu gihe nk'iki, subiza amaso inyuma wibuke ibyari bikwasamiye bishaka kukwica Uwiteka akagutabara, maze ubimushimire. Indir. 334 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 3 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 17.1-20 Ikib.6 Uzasohore uwo mugabo cyangwa uwo mugore wakoze icyo cyaha kibi** (5): Gusenga ibigirwamana byari ikizira Imana yanga urunuka. Kubyikubita imbere kwari ukwica isezerano, umugabo cyangwa umugore ufatiwe muri icyo cyaha akicwa (5). Kugira ngo ubutabera bube bwuzuye, hagombaga gukorwa iperereza ryimbitse (4), ukekwa akaba ashinjwa n'abarenze umwe kugira ngo ahorwe icyaha cye (6). Imana ishimwe ku bwa Yesu witangiye ibyaha by'abari mu isi, kuko icyo dusabwa ari ukumwizera kugira ngo tubabarirwe ibyaha (Yoh.3.16). **Kandi ye kuzishakira abagore benshi, kugira ngo umutima we udahinduka** (17a). Gushaka abagore benshi no kurarikira ubutunzi byashoboraga gutera umwami kwibagirwa kugendera mu bushake bw'Imana. Salomo yarenze kuri aya mabwiriza, bimukururira kuyoboka ibigirwamana byazanywe n'abagore benshi yashatse. N'uyu munsi hari abananiwe n'ingo kubera kutanyurwa n'abo bashakanye. Twirinde kugwa muri bene ibyo (1Tim.6.9-11). Indir.88 Gushimisha.

**Ku cyumweru 4 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 18.1-22 Ikib.3**
**Uwiteka ni we gakondo yabo nk'uko yababwiye** (2): Aya mabwiriza yabuzaga abiyeguriye umurimo w'Imana guhabwa gakondo yashoboraga gutuma batwarwa no gushaka indamu, bakava mu muhamagaro. Uwiteka ni we gakondo yabo, bishatse kuvuga ko Imana yonyine ariyo izabitaho. Nubwo Abalewi babaga mu midugudu babahanye n'inzuri gusa (Kub.35.7), Abisirayeli bagiraga ibyo babagenera byo kubatunga (6-8). Uyu ni wo murongo itorero ryakomeje gukurikiza, aho abakristo bashoboza abayobozi b'amatorero babarizwamo (1Kor.9.13-14). Ese uterwa ishema no gushyigikira umurimo w'Imana? **Utungane rwose ku Uwiteka Imana yawe** (13): Kugira ngo Abisirayeli babeho uko Imana ibishaka bari mu gihugu cy'amasezerano, ntibagombaga kwitwara nk'abanyamahanga, kuko ibyo ababuza gukora biri mu byatumye Imana ibirukana muri gakondo yabo. (9-12). **Gusenga**: Mana yacu, udushoboze kwitandukanya n'ibyo wanga, kugira ngo tubashe kuba abera nk'uko nawe uri uwera. Indir.109 Gushimisha.

**Kuwa mbere 5 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 19.1-21 Ikib.6**
**Uzirobanurire imidugudu itatu yo hagati mu gihugu cyawe** (2): Iyi midugudu y'ubuhungiro itatu yashoboraga kongerwaho indi itatu, bitewe n'uko igihugu kigenda cyaguka (8-9). Ibyiciro byagombaga kuyihungiramo ni bibiri: 1. Umuntu wishe undi atabigambiriye yagombaga kuhahungira kugira ngo bene umuntu batihorera (4). Iyo yabaga yagezemo ntacyo yagombaga kuba (4,5). 2. Umuntu wishe undi abigambiriye na we yashoboraga kujya muri uwo mudugudu w'ubuhungiro (11). Aho atandukaniye n'uwa mbere nuko we yakurwagamo agahanwa hakurikije amategeko yariho kiriya gihe (12). Ibi byose byaberagaho kugira ngo hatagira utinyuka kwambura undi ubuzima. Birakwiye ko dukunda abanzi bacu, tugasabira abaturenganya (Mat 5.44), ariko Imana ntiyishimira utesha undi agaciro cyangwa ngo amwambure ubuzima (Mat 5.21-22). Indir.101 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 6 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 20.1-20 Ikib.6**
**Ni nde uri hano utinya agacogora.** (8 b): Kuva ku murongo wa 5-8 turahasanga ibyiciro by'abantu batandukanye, batagombaga kwitabira urugamba: Uwubatse inzu atareza, uwateye uruzabibu akaba atararya imbuto zarwo, uwasabye umukobwa akaba ataramurongora, cyangwa se umuntu ufite ubwoba. Imana yashakaga kugabanya umubare ngo hasigare bake, kugira ngo nibatsinda batazibaza ko ari amaboko yabo (Abac.7.2-8). Nugira umugisha wo kugira icyo ugeraho mu mibereho yawe, ujye ushima Imana kuko ntibiba bivuye mu mbaraga zawe (Ef.2.8-10). **Niwigira hafi y'umudugudu ngo urwane na wo, uzawubwire iby'amahoro** (10): Mbere yo kurwana n'ibihugu bibakikije, Abisirayeli bagombaga kubanza kubabwira iby'amahoro bakemera kumanika amaboko nta maraso avushijwe, bitaba ibyo bakarimburwa ndetse bagasahurwa imitungo yabo (12-14). **Icyifuzo**:

Sengera abakristo kugira ngo bajye baharanira gukemura ibibazo bagirana n'abandi batagombye kugera mu nkiko.

**Kuwa gatatu 7 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 21.1-23 Ikib.4**
**Abatambyi b'abalewi bigire hafi,kuko aribo Uwiteka Imana yawe yatoranirije kuyikorera** (5): Umurimo w'abatambyi wari uwo gutamba ibitambo byahuzaga abantu n'Imana, no guhesha Abisirayeli umugisha (Kub.6.22-27). Abarobanuriwe umurimo w'Imana bafite inshingano yo kubwiriza, kuyobora amateraniro, kwita ku mukumbi mu buryo bwose kandi na bo ubwabo bakabaho mu buzima bwejejwe basenga (1Tes.4.7). **Uzamujyane iwawe, yiyogosheshe, ace inzara** (12): Umukobwa w'umunyagano kugira ngo arongorwe n'Umwisirayeli yagombaga kugira ibyo akorerwa (12-13), kandi akamara ukwezi aborogera se na nyina. Yagombaga gutandukana n'imico ya gipagani yakuriyemo akamenyerezwa imico mishya y'abubaha Imana. Ese igihe wakiraga Yesu nk'Umwami n'Umukiza, ibyo ingeso mbi waretse na n'ubu uracyazigendera kure? **Najya kuraga...** (16): Ubutabera bw'Imana ntacyo busiga inyuma, no mu mirage n'imibanire y'umuryango, mu burere bw'abana (18) n'ibindi ubundi twita ibyacu bwite, Imana ihatanga amategeko. Uburyo ucunga urugo rwawe, uko urera abana bawe, uko ukora imirimo yawe, byose bigomba kugaragaza ko wubaha Imana. Indir. 411 Gushimisha.

**Kuwa kane 8 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 22.1-12 Ikib.3**
**Ntuzabure kuyigarurira mwene wanyu** (1): Amategeko arebana no kutirengagiza iby'abandi byazimiye yagaragazaga ibitagomba gukorwa n'ibyagombaga gukorwa. Ibitaragombaga gukorwa ni ukwiregagiza nkana itungo rya mwene wanyu (1,3,4). Ibyagomba gukorwa ni ukugira icyo ukora mu rwego rwo gutabara, kurokora cyangwa kugarura icyari cyabuze. Ibi kandi byarebwaga no kugira icyo utoragura utazi nyiracyo. Wagombaga kukibika ukarangisha kugeza igihe nyiracyo azabonekera (2). Aya ni amategeko akenewe kandi agaragaza ubunyangamugayo no muri iyi minsi ya none. Abantu bamwe iyo bagize ibyo batoragura, cyangwa mu mabanki bakabaha amafaranga arenga kuyo bari bagenewe, ntibatinya kuvuga ko Imana ibagaburiye. Nyamara gusubiza iby'abandi cyangwa kurangisha ni byo byaguhesha amahoro, kubarwaho ubunyangamugayo ndetse no kubahisha Imana. **Icyifuzo**: Sengera abakristo bataye ubunyangamugayo bisubireho.

**Kuwa gatanu 9 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 22.13-29 Ikib.2**
**Umuntu narongora umugeni, akaryamana na we akamwanga** (13): Impamvu umugabo yashoboraga kwanga umugeni we ni uko yashoboraga gusanga atari isugi. Iyo icyo kirego cyabaga ari ukuri, umukobwa yahanishwaga igihano cyo kwicwa (20-21). Ariko iyo habonekaga ibimenyetso by'uko umukobwa abeshyerwa, ingaruka zabaga ku mugabo

agakubitirwa ku karubanda, agacibwa ikiru, kandi agasubirana umugore we (16-19). Ibimenyetso bifatika byagaragazwaga n'amashuka yandujwe ku munsi wa mbere w'ubukwe. Bimwe mu bihugu by'Afurika baracyagira uyu muco aho amashuka yaryamiwe ahita ajyanwa ku babyeyi nk'igihamya ko umukobwa yari isugi. Ibi byose byaberagaho kugira ngo ingo zubatswe zigire ireme, umukobwa mu gihe akiri iwabo yirinde ubusambanyi, kandi n'umugabo ushatse yirinde impamvu yatuma apfa gusenda umugore we (Mat 19.2-6). **Icyifuzo**: Sengera ingo zo muri iyi minsi zishishikajwe no kujya mu nkiko basaba ubutane, ahubwo bashakire hamwe icyatuma bubaka urugo runezeza Imana.

**Kuwa gatandatu 10 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 23.1-26 Ikib.6**
**Ikibyarwa n'ikinyendaro ntikikajye mu iteraniro ry'Uwiteka** (3a): Umwana wavutse ku mugore udafite umugabo cyangwa ku babyeyi bafitanye isano ya hafi, ntabwo bemererwaga kujya mu materaniro y'Uwiteka. Uko kubuzwa kujya mu materaniro kwakuweho n'urupfu rwa Yesu. Kumwizera birahagije kugira ngo ugirane n'Imana ubusabane (Yoh.3.16;Gal.26-29). Umwana wa malaya wizeye Yesu bimuhesha agaciro, mu gihe uwa pasitori wazimiriye mu ngeso mbi bimufungira imiryango y'ijuru. **Ntuzagurize mwene wanyu kumwaka inyungu** (20a): Kuguza muri kiriya gihe byari ikimenyetso cy'ubukene. Imana yari yarasezeranije Umwisirayeli umugisha, ku buryo kuguza byabaga ari umuziro (15.4). Kandi abo Uwiteka yabaga yarahaye umugisha, bagombaga kwita ku bakene bo muri bo babaguriza ntibababake inyungu (20). **Zirikana:** Birakwiye ko abagize itorero ry'Imana barangwa n'urukundo, ubwabo bagafashanya kandi bakerera imbuto abo hanze. (Ibyak.2.44-47, Mat.5.16)

**Ku cyumweru 11 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 24.1-9 Ikib.3**
**Umuntu narongora umugeni maze ntamukundwakaze** (1): Mu muco w'Abayuda, gutandukana kw'abashakanye kwashingiraga gusa ku bushake bw'umugabo. Icyajyaga gusa naho kirengera umugore nuko yashoboraga kujyana urwandiko rwo kumusenda (1b). Urwo rwandiko rwahamyaga ko nta mugabo afite, none akaba ashobora gushaka undi. Ibyo ni byo Yesu yagarutseho ubwo yajyaga impaka n'Abafarisayo (Mat.5.31;Mar.10.4). Yesu ntiyishimira ko umugabo atandukana n'umugore we, kuko mu mugambi w'Imana mu gihe cy'irema, umugabo yagombaga kubana n'umugore we akaramata (Mar.10.6-9; Mat.19.4-6). Biteye agahinda kubona ingo zimwe zinanirana bakihutira kwaka gatanya, birengagije ingaruka ku bana babyaranye, imiryango yabashyigikiye mu bihe by'ubukwe, ndetse n'amasezerano bakoreye imbere y'abayobozi babifitiye ububasha. **Icyifuzo**: Sengera imiryango iri mu nzira zo gusenyuka, kugira ngo bahindukire bave mu byo barimo bibasenyera. Indir. 322 Gushimisha.

**Kuwa mbere 12 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 24.10-25.4 Ikib.1**
**Ntuzagirire nabi umukozi ukorera ibihembo w'umukene w'umwõro** (24.14): Umushahara ugomba kwishyurwa buri munsi mbere yuko izuba rirenga, kuko bene uyu mukozi ni wo aba arambirijeho ngo abone icyo ararira. Ikibabaje ni uko hari abakoresha benshi batabyubahiriza. Bitonde kuko bishobra kubagiraho ingaruka imbere y'Imana. **Ntugahambire umunwa w'inka ihonyora** (25.4): Duhamagarirwa kwita ku bidukikije, harimo n'inyamaswa. Pawulo avuga inshuro ebyiri kuri aya magambo (1Kor.9.9-10). Pawulo yongeraho amagambo Yesu yavuze ko "umukozi akwiriye ibimutunga" (Mat 10.10,1Tim.5.18). Ubutabera bw'ukuri bubonerwa muri Yesu Kristo. Kandi abitangamo urugero rwiza kuko ahemba neza. Ese mubyo ukora byose ujya urengera umunyantege nke? **Inama:** Umurongo wa 24.22 ugutere kwibuka ahabi Yesu yakuvanye maze wirinde gusubirayo. Indir 430 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 13 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 25.5-19 Ikib.1**
**Umuhungu azabanza kubyara azabe ari we uzungura umugabo wabo wapfuye** (6): Intego y'ibanze y'iri tegeko kwari Ukugira ngo izina ry'umuntu wapfuye n'umuryango we bizakomeze kubaho, kandi umupfakazi na we akomeze kugira agaciro mu muryango yashatsemo. **Ntukagire mu nzu yawe ibyibo by'urugero rumwe biciye ukubiri** (14): Gutanga ibipimo bituzuye ni ukwiba. Hari igihe abantu bibwira ko bacuruje batabeshya mu bipimo badashobora kunguka. Si byo kuko hari abacuruzanya ubunyangamugayo n'ubutabera bagiye batera imbere. **Uzaba ukwiriye gukuraho rwose kwibukwa kw'Abameleki** (19): Iri tegeko turyumve mu gihe cy'Isezerano rya Kera (19.21). Isezerano rishya ryo riduha inzira yo guhinduza umwanzi urukundo no kumugirira neza (Rom. 12.21). Hari ubuhamya watanga bw'abantu bakwangaga wagaruje urukundo? **Gusenga:** Mwuka Wera, mpa imbaraga zintandukanya n'icyaha mbere yuko kintandukanya n'Imana. Indir.133 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 14 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 26.1-19 Ikib.4,7**
**Uyu munsi neruriye Uwiteka Imana yawe yuko nageze mu gihugu** (3): Iki gice kiribanda cyane ku masengesho rusange y'Abisirayeli harimo kuramya Imana, kuyishimira ibyo yabakoreye no kwibuka ko bagomba kurangwa n'ubutabera mu mibanire yabo. Hari ibintu bitatu bikuru tugomba kuzirikana: 1) Kwaturira Imana ibyiza yagukoreye byose bizana amahoro kandi birushaho gukomeza kwizera kwawe (5-9). 2) Guhamiriza Imana ibyo washoboye mu byo yagutegetse birushaho kuyikwegereza maze ukayisaba ibyo ushaka ubohotse (13-15). 3) Kwiyemeza kubahiriza amategeko y'Imana byihutisha gusohora kw'amasezerano yaguhaye (16-19). **None dore nzanye umuganura w'ibyeze** (10): Ujye uhora usaba Imana kukuba hafi buri gihe, ukayiha icya cumi gishyitse kandi uyumvira n'umutima wawe

wose. Ibyo tubishobozwa na Yesu wabaye Umuganura uzaduhesha kuzuka ubwo azagaruka (1Kor 15.23). **Ikibazo:** Mbese ufitanye umubano ki na Yesu muri iki gihe? Indir. 363 Gushimisha.

**Kuwa kane 15 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 27.1-26 Ikib.4,7**
**Muhore mwitondera amategeko yose mbategeka uyu munsi** (1): Ubwo Abisirayeli bazaba bageze mu gihugu gishya bagiye kwinjiramo, hari ibintu 3 bagomba kuzitaho: 1) Mu gihugu gishya, Abisirayeli bagomba kugendera ku mategeko y'Imana yanditse ku mabuye nk'ishingiro ry'ubuzima bwabo bwa buri munsi (8). 2) Bahamagarirwa kugirana umubano udasanzwe n'Imana yabo. Ni ku byo Imana yabahaye bayihaho (9-10). Umwana utaraca ubwenge ni we uha ikintu, wamusaba akakwima. 3) Bagomba gutangaza ku mugaragaro ko hariho imigisha n'imivumo abantu bose bagomba kumenya, bityo bagahitamo mu byo bazi neza (11-14). **Uyu munsi uhindutse ubwoko bw'Uwiteka Imana yawe** (9): Ubu ni ubuhanuzi buvuga kuri Yesu Kristo wemeye kuba umutambyi n'igitambo kugira ngo adushoboze kuba abana b'Imana, bityo atuvaneho umuvumo w'ibyaha (Heb.4.14-16). **Ikibazo:** Ese urakibuka umunsi wakirijweho? (9b) Ganiriza abo muri kumwe uko byari bimeze. Indir 118 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 16 Ukwezi kwa cumi Zaburi 125.1-5 Ikib.1**
**Abiringiye Uwiteka bameze nk'umusozi wa Siyoni** (1): Ibi ni ibyishimo by'abagenzi basohoye amahoro i Yerusalemu nyuma y'urugendo rurerure. Umwanditsi ahagaze ku musozi Siyoni. Ni umusozi ubwawo waremwe n'Uwiteka, awutoranya mu yindi misozi, wubakwaho urusengero rurimo ubuturo bwe bwera. Uko uyu musozi utabasha kunyeganyezwa, abagenzi n'abatuye i Yerusalemu bafite Uwiteka ho Imana yabo. Baravuga ibyiringiro byabo byo kutazanyeganyezwa no kuzabaho iteka ryose (1). Abakristo uyu munsi bashobora kugira ibyiringiro nk'ibi na bo. Imana yabahereye umugisha muri Kristo Yesu kandi bazababaho iteka. **Uwiteka, ugirire abeza ibyiza, n'abatunganye mu mutima** (4): Umwanditsi abeza arabasabira ibyiza. Abo ni abatunganye mu mitima, bagirira neza abo babana, kandi bakanezeza Imana. Batinya Uwiteka kandi bagendera mu nzira ze (119.1-3). Birinda kugendana n'abiyobagiza, kugira ngo Uwiteka atazabahanira hamwe n'inkozi z'ibibi (5). **Gusenga:** Mana yacu, ujye urinda intambwe zacu, kugira ngo amaboko yacu ataramburirwa gukora ibyo gukiranirwa (3). Indir.41 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 17 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 28.1-14 Ikib.5,6**
**Iyi migisha yose izakuzaho** (2): Iki gice kiravuga imigisha myinshi Imana isezeranya Abisirayeli. Turakibonamo inyigisho esheshatu z'ingenzi: 1) Kumvira amategeko y'Imana ni urufunguzo rw'imigisha yayo. 2) Igihugu cya Isirayeli kizashyirwa hejuru y'andi mahanga yose (1,3). Amateka yabo

yagiye abigaragaza. Hari ayo uzi waganiriza abo muri kumwe? 3) Imigisha y'Imana izagaragara hose, mu mudugudu, mu mirima, mu rubyaro, mu bukungu, mu buzima no mu mibereho ya buri munsi (3-6). 4) Kurindwa n'Imana no gutsinda mu ntambara abanzi babo bazabateza (7). (5) Imana izabagushiriza imvura maze babone umusaruro mwinshi (12). 6) Guhindurwa ubwoko bw'Imana bwejejwe (9-10). Kugira ngo iyi migisha yose uyihabwe, nta kindi bisaba uretse kugundira amategeko y'Uwiteka, ukirinda icyagusubiza mu bigirwamana. Nuhora ugenza utyo, Uwiteka azaguhindura umutwe ntazaguhindura umurizo (13-14). **Zirikana:** Yesu Kristo ni we wenyine udushoboza kuzuza ibisabwa, maze tukuzuza ibiduhesha imigisha (Fil 4.13). Indir 68 Agakiza.

**Ku cyumweru 18 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 28.15-44 Ikib.6**
**Ariko nutumvira Imana yawe,…, iyi mivumo yose izakuzaho** (15): Igice twasomye kiravuga mu buryo burambuye imivumo izagera ku gihugu no ku bantu batumviye amategeko y'Imana (15). Dore ibintu bitandatu by'ingenzi tubona muri iki gice: 1) Buri gice cy'ubuzima cyagombaga kugibwaho n'umuvumo. Birondore mu mirongo 16-19. 2) Guhagarika umutima, urujijo, ubujiji, ingaruka z'ibyaha n'ibindi bibuza amahoro, kugeza ku kurimbuka (20). 3) Indwara, ibyorezo no kononekara kw'ibidukikije (21-24, 27, 35). 4) Gutsindwa kw'ingabo no gusuzugurwa (25). 5) Hazabaho guhungabana, gutakaza umutungo no kwamburwa ibyabo (30-34, 41-42). 6) Bazakesha ubuzima abanyamahanga bahoze bari munsi yabo (43-44). Yesu yemeye kuba ikivume kugira ngo tubone umugisha wa Aburahamu, kandi duhabwe Umwuka Wera twasezeranijwe (21.23;Gal 3.13-14). **Icyifuzo:** Dusabe Imana iturinde ikintu cyose cyatuma dusubira inyuma, Imana ikatuvuma tugahinduka igisuzuguriro. Indir 69 Gushimisha.

**Kuwa mbere 19 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 28.45-69 Ikib.6**
**Kandi iyi mivumo yose izakuzaho** (45): Iki gice kirakomeza kivuga imivumo iteye ubwoba izagwira Abisirayeli nibaramuka batumviye amategeko y'Imana. Dore ibintu 7 tubonamo byatubera amasomo: 1) Imivumo izakurikirana kugeza ku kurimbuka (45). 2) Kudakorera Uwiteka unezerewe bizana umuvumo (47;Zab.100.2). 3) Igihugu kizaterwa n'abanzi batagirira impuhwe uwo ari we wese n'icyaricyo cyose (48-52). 4) Hano turabona imivumo iteye ubwoba bikabije nk'uko umunyarwanda yavuze ngo ibibi birarutana (53-57). 5) Hazabaho n'indwara z'inzaduka zitigeze kubaho (58). 6) Abisirayeli bazatatanira mu mahanga aho batazigera bagirira amahoro n'umutekano (63−67). 7) Abisirayeli bazasubizwa mu buretwa bukakaye cyane (68). ujye wemerera Yesu akubera ibyiringiro bizima kuko ni we Nzira, Ukuri n'Ubugingo (Yoh.14.6). **Gusenga:** Mwuka Wera, mfasha gukora umurimo w'Imana nezerewe (Zab.100). Indir 132 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 20 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 29.1-14 Ikib.4,5**
**Mwitondere amagambo y'iri sezerano** (8): Igice cy'uyu munsi kiribanda ku masezerano avuguruye Imana yagiranye n'ubwoko bwayo (1;28.69). Dore ibintu 3 bikuru tukibonamo**:** 1) Kuvuga gusa ibitangaza by'Imana ntibihagije, hagomba kubaho guhindukira no kugira umutima umenetse, wumvira Imana (4,8). 2) Abantu bose bagomba guhiga kubw'iryo sezerano rishya, bityo na bo bakaba bashya mu mitima yabo (10-11; 28.69). Nta muntu n'umwe ugomba guhezwa (9-10). 3) Intego y'isezerano rishya ni uko Abisirayeli bemera kuba ubwoko bw'Imana kandi bakemera ko ibabera Imana yabo yonyine (12). **Mubone uko mugira ukuboka kwiza mu byo mukora byose** (8): Gukora ibituma tubona ukuboko kwiza tubishobozwa na Yesu wabaye umuhuza w'isezerano rishya, agacungura abagitegekwa n'isezerano rya mbere (Heb 9.15). Ni muri we tubonera imigisha yose yo mu ijuru (Ef. 1.3). **Zirikana:** Imirongo 14-15 igutere guhamiriza abo muri kumwe ko Yesu ari Umwami (Mat 24.14). Indir 281 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 21 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 29.15-28 Ikib.2,3**
**Ni iki cyatumye Uwiteka agira uki gihugu atya?** (23): Iki gice kigaragaza uburemere bwo kutagendera mu masezerano y'Imana. Dore ibintu bikuru 3 tubona muri iki gice: 1) Imana icira urubanza umuntu ku giti cye n'umuryango bayitera umugongo bagakorera ibigirwamana (17)**.** 2) Uwiteka ntazababarira umuntu wishuka agaragaza inyuma ko ayumvira, nyamara imbere muri we nta kuyumvira kuharangwa (18). 3) Ibihano Imana ihana ubwoko bwayo ni umuburo ukomeye ku bazavuka nyuma no ku mahanga atandukanye (21-23). **Nzagira amahoro nubwo ngendana umutima unangiye** (18): Umuntu nk'uyu ni umuntu wisinzirije kandi kumukangura birarushya cyane kuruta gukangura usinziriye by'ukuri. Uvuga ko atemera Imana wese ameze nk'uyu muntu, ni uwo gusengerwa cyane. **Icyifuzo:** Ifashishe umurongo wa 28 ugutere gusengera abantu bose uzi bafite imitima inangiye yuzuyemo ubuhakanamamana. Indir.191 Gushimisha.

**Kuwa kane 22 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 30.1-20 Ikib.2,5**
**Nawe uzahindukirire Uwiteka umwumvire** (8): Abisirayeli nibatatanira mu mahanga maze bakihana, bakagarukira Uwiteka n'umutima wabo wose n'ubugingo bwabo bwose, Imana izabagarura mu gihugu cyabo kandi ibahe imigisha yabasezeranije. Rondora iyo migisha mu mirongo 1-10. **Kuko ayo mategeko nkutegeka atari ayo kukunanira** (11): Uwumvira amategeko y'Imana abyungukiramo cyane. Ikibazo ni umutima w'umuntu uteshuka, ntiwumvire, kandi ukoshywa, bigatuma ahitamo gukora nabi aho gukora neza (17). Gukizwa ntibisaba ko uba warize amashuri menshi y'iyobokamana. **Nuko uhitemo ubugingo ubone kubaho** (19): Guhitamo ubuzima bigereranywa no kwizera no gukunda Imana no kuyumvira. Ukwiriye kwemera ko Umwuka Wera ahindura umutima wawe kugira ngo Imana

iwugenge, bityo biguheshe imigisha yose Imana itanga (9-10; Yer.17.9-10). **Icyifuzo:** Tekereza amazina y'abantu uzi bahakana Imana, maze ubasabire kwizera Yesu ababere Umwami n'Umukiza. Indir 280 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 23 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 31.1-13 Ikib.4**
**Uwiteka Imana ubwayo izambukana namwe ibagiye imbere** (3): Mose yabwiye Abisirayeli imyaka agejejeho, kandi ko atagishobora gutambagira. Yabamenyesheje ko Uwiteka ari we wabagenze imbere kandi ko nubundi abikomeje. Uko yaneshe Sihoni na Ogi, ni ko azakomeza kubatsindira abanzi. Mose ni urugero rw'umuyobozi wikuraho icyubahiro, akagiharira Uwiteka wenyine. **Komera ushikame** (7): Mose yavuze ku mugaragaro ko Yosuwa ari we Imana yahaye ubutware bwo kumusimbura. Kuko azi ko umurimo amusigiye utoroshye, ni yo mpamvu yagumye kumubwira ati: "Uwiteka ubwe azakujya imbere, azabana nawe (8). **Uzajye uteranya abantu, abagabo n'abagore n'abana bato, n'umusuhuke w'umunyamahanga** (12) : Kumva amategeko ni umurage uhawe abana, abakuru, ndetse n'abanyamahanga bari hagati muri bo. Ayo mategeko kandi bagomba kuyasomerwa uko imyaka irindwi ishize. Kumva no kumvira ayo mategeko ni ihame rizabahesha umugisha (12). **Inama:** Gusoma ijambo ry'Imana buri munsi ni umurage mwiza. Ukwiye kubimenyereza abo mubana.

**Kuwa gatandatu 24 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 31.14-32.29 Ikib.6**
**Hamagara Yosuwa mwiyerekanire mu ihema ry'ibonaniro** (14): Mose na Aroni batumiwe n'Uwiteka ngo baze mu ihema ry'ibonaniro. Cyari igihe cy'ihererekanyabubasha. Bombi icyo yababwiye nuko abantu bayoboye ari ubwoko butagonda ijosi. Yihanangirije Yosuwa kuzajya ahora yibutsa Abisirayeli kwirinda kuyoboka ibigirwamana byo mu gihugu bagiye guhindūra (16); no kubamenyesha ko nibateshuka bazahura n'akaga (17). Yahaye Mose indirimbo bagomba kwigisha abantu kugira ngo uko bayiririmbye ijye ibibutsa be kugwa, kandi nibaba baraguye ibahamirize ko bahemutse (19,21). **Munteranirize abakuru b'imiryango yanyu bose n'abatware banyu** (28): Nyuma yo kwihanangiriza Mose na Yosuwa, no gushyikiriza igitabo cy'amategeko abatambyi n'abalewi, abakuru n'abatware b'imiryango ni bo bari batahiwe kwihanangirizwa. Iyo ibintu bigenze neza byitirirwa abayobozi, ariko, n'iyo bipfuye ni bo baba batakoze akazi kabo neza. **Icyifuzo:** Sengera abayobozi b'itorero n'ab'igihugu kugira ngo bajye barinda abo bayobora kugwa mu byaha bibatesha agaciro.

**Ku cyumweru 25 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 31.30-32.22 Ikib.3**
**Mwaturire Imana yacu ko ifite icyubahiro gikomeye** (3): Iyi ndirimbo ya Mose ikubiyemo amagambo ya nyuma Imana imushyize mu kanwa, azajya yibutsa ubwoko bwayo gukomera kwayo. Amagambo ye ameze nk'imvura y'urujojo, imanuka mu ijuru igatonyangira ibyatsi ku isi. Mose

akomeza yogeza izina ry'Uwiteka ufite icyubahiro gikomeye. Ni Igitare, Umunyamurava, ica imanza zitabera, iratunganye (3-4). Iyi miterere y'Imana ni yo yagombaga kubuza abantu guhemuka, ahubwo ikabatera gutunganira Imana. **Mwa bwoko bw'abapfapfa mwe... uko ni ko mwitura Uwiteka?** (6): Iyo Mana mu gukomera kwayo, ni yo yabanye na basogokuruza, ibarindira mu butayu bw'inyamaswa zihūma, irabagota irabakuyakuya (10). Yarabayoboye ibatambagiza mu mpinga z'imisozi, itanga n'ibyo kubatunga (13-14). Atari ubupfapfa n'ubwenge buke, ubundi urebye ibyo Imana ikora, ni nde watinyuka guhemukira Gitare agahindukirira ibigirwamana? **Maze Yeshuruni arabyibuha atera umugeri, maze areka Imana yamuremye** (15): Uku ni ko bikunze kugenda mu bantu: bashaka Imana bagikennye, yamara kubaha umugisha bakayitera umugongo. **Ikibazo**: Ese ujya wibuka ineza y'Imana bikagutera kuyikiranukira? Indir.46 Gushimisha.

**Kuwa mbere 26 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 32.23-52 Ikib.2**
**Ubwo ni ubwoko butabasha kwigĩra inama** (28): Abisirayeli babwiwe ibizababaho ntibumvira Imana (23-25). Amahirwe bafite nuko itabyishimira, kuko ibyago byabageraho ababisha babo babyiyitirira (27), kandi yaravuze ko icyubahiro cyayo itazagiha undi (Yes.42.8). Uwiteka arabashinja kutagira ubwenge (28-29). Ubwenge nyabwenge ni ukwirinda ibituma Gitare afuhira ibitari Imana (21), ni ugutinya ingaruka iryo fuhe ryabagiraho. **Kuko Uwiteka azacira urubanza ubwoko bwe, azababarira abagaragu be** (36): Hari ibyago bizagera ku banyamahanga. Ibirenge byabo bizadandabirana. Kandi azababarira abagaragu be, ni na we uzabahōrera (43). **Mushyire imitima yanyu ku magambo yose mbahamirije uyu munsi** (46): Amagambo ya nyuma ya Mose ni ayo kwibutsa abantu kwitondera amategeko y'Imana no kuyigisha abana babo, kugira ngo kuguma mu rukundo rw'Imana bizabahe kuramira mu gihugu cy'isezerano. **Zirikana:** (29). Kwibera mu Mwami Yesu, ni cyo kizatuma atwimana, akazaduha gutura muri Gakondo. Indir. 69 Agakiza.

**Kuwa kabiri 27 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 33.1-17 Ikib.1,2**
**Uyu ni wo mugisha Mose umuntu w'Imana yahesheje Abisirayeli agiye gupfa** (1): Amagambo ya nyuma ya Mose yabaye ayo guhesha umugisha buri muryango akurikije uko uteye. Abanza kubibutsa gukomera kw'Imana ibagenda hagati (2), kuva kuri Sinayi kuzagera mu gihugu cy'isezerano. Urukundo abakunda rwatumye aha ubwoko bwe amategeko. **Bazigisha Abayakobo amateka yawe, bazigisha Abisirayeli amategeko yawe** (10): Umugisha w'Abalewi Mose yawutinzeho cyane, abibutsa umurimo wabo ku Mana no ku bwoko bwabo. Ni bo bigishaga amategeko, bakayarinda, ni na bo kandi bavagamo abatambyi (18.3-5). Ni bo bari bashinzwe kuba umuhuza w'ubwoko bwose n'Imana. Ikindi bahagaze neza, mu gihe iyindi miryango yari yagomeye Uwiteka ikiremera ikigirwamana (Kuva 32.25-29).

**Umugisha ugwe ku mutwe wa Yosefu, mu izingiro ry'umutware wa bene se** (16): Umuryango wa Yosefu na wo uravugwa cyane muri uyu mugisha, ndetse kuruta n'uwa Lewi kuko n'ubundi ni we Yakobo yari yaratoranije kuba umutware w'umuryango (16,Itang.49.26). **Icyifuzo**: Sengera abagabo n'abagore bafite inshingano zo kuyobora imiryango guhora baturira imigisha ku bana babo, bityo babe abahesha b'amahoro ku babakomokaho.

**Kuwa gatatu 28 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 33.18-29 Ikib.2 Yeshuruni, ntawuhwanye n'Imana, izanwa no kugutabara ihetswe n'ijuru** (26): Uko Mose yatangiye iyi ndirimbo, ni ko yashoje avuga gukomera kw'Imana. Yeshuruni ni ijambo ry'urukundo Imana yakoreshaga ivuga ubwoko bwayo. Mose abibutsa ko imigisha yose iva ku Mana yabo, kuko ni yo ibarengera kandi ikabarwanirira mu ntambara (27). Asoza amagambo ye asabira umugisha w'amahoro kuri gakondo yabo yose. Kuko buri muryango wari wasabiwe umugisha wihariye, abasabira umugisha wo guhinga bakeza kandi ntibabure imvura (28). Abavugaho umugisha wo guhindūra ibihugu bahagarikiwe n'Imana kandi barinzwe na yo (29). Tekereza buri mubyeyi buri munsi yaturiye umugisha ku bana be, buri muyobozi mu nzego zose agasabira umugisha abo ayobora bose. **Zirikana**: "Hahirwa ishyanga rifite Uwiteka ho Imana yaryo, ubwoko yitoranirije kuba umwandu we (Zab.33.12).

**Kuwa kane 29 Ukwezi kwa cumi Gutegeka 34.1-12 Ikib.3,5 Ngikiriya igihugu narahiye Aburahamu na Isaka na Yokobo nti: nzagiha urubyaro rwawe** (4): Imana yajyanye Mose ku musozi Nebo, imwereka igihugu cy'isezerano mu mpande zacyo zose (2). Nubwo Imana itamwemereye kugerayo, ariko yapfuye abizi ko ataruhiye ubusa. Niba hari nzozi z'ibyiza ujya urota ku bwawe cyangwa ku bawe, senga Imana uzasaze zarasohoye, cyangwa warazibonesheje amaso nka Mose. **Yosuwa mwene Nuni yari yuzuye Umwuka w'ubwenge, kuko Mose yari yaramurambitseho ibiganza** (9): Imana yari yarategetse Mose kwihanangiriza Yosuwa no kumuha ku cyubahiro ke (Kub.27.18-20). Ibyo yasize abikoze. Yosuwa na we yabonye urufatiro rwiza, akomereza aho umusaza Mose yari agejeje. Sengera abayobozi cyane cyane ab'itorero bige gusiga inyuma yabo umurage nk'uyu! **Mu Bisirayeli ntihabonetse undi muhanuzi uhwanye na Mose** (10): Mose wa mushumba washatse kwanga gutumwa kubera ko atazi kuvuga (Kuva 4.10), arangije urugendo azwiho kuvugana n'Imana barebana, guhangana na Farawo akamunesha, no gukorera ibimenyetso bikomeye imbere y'Abisirayeli. Yemeye gukoreshwa n'Imana, none bimuhesheje izina ritagereranywa (11). **Icyifuzo**: "Icyampa nkipfira nk'uko abakiranutsi bapfa, iherezo ryanjye rikaba nk'iryabo" (Kub.23.10). Indir.219 Gushimisha.

***INCAMAKE Y'URWANDIKO RWA MBERE RWANDITSWE NA PETERO***

*Uru rwandiko Petero yarwanditswe nko mu mwaka wa 64-65 nyuma yo kuvuka kwa Yesu. Rwandikiwe intore za Yesu zari zaratataniye mu gihugu ubu gisigaye cyitwa Turukiya. Abenshi mu bizera bararenganywaga cyane muri icyo gihe, babahora izina rya Yesu. Ayo matorero si Petero wari warayashinze, ahubwo ni Pawulo (1.12,25). Petero yanditse uru rwandiko ari ahantu yise i Babuloni (5.13). Nyamara Babuloni yari izwi kuva kera yari yarasenyutse. Yaba yarashakaga kuvuga Roma, agakoresha amarenga yari aziranyeho n'abo yandikiraga. Petero yasabye abo yandikiye kugira ingeso nziza zikwiriye abizera Yesu, gutinyuka kumuvugira imbere y'abapagani n'abategetsi babarenganyaga n'ubwo babizira. Imbata zakijijwe zagombaga guhamya Yesu imbere ya bashebuja bakoreraga, uwamaze kwizera akabyumvisha mugenzi we utarizera, ndetse abato n'abakuru mu itorero bagahugurana. Dore ibikubiye muri uru rwandiko: 1.1-12: Petero abibutsa ko Imana yabakijije; 1.13-2.10: Abakristo bagomba kuba abera; 2.11-4.19: Imyifatire ikwiriye mu gihe cy'imibabaro; 5.1-14: Petero ahugura abakristo.*

**Kuwa gatanu 30 Ukwezi kwa cumi 1 Petero 1.1-12 Ikib.5**
**Imana…, ishimwe, kuko yatubyaye ubwa kabiri…**(3): Petero yandikiye abakristo b'abimukira bari batuye aho twita ubu Turukiya, agamije kubakomeza kuko batotezwaga cyane. Arabibutsa ko ababyawe ubwa kabiri bagira ibyiringiro bizima baheshwa no kuzuka kwa Yesu Kristo. Mu ijuru abizera babikiwe umurage utangirika, kandi kuko barinzwe n'imbaraga z'Imana, bazabona agakiza kazahishurwa mu gihe cy'imperuka (4-5). **Nicyo gituma mwishima, nubwo …mukwiriye kumara igihe … mubabazwa** (6): Ibyishimo mu gihe cy'imibabaro byerekana ko isõko yabyo itava mu bigaragara bigose umuntu; ahubwo bituruka mu bitagaragara umuntu yizera. Kwizera gutera bene ibyo byishimo, guca mu muriro ntigukongoke, kandi ni ko kwizera k'ukuri (7). Petero ni umuhamya w'ibyishimo bihebuje by'abakunda Yesu, bakamwizera batarigeze bamubona (8). Na Yesu yarabyivugiye ati: "hahirwa abizeye batambonye" (Yoh. 20.29). **Abahanuzi bahanuye iby'ako gakiza…**(10): Iby'abahanuzi bifuje kubona ndetse abamarayika bakabigirira amatsiko, ni byo Imana yaduteganirije kandi ibiduha ku ubuntu muri Kristo. Indir.160 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 31 Ukwezi kwa cumi 1 Petero 1.13-25 Ikib.2,4**
**Muzaba abera kuko ndi Uwera** (16): Petero arahamagarira abakristo kuba abaziranenge nk'uko Imana yabahamagaye na yo ari Iyera (15). Kuba uwera bisaba kwitegura mu mutima; kwirinda ivutu no gusayisha, kugira ibyiringiro bizima; kumvira Imana no kwitandukanya n'ikibi cyose. Ibyo byose ntawabyishoboza adafite ukwizera n'ibyiringiro biva ku Mana (21). **Mwacungujwe amaraso y'igiciro cyinshi** (19): Amaraso y'igiciro

gihebuje Yesu yavuye, yabaye ikiguzi ngo umwizera wese acungurwe abe umwana w'Imana. Umugambi w'Imana wo gucungura abantu, wabayeho isi itararemwa (20). Iki gitambo gikwiriye gutuma umukristo wese atinya Imana, kuko ari yo mucamanza utarobanura ku butoni (17). **Mukundane cyane mu mitima** (22): Kuba abera bisaba kwezwa mu mutima no kumvira ukuri; ubwo ni bwo haba urukundo ruzira uburyarya hagati y'abana b'Imana (22). **Mwabyawe n'imbuto itabora, mubiheshejwe n'ijambo ry'Imana rizima rihoraho** (23) : Kuvuka ubwa kabiri bitanga ubugingo buhoraho, kuko umuntu aba abyawe n'Ijambo ry'Imana rihoraho iteka (25). Imana ishimwe kubw'ijambo ryayo twahawe. Indir. 289 Gushimisha.

**Ku cyumweru 1 Ukwezi kwa cumi na kumwe 1 Petero 2.1-10 Ikib. 4 Mwifuze amata y'umwuka adafunguye** (2): Mu rwego rwo kuba abera, Petero arahamagarira abo yandikira kwihana ibyaha bitanu ari byo: ubugizi bwa nabi, uburiganya, uburyarya, ishyari no gusebanya. Nk'uko impinja zikenera amata ngo zibashe gukura, ni ko n'abakristo bakeneye gutungwa n'ijambo ry'Imana, maze kuryumvira bitume baba abera (2). Aho ijambo ry'Imana ritubera ifunguro rya buri munsi rituma tutagwingira mu by'Umwuka? **Namwe mwubakwe, nk'amabuye mazima** (5): Petero yakoresheje ikigereranyo cy'ibuye rizima rikoreshwa mu kubaka. Nyuma yo kwezwa, abakristo bahamagarirwa gufatanya kubaka inzu y'Umwuka kandi bagakora umurimo w'ubutambyi (5). Ibuye rikomeza imfuruka, ryatoranijwe, ni Yesu Kristo kandi abamwizera ntibazakorwa n'isoni (6); ariko abatamwizera bazasitara bagwe kuko batumviye ijambo ry'Imana (8). Imana idufashe kandi iturinde tutaba mu basitara bakagwa. **Ikibazo:** Imirongo 9-10 irakubwira ibiki biranga uwavutse ubwa kabiri? Nawe birakuranga?

**Kuwa mbere 2 Ukwezi kwa cumi na kumwe 1 Petero 2.11-25 Ikib.4 Mugire ingeso nziza hagati y'abapagani** (12): Petero arahugurira abakristo kugira ubuhamya bwiza mu bo babana. Abizera bakwiriye guhora bibuka ko mu isi atari iwabo, ahubwo ko bari mu rugendo bajya mw'ijuru. Ibyo bibarinda irari rirwanya ubugingo (11), kandi gukora imirimo myiza bikaba byatuma abapagani bahindukira bagahimbaza Imana. **Mugandukire ubutware bwose bw'abantu ku bw'Umwami wacu** (13): Abakristo bakwiriye guhora bazirikana ko ubutware bwose bushyirwaho n'Imana. Ni yo mpamvu bahamagarirwa guhora bagandukira ababayobora, bakaba abaturage b'intangarugero mu byiza byose (Rom 13.1-7). **Bagaragu b'imbata, mugandukire ba shobuja mububashye rwose** (18): Ijambo ry'Imana risaba abakozi kubaha ababakoresha, baba ari beza cyangwa baba bagira umwaga. Umukozi wese wizera, yirinde guhanwa azira ibyaha yakoze, ahubwo amenye ko iyo arenganijwe, aba ageze ikirenge mu cya Yesu. Imibabaro Yesu yanyuzemo ni yo yatumye duhabwa agakiza (22-25). Indir. 83 Agakiza.

**Kuwa kabiri 3 Ukwezi kwa cumi na kumwe 1Petero 3.1-7 Ikib.4 Namwe bagore … mugandukire abagabo banyu** (1): Imana yashyize gahunda iboneye mu muryango, bityo umugore asabwa kugandukira umugabo we kuko ari we mutwe ugenga umugore (Ef. 5.22-23). Petero arerekana ko ingeso nziza z'umugore zishobora gutuma n'umugabo utumviraga Imana ahinduka agakizwa. **Umurimbo wanyu we kuba uw'inyuma** (3): Petero ntarwanya umurimbo w'inyuma, ariko arerekana ko umurimbo w'imbere mu mutima ari wo ufite agaciro kenshi. Aho guta igihe mu bigaragarira amaso, abagore bakwiriye guhora barimbisha umutima, bawambika ibiranga umuntu mushya (Ef 4.24). **Namwe bagabo …, mwerekane ubwenge mu byo mubagirira** (7): Abagabo barasabwa kwereka abagore babo urukundo babumva kandi babubaha. Abashakanye iyo bitondeye aya mategeko, mu rugo haba imigisha myinshi kandi nta gikumira amasengesho yabo. Indir. 426 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 4 Ukwezi kwa cumi na kumwe 1Petero 3.8-22 Ikib.4 Ntimukiture umuntu inabi yabagiriye ...** (9): Abakristo basabira abantu umugisha ntawe basabira umuvumo. Dusabe Imana ituranduremo kamere ishaka kwihorera, ahubwo n'abatugirira nabi tubifurize ibyiza, tugere ikirenge mu cya Yesu, nibwo tuzaragwa umugisha (Luka 23.33-34). N**ubwo mwababazwa babahora gukiranuka, mwaba muhiriwe (**14): Abakiranutsi barenganywa ni abanyehirwe (Mat.5.10). Petero ababwira ko badakwiriye gutinya, ahubwo bakwiye kubaha Kristo we Mwami ugenga byose (15). Duhore twiteguye gusobanura impamvu z'ibyiringiro byacu (15), kandi tubikorane ubugwaneza, dufite imitima itaducira urubanza (16)**. Kuko na Kristo yababarijwe ibyaha by'abantu (**18): Petero yatanze ingero ebyiri zigaragaza ko mu karengane hashobora kuvamo imigisha: 1. Yesu yazize ibyaha atakoze, none kuzuka kwe ni ko guha abantu ibyiringiro byo kubaho iteka. 2. Nowa yabaje inkuge bamuseka, we n'abe barokoka amazi y' umwuzure. **Zirikana:** Hahirwa abarenganyirijwe gukiranuka, kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo. Muzanezerwe, muzishime cyane kuko ingororano zanyu ari nyinshi mu ijuru... (Mat.10-12). Indir. 205 Gushimisha.

**Kuwa kane 5 Ukwezi kwa cumi na kumwe 1Petero 4.1-11 Ikib.4 Mube ari ko namwe mwambara uwo mutima we nk'intwaro** (1): Petero asaba abakristo bari mu kaga kwitwara nka Yesu wababarijwe mu mubiri. Uko kubabazwa gutuma umuntu ava mu byaha, bityo iminsi ashigaje kuba kw'isi akayimara atakiri imbata ya kamere ye, ahubwo akora ibyo Imana ishaka (2; Rom.6.6-7). Abanyabyaha iyo babonye uwo bafatanyaga ahindutse akitandukanya n'ibyo bakora, baratangara kandi bakamuvuga nabi (4). Abo barenganya abandi, bazabibazwa n'umucamanza utabera (5). **Iherezo rya byose riri bugufi. Nuko mugire ubwenge mwirinda ibisindisha** (7): Kugira ubwenge bivuga: (1) Kwirinda ibigira umuntu imbata bigatuma adasenga.

(2) Kugira urukundo nk'uko Kristo yabitegetse (Yoh.13.34-35). Ab'icyo gihe kandi bumvaga iherezo ribegereye. Ryari bugufi icyo gihe, kandi nubu ni ko biri. Aho guhinyura bene aya magambo, ujye uzirikana ko nubwo Yesu atagaruka ejo, wowe urupfu rushobora kubahuza uyu munsi. Icya ngombwa ni uko uhora witeguye. **Inama:** Buri munsi ujye uhimbariza Imana ibyiza yagushoboje gukora (11). Indir. 280 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 6 Ukwezi kwa cumi na kumwe 1 Petero 4.12-19 Ikib. 4,5**
**Ahubwo munezezwe n'uko mufatanije imibabaro ya Kristo** (13): Petero araburira abakristo ko bagiye kunyuzwa mu bigeragezo bikomeye. Arabasaba kwitegura ngo batazatungurwa. Ikigomba gutera umukristo umunezero mu gihe cy'akarengane si ibibi akorerwa, ahubwo ni ukumenya ko ababajwe nk'uko Kristo yababajwe, bityo akishimira kuba ari kugera ikirenge mu cye. **Ariko umuntu nababazwa, azira kuba Umukristo, ntagakorwe n'isoni** (16): Umuntu ugomba kugira isoni ni ubabazwa azira icyaha yakoze, naho ubabazwa azira ko ari Umukristo, akwiriye guhimbaza Imana kuko amaherezo azagira umunezero mwinshi ubwo Yesu azagaruka kandi Imana ntizamutererana. Umwuka w'Imana ugumana n'abababazwa, Imana ikabita abanyehirwe (14,Mat.5.10). **Zirikana:** Umurongo wa 19 ugutere kurindira ibyiringiro byawe muri Kristo, kandi uharanire ko ubutumwa bwiza bugera kuri buri wese muri iki gihe urukungu rugikurana n'amasaka. Indir. 208 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 7 Ukwezi kwa cumi na kumwe 1Petero 5.1-14 Ikib. 4,5**
**Muragire umukumbi w'Imana wo muri mwe** (2): Petero arihanangiriza bagenzi be bafatanije umurimo wo kuragira umukumbi w'Imana ngo bawukore batinuba, batishakira indamu, kandi badatwaza abantu igitugu. Arabibutsa ko nibakora umurimo neza, bawukunze kandi bawitangira, umushumba mukuru nagaruka azabahemba (4). **Namwe basore, mugandukire abakuru** (5): Abakiri bato bakwiriye guca bugufi bakumvira abakuru, bakazirikana ko Imana irwanya abirasi. **Umurezi wanyu Satani azerera nk'intare yivuga, ashaka uwo aconshomera** (8): Abakristo bahamagarirwa kuba maso no kwirinda, kuko Satani ahora ahiga uwo yahitana. Tuzirikane ko mu ntambara zose umukristo ahura na zo, Yesu amuba hafi, akamuha imbaraga. **Isezerano:** Imana ubwayo izabatunganya rwose, ibakomeze ibongerere imbaraga (10). Indir. 394 Gushimisha.

***INCAMAKE Y'IGITABO CY'UMUHANUZI ZEKARIYA***
*Zekariya yakoze umurimo we mu gihe kimwe na Hagayi. Imana yabahagurukije mu gihe kigoye, ubwo abanzi babo babacaga intege; kugira ngo batongera kubaka urusengero i Yerusalemu. Uyu muhanuzi yibutsa abantu uburyo Imana ari iyo kwizerwa kandi izacogoza abanzi b'ubwoko*

*bwayo. Igitabo cya Zekariya kigabanijemo imigabane ibiri y'ingenzi: 1) umugabane wa mbere (1-8) ugizwe n'amayerekwa umunani. Umugabane wa kabiri w'iki gitabo (9-14), ntihagaragaramo amazina agenda agaruka mu bice bibanza nka: Zerubabeli, Yosuwa na Zekariya; ndetse n'iyubakwa ry'urusengero. Ahubwo havugwamo intambara zo mu minsi y'imperuka, n'uburyo Imana izarwanirira ubwoko bwayo. "Uwiteka azaba Umwami w'isi yose" (14.9): Abanditsi b'ubutumwa bwiza bagiye bahuza ubuhanuzi bukubiye muri iki gitabo n'ibyabaye kuri Yesu Kristo (9.9; Mat.21.5).*

**Ku cyumweru 8 Ukwezi kwa cumi na kumwe Zekariya 1.1-17 Ikib.2,3 Uwiteka yarakariye ba sogokuruza banyu cyane** (2): Zekariya yahanuye nyuma gato ya Hagayi, mu gihe Abayuda bari bakiva mu bunyage bw'i Babuloni. Izina Zekariya risobanura ngo "Imana iribuka". Imana yibutse ingorane zose Abisirayeli bahuye nazo mu gihe cy'ubunyage muri Babuloni. Nyamara yababajwe nuko batigiye kuri ayo mateka asharira banyuzemo, ngo bayihindukirire. Ubu buhanuzi burahamagarira ubwoko bw'Imana kuyihindukirira no kwihana ibyaha byabo. **Muzabona imidugudu yanjye yongeye kuzura ibyiza biyisaguke** (17): Imana sezeranya ubwoko bwayo buyihindukiriye amagambo meza amara umubabaro (13). Iribuka ariko ikagirira imbabazi uyihindukiriye wese (Yes. 43.25; Heb 8.12)**:** Duhindukirire Uwiteka na we azaduhindukirira (3). **Gusenga:** Mwuka Wera dufashe kwemera kugengwa n'Imana mu buzima bwacu bwa buri munsi kandi tuyiringire. Indir. 46 Gushimisha.

**Kuwa mbere 9 Ukwezi kwa cumi na kumwe Zekariya 2.1-17 Ikib.1 Maze nubura amaso, ngiye kubona mbona** (1): Iki gice cya kabiri kirakomeza kwerekwa Zekariya yagize, kwibanda ku hazaza ha Yerusalemu n'uruhare rwayo mu mugambi w'Imana wo gucungura isi. "Abantu n'amatungo bizahaba byinshi." (8). **Nanjye nzatura muri wowe imbere** (14): Dore ibintu 5 bigaragaza ko Imana izaba iri muri Yerusalemu: 1. Imana ubwayo ni yo izarinda byimazeyo Yerusalemu, kuko izabera uyu murwa „urukuta rw'umuriro" (9). 2. Abari mu bunyage bakiri i Babuloni bazatahuka kugira ngo basangire icyubahiro cy'Imana. 3. Imana izacira imanza amahanga yarenganije Abisirayeli. 4. Abantu bo mu bihugu byinshi bazashikira i Yerusalemu kuhahurira n'Uwiteka no kureba uko umugambi wayo ushyirwa mu bikorwa. 5. Amahanga azacecekeshwa kandi atangazwe no kubona ibyo Imana ikorera Yerusalemu. Mbese hari ibyo Imana irimo kugukorera wowe ubwawe, ibyo ikorera itorero ryawe n'igihugu cyawe, watangamo ubuhamya? **Gusenga:** Mana yanjye "Undinde nk'imboni y'ijisho, Umpishe mu gicucu cy'amababa yawe" (Zab 17.8).

**Kuwa kabiri 10 Ukwezi kwa cumi na kumwe Zekariya 3.1-10 Ikib.2,5 Maze anyereka Yosuwa umutambyi mukuru** (10): Iki gice kiribanda kuri Yosuwa, uko Satani yamuregaga ariko Imana ikamweza kandi ikamushoboza gukomeza gukora umurimo wayo. Hari ibintu 5 twigira kuri iyi nkuru: 1. Satani arwanya cyane abakozi b'Imana. 2. Imana yamaganye Satani maze, yambika Yosuwa ikamba n'imyenda myiza. 3. Imana yarekeye Yosuwa mu nshingano ze ariko agomba guhora ayumvira. 4. Hari ubuhanuzi bukomeye bwa Mesiya, we Shami rizazana kwezwa, amahoro n'amajyambere. 5. Iyi nkuru itanga ukuri kuzuye ku byerekeye icyaha, kweza, ubutware bw'Imana, n'uruhare rwa Mesiya mu gucungurwa k'umuntu. Gukizwa tukiri mu isi birashoboka, ariko tugomba gukomeza kurwana na Satani dutegereje igihe Yesu azaba agarutse akatujyana mu bwami bwe. **Gusenga**: Mana ndagushimira ko wankijije kubw'ubuntu bwawe. Umwuka Wera amfashe kugendera mu nziza zawe, ari na ko nitondera ibyo wategetse (7). Indir. 205 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 11 Ukwezi kwa cumi na kumwe Zekariya 4.1-14 Ikib.2,7 Ibyo ntuzi uko bisobanurwa?** (5): Iki gice kirerekana iyerekwa ryerekeranye n'igitereko cy'amatara cya zahabu n'ibiti byombi by'umwelayo, bitanga ubutumwa bukomeye bw'imbaraga z'Imana, hamwe n'inshingano zikomeye za Zerubabeli na Yosuwa. Mu kubaka urusengero bashobojwe gusa n'imbaraga z'Umwuka w'Imana. Dore ibintu 6 twigira kuri iki gice: 1. Umurimo w'Imana ntukorwa gusa n'imbaraga z'umuntu, ahubwo ni Umwuka Wera. 2. Mu murimo w'Imana, habamo uruhare rw'umuntu w'Imana. 3. Imana isezeranya abayikorera ko izabana na bo kandi ikabaneshereza. 4. Imana iha agaciro intambwe ya mbere itewe mu gukora umurimo wayo kuko igaragaza kwizera no kumvira. 5. Imana ikomeza kugira uruhare mu murimo yashinze abantu bayo kuyikorera. 6. Abakozi b'Imana bagomba guhora bayoborwa n'Umwuka Wera, kandi bakamwumvira. Tujye duhora twemera kuyoborwa na we mu murimo w'Imana dukora. **Zirikana:** Umurongo wa 14 ugutere kwibaza uko uhagaze mu gakiza muri iki gihe! Indir. 437 Gushimisha.

**Kuwa kane 12 Ukwezi kwa cumi na kumwe Zekariya 5.1-11 Ikib.2 Uwo ni umuvumo woherejwe gukwira isi yose** (3): Iki gice kirerekana iyerekwa ry'ibintu bibiri bitandukanye, byibanda ku gukuraho icyaha n'ibibi bikorwa mu gihugu, no gucira imanza abakomeje gukiranirwa. **Mu gihugu cyose uko ni ko biri** (6): Hari ibintu 4 twigira muri uku kwerekwa kombi kugaragaza ububi bwakwiriye mu gihugu cyose: 1. Mu kwera kwayo, Imana igambiriye gutsemba ibyaha mu bwoko bwayo no mu gihugu. 2. Umuzingo uguruka ushushanya umuvumo wihuse kandi wuzuye ku bantu bakora ibyaha. 3. Hari imbaraga z'Imana zikura ibibi mu bantu no mu gihugu maze hakimikwa kwezwa no gukiranuka. 4. Imana ntabwo ibera mu guca imanza. Nta yindi nzira yo kurokoka uretse guhindukirira Imana no gutandukana n'ibibi Imana yanga. Yesu yemeye kuba ikivume ngo tuvanweho umuvumo

twazaniwe n'icyaha (Gal.3.13). Twirinde gukinisha icyaha twibwira ko imbabazi z'Imana ziriho. **Icyifuzo:** Senga usabira abantu b'Imana kugira imbaraga zo kurwanya ibyaha (Heb.12.4). Indir.83 Agakiza.

**Kuwa gatanu 13 Ukwezi kwa cumi na kumwe Zekariya 6.1-15 Ikib. 2,7 Ngiye kubona mbona amagare ane aturuka hagati y'imisozi** (1): Iki gice gisoza urukurikirane rwo kwerekwa Zekariya yagiye agira nijoro, harimo amagare ane n'abayagenderaho n'ikamba ry'umutambyi mukuru Yosuwa rihanura Yesu Kristo. Hari ibintu 5 twigira kuri uku kwerekwa kwa Zekariya: 1. Amagare ane yerekana ubutegetsi bukomeye bw'Imana no kohereza abakozi bayo kw'isi yose kugira ngo basohoze imigambi yayo. 2. Kwambikwa ikamba kwa Yosuwa kwerekana „Shami" uzaza kubaka urusengero rw'Uwiteka no kuzana amahoro. 3. Kumvira Imana bifitanye isano no gusohozwa kw'amasezerano yayo. 4. Kuvuga ko „abari kure" bazaza kubaka urusengero byerekana ko abanyamahanga bazashyirwa mu mugambi w'agakiza k'Imana. 5. Abagize uruhare mu murimo w'Imana bagakorana ubudahemuka bazahabwa ikamba ritangirika. **Inama:** Imana ni yo Mugenga w'ibintu byose. Kuyikorera bisaba guhora tuyitega amatwi mu Ijambo ryayo, tuyizera kandi tuyumvira mu byo idutegeka byose (15). Indir. 21 Agakiza.

**Kuwa gatandatu 14 Ukwezi kwa cumi na kumwe Zekariya 7.1-14 Ikib. 6 Ubwo ni jye mwiyiririzaga ubusa?** (5): Iki gice kiragaragaza ko abantu bakunda kwiyiriza ubusa by'umuhango gusa, ntibahinduke ngo bagende uko Imana ishaka. Kwiyiriza ubusa k'ukuri kugomba kugendana ko kumvira, ubutabera, imbabazi, n'impuhwe (9-10). **Maze Ijambo ry'Uwiteka riza kuri Zekariya** (8): Dore ibintu 3 biri muri iki gice Imana isaba ubwoko bwayo gukora: 1. Kureka imihango y'inyuma gusa idahindura umutima. 2. Gushyira imbere ubutabera, Impuhwe, imbabazi no kwirinda gukandamizwa n'imigambi mibisha. 3. Kuzirikana ko ibyaha bigira ingaruka. Erega ni byo byari byateye Abisirayeli kujyanwa mu buretwa! (14). Ukwiriye kwibaza uko uhagaze ubu mu kugendana n'Imana no kumvira Umwuka Wera. **Icyifuzo:** Saba Imana kuzana ububyutse bukura abakristo mu mihango y'idini, bemerera Umwuka Wera kubasubiza ku rufatiro ari rwo Yesu Kristo. Indir. 17 Agakiza.

**Ku cyumweru 15 Ukwezi kwa cumi na kumwe Zekariya 8.1-23 Ikib.5 Ngarutse i Siyoni nzatura muri Yerusalemu imbere** (1): Iki gice gifite ubutumwa buhumuriza kandi buvuga ku cyubahiro cy'Imana kizaba muri Yerusalemu, umujyi uzabere imigisha amahanga yose. **Amaboko yanyu nakomere** (9): Dore ibintu 4 Imana igiye gukorera ubwoko bwayo: 1. Imana ikunda Yerusalemu urukundo rutajegajega. 2. Yerusalemu izahinduka «Umujyi w'ukuri» n'"Umusozi Wera". 3. Imana isezeranya abatuye Yerusalemu ejo hazaza h'amahoro, umutekano, kuramba n'uburumbuke mu

buhinzi. 4. Yerusalemu izahinduka ahantu ho gusengerwamo n'amahanga menshi maze bamenye ko Imana iri muri yo. Yerusalemu izahabwa imigisha n'Imana kandi na yo ibere amahanga yose imigisha. Mbese ujya usangiza abandi imigisha Imana yaguhaye (13)? **Gusenga:** Mana yanjye, nyereka icyo nkwiriye gukora n'uko ngikora (Zab .25.4). Indir.196 Gushimisha.

**Kuwa mbere 16 Ukwezi kwa cumi na kumwe Zekariya 9.1-17 Ikib.4 Nezerwa cyane wa mukobwa w'i Siyoni we** (9): Iki gice kiratangira kivuga ku buhanuzi bwa Mesiya wagombaga kuza, kikarangiza kivuga ku masezerano yo gutabarwa k'ubwoko bw'Imana, ubwo abantu b'Imana bazimana na Yesu Kristo, Umwami w'amahoro, ku mperuka y'ibihe. **Nimuhindukirire igihome gikomeye, mwa mbohe mufite ibyiringiro mwe** (12): Dore ibintu 5 twungukira muri Kristo we gihome gikomeye: 1. Imana izayobora amahanga yose kandi icire imanza amahanga ayirwanya n'arwanya ubwoko bwayo. 2. Hazaza Umwami w'amahoro, wicishije bugufi kandi uzazana agakiza n'amahoro ku isi yose. 3. Imana izavana abantu bayo mu bubata, haba ubw'umubiri n'ubw'Umwuka. 4. Imana izagarura ibyiringiro bizima mu bantu bayo. 5. Imana izabana n'abantu bayo mu ntambara bazajya barwana, kandi ibaneshereze, ndetse ibashumbushe kabiri ibyo Satani yononnye. **Zirikana:** Umurongo wa 17a ugutere kuzirikana ibyiza Imana igukorera maze ubiganire n'abo muri hamwe. Indir. 81 Agakiza.

**Kuwa kabiri 17 Ukwezi kwa cumi na kumwe Zekariya 10.1-11.3 Ikib.2,5 Nzabahamagaza ikivugirizo mbateranye kuko nabacunguye kandi bazagwira nk'uko bagwiraga** (8): Iki gice kirakomeza kuvuga ku nsanganyamatsiko yuko Imana izagarura kandi iyobore ubwoko bwayo mu gihugu yabahaye. Ni umwungeri mwiza utandukanye n'abayobozi benshi b'amadini bishakira inyungu zabo mbere y'iz'abo bayoboye (2;Ezek.34.10). Hari ibintu 5 bigaragaza ibyiza tubonera mu Mana yacu: 1. Imana ibana n'abantu bayo kugira ngo ibamare imibabaro yabo. 2. Ni isōko y'imigisha yose y'ukuri. 3. Yegeranya abantu bayo kandi ikabarinda. 4. Iha intsinzi abantu bayo mu ntambara barwana. 5. Yahozeho, iriho kandi izahoraho iteka ryose. Ni ngombwa kuyishingikirizaho aho kwishingikiriza ku bigirwamana cyangwa ku bantu. Umurongo wa 12 ugutere gushakira gukomera kwawe muri Yesu Kristo, we Buye rikomeza imfuruka (4). **Inama:** Aya magambo "Bazanyibuka bari mu bihugu bya kure" (9), agutere kuguma mu gakiza nubwo waba uri kure y'aho usanzwe usengera. Indir. 20 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 18 Ukwezi kwa cumi na kumwe Zekariya 11.4-17 Ikib. 2,3 Nuko ndagira ubushyo bw'imbagwa, ni koko zari mbi** (7): Iki gice ni ubuhanuzi bugaragaza kunanirwa k'ubuyobozi butita ku Mana, buca imanza zirobanura ku butoni kandi buca abantu mo ibice. **Ongera urarure ibintu by'umushumba gito** (15): Dore ibintu 4 biranga umushumba mubi: 1.

Azacirwa urubanza rw'ibibi yakoze cyangwa ibyiza atakoze. 2. Umushumba gito ntagendera mu buyobozi bw'Imana ahubwo ayoborwa n'inyungu ze z'ibifatika, ubutunzi cyangwa icyubahiro. 3. Atera amacakubiri mu ntama aragira, abantu ntibavuge rumwe. 4. Ntagira kwitanga mu murimo w'Imana igihe cyose nta nyungu abona mu byo akora. Iki gice kiraburira abayobozi, baba abo mu matorero n'abo mu gihugu, kureka kwikunda no kwirengagiza abo bashinzwe kuyobora. **Zirikana:** Yesu yabaye umwungeri mwiza wemeye kugurwa ibice mirongo itatu by'ifeza, yangwa n'abantu, kugira ngo dushobore gukizwa (12; Mat.26.15). Ese ni we Mwami n'Umukiza wawe? Indir. 156 Gushimisha.

**Kuwa kane 19 Ukwezi kwa cumi na kumwe Zekariya 12.1-14 Ikib. 2,5**
**Kandi amahanga yose yo mu isi azateranira kuharwanya** (3): Iki gice kiravuga ubuhanuzi bw'igihe amakimbirane akomeye ku isi azibanda kuri Yerusalemu, ariko nyuma abantu baho bakazahinduka bashya mu buryo bw'Umwuka, binyuze muri Mesiya, wemeye kubambwa ku musaraba ngo aducungure. **Kuko bafite Uwiteka Nyiringabo ho Imana yabo** (5): Hari ibintu 5 twigira kuri iki gice: 1. Imana irinda Yerusalemu abanzi bayo. 2. Ibihe byiza bya Yerusalemu bizaterwa no kwihana kw'abayituyemo. 3. Imana izasuka Umwuka wayo ku bantu bayo bayizeye. 4. Imana izatsinda amahanga yarwanije abantu bayo. 5. Abantu bose bazashishikarira kureba Yesu wabambwe ku musaraba. Umurongo wa 10 ugutere gutanga ubuhamya bw'ibyo wungukiye mu kubona Yesu wakubambiwe ku musaraba. **Icyifuzo:** Sengera abantu bose batarakizwa kugira ngo bakire ubutumwa bwiza, mu buryo ubwo ari bwo bwose bwabageraho. Indir. 409 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 20 Ukwezi kwa cumi na kumwe Zekariya 13.1-9 Ikib. 2,5**
**Uwo munsi nzatsemba amazina y'ibigirwamana mu gihugu** (2): Iki gice kiribanda cyane ku ivugurura mu by'Umwuka ubwo idini y'ibinyoma izavaho, abantu bagaharanira kwezwa no kubana n'Imana, bakiranuka, babishobojwe n'umwungeri wakubiswe, ari we Yesu Kristo wababajwe kubw'ibyaha byacu (Yes 53.10). **Bazambaza izina ryanjye, nanjye nzabumvira** (9): Ibintu 6 bigomba gukorwa kugira ngo abantu bagirane ubusabane n'Imana: 1. Abantu bagomba kuva mu byaha, bakezwa kubw'ubuntu bw'Imana (Tito 2.11-13). 2. Bagomba kuva mu gusenga ibigirwamana. 3. Bagomba kwizera Yesu waduhuje n'Imana, no kumwemera nk'Umwami n'Umukiza. 4. Bagomba kwitandukanya n'inyigisho z'ibinyoma zose. 5. Bagomba kwihanganira ibigeragezo bahura na byo. 6. Bagomba kugirana urukundo hagati yabo. **Zirikana:** Umurongo wa 9 ugutere kwibaza niba koko Uwiteka ari Imana yawe by'ukuri, maze ubwire abo muri kumwe ibyo yakoze mu buzima bwawe. Indir.40 Agakiza.

**Kuwa gatandatu 21 Ukwezi kwa cumi na kumwe Zekariya 14.1-21 Ikib.5** **Dore hazaba umunsi w'Uwiteka** (1): Iki gice kirimo ubuhanuzi bukomeye bwerekana ibihe bizaza bizaba birimo intambara bishingiye kuri Yerusalemu. Imana izarwana iyi ntambara, irwanirira abantu bayo kandi irwanya ababarwanya. Ibintu 5 iki gice kivuga ku munsi w'Uwiteka (11): 1. Amahanga azateranira kurwanya Yerusalemu, ayifate, ayisahure kandi ajyane abantu ho iminyago. 2. Mu gihe Yerusalemu isa naho yatsinzwe burundu, Umwami ubwe azatabara. 3. Imana ni yo ifite ubutegetsi bwuzuye kandi budashidikanywaho ku biremwa byose (9; Zab.24.1). 4. Umwami Yesu azagaruka ku isi kandi ahindure ibintu byose bishya; Yerusalemu ubwayo izashyirwa hejuru kandi iturwe neza, ntizongera kurimburwa. 5. Amahanga yarwanije Yerusalemu azacirwa urubanza rukomeye. Ibi byerekana ubutabera bw'Imana no kurinda ubwoko yatoranije. **Zirikana:** Umurongo wa 11 ugutere gufata ibihe bihagije byo gusenga kugira ngo intambara zishire, aho ziri hose, kandi abantu baharanire kubana mu mahoro. Indir. 405 Gushimisha.

***INCAMAKE Y'URWANDIKO PAWULO YANDIKIYE ABEFESO*** *Pawulo ni we wanditse uru rwandiko. Efeso wari umujyi ukomeye wo mu karere kitwaga Aziya. Ubu ni muri Turukiya. Pawulo yahamaze imyaka itatu mu gihe yari mu rugendo rwe rwa gatatu rwo kuvuga ubutumwa bwiza (Ibyak.19.1-20.1). Yanditse uru rwandiko ari mu nzu y'imbohe i Roma mu mwaka wa 61 cyangwa 62 nyuma y'ivuka rya Yesu. Ni yo mpamvu uru rwandiko hamwe n'izandikiwe Abafilipi, Abakolosayi na Filemoni bakunda kuzita «inzandiko zandikiwe mu munyururu». Yaruhaye Tukiko ngo arushyire aba Yesu bari muri uwo mujyi wa Efeso. Icyo Pawulo yibandaho muri urwo rwandiko ni ibyo Imana yatumye Kristo gukorera Itorero ryayo ari wo mubiri we. Atwemeza n'ukuntu Kristo ari we mutwe w'uwo mubiri, agabira abamwizera b'amoko yose ubutunzi bw'igitangaza n'ubushobozi bwe butagira ingano. Uru rwandiko kandi rufite umwihariko w'uko Pawulo yarukoresheje amagambo amwe n'amwe atakoreshejwe mu zindi nzandiko. Muri uru rwandiko Pawulo yibanda ku nyigisho zerecyeye kuri Kristo n'itorero rye ari wo mubiri we. Ibirukubiyemo: 1.1-2: Indamutso; 1.3-3.21: Kristo n'itorero ry'Imana; 4.1-6.20: Ubugingo bushya bubonerwa muri Kristo Yesu; 6.21-24: Umwanzuro.*

**Ku cyumweru 22 Ukwezi kwa cumi na kumwe Abefeso 1.1-14 Ikib.2** **Pawulo wagizwe intumwa ya Kristo Yesu nk'uko Imana yabishatse** (1): Pawulo atangira uru rwandiko ashimangira ko yatoranijwe n'Imana kugira ngo abe intumwa ya Kristo. N'ubwo atabanye na Yesu nk'izindi ntumwa, Pawulo yatoranijwe na Yesu ubwe ubwo bahuraga ajya i Damasiko kurenganya abizera (Ibyak.9.1-4). Ubutumwa bwiza bugira agaciro iyo buvuzwe mu izina rya Yesu, kandi bukavugwa bushingiye kuri Yesu Kristo. **Nk'uko yadutoranije muri we isi itararemwa** (4): Uhereye kera Imana yagambiriye

gushinga Itorero ry'abera ibinyujije mu rupfu rw'umwana wayo Yesu Kristo. Kubw'amaraso ye twaracunguwe kandi tubabarirwa ibicumuro byacu (7). Ibi bigaragaza urukundo ruhebuje Imana yakunze umuntu, ikaduhindura abana bayo kubwo kumwizera (Yoh.1.12). Abatoranijwe bitwa ubwoko bw'Imana kandi bahamagariwe kuba abera (1Pet.1.9). Abatoranijwe kandi bagereranywa n'umugeni wa Kristo (Ibyah.19.7). **Icyifuzo:** Sengera Itorero muri iyi minsi kugira ngo ribeho ryisanisha na Kristo. Indir. 373 Gushimisha.

**Kuwa mbere 23 Ukwezi kwa cumi na kumwe Abefeso 1.15-23 Ikib. 1,3 Mumenye n'ubwinshi bw'imbaraga zayo butagira akagero** (19): Imbaraga z'Imana zigomba gukorera mu bizera kugira ngo babashe kwishimira ubuntu bw'Imana, gutsinda Satani n'imbaraga z'icyaha, guhamya Yesu no kuzaragwa ubugingo buhoraho. Izi mbaraga ni zo zakoreye muri Kristo zimuzura mu bapfuye, zimwicaza iburyo bw'Imana Data. Abizera bakeneye imbaraga z'Umwuka Wera kugira ngo babashe guhangana n'iz'umwijima zikorera mu isi ya none. Mbese mu mirimo yawe ya buri munsi uyoborwa n'Umwuka Wera? **Kandi yamuhaye gutwara byose ibishyira munsi y'ibirenge bye** (22): Nyuma yo gusiga ubwiza bwe n'ubumana bwe akicisha bugufi akaza gupfira umuntu, Kristo yashyizwe hejuru ndetse ahabwa ubutware ku byaremwe byose (Fil.2.10). Kristo ni we mutwe w'Itorero, Itorero rikaba umubiri we. Itorero rya Kristo rikwiye kuba isōko y'ibyiza ndetse rikaba urumuri rumurikira abari mu mwijima. Ni iki ukora muri iki gihe kugira ngo ababonye imirimo yawe myiza bahereko bahimbaze so wo mu ijuru? (Mat.5.16). Indir. 198 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 24 Ukwezi kwa cumi na kumwe Abefeso 2.1-10 Ikib.1,2 Namwe yarabazuye, mwebwe abari bapfuye muzize ibicumuro n'ibyaha byanyu** (1): Iyo umuntu atarahishurirwa ko ari umunyabyaha ngo yihane, akora ibyo kamere ye yifuza, akayoborwa na Satani. Mu buryo bw'umwuka agereranywa n'umuntu wapfuye (Rom 6.23a). Ni yo mpamvu abagiriwe ubuntu bwo gukizwa bakwiye kugirira umutwaro abakiri mu byaha bakabasengera, ndetse bakagira umuhati wo kubabwiriza Ijambo ry'Imana, kugira ngo Kristo ababature mu bubata bw'umwijima. **Mwakijijwe n'ubuntu kubwo kwizera ntibyavuye kuri mwe** (8): Gukizwa ni: 1. Ukumenya ko uri umunyabyaha ukemera kwakira imbabazi z'Imana (Rom.4.7). 2. Kuba muzima mu buryo bw'Umwuka ugakurwa mu butware bwa Satani (Kol. 1.13). 3. Kuba icyaremwe gishya (1Kor.5.17). 4. Kwakira Umwuka Wera (Yoh. 7.37-39). Ntawe ukizwa kubw'imirimo myiza cyangwa kubahiriza amategeko, ariko ukijijwe akora imirimo myiza muri Kristo Yesu (10). **Gushima:** Mana turagushima kuko waduhaye agakiza ku buntu. Indir. 5 Agakiza.

**Kuwa gatatu 25 Ukwezi kwa cumi na kumwe Abefeso 2.11-22 Ikib.2 Mwebwe abari kure kera mwigijwe hafi n'amaraso ya Kristo** (13): Isezerano rya kera rigaragaza ko abitwaga ubwoko bw'Imana bari Abayuda. Imana yatoranije ubu bwoko ubwo yahamagaraga Aburahamu (Itang.12.1-2). Gukebwa cyari ikimenyetso cyinjiza Abayuda mu isezerano, kikabatandukanya n'abanyamahanga. Imana ishimwe kuko k'ubw'amaraso ya Yesu abanyamahanga na bo binjijwe mu isezerano, bityo umuntu wese wizera Yesu akemera kuyoborwa n'Umwuka w'Imana, ni umwana w'Imana (Rom 8.14). **Kuko mwubatswe ku rufatiro rw'intumwa n'abahanuzi, ariko Kristo Yesu ni we buye rikomeza imfuruka** (20): Intumwa ziyobowe n'Umwuka Wera zanditse ubutumwa bwiza dusanga mu Isezerano rishya. Ubutumwa bwiza ni isõko y'ubuzima, ni ukuri kandi butanga icyerekezo cy'itorero, kuko bushingiye kuri Kristo ugereranywa n'ibuye rikomeza imfuruka. Nubwo Kristo yanzwe n'abantu mu gihe cye, ni uw'igiciro cyinshi, ni we shingiro ry'Itorero (1Pet.2.6-8). **Icyifuzo**: Sabira abakristo kurushaho kubaka kuri Kristo kuko ari we rufatiro nyakuri.

**Kuwa kane 26 Ukwezi kwa cumi na kumwe Abefeso 3.1-13 Ikib.2 Namwe nimuyasoma muzirebera ubwanyu uburyo menye ubwiru bwa Kristo koko** (4): Pawulo yahishuriwe umugambi w'Imana wo guhuriza hamwe ibintu byose muri Kristo, ibiri mu isi n'ibiri mu ijuru (1.10). Imana yashimye ko abizera b'Abayuda n'abanyamahanga bahurizwa mu Isezerano ry'agakiza kabonerwa muri Kristo Yesu, maze bose bakitwa ubwoko bw'Imana (Rom.16.25-26). Imana ishimwe kuko uhereye kera yari ifite umugambi mwiza wo kudukiza. Ibyari ubwiru yabihishuriye Pawulo, none natwe agakiza twagahawe ku buntu. **Nubwo noroheje hanyuma y'abera bose** (8): Mbere yo guhinduka kwa Pawulo, amashuri n'imirimo yakoraga byamwerekaga ko ari igihangange, ku buryo yicaga cyangwa akicisha abo ashatse (Ibyak.9.1-3). Amaze kwemera Yesu nk'umwami n'umukiza we, yahindutse umuvugabutumwa (7). Ubutumwa bwiza yavuze, bwatumye abatware n'abafite ubushobozi bamenya Imana ikoresheje itorero (10). **Zirikana**: Ntimucogozwe n'amakuba ndimo ku bwanyu, kuko ari yo cyubahiro cyanyu (13). Indir.178 Gushimisha. Indir. 105 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 27 Ukwezi kwa cumi na kumwe Abefeso 3.14-21 Ikib.2 Kandi ngo Kristo ahore mu mitima yanyu kubwo kwizera** (17): Pawulo arasabira Itorero ryo muri Efeso ngo Imana irikomeze, ariko cyane cyane ngo Kristo ahore mu mitima yabo. Bityo barusheho gusobanukirwa urukundo ruhebuje rw'Imana, bibatere gukura mu buryo bw'Umwuka, bagere ku kigero Imana yishimira. Kristo atura mu mitima y'abantu mu buryo bw'Umwuka. Mbese wamaze kumwakira mu mutima wawe? Ufite uwo mwana ni we ufite ubugingo (Yoh. 5.12). **Nuko ibasha gukora ibiruta cyane ibyo dusaba** (20): Imana ifite umugambi mwiza kuri twe. Kuko izi byose kandi ikaba

inyembaraga, iduha ibyo tuyisaba ikarenga ikaduha n'ibindi ibona dukeneye; kandi imenya kudutoraniriza iby'umumaro. Icyo Yesu adusaba ni ukuguma muri we n'amagambo ye akaguma muri twe (Yoh.15.7). **Gushima**: Imana ishimwe kuko yemera kubana natwe kandi ikatumenyera ibidukwiriye. Indir. 68 Agakiza.

**Kuwa gatandatu 28 Ukwezi kwa cumi na kumwe Abefeso 4.1-6 Ikib. 4 Mwicisha bugufi rwose, mufite ubugwaneza, no kwihangana, mwihanganirana mu rukundo** (2): Kwicisha bugufi no kwihanganirana ni indangagaciro zikwiye kuranga abana b'Imana. Yesu Kristo yatubereye ikitegererezo ubwo yemeraga gusiga ubwiza n'icyubahiro cye, akaza mu isi yihanganiye imibabaro, akemera gupfa urupfu rwo ku musaraba (Fili2.6-8). Niba hari intambwe wateye mu by'Umwuka, saba Imana igushoboze kwihanganira no kwakira neza abataragera ku rugero rwawe (Rom.14.1). **Mugire umwete wo gukomeresha ubumwe bw'Umwuka umurunga w'amahoro** (3): Ubwo Yesu yari hafi yo gusoza umurimo we hano mu isi, yasabiye abigishwa be kuba umwe nk'uko na we ari umwe na se (Yoh.17.21). Abizera Yesu Kristo nubwo bakomoka mu moko atari amwe n'amatorero atandukanye, bakwiye kunga ubumwe kugira ngo Itorero rya Kristo rirusheho gukura mu bwiza no mu bwinshi**. Icyifuzo:** Sengera abanyetorero, ngo barusheho gukundana no gukorera hamwe, aho gusenyana no gusebanya. Indir. 22 Agakiza.

**Ku cyumweru 29 Ukwezi kwa cumi na kumwe Abefeso 4.7-16 Ikib.2 Ariko umuntu wese muri twe yahawe ubuntu nk'uko urugero rw'impano ya Kristo ruri** (7): Impano duhabwa nubwo zitandukanye, zigomba kuzuzanya kugira ngo abizera babashe gukura bagere ku kigero gikwiriye (13). Impano twahawe ntabwo ari izo gukoresha mu nyungu zacu, ahubwo tuzikoresha mu nyungu z'Itorero rya Kristo. Menya ko uri uw'agaciro mu Itorero, kandi ko ugomba gukoresha neza impano wahawe. **Muri Kristo Yesu ni ho umubiri ukura gukura kwawo kugira ngo ukurizwe mu rukundo** (16): Pawulo agereranya Itorero n'umubiri, Kristo akaba umutwe waryo. Nkuko umwana avuka agakenera indyo yuzuye kugira ngo abashe gukura, ni ko n'umukristo wavutse ubwa kabiri akenera ibitunga ubugingo. Yesu Kristo yivugiye ubwe ko ari umutsima utunga ubugingo (Yoh. 6.35). Gusenga, kwiga Ijambo ry'Imana, guhugurana, bifasha abakristo gukura mu buryo bw'Umwuka, bikabarinda kugwa mu mutego w'inyigisho z'ubuyobe**. Icyifuzo**: Sengera abakristo bo muri iyi minsi kugira ngo babashe gukura bagere ku rugero Imana yishimira.

**Kuwa mbere 30 Ukwezi kwa cumi na kumwe Abefeso 4.17-5.2 Ikib.3 Mukambara umuntu mushya waremewe ibyo gukiranuka no kwera bizanywe n'ukuri nk'uko Imana yabishatse** (24): Abamaze kuva mu

byaha no guhindukirira Kristo bahinduka bashya; batangira gukora ibinezeza Imana bayobowe n'Umwuka Wera. Bagenda biyambura imirimo ya kamere kuko turi abo yaremye, ituremeye imirimo myiza muri Kristo Yesu (Ef. 2.10). Uko turushaho kuba mu Ijambo ry'Imana, rirushaho kutweza no kutubatura (Yoh. 8.31-32). Mbese kubana na Kristo, hari imirimo ya kamere byatumye wiyambura? **Ijambo ryose riteye isoni ntirigaturuke mu kanwa kanyu** (29): Abana b'Imana basabwa kwirinda mu byo bavuga. Umuntu wese udacumura mu byo avuga aba ari umuntu utunganye rwose, yabasha no gutegeka umubiri we wose (Yak.3.2). Imvugo nziza irakiza kandi imvugo mbi na yo yangiza byinshi (Imig.15.2). Turahamagarirwa kuvuga amagambo yubaka abandi kandi akabahesha umugisha. **Gusenga:** Mwami Yesu, undinde kwicarana n'abakobanyi, kandi unyigishe kuvuga ibikwiriye mu gihe gikwiriye. Indir.176 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 1 Ukwezi kwa cumi na kabiri Abefeso 5.3-21 Ikib.3,4 Ntibikavugwe rwose muri mwe** (3). Hari ibyaha Pawulo yagarutseho, ahamya rwose ko ababikora nta murage bazabona mu bwami bwa Kristo n'Imana. Ubusambanyi ni icyaha kigenda gifata intera ndende cyane cyane mu rubyiruko, ariko no mu babaruta, bagombye kubasengera no kugaragaza itandukaniro. Nubwo ibyaha byose bidutandukanya n'Imana, ariko icy'ubusambanyi yakigarutseho avuga ko kirushije ibindi kuba kibi kuko gikorerwa mu mubiri imbere (3). Kimwe n'ibindi byaha byavuzwe haruguru, nibiramuka nawe bikwibasiye, uzabwire Imana uti: Ukebukishe amaso yanjye ye kureba ibitagira umumaro, unzurire mu nzira zawe (Zab.119.37). **Nuko mwirinde cyane uko mugenda, mutagenda nk'abatagira ubwenge** (15): Pawulo yabwiye Abefeso ko kera bari mu mwijima, none ubu bakaba barahindutse umucyo mu mwami Yesu (8). Kubw'ibyo intambwe zabo bagomba kuzigenzura cyane, kugira ngo zitabasubiza mu mwijima, ari ko kubura ubwenge. **Zirikana:** Kumenya ibyo umwami ashima ukabishyira mu bikorwa, ni byo bizatuma umutima wawe uhora wuzuye ibyo umushimira (20). Indir.195 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 2 Ukwezi kwa cumi na kabiri Abefeso 5.22-33 Ikib.3,4 Bagore mugandukire abagabo banyu nk'uko mugandukira Umwami wacu** (22): Kuva ku murongo wa 22 kugeza ku wa 24, Pawulo arahugurira abagore kubana neza n'abagabo babo. Imirongo isigaye yose kurangiza iki gice ikangurira abagabo gukunda abagore babo. Buri wese muri bombi yahawe inshingano ze kandi kuzitwararika bituma bagira umuryango wubahisha Imana. Iyo umugabo n'umugore babanye nabi intonganya n'amakimbirane bihabwa intebe. Guhimana, gucana inyuma biza vuba, kwitabaza abapfumu bigakurikiraho, byarimba bigaherekezwa no gutana burundu cyangwa umwe akica undi. Umwanditsi w'urwandiko rw'Abaheburayo akangurira abantu kugira umwete wo kubana n'abantu bose amahoro (Heb.12.14),

kandi uwo mubana mu cyumba ni we ukwiye kuba uwa mbere. Ujye ufata iyambere mukurwanya imigambi ya satani **Gusenga:** Mana Data, wowe wagize umugambi mwiza wo gutangiza urugo rwa mbere, tabara ingo zirimo gusenyuka muri iki gihe. Indir.160 Gushimisha.

**Kuwa kane 3 Ukwezi kwa cumi na kabiri Abefeso 6.1-9 Ikib. 4 Wubahe so na nyoko** (2): Kubaha ababyeyi ni rimwe mu mategeko icumi y'Imana, kandi kububaha bihesha umugisha wo kurama (Guteg.5.16). Nubwo bimeze bityo, ntabwo byakorohera umwana kubaha umubyeyi utamukunda. Ni yo mpamvu Pawulo ahugura n'ababyeyi kudasharirira abana babo, ahubwo bakabagaragariza urukundo rwa kibyeyi (4). **Namwe mbata mujye mwumvira ba shobuja ku mubiri** (5): Kugeza ubu nta mbata zikibaho. Ahubwo hasigaye hariho abakozi mu ngo babihemberwa. Hari aho batangira ari abakozi bo mu rugo, maze imikorere yabo myiza ikabahindura abana mu bandi. Mukoresha nawe, uyu munsi waba umuhesha w'umugisha ku mukozi wawe, ubusabane bukaba hagati yanyu mwembi nka Onesimo na Filemoni (Filem.15.16). Ibyo byatuma ejo ahimbaza Imana yagukoresheje, ikamuvana ku cyavu ikamwicaranya n'abakomeye. **Zirikana:** Ibyo mushaka ko abantu babagirira byose, mube ari ko mubagirira namwe (Mat.7.12). Indir.105 Agakiza.

**Kuwa gatanu 4 Ukwezi kwa cumi na kabiri Abefeso 6.10-24 Ikib. 4 Mwambare intwararo zose z'Imana** (11): Iki gice kiratwibutsa ko turi abasirikare. Umunsi twakiriyeho Yesu nk'Umwami n'Umukiza nibwo twatangiye urugamba. Urwo rugamba turiho rurakomeye cyane kuko tudakirana n'abafite inyama n'umubiri, ni ukuvuga abantu bagenzi bacu. Dukirana na Satani n'abadayimoni n'imyuka mibi yo mu kirere tutareba, kandi bari ahantu hose (12,1 Pet.5.8-9). Imana twiringiye ni inyamaboko. Umwuka Wera twahawe, ni we uduha kugenzura iyo myuka mibi n'imikorere yayo, akadushoboza kuyifata mpiri (2Kor.10.5). Imana twiringiye ni inyamaboko. Kuva kera yaduteguriye imyambaro yo kwambara mu gihe turi mu mirwano. **Nuko rero mutware intwaro zose z'Imana** (13): Rero intwaro Pawulo atubwira kurwanisha ni ubuzima bwa gikristo bwa buri munsi. Ni ukuba maso (18), kugira ngo niduterwa, Satani asange twambaye gisirikare. Ni ukudasiga abandi ku rugamba, ahubwo tugahora dusabirana, dufashanya (18-19). Rondora intwaro umusirikare wa Kristo akwiye guhora yambaye, kandi uzifate mu mutwe (13-18). **Ikibazo:** Ese mu bigeragezo itorero ryanyu rirwana nabyo muri iki gihe, intwaro zanyu muri kuzikoresha gute? Indir. 205 Gushimisha.

***INCAMAKE Y'AMAGANYA YA YEREMIYA***
*Iki gitabo cyanditswe na Yeremiya, nyuma gato y'isenywa rya Yerusalemu, ubwo ingabo z'Abakaludaya zasenyaga uwo murwa zikanasiga zitwitse urusengero mu mwaka wa 587. Kibarirwa mu bitabo by'ubuhanuzi. Ni kimwe mu bitabo bitanu byasomwaga mu gihe cyo kwibuka isenywa rya Yerusalemu. Yeremiya yarizwaga no gusohora kw'ibyo yeretswe bizaba ku gihugu cye cy'Ubuyuda n'umurwa wa Yerusalemu, wari warigeze kwitwa "Umurwa w'amahoro". Yari yareretswe ko Abayuda bazajyanwaho iminyago i Babuloni, kandi bakahamara igihe kinini. Yababwiye kenshi kwihana banga kumva. Ibyo yavuze bisohoye, ntabwo yabaye impamvu yo kwirata ngo yerekane ko ari umuhanuzi w'igihangange, ahubwo yiswe "Umuhanuzi urira". Igitabo cy'amaganya kinerekana ibyiringiro by'uko Uwiteka azageraho akabababarira ibyaha bakoze, akabagarura mu gihugu cyabo. Ibiri muri iki gitabo: 1.1-22: Yeremiya aririra Yerusalemu. 2.1-22: Uko Imana yarakariye icyaha cy'Abayuda. 3.1-66: Ibyiringiro by'Abayuda. 4.1-22: Uko uburakari bw'Imana bwacogojwe n'igihano bahanwe. 5.1-22: Yeremiya yinginga Imana guca inkoni izamba.*

**Kuwa gatandatu 5 Ukwezi kwa cumi na kabiri Amaganya 1.1-22 Ikib.6**
**«Umurwa w'i Yerusalemu ko usigayemo ubusa, kandi wari wuzuye abantu! »** (1): Yeremiya atewe agahinda no gusenyuka kwa Yerusalemu agereranya n'umwamikazi wiciwe umugabo mu ntambara (1). Igihugu cy'Ubuyuda kiraneshejwe, urusengero rwiza cyane abanyamahanga bararwanduje (Yer.51.51); barangije baranarusenya. Amarembo yaho yose ni amatongo (Neh.1.3). Umwami Nebukadinezari yanyaze abaturage baho abajyana i Babuloni, none batuye mu banyamahanga (3). Amateraniro yaho yarahagaze, abatambyi barasuhuza umutima, abari baho bafite umubabaro. Imana yemeye ko ibi bibageraho kubera ibyaha n'ibicumuro byabo (8;Yer.32.32-35). **Mwebwe mwese abihitira mwe, mbese ntibibababaje?** (12): Umurwa ubwawo urataka ubaza abawunyuramo, ariko ntawe ubyitayeho. Inshuti zarawuhãnye (19), abaturanyi bishimira ibyababayeho (21). Ibicumuro bitumye hahinduka umurwa w'amakuba n'amaganya. Yesu na we yaririye Yerusalemu kubw'ibyaha byahakorerwaga (Mat.23-37). Mu gihe cyawe cyo gusenga, ujye uzirikana kuririra ibyaha bikorerwa mu gihugu cyawe. Indir.118 Gushimisha.

**Ku cyumweru 6 Ukwezi kwa cumi na kabiri Amaganya 2.1-22 Ikib.2,6**
**Umwami yoreje ubuturo bwose bwa Yakobo ntiyamubabarira** (2): Urizwa n'ishyano ryaguye rigasenya umurwa n'urusengero, noneho areruye arashinja Imana kuba ibyihishe inyuma. Imana ubwayo yatereranye Abisirayeli ntiyongera kubarindisha ukuboko kwayo gukomeye. Uwiteka yabakoreye nk'umwanzi (4-5), afata umuheto n'imyambi yica abo yishimiraga kureba.

Niba bene ubu burakari bw'Imana tutabubona uyu munsi, ni uko Yesu akicaye ku ntebe y'imbabazi. **Yakuyeho ahantu he h'iteraniro** (6): Urusengero ntirwababariwe. Yataye kure igicaniro cye, azinukwa ubuturo bwe bwera (7). Ibirori n'amasabato byaribagiranye, umwami n'umutambyi barahinyuwe, umuhanuzi na we ntakerekwa. Ya migenzo n'imihango bakoraga bibwira ko binezeza Uwiteka yahinduwe ubusa, kuko birengagije kugendera mu nzira yo gukiranuka. **Icyifuzo:** Sengera abayobozi b'amatorero, kugira ngo bagire ishyaka ryo kuvuga ubutumwa buhindura imitima, kuruta kwibanda ku mihango y'idini, kuko ingaruka zo kutubaha Imana niziza, iyo izaba iya mbere mu bizibagirana. Indir. 95 Gushimisha.

**Kuwa mbere 7 Ukwezi kwa cumi na kabiri Amaganya 3.1-18 Ikib.1**
"**Ndi umuntu wabonye umubabaro, yankubise inkoni y'uburakari bwe"** (1): Uyu mwanditsi ntakivuga muri rusange. Ni we ubwe ugaragaza aho ubwihebe bumugeze. Umwijima wari umuzengurutse (5-6), bituma na we yumva Imana imuhambirije umunyururu nk'uwo Nebukakinezari yahambirije Sedekiya (Yer.39.7; 52.11). Yibwira ko amasengesho ye Imana itakiyakira (8). **Imbaraga zanjye no kwiringira kwanjye nari mfite ku Uwiteka birashize** (18): Ubu bwihebe ni ishusho igaragaza uko n'abandi b'ubwoko bwe bamerewe. Bose barashorewe bajyanwa i Babuloni, maze abanyamahanga batangira kubakina ku mubyimba (Zab.137.1-3). Dawidi ari mu bihe nk'ibi, yatakiye Uwiteka yiringiye ko amwumva (Zab.102.2-3,18). **Zirikana:** Hari urukingo rukingira abantu ibyago nk'ibi: Ni ukwihana ibyaha mbere yuko akaga kabageraho. Indir.285 Gushimisha.

**Kuwa kabiri 8 Ukwezi kwa cumi na kabiri Amaganya 3.19-39 Ikib.2**
**Uwiteka abereye mwiza abamutegereje** (25): Nubwo ibiteye agahinda ndetse no gushinyagurirwa n'abanzi bimugose, Yeremiya yibutse ko Imana y'inyembabazi ntaho yagiye (21-24). Imbabazi z'Imana ni nk'isôko idakama, no mu gihe cy'uburakari iba itakuye amaboko ku muntu yaremye. Mu gihe ugihumeka, ujye wiyama ijwi ryose rikubwira gushidikanya imbabazi z'Imana. Isezerano ryayo nuko abatunganye batazakorwa n'isoni mu gihe cy'ibyago (Zab.37.18-19). **Uwiteka ntanezezwa no kubabaza abantu, cyangwa kubatera agahinda** (33): Uwiteka yitegereza ibibera mu isi. Yabonye n'ibyo abanye Babuloni bakoze uko bingana. Ibyabaye ku bwoko bwe byaramubabaje. Nubwo bari kuzira ibizira bakoze, ariko imbabazi ze zihoraho iteka ryose (Zab.136.1). **Icyifuzo:** Tangira kuririra abantu bageze aho biyanze kubera ibibazo barimo, kugira ngo bamenye yuko Uwiteka atigeze abareka, maze bibatere kuganyira Umwami utanga amahoro ari we Yesu Kristo. Indir.20 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 9 Ukwezi kwa cumi na kabiri Amaganya 3.40-66 Ikib.3**
**Twerekeze imitima yacu ku Mana iri mu ijuru** (41): Kwibuka imbabazi z'Uwiteka kuzanye kwihana ibyaha no kugarukira Uwiteka. Abari mu murwa bose baremera ko ibyabagezeho ari ingaruka z'imyitwarire yabo. Kongera kwiyunga n'Imana birashoboka, kuko ari yo yabajije niba bashobora kugwa ubutazabyuka (Yer.8.4). **"Ijisho ryanjye riratembamo imigezi y'amazi"** (48): Akenshi iyo ibibazo bivutse, twiyiriza ubusa umunsi umwe cyangwa ibiri, tutasubizwa ako kanya, tukifatanya n'abaganya n'abavuma. Yeremiya we yararize, ategereza igihe Uwiteka azarebera hasi ari mu ijuru (50,Kuva 3.7-10). Nawe uko ugiye imbere y'Uwiteka, ujye wibuka kuririra ibizira bikorerwa aho uvuka, aho utuye n'aho ukorera. **Banyiciye ubugingo mu rwobo rw'inzu y'imbohe** (53): Ibikomangoma by'umwami Sedekiya, byataye Yeremiya mu rwobo azira ibyo yahanuriye umwami n'abatware n'abaturage b'i Yerusalemu (Yer.38.2,3,6). Ingorane nk'izo zijya zigera k'uhanuye ibitandukanye n'ibyo abantu bifuza. Nibikugeraho, uzatakire uwagutumye, kandi wirinde gusabira kurimbuka abakugiriye nabi; kuko guhôra ari uk'Uwiteka (Rom.12.19). Indir. 383 Gushimisha.

**Kuwa kane 10 Ukwezi kwa cumi na kabiri Amaganya 4.1-22 Ikib.1,6**
**Amabuye y'ubuturo bwera yanyanyagijwe mu mahuriro y'inzira zose** (1): Umwanzi yagose Yerusalemu, inkike zubakishije zahabu arazisenya. Iby'agaciro byose byanyanyagijwe mu nzira umugenda bisahuwe. Abahungu n'abakobwa baho bagereranywa n'iyo Zahabu. Inzara yageze kuri buri wese, yaba umwana, uworoheje n'ukomeye. Byatewe n'uko kugotwa kutatumaga basohoka ngo bajye mu mirima. Abayuda ntibatekerezaga ko ibyo byago bishobora kubageraho (12,Yer.5.12). "**Nimugende mwa bahumanye mwe"** (15): Abahanuzi n'abatambyi babonye akarusho, kuko banzwe na rubanda, bateraganwa n'abanyamahanga. N'abagerageje gukikira mu misozi no mu butayu abasirikare b'i Babuloni barababafashe. **"Twategereje ubwoko butabasha kudukiza"** (17): Umwami Sedekiya abantu bari bizeye ntacyo yakoze ngo abakize, na Egiputa yashatseho ubucuti ntacyo yabakoreye (Yer.37.5-10). Nyamara yari afite abasekuruza yari kwigiraho akarengera igihugu (Zab.91.1-3). **Gusenga:** Mana yacu, mu gihe habaye ibiteye ubwoba nk'ibi, ujye urinda ururimi rwacu kugira abo dukina ku mubyimba (21).

**Kuwa gatanu 11 Ukwezi kwa cumi na kabiri Amaganya 5.1-22 Ikib.6**
**Itegereze kandi urebe gukorwa n'isoni kwacu** (1): Yeremiya aratakambira ubwoko bwasigaye nk'impehe i Yerusalemu. Uwiteka ni we wabahaye gakondo, none isigaye iri mu maboko y'abanyamahanga babategekesha igitugu. Barya ibiryo by'umuruho; bagategekwa n'abagaragu (4,6,9). Abo ni imbata z'ibwami i Babuloni zabaga zarazamuwe mu ntera zigahabwa umwanya w'ubuyobozi bw'ibihugu byatsinzwe. **Umunezero wo mu mutima wacu urashize** (15): Hari ibyaha bikorerwa abari munsi y'ubuyobozi nk'ubu,

bituma ababurimo batakaza ubumuntu, cyangwa bapfana agahinda. Ibyo ni nko gufata abagore ku ngufu, gutwara iby'undi areba atari bubone uwo aregera, kwicishwa inzara, kurazwa rwa ntambi, kwicwa urubozo. Ibyo byose nta kuntu byaba bitarageze kuri ubu bwoko. Tujye twibuka gusengera ibihugu tuzi bihora mu ntambara. Ikindi tuvuge ubutumwa abantu bakizwe, kuko burya mu mitima ni ho ibizakurura akaga bitangirira (Yak.3.18-4.1). Ibuka ibihe by'ububyutse byigeze kubaho, none ukaba ubona abari bakijijwe bari gusubira inyuma, maze uvuge uti "Mwami Yesu, "tugarurire ibihe byacu bibe nk'ibya kera" (21). Indir.40 Agakiza.

**Kuwa gatandatu 12 Ukwezi kwa cumi na kabiri Zaburi 126.1-6 Ikib.6 Icyo gihe akanwa kacu kari kuzuye ibitwenge** (2): Iyi ndirimbo yuzuye amagambo y'umunezero. Yaba ifitanye isano no gutahuka kw'Abayuda bava mu bunyage i Babuloni. Byarabatunguye ku buryo bameze nk'abarota. Amahano yakubise Yerusalemu yabashyize mu bwihebe, ku buryo abakiriho bumvaga nta byiringiro byo gusubirayo. Imana yahinduye ibintu mu kanya gato, abajyanyweho iminyago barataha, abanyamahanga baratangara bati "Uwiteka yabakoreye ibikomeye" (2b). Ese hari igihe Imana yigeze kugutungura ikakuzuza umunezero? Ese nubu iyo ubyibutse bikugaruramo ibyishimo? (Itang.18.10-14). **Ababiba barira bazasarura bishima** (5): Guhinga ni umurimo ukorwa n'abanyembaraga bashira ubute, kandi bafite kwizera. Urushya abawukora ndetse bagategereza umusaruro igihe kirekire. Ariko aho ubonekeye humvikana ijwi ry'ibyishimo. Iyo Uwiteka yahagurukiye gutabara, ibyari amarira bihinduka ibitwenge, ahari ubutayu hakaza amasôko nk'ay'imigezi y'i Negebu (4b). **Zirikana:** Ahari kurira kwararira umuntu nijoro, ariko mu gitondo impundu zikavuga (Zab.30.6). Indir.286 Gushimisha.

***INCAMAKE Y'IGITABO CY'UMUHANUZI OBADIYA***
*Igitabo cy'umuhanuzi Obadiya ni cyo gito mu bitabo byo mu Isezerano Rikuru no mu bitabo by'abiswe abahanuzi bato. Izina Obadiya risobanura "Umukozi w'Imana". Yatumwe ku gihugu cya Seyiri (Edomu) Imana yahaye Esawu (Itang.32.4), mbere gato yuko Abakaludaya basenya Yerusalemu. Edomu yari mu majyepfo y'igihugu cy'Abayuda. Abedomu bari ubwoko bwiyemera kandi bufite imbaraga. N'ubwo bari bene wabo w'Abisirayeli, ntibabanaga neza. Kuva Yakobo yariganya Esawu umugisha, bahoraga bashaka kwihimura ku Bisirayeli (Itang.27.23-24). Abisirayeli na bo ntabwo bigeze bababarira Abedomu ku gikorwa cyabo cyo kubima inzira ubwo bavaga mu Egiputa (Kub.20.14-21). Ubwo Abayuda bajyanwagaho iminyago kubera ibyaha byabo, Abedomu byarabashimishije cyane. Obadiya yahanuriye Abedomu ko Imana idashobora kwihanganira icyaha cyo kutifatanya n'Abayuda mu byago byababagwiriye. Dore ibice bikuru biri muri iki gitabo: 1-7 ubwibone bwa Edomu. 8-14 Abedomu bishimira ibyago by'Abayuda. 15-21 Umunsi wo guhôra k'Uwiteka.*

**Ku cyumweru 13 Ukwezi kwa cumi na kabiri Obadiya 1.1-15 Ikib.1,6 Ubwibone bw'umutima wawe bwaragushutse** (3): Edomu cyari igihugu gifite ubucuruzi bukomeye, kikagira n'abacukuzi b'umuringa n'ubutare bakuraga mu butaka bwabo. Birundanirije ubutunzi bwinshi, ibyo bibatera ubwibone. Nubwo bo n'Abisirayeli bakomokaga kuri Isaka se wa Yakobo na Esawu, ntibacanaga uwaka. Imana bari barayiteye umugongo, bimika ubwirasi mu mibereho yabo. Imana yabatumyeho ko ibibasiye. Izabacisha bugufi, irimbure abanyabwenge baho, batakaze agaciro andi mahanga abasuzugure (4,7,8). Icyo batamenye nuko kwibona kubanziriza kurimbuka, kandi umutima wirarira ubanziriza kugwa (Imig.16.18). **Ariko ntukarebêre ku munsi wa mwene so** (12): Imana irashinja Abedomu kuba barishimiye guterwa no gusenyuka kwa Yerusalemu, ndetse bakabasahura, aho kubatera ingabo mu bitugu nk'abavandimwe. Urubanza rw'Imana ku munsi w'Uwiteka ruzabageraho, kimwe n'andi mahanga yose yitwaye nkabo. Hari undi munsi w'Umwami wacu uzaba uteye ubwoba cyane, aho abatuye isi yose bazacirwa urubanza (Yow.2.11; Mat.25.31-46). **Ikibazo:** Ese uwiteguye utabara abagoswe n'ibirushya by'iyi si? Indir. 69 Agakiza.

**Kuwa mbere 14 Ukwezi kwa cumi na kabiri Obadiya 1.16-21 Ikib.6 Bazabatwika bakongoke** (18): Uwiteka ibyo yavuze nta kabuza bizasohora. Ibyabaye kuri Yerusalemu bizaba no kuri Edomu ndetse n'abanyamahanga bafatanije gusuzugura Abayuda. Abayuda bazagera aho Imana ibababarire, ndetse ibagarure mu gihugu cy'isezerano. Abedomu n'amahanga abakikije bo bazamera nk'umurama, bazatwikwa bakongoke, nta wuzasigara (Mal.3.19)**.** Intara za Edomu zizigarurirwa n'andi mahanga. Ndetse Abisirayeli bacitse ku icumu batatanye bazasubirana intara bari baranyazwe. Edomu izayoborwa n'ubutegetsi bwa Yerusalemu (21). Iyo witegereje ibibera muri iyi si, ubona abantu barushaho gushayisha mu byaha birimo no kugirira nabi abo barusha imbaraga. Ntibajya batekereza na rimwe ko hari urubanza rubategereje (Yes.34.4). Gusa hari amasezerano n'ibyiringiro ku bubaha Imana, byo kuzarokoka ako kaga (17, Mal.3.20-21). **Inama:** Duhore turi maso, tugira ishyaka ryo kuburira abantu no gukora ibyiza.

**INCAMAKE Y'IGITABO CY'UMUHANUZI MALAKI**

*Igitabo cy'umuhanuzi Malaki ni cyo gisoza ibitabo by'abahanuzi. Yabayeho ahagana mu mwaka wa 430 mbere y'ivuka rya Yesu, mu gihe ubwoko bw'Imana bwari bumaze kuva mu bunyage, bamaze kongera kubaka urusengero. Yahanuriye Ubwami bw'Abayuda nyuma ya Hagayi na Zekariya. Abayuda batahutse bari mu bihe bikomeye. Isezerano ry'igihugu gitemba amata n'ubuki ba sekuruza babo bari barasezeranijwe, baribonaga nk'inzozi zitasohoye. Bari bafite byinshi bibaza ku Mana n'ibyo yasezeranije. Ibyo byatumye batubaha amateraniro yabo, batubahiriza ibitambo bagombaga gutamba. Ndetse n'abatambyi ntibari bakita ku murimo wabo uko bikwiriye.*

*Izina Malaki risobanura “Intumwa yanjye”. Ubutumwa bwe bwahamagariraga Abisirayeli n’abatambyi kongera kwita ku materaniro yabo no ku cya cumi n’amaturo baturaga, ngo bagarure ubwiza bw’Imana hagati mu materaniro yabo; no kongera kubibutsa ko umunsi w’Umwami Imana wegereje.*

**Kuwa kabiri 15 Ukwezi kwa cumi na kabiri Malaki 1.1-14 Ikib.1,6 Narabakunze, ni ko Uwiteka avuga** (2): Imana yatumye Malaki kwibutsa Abisirayeli urukundo yabakunze. Uwiteka ni we wabitoranirije abagira ishyanga ryera, abakunda urukundo ruhoraho kandi abaha umugisha (Guteg.7.7-8). Yabitewe no gukomera kw’isezerano yahaye Aburahamu, Isaka na Yakobo (Guteg.9.5). Nubwo ari ubwoko buhora bucumura, ariko ntajya areka kubibibutsa (Amosi 3.2). Aho kumva ahubwo baraburana babaza ngo “Twagucumuye iki?”. Guhangana no gusuzugura Imana ni kimwe mu bimenyetso biranga ubuhenebere bukabije. **Izina ryawe twarisuzuguye gute?** (6): Aba batambyi ni bo bagombye kuba icyitegererezo cya rubanda mu kūbaha no kubahisha Imana. Irihamiriza ko ari Se, ariko ikibuzuye ni agasuzuguro. Imana irabagaya ko batanga ibitambo bifite inenge kandi itegeko rya Mose ryarabibabuzaga (8;Lewi 1.3). Nubwo turi ku ngoma ya Yesu aho tutagitamba ibitambo, ariko amaturo yacu yo aradutamaza. **Zirikana:** Ibyo dutanga n’uko twitanga mu murimo w’Imana ni byo bigaragaza umwanya tuyiha mu bugingo bwacu. Indir.145 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 16 Ukwezi kwa cumi na kabiri Malaki 2.1-17 Ikib.6 Isezerano nasezeranye na we ryari ubugingo n’amahoro** (5): Lewi ni sekuru w’umuryango w’Abalewi, Imana yashyiriyeho kuba abatambyi (Kub.1.47-54). Yamuhaye isezerano irarisohoza, ariko na we abyitwaramo neza. Rondora ibyo amushima (5-7). Ese mu murimo w’Imana ukora, wumva yaguhamiriza ko uri intumwa y’Uwiteka Nyiringabo? **Ariko mwebwe murateshutse muyoba inzira** (8): Aba batambyi bo mu gihe cya Malaki bateshutse inzira. Aho guhindurira abantu ku gukiranuka, ahubwo barabayobya (Neh.13.29). Ese imyitwarire y’abashumba b’amatorero b’iki gihe, ituma abo bayobora bagira umwete wo gushaka gukiranuka? **Murinde imitima yanyu hatagira uriganya umugore wo mu busore bwe** (15c): Mu gihe cya Malaki, gutandukana kw’abashakanye byari byeze. Nyamara mu gushyingiranwa harimo indahiro Imana ubwayo ibera umuhamya (Ezek.16.8). None amarira y’abagore b’intabwa ni menshi ku rutambiro. Imana yanze kwemera ibitambo no kumva amasengesho by’abagabo babo. **Icyifuzo:** Sengera ingo z’abakristo zari zifite umugambi wo gutandukana, kugira ngo zemerere Yesu azibere umujyanama Indir.318 Gushimisha.

**Kuwa kane 17 Ukwezi kwa cumi na kabiri Malaki 3.1-15 Ikib. 6 Dore nzatuma integuza yanjye, izambanziriza intunganyirize inzira** (1): Malaki na Yohana babaye integuza zitegurira inzira Mesiya ari we Umwami

wacu Yesu Kristo. Uwo azaza kweza akoresheje umuriro n'isabune (2-3). Uko ni ko azatunganya abahungu ba Lewi ari bo batambyi, kandi ni ko azashyiraho isezerano rishya (Heb.8.8-13;12.24). Kuba muri Kristo Yesu bitwinjiza mu isezerano rishya ry'Imana. **Nimungarukire nanjye ndabagarukira** (7): Kuva kera kose, abantu Imana yaremye bahora bayigomera, uhereye no kubamenye ko yanga icyaha nk'abo mu rubyaro rwa Dawidi. Nyamara ihora ihamagara (7). Ikibabaje ni uko aho kwemera icyaha, abo mu gihe cya Malaki bihagarararaho bagashinga urubanza. Abayobozi bakora ibyaha barangiza bakiyita abere, Yesu yabise impumyi zirandata izindi, kandi amaherezo yazo ni ukugwa mu rwobo (Mat.15.14). Abameze batyo bazabona ishyano (Mat.23.13). **Zirikana:** Imana yatanze isezerano ku batanga kimwe mw'icumi n'andi maturo nk'uko bikwiriye, ndetse isaba abantu kuyigerageza (10-12). Nawe mu gihe ugitanze, ujye uzirikana ko bitarangira gutyo. Burya Imana iba yabibonye. Indir.355 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 18 Ukwezi kwa cumi na kabiri Malaki 3.16-4.6 Ikib.3,5**
**Abubahaga Uwiteka baraganiraga** (16): Mu gihe bamwe bari binangiye imitima, hariho abari barihannye ibyaha byabo, biyemeza gukunda Imana, kuyubaha no kuyiramya (Rom. 11.4). Bibiliya ibita amaronko y'Uwiteka, ubwami bw'abatambyi n'ubwoko bwera (Kuva 19.5-6). Abo baganiraga ibinezeza Imana. Amazina yabo yanditswe imbere yayo mu gitabo cy'urwibutso (16). Ese nawe wumva uri uw'Uwiteka, ku buryo ibihe byiza ugirira mu murimo we uzabibona aho byanditse? **Dore nzabohererereza umuhanuzi Eliya** (23): Eliya nubwo yari atakiriho, ahagarariye abandi bahanuzi (Mat.17.3). Yohana yaje mu Mwuka n'ububasha bya Eliya (Luka 1.17). Nk'integuza ya Yesu, yavuze ku byaha by'Abafarisayo n'abanditsi kandi abahamagarira kwihana. Hari undi Eliya uzaza mbere y'umunsi ukomeye w'Uwiteka (23a; Ibyah.11.3-12). Uwo munsi uzabera mubi abanze kwihana. Abemeye gucungurwa na Yesu bo bazamanukirwa n'umugisha (Yoh.1.11-13). Urahirwa niba wumva uri muri abo. Indir.216 Gushimisha.

**Ku cyumweru 19 Ukwezi kwa cumi na kabiri Luka 1.1-17 Ikib. 5**
**Nabonye ko ari byiza kubikwandikira** (3): Luka ni umwe mu banditse inkuru nziza utari umwigishwa wa Yesu. Yari amaze gukusanya ubuhamya ku nkuru zose za Yesu abivanye mu babanye na we. Kwandika ibyo Imana iri gukora cyangwa iri kugukoresha, cyangwa kubivuga ku mbuga nkoranyambaga, ni imwe mu nzira zibasha guhindurira abantu ku gukiranuka. **Bombi bari abakiranutsi** (6): Kutagira urubyaro cyari ikibazo gikomeye mu muco w'Abayuda, ndetse hari abumvaga biterwa n'ibyaha abarubuze bakoze. Umuryango wa Zakariya wikomeje ku Mana, kandi kudacika intege kwabo kwababereye umugisha ukomeye (13). **Azaba mukuru imbere y'Imana** (15): Yohana yaje ari igisubizo kubw'amasengesho y'umuryango wa Zakariya. Iki gisubizo kandi cyaje giherekejwe n'andi masezerano menshi (13-17).

Kuzabona umunezero bamaze igihe kirekire badafite na kimwe mu byo kuvuka kwa Yohana kuzabazanira (14). **Gusenga:** Mana yanjye, nshoboza kuba umukiranutsi n'inyangamugayo nka Zakariya na Elizabeti, kandi umpe gutegereza nihanganye ko ibyo wamvuzeho bizasohora. Indir.15 Agakiza.

**Ku cyumweru 20 Ukwezi kwa cumi na kabiri Luka 1.18-25 Ikib.6 Ibyo nzabibwirwa n'iki ?** (18): Zakariya na Elizabeti bombi bari bageze mu zabukuru aho icyizere cyo kubyara cyari cyarayoyotse. Mu kibazo yabajije Marayika, Zakariya yanasobanuje impamvu yumva bidashoboka. Marayika yamubwiye ko ibyo avuze bizasohora mu gihe cyagenwe (20). Imana yamuhaye ikimenyetso n'ubwo ahari cyasaga n'igihano (20). Niduhura n'ibidutera gushidikanya mu buzima, tujye twibuka ibyo Imana yakoze, tunibuke amasezerano ari mu ijambo ryayo (Yer.29.11-13). **Uku ni ko Imana yankoreye mu minsi yandebagamo** (25): Elizabeti yamaze amezi atanu atavuga ibyo Imana yamukoreye. Gusama inda kwe yabibonyemo gukurwaho igisuzuguriro mu bantu. Nawe ushobora kuba umaranye igihe ikibazo gituma abantu bakuryanira inzara. Humura, hari icyo Imana iri kugikoraho. Indir.417 Gushimisha.

**Kuwa mbere 21 Ukwezi kwa cumi na kabiri Luka 1.26-38 Ikib.2 Umwami Imana iri kumwe nawe** (28): Marayika Gaburiyeli yise Mariya "Uhiriwe", bigaragaza ko Imana ari we yatoranije kugira ngo amasezerano yayo asohore. Nawe ukwiye kuba mu bahiriwe, Imana ishobora gukoresha no kugukoreramo igihe icyaricyo cyose. **Witinya** (30): Iri jambo ryagiye rigaruka kenshi mu bagiye bagendererwa n'Imana mu isezerano rya kera (Yos.1.9; Abac.6.23). Na n'ubu ijya iryongorera abakunda kuganira na yo. Nawe nuryumva ikakubwira ko igiye kugukoresha ibikomeye, uzirinde gushidikanya. **Dore ndi umuja w'Umwami Imana, bimbere uko uvuze** (38): Mu gutoranya abo igize ibikoresho byo gusohoza isezerano ry'agakiza, ntiyagendeye ku marangamutima cyangwa kuri gahunda z'abantu zimenyerewe (1Kor.1.26-29). Yatoranyije Mariya wari ukiri umwari, ngo abe nyina wa Yesu. Amaze kumuhishurira uwo Yesu Kristo ari we (32-33), ntiyashidikanyije kwakira ubushake bw'Imana. **Ikibazo:** Mbese wowe niba waramaze gusobanukirwa Yesu, uri gukora iki ngo agakiza ke kagere ku bagukikije?

**Kuwa kabiri 22 Ukwezi kwa cumi na kabiri Luka 1.39-56 Ikib.1 Mariya... yinjira mu nzu ya Zakariya na Elizabeti** (40): Mariya yagiye gusura Elizabeti ngo amuganirize ku byamubayeho. Urugendo yakoze kuva i Nazareti kugera mu gihugu cy'imisozi y'i Yudaya, rwari hagati y'iminsi itatu n'itanu. Urugendo nk'uru rukwiye kutubera icyitegererezo cyo kwitanga ku murimo w'Imana. **Ijwi ry'indamutso yawe ryinjiye mu matwi yanjye,...** (44): Elizabeti yumvise ijwi rya Mariya, umwana yari atwite asimbagurikira

mu nda ye. “Urahirwa” ni ijambo ryakoreshejwe na Elizabeti asuhuza Mariya. Yamuhanuriye ko inda atwite izavukamo umwana udasanzwe (42). Mariya na we yiyise “uhiriwe”(48). Yabonye ko gutoranywa kwe ari ugusohoza amasezerano Imana yasezeranije Aburahamu n’Abisirayeli bose (54-55). Indirimbo Mariya yaririmbye irasa n’iya Hana nyina wa Samweli (1Sam.2.1-10). Ibi bigaragaza ko Mariya yari afite umuco wo kumenya ibyanditswe. **Icyifuzo:** Mana yanjye, nanjye mpa umuco wo guhora nsoma ijambo ryawe, aho mvoma amasezerano n’amagambo yo kugushima.

**Kuwa gatatu 23 Ukwezi kwa cumi na kabiri Luka 1.57-66 Ikib.3**
**Oya, ahubwo yitwe Yohana** (60): Muri icyo gihe abana bitwaga amazina ya ba sekuru cyangwa ba se (61). Abantu batangajwe no kubona kuri Yohana bihindutse. Ni yo mpamvu basabye ko se akoresha amarenga akagira icyo abivugaho. Ibyo Imana yari yaravuze Zakariya na Elizabeti bari babiziranyeho bombi (63). Iri zina Yohana risobanura ngo “Imana ni inyembabazi kandi yuzuye ubuntu”. Ryaje ari ukuzuza amasezerano, kuko rijyanye n’umurimo Imana izamukoresha wo guteguriza umukiza kuza mu be. **Muri ako kanya akanwa ke karazibuka…** (64). Nk’uko Malayika yabimubwiye, Zakariya yahise azibuka ahimbaza Imana. Ibi byabaye no ku muhanuzi Ezekiyeli (Ezek.33.22). Iby’Imana ibikije umutima wawe, nawe iguhe igihe gikwiriye cyo kubimenyesha abo byagenewe. **Mbese uyu mwana azaba iki?** (66): Iki ni ikibazo abatangajwe n’ibibaye bibazaga. Imana yari ifite igisubizo, kandi igifite no ku bandi bana bose. Tugomba kubarinda icyo aricyo cyose gishaka kurogoya icyo Imana yabateguriye kuva kera. Indir. 301 Gushimisha.

**Kuwa kane 24 Ukwezi kwa cumi na kabiri Luka 1.67-80 Ikib.1**
**Umwami ahimbazwe, Imana y’Abisirayeli** (57): Zakariya yuzuye Umwuka Wera, aranahanura. Indirimbo ye yuzuye umunezero kandi igizwe n’ibice bibiri, kimwe cyo guhimbaza Imana (68-75), n’ikindi cy’ubuhanuzi (76-80). Imana yakoze ibikomeye isohoza amasezerano yo gukiza ubwoko bwayo inyujije mu muryango wa Dawidi (69). Kimwe n’abandi Bisirayeli, Zakariya yari azi amateka yuko Mesiya azaza. Nyuma y’igihe kirekire Imana itavuga, ishohoje ibyo yasezeranye. **Ibahaye ihembe ry’agakiza** (69): Amahembe ni ikimenyetso cy’imbaraga no gukomera. Mesiya ugiye kuza, ni ihembe kandi ni itabaza (Zab.132.17-18). Ese ibi nawe iyo ubyibutse bizamura muri wowe kuramya Imana no kuyihimbaza? **Ni wo uzatuma umuseke udutambikira, uvuye mu ijuru** (78): Uyu museke ni wo rya zuba ryo gukiranuka Malaki yahanuye rizarasa rifite gukiza mu mababa yaryo (Mal.3.20). Ni Yesu Kristo wari ugiye kuvukira mu isi. Ikinejeje kurushaho, ni uko uwo museke utazatambikira Abayisirayeli gusa, ahubwo gukiza kwawo kuzagera no ku bicaye mu mwijima w’ibyaha, ubakize urupfu (79). Indir.132 Gushimisha.

**Kuwa gatanu 25 Ukwezi kwa cumi na kabiri Luka 2.1-7 Ikib.1 Yosefu na we ava i Galilaya mu mudugudu w'i Nazareti** (4): Ubwo hari ku ngoma ya Awugusito, Abaroma bashyizeho itegeko rikomeye mu bihugu byose bayoboraga, ryo kwiyandikisha kuri buri muntu. Ryari ibarura rigamije kuvugurura itangwa ry'imisoro. Iryo ni ryo ryatumye Yosefu na Mariya bakora urugendo rurerure, rwaje kuvamo gusohoza ibyanditswe, (Mika 5.1). Ku Mana nta byayo bibaho bitari mu muteguro wayo. **Amuryamisha mu muvure w'inka** (7). Abayuda batekerezaga ko Mesiya azavukira i bwami cyangwa ahandi hiyubashye, ariko si ko byagenze. Itangiriro rya Yesu ni umwana uryamye mu kiraro cy'inka, nkuko iherezo rye ritazaba nk'iry'ibihangange. Uwavutse atagira gifasha, yabayeho ubuzima butangaje, adupfira urupfu rwo ku musaraba, azuka ajya mu ijuru, kandi azagaruka mu isi ari umwami w'abami, uzacira ab'isi bose imanza. **Ikibazo:** Ese kuri uyu munsi twizihiza ivuka rye, uracyamubona mu kiraro? Cyangwa ni Umwami akaba n'Umucunguzi wawe? Indir. 227 Gushimisha.

**Kuwa gatandatu 26 Ukwezi kwa cumi na kabiri Luka 2.8-20 Ikib.3 Ndababwira Ubutumwa bwiza** (10): Aba bashumba b'intama n'ubwo ari aboroheje, Imana yohereje Malayika wayo ngo abe ari bo ahishurira umwana w'intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi. Kugira ngo kandi akureho urujijo, Malayika yahaye abungeri ikimenyetso gituma bamenya aho uwo mwana yavukiye (12). **Muri ako kanya haboneka ingabo zo mu ijuru nyinshi** (13-14): Nk'aho ubutumwa bwa Malayika butari buhagije, aba bungeri bahawe andi mahirwe yo kumva indirimbo z'umutwe w'ingabo uturutse mu ijuru zisingiza Imana (14). Ibi byose byabateye umwete wo kujya i Betelehemu (15). Ibyo babwiwe na Malayika ni ko babisanze. Ibyo byatumye basubirayo bahimbaza Imana yeretse amaso yabo umwana udasanzwe (20). **Ariko Mariya abika ayo magambo yose mu mutima we, akajya ayatekereza** (19): Umutima w'uyu umubyeyi na wo unejejwe n'uruhurirane rw'ibiri kuba. Ibyo Malayika yamubwiye ni kimwe n'ibyo abashumba bavuze. **Icyifuzo:** Uyu munsi na we Imana ibitse umutima wawe ibizajya bikwibutsa gukomera kwa Yesu. Indir.233 gushimisha.

**Ku cyumweru 27 Ukwezi kwa cumi na kabiri Luka 1.21-38 Ikib.1,3 Noneho usezerere umugaragu wawe amahoro** (29). Ababyeyi ba Yesu bubahirije amategeko (Itang.17.10). Igitambo batambye kigaragaza ko wari umuryango ukennye (Lewi 12.8). Simiyoni basanze mu rusengero yari umukiranutsi, kandi yari ageze mu zabukuru, afite ubuhamya ko yarinze isezerano ry'Imana (26). Ibi byamuhaye ibyiringiro bikomeye, ndetse yumva ko gupfa ntacyo bimutwaye kuko kubona Yesu bimuhagije (30). Ana na we wa wahoraga mu rusengero aramya Imana, yabonye Yesu ashima Imana, abwira bose iby'uwo mwana (36-38). Abageze mu zabukuru bakwiye

gukura urugero rwiza kuri uyu musaza n'uyu mukecuru (2Tim.4.7-8). Yesu ari hafi kugaruka. Niba ufite ibikurangaje, saba Umwuka Wera aguhishurire ibimenyetso by'uko igihe cye kiri bugufi, maze azasange ufite ijambo rizima rikangurira abo muri kumwe kumenya ko Yesu ari Mesiya, akaba ari hagati muri twe (Yoh.4.25-26). Indir.174 Gushimisha.

**Kuwa mbere 28 Ukwezi kwa cumi na kabiri Luka 2.39-52 Ikib.2 Uko umwaka utashye ababyeyi be bajyaga i Yerusalemu** (41): I Yerusalemu hari umurwa mukuru w'Abayuda, kandi ni ho honyine hari urusengero. Uko umwaka utashye, abantu benshi bazaga kwizihiza umunsi mukuru wa Pasika (Mar.14.1). Umuryango wa Yosefu na wo wubahirizaga iyo gahunda. **Uwo mwana Yesu asigara i Yerusalemu ababyeyi be batabizi** (43): Kuba Yosefu na Mariya baraburanye na Yesu, ntibyaturutse ku burangare bwabo, imyaka Yesu yari agezemo umwana yabaga avuye mu guhora abihambiriyeho. Bumvaga ari kumwe n'abaturanyi bataha i Nazareti. Aho baboneye ko batari kumwe na we, basubiye i Yerusalemu (44-45). **Dore jye na so twagushatse** (48): Ibi Mariya yabivuze nk'uko asanzwe abibwira umwana we. Yesu yaboneyeho kuberurira uwo ari we, kandi ko afite umurimo wamuzanye, ati: "Birankwiriye kuba mu nzu ya Data" (49). Yari afite amatsiko yo kwiga byinshi mw'ijambo ry'Imana, no gusobanukirwa birushijeho imikorere y'abayobozi b'idini. Mbese ujya ugira amatsiko yo kumenya neza icyo Imana igushakaho? **Zirikana:** Yesu akomeza kugwiza ubwenge, abyiruka ashimwa n'Imana n'abantu (52). Sabira abana bawe gukura bashimwa n'Imana n'abantu.

**Kuwa kabiri 29 Ukwezi kwa cumi na kabiri Zaburi. 127.1-5 Ikib.2 Uwiteka iyo atari we wubaka inzu, abayubaka baba baruhira ubusa** (1): Abantu bubakisha amazu baba bakoresha ibikoresho by'ubwubatsi byiza kandi bikomeye, biringira kuzuzuza inyubako yujuje ibisabwa, bityo ikazamara igihe kirekire. Uyu mwanditsi yavuze ko abubaka batari kumwe n'Uwiteka baba baruhira ubusa. Hari igihe birindimuka nk'iby'i Babeli (Itang.19.23-25), cyangwa intambara ikabidukuramo tukagenda. Uburinzi bw'Imana ni bwo bwonyine butuma ibyo twubatse biramba, ndetse n'ingo twubatse zikagira amahoro. **Bibaruhiriza ubusa kuzinduka kare mugatinda cyane kuruhuka** (2): Uyu murongo ntudukangurira kuba abanebwe. Imana idushakaho gukora cyane. Ugira ubute ku murimo we, aba ameze nk'umuvandimwe w'umurimbuzi (Imig.18.9). Dukora cyane kugira ngo tubone ibidutunga, tutabera umutwaro bene Data (2Tes.3.8-10). Ariko kandi kuruhuka na byo ni ngombwa, kuko mu kiruhuko ni ho umubiri ukura imbaraga, kandi ukaba umwanya wo kubonana n'Imana. Mu gihe turuhutse, burya Imana idasinzira isigara yitaye ku byacu (2b). Indir.193 Gushimisha.

**Kuwa gatatu 30 Ukwezi kwa cumi na kabiri Zaburi. 128.1-6 Ikib. 1.5** **Hahirwa uwubaha Uwiteka wese, akagenda mu nzira ze** (1): Iyi Zaburi kimwe na Zaburi ya mbere ni zo zitangirwa n'ijambo "Hahirwa". Ni Zaburi ivuga ku muryango uhiriwe, yaririmbwaga cyane n'Abisirayeli mu gihe cy'ubukwe. Hari abajya bibwira ko guhirwa bituruka ku bintu bihambaye umuntu yagezeho. ibi ni byiza kubigira, ariko birushaho kuba byiza, iyo ibyavuye mu maboko yawe, ukabinezezererwamo n'umuryango wawe, bituma icyubahiro cy'Imana kiba hagati muri mwe. **Umugore wawe azaba nk'umuzabibu wera cyane** (3): Mu kuvuga ku muryango wubatse ku Uwiteka ari we Rutare, uyu mwanditsi yifashisha ibyo abona mu murima. Umugore azamera nk'umuzabibu wera cyane, abana nk'uduti tw'umwerayo (3). Urugo rwose ruzabona umugisha uva i Siyoni ahaba ubuturo bw'Uwiteka. Umuryango wubahisha Uwiteka uhesha umugisha igihugu, Imana ikawuha kurama (6). **Zirikana:** Abana ni umugisha w'Imana, tujye dusengera abubakanye urugo batarabyara, babone urubyaro. Indir. 318 Gushimisha.

**Kuwa kane 31 Ukwezi kwa cumi na kabiri Zaburi 129.1-8 Ikib.3,6** **Bambababaje kenshi... ariko ntibanesheje** (2): Abisirayeli bagize abanzi benshi. Iyo uyu mwanditsi aza gukora urutonde rw'ababarwanije yajyaga gushyiramo Egiputa (Kuva 3.7,9), Abafilisitiya (Abac.10.7,8), Abasiriya (1Abami 20.26-27), Abashuri, Babuloni, Abaperisi, n'abandi. Ibi byose ni ibihangange byagiye bibibasira mu bihe bitandukanye. Uyu mwanditsi aragaragaza ko kubabazwa bagiriwe kwari kumeze nk'umuntu bataye hasi bakamukomeretsa cyane mu mugongo (3; Yes.51.23; Yoh.19.1). Nubwo byagenze gutyo Isirayeli aracyashobora kuvuga ati: "ntibanesheje" (2). Ubwoko bw'Imana buracyariho, kuko Imana yahabaye ikabatabara (4). **Abanga i Siyoni bose, bakorwe n'isoni basubizwe inyuma** (5): Umuririmbyi arasoza isengesho asabira abanzi babo n'abarwanya Imana bose kudahabwa umugisha (8). **Gusenga:** Mwami Imana, muri uyu mwaka tugiye gutangira, suka Umwuka wo kwihana no kubabarira abaduhemukiye mu mitima yacu, kugira ngo inzangano zishire, tube mu munezero wawe. Indir. 32 Gushimisha.

***Abateguye Umusomyi turangije gukoresha muri uyu mwaka wa 2026, abakozi bose n'abagize inama y'Ubuyobozi bw'Umuryango w'Abasoma Bibiliya mu Rwanda, tukwifurije wowe ubwawe n'abawe bose, umwaka mushya muhire wa 2027***

## UMURYANGO W'ABASOMA BIBILIYA MU RWANDA

Ukorana n'amadini yemera Yesu Kristo. Si idini ahubwo wunganira amadini yose yizera Kristo mu murimo wayo wo kuvuga ubutumwa bwiza. Ushaka kuba umunyamuryango wese, agomba kuba ari umwiringirwa mu idini arimo kugira ngo arusheho kuyigirira umumaro. Intego y'uyu Muryango si uguhindura abantu ubavana mu madini yabo.

Intego eshatu nkuru:

1. Gufasha umukristo wese gusoma Bibiliya buri munsi. Niba kandi ari umunyamuryango, azitangira no gufatanya ijambo ry'Imana n'abaturanyi be batagize amahirwe yo kumenya gusoma.

2. Gutuma abantu barushaho kwibaza ku magambo basomye, kuko bitabaye bityo wasanga gusoma Bibiliya bihinduka nk'umugenzo utabafitiye akamaro.

3. Gufasha abantu kwemera gutungwa no guhindurwa bashya b'iryo jambo ry'Imana mu mibereho yabo, kuko upfa kuryumva gusa ariko ntakore icyo rimutegetse, Bibiliya imugereranya n'umupfapfa.

**Imikorere y'Umuryango w'abasoma Bibiliya mu Rwanda**

Abantu bose bakeneye kurushaho gusoma Bibiliya yabo neza kandi bakayisobanukirwa. Ni yo mpamvu Umuryango w'Abasoma Bibiliya wiyemeje kubibafashamo ubategurira amateraniro yo kwiga ijambo ry'Imana n'ibitabo bibayobora kuyisoma buri munsi.

Umuryango w'Abasoma Bibiliya utegura amateraniro y'urubyiruko, ay'abubatse ingo, ayo kwiga Bibiliya n'andi. Niba wifuza kuyabonekamo, wasaba ibisobanuro Pasitoro wawe cyangwa umuyobozi w'Abasoma Bibiliya mu karere urimo.

Intego y'iyo gahunda ni ukugira ngo Umuryango w'Abasoma Bibiliya ugere ku mugambi wiyemeje: Guhindura umukristo wese umwigishwa nyakuri n'umuhamya wa Yesu Kristo ku buryo bugaragara mu rugo rwe, mu idini ye, mu murimo akora no mu baturanyi be.

## AMAHAME SHINGIRO Y'UMURYANGO W'ABASOMA BIBILIYA

1. Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera bahuje ubumana; bose ni Imana imwe;

2. Imana niyo itegeka ibintu byose: Ntawayigisha impaka kubyo yaremye, kubyo yahishuye, ku bo yacunguye no ku by'amateka izaca ku mperuka;

3. Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana;

4. Uhereye ku kugwa kwa Adamu, abantu bose babaye abanyabyaha, bituma bikururiraho umujinya w'Imana no kuzacirwaho iteka;

5. Urupfu rw'impongano rw'Umwami Kristo, Umwana w'Imana wigize umuntu, niyo nshungu yonyine y'ibyaha n'ingaruka zabyo;

6. Umwami Yesu Kristo yazutse mu bapfuye afite umubiri, arazamuka ajya mu ijuru yicara iburyo bw'Imana Data wa twese;

7. Umurimo w'Umwuka Wera ni ngombwa kugira ngo atume urupfu rwa kristo rugirira abanyabyaha akamaro, kabahesha kwihana ku Mana no kwizera Yesu Kristo;

8. Ubuntu bw'Imana bwonyine nibwo buhesha uwizera Kristo nyakuri gutsindishirizwa;

9. Umwuka Wera atura mu muntu wizera kristo by'ukuri kandi agakorera muri we;

10. Itorero, ari ryo mubiri wa Kristo, ni rimwe; ni iryera kandi niryo huriro ry'abizera bose by'ukuri ba hose n'ab'ibihe byose;

11. Abizera by'ukuri bategerezanya ibyiringiro kugaruka k'Umwami Yesu kuri iyi si.

**AMWE MU MAFOTO Y'IGITERANE CY'IVUGABUTUMWA CYA LLBR CYABAYE Ku wa 06 - 10/08/2025**








Abanyamuryango ba LLBR basuye abana barwariye mu bitaro, Iki gikorwa cyakozwe mu cyumweru cyahariwe LLBR ku wa 18 - 23/08/2025



Bamwe mu banyamuryango ba LLBR bahujwe no gushyigikira Umusomyi.